# Ikinyarwanda – Amashuri yisumbuye

## Umwaka wa gatanu 5

# Twumve, tuvuge, dusome, twandike, duhange mu Kinyarwanda

Igitabo cy'umunyeshuri

Uburenganzira bw'umuhanzi

© 2020 Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB)

Iki gitabo ni umutungo wa Leta y'u Rwanda

Uburenganzira bw'umuhanzi w'ibikubiye muri iki gitabo bufitwe n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB).

## Ijambo ry'ibanze

Banyeshuri,

Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igitabo k'Ikinyarwanda cy'umunyeshuri, umwaka wa gatandatu, kigenewe amashami yiga Indimi. Iki gitabo kizabafasha mu myigire n'imyigishirize ishingiye ku bushobozi mu kunoza imyigire y'ibiteganijwe.

Intego u Rwanda rufite mu burezi ni ugukora ku buryo mugera ku rwego rushimishije rujyanye n'ikiciro murimo. Ibyo bigamije kubategurira gukoresha neza amahirwe y'akazi aboneka mu muryango nyarwanda.

Mu rwego rwo kuzamura ireme ry'uburezi, Guverinoma y'u Rwanda ishyira imbaraga mu gutegura imfashanyigisho zijyanye n'integanyanyigisho kugira ngo bibafashe mu myigire yanyu. Hari impamvu nyinshi zituma mwiga, ibyo mwize bikabaha ubushobozi bwo gukora. Muri zo twavuga ibyigwa biteguye neza, abarimu beza, uburyo bw'imyigishirize, uburyo isuzuma rikorwa ndetse n'imfashanyigisho zateguwe.

Muri iki gitabo, twitaye cyane ku myitozo ibafasha mu myigire yanyu. Iyo myitozo muyubakiraho mutanga ibitekerezo ndetse munivumburira udushya, binyuze mu bikorwa bifatika bikorwa na buri wese ku giti ke cyangwa mu matsinda mato. Iyo myitozo ibafasha kandi kwimakaza indangagaciro zizatuma haboneka ubudasa kuri mwebwe ubwanyu ndetse no ku Gihugu muri rusange.

Mufashijwe n'abarimu bafite inshingano zo kubayobora, turizera ko muzunguka ubushobozi bushya muzifashisha mu buzima bwanyu buri imbere.

Mu nteganyanyigisho ishingiye ku bushobozi, imyigire yubakiye ku munyeshuri, aho ategurirwa ibikorwa bimwinjiza mu isomo, bikamufasha kwiyungura ubumenyi, kongera ubushobozi ndetse no kwimakaza indangagaciro zikwiye. Ibi bitandukanye n'imyigire ya kera yari ishingiye ku bumwenyi gusa, aho umwarimu yafatwaga nk'uzi byose bityo agahabwa uruhare runini mu myigishirize. Ikindi kandi, ubu buryo buzababafasha mu gukora ibikorwa bitandukanye, mutekereza ku byo mukora kandi munakoresha ubumenyi musanganwe muri iyo myigire. Ni muri urwo rwego, mu mikoreshereze y'iki gitabo, mukwiye kwita kuri ibi bikurikira:

- Kuzamura ubumenyi n'ubushobozi mukora imyitozo yateganyijwe kuriburi kigwa;
- Gukorana na bagenzi banyu mukorera mu matsinda, mujya impaka ku nsanganyamatsiko runaka, muganira hagati yanyu, mumurika ibyo mwakoze mu matsinda ndetse mukora ubushakashatsi mwifashishije

amasomero, murandasi cyangwa ubundi buryo;

- Kugira uruhare mu myigire yanyu;
- Gukora umwanzuro unoze ujyanye n'ibyavuye mu bushakashatsi.

Twizeye ko iki gitabo kizagufasha kwiga neza Ikinyarwanda, kigukundisha ururimi rw'Ikinyarwanda, umuco kibumbatiye, umuco wo gusoma no guhanga wigana ubuvanganzo wize, kugira ngo ukurane inyota yo kugira ubushobozi bwo gusabana n'abandi mu Kinyarwanda.

**Dr. NDAYAMBAJE Irénée**

**Umuyobozi Mukuru w'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda/REB**

## Gushimira

Ndashimira abarimu bigisha mu mashuri yisumbuye bitanze kugira ngo iki gitabo gishobore gukosorwa.

Ndashimira kandi abakozi b'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda, cyanecyane abo mu Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho bagize uruhare rukomeye muri uyu mushinga wo gukosora iki gitabo.

Habaye hari ubundi bwunganizi ku byanozwa muri iki gitabo twabwakira kugira ngo buzifashishwe mu ivugururwa ryacyo.

**MURUNGI Joan**
**Umuyobozi w'Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho/CTLRD**

## Ishakiro

**Ijambo ry'ibanze** ........ iii
**Gushimira** ........ v
**Ibimenyetso bikoreshwa** ........ ix

**Umutwe wa 1: Umuco nyarwanda** ........ **1**
1.1. Babyirukanye ingoga mu gutamira ........ 1
1.2. Ibisigo by'ubuse ........ 6
1.3. Twisekere ........ 9
1.4. Urwenya na byendagusetsa ........ 11
1.5. Amazina y'urusobe ........ 12
1.6. Uri nde? ........ 18
1.7. Ibyivugo ........ 21
1.8. Inka ya Rumonyi ........ 26
1.9. Amazina y'inka ........ 39
1.10. Izina ry'urusobe: Intego y'izina ry'urusobe ........ 55
Inshamake ........ 60
Isuzuma rusange risoza umutwe wa mbere ........ 60

**Umutwe wa 2: Uburinganire** ........ **64**
2.1. Uburinganire n'ubwuzuzanye mu Rwanda ........ 64
2.2. Amasaku mu nteruro z'urusobe ........ 69
Inshamake ........ 71
Isuzuma rusange risoza umutwe wa kabiri ........ 71

**Umutwe wa 3: Ubuzima bw'imyororokere** ........ **76**
3.1. Ikinamico: Mpana uwange yananira nti: "Ramvura ingoma wime" 76
3.2. Inyandiko nyejwi: amajwi y'inyabumwe ........ 99
Inshamake ........ 106
Isuzuma rusange risoza umutwe wa gatatu ........ 107

**Umutwe wa 4: Kubaka umuco w'amahoro ............ 112**

4.1. Intandaro n'ingaruka z'amakimbirane ............ 112
4.2. Inyandiko nyejwi: Amajwi y'ibihekane ............ 116
4.3. Amategeko y'imihekanire y'ingombajwi ............ 116
4.4. Kwakira neza abakugana ............ 120
4.5. Inyandiko nyejwi: Amagambo arimo ibihekane ............ 123
4.6. Imiyoborere myiza ............ 125
Inshamake ............ 128
Isuzuma rusange risoza umutwe wa kane ............ 130

**Umutwe wa 5: Kubungabunga ibidukikije ............ 134**

5.1 Ibidukikije, inkingi y'ubuzima ............ 134
5.2. Interuro mu nyandiko nyejwi ............ 137
5.3 Inyandiko Nyemvugo ............ 138
Inshamake ............ 142
Isuzuma rusange risoza umutwe wa gatanu ............ 143

**Umutwe wa 6: Gukunda igihugu ............ 146**

6.1. Umuganda mu Rwanda ............ 146
6.2. Amazina y'amatirano ............ 149
6.3. Inama ............ 153
6.4. Ubudehe si ubw'abadeshyi! ............ 157
6.5. Inyandiko mvugo ............ 162
Inshamake ............ 165
Isuzuma rusange risoza umutwe wa gatandatu ............ 166

**Umutwe wa 7: Iterambere ............ 170**

7.1 Izigamire Mitima ............ 170
7.2. Inkuru ngufi ............ 174
7.3. Raporo ............ 180
Inshamake ............ 183
Isuzuma rusange risoza umutwe wa karindwi ............ 183

**Umutwe wa 8: Itumanaho n'ikoranabuhanga ............ 186**

8.1. Uwapfuye yarihuse ............ 186
8.2. Inyunguramagambo ............ 190
8.3. Amoko y'inyangingo ............ 193

8.4. Impapuro zagenewe kuzuzwa ........ 196
8.5. Amagambo yabugenewe ........ 201
Inshamake ........ 204
Isuzuma rusange risoza umutwe wa munani ........ 204


**Umutwe wa 9: Ibiyobyabwenge ........ 207**
9.1. Ingaruka z'ibiyobyabwenge ku buzima no ku mibereho y'abantu. 207
9.2. Inshoberamahanga ........ 212
9.3. Iyiganteruro: Gusesengura interuro yoroshye hakoreshejwe uburyo bw'igiti ........ 214
Inshamake ........ 218
Isuzuma rusange risoza umutwe wa kenda ........ 218
Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe ........ 222
Imbuga nkoranyambaga ........ 224
Imyandiko y'inyongera ........ 225
Twiyungure amagambo ........ 241

## Ibimenyetso bikoreshwa

| Ikimenyetso | Ibisobanuro |
|---|---|
|  | Iki kimenyesto kikwereka umwitozo wo gukorera hamwe na bagenzi bawe muri mu matsinda. |
|  | Iki kimenyetso kikwereka umwitozo wo gukorera hamwe na mugenzi wawe babiribabiri. |
|  | Iki kimenyetso kikwereka umwitozo wo gukora wowe ubwawe ku giti cyawe. |
|  | Iki kimenyetso kikwereka umwitozo wo gukorera hamwe mu ishuri ryose mwungurana ibitekerezo cyangwa mujya impaka. |
|  | Iki kimenyetso kikwereka umwitozo wo kwandika. |
|  | Iki kimenyetso kikwereka umwitozo w'isuzuma risoza umutwe. |
|  | Iki kimenyetso kirakwereka umwitozo w'ubushakashatsi mu nzu y'isomero ku bijyanye n'ikibonezamvugo cyangwa ubuvanganzo. |
|  | Iki kimenyetso kirakwereka umwitozo w'ubushakashatsi kuri interineti. |

# 1 Umuco nyarwanda

## 1.1. Babyirukanye ingoga mu gutamira



Babyirukanye ingoga mu gutamira
Abana ba Kigeri abyiruye
Bene Rwigurangoma rwa Ngoboka ya Rwangoruke
Aba bana se yabyaye bakuranye icyusa mu irya
Barasagambye nka Bisu bya Nyamihana
Baza guhanwa na nde ngo bitonde mu gutamira
Uwakabahannye ko ari mukuru wabo
Bakaba bakoma ku ngeso yawe
Iyo ngeso barayibyariye abami
Ba Bwimandubaruba na Bwimanduga

Barabishyuhaguza ibihaza!
Rutalindwa
Ati : “Ndi igisoka singihazwa n’agasate,
Ndi umutware w’Ibisumizi
Ibyo mwumva ge nzigira mu Gisigari
Iyo bahinga mu Rukubye, na rwo rukoroha
Nkamenya guhangira inyama!”
Sharangabo
Agira imandwa ikaba indubizi
Ati: “Munyijyanire i Nyakabanda ka Kigali
Bandebere cya giti kiri aho kikitwa umuvure
Bacyuzuze amazi n’imineke ngumye kubayagura
Sinteze guhezera na mugenzi wange!”
Nshozamihigo
Yariye kandore y’ i Nduga
Ayimiragura ayivanga n’ ibivuzo
Bigeze mu nda biragugara
Ati: “Munyegereze ibitoke n’ibijumba n’umubanji
Ngumye nkomere mu nda yange
Ngana Mugaza wa nzovu
Gashamura
Abona ubwato ntazihazine
Akazengerezwa nk’uwasinze
Rutalindwa yagira ngo ariyubangana
Akabimyoza aho imbere ye
Ibisumizi bimukobye
Ati: “Ngira umusongozi gito
Akantekera imiranzi y’inyama
N’imitura y’ibishyimbo
Ntagomba guhisha aragapfa azamenya ingeso”.
Rukangirashyamba aje kumuhana
Ati: “Ni ukuri mwana wange
N’uko nyine uruzi nisaziye
Umuganura waramuka waje ntiwansumbya umuhogo.”
Bisangwa ni mukuru utabakoma
Iyo akubirije imvuruge y’isogi
N’imitura y’ibishyimbo ntareka bihora
We aravunjagura agacisha ruguru
Ati: “Nagabanye ibigega
Mumpakurire umutsima munini

Ungana cya kigega kerekeye mu Koko
Nge ndabasumbya mu kurya!”
Rwayitare yatamiye intore
I Bunganyana rya Nyirabitero
Aracyatamba gusaba imyuko

Rwangeyo ati: “Ndi Umunyiginya mukuru
I Kundamvura aya Bitero, nkikundisha isogi
Yamara kuyirya akaganya mu mabondo ikagugara”.
Rukangamiheto yakangase amenyo ku magufwa
Arahunja n’igitondora, ndamureba ndamugaya
Nti: “Mbe nyamuhunja ko utarobanura?”
Ati: “Sinabona akanya nasiga inyuma
Muryamo yarateye,  byantera agahinda”.
Yenda ibihaha byayo arakoranya n’imyijima
Ahinduka rugara mu nzu
Ntiyabona ibitotsi byo kuryama
Ruyimbo ararenza n’umugongo
Inda iramugora arahemuka.
Nzirabatinyi yagugunnye ingoma
Imikoba iramwica mu bijigo
Muzarebe Rubanda rwa Rwingwe
Acuma amabondo
Sezikeye ati: “Ge ngira iryinyo rikaba intorezo
Narikomanga ku nkoro inkono iri ku ziko”.
Nti: “Muranyongere inyama
Akaba umwaka atarabaga
Yamara kubaga bugatuma yiyegura imiryango
Akaba ukwe !
Kamarashavu yishinze inkori z’i Kigali
I Bugagara bwa Nyiragasogwe
Bashyizemo amavuta n’umunyu
Aragumya yoreza iyo!
Karunganwa ati: “Ndi umwana w’umwami
Mvuka mu nda y’ingoma
Simenya guterera mira bunguri”.
Kitatire yariye ubushaza i Shegama
Maze se aramwanga ngo yamucuze impamba.
Musinga yamiraguye imitura y’ibishyimbo

Bahutira ihene ku nda barakubita n'ububaya
Yaguye impishyi bacisha mu bigega.
Muhigirwa yahigiye ingundu y'abatunzi
Agaca mu cyanzu
Nahace arahakwiye
Agatsinda yameze aye menyo
Yo kubagira ibimasa mu Nyamagana.
Rwabilinda yarindiriye abicaye ku ziko
Bahembwe ngo bararinda cyane
Ashakira inzira mu mwinjiro
Arabiyogoza mu buriri.
Ati: "Ndi mukuru nkabahenda
Twatigirira ibyo kwiba nabananize cyane".
Kayijuka bamuhaye ikibo, n'icyansi, n'icyabya
Byose asa na cya Nyarwaya
I Nyarubuye hari ibigoryi bibiri
Hari n'undi nabwiwe
Ngo ntibagisumbanya ingeso
Mubashyiremo na nyirabo Rwabizamurego
Cya gicuba k'i Bumbogo cyaramuka cyaje
Rugoma rubuganizwa ijana yagabanywa ite?
Ariko nayanywe arabikwiye
Yazinyaze ibindi bihugu
We uhora azizana akazongera mu ze!
*(Cyahimbwe na Senkabura ya Kibaba wo mu Rusenyi.)*

## Inyunguramagambo

**Sobanura amagambo cyangwa itsinda ry'amagambo akurikira:**

1) Kwivuga
2) Gucuma amabondo
3) Kubayagura
4) Gucisha ruguru
5) Guhezera
6) Guhunja
7) Ingundu
8) Kwijana
9) Kuvunjagura
10) Igisoka
11) Igisumizi
12) Inyundo
13) Koreza
14) Umuranzi
15) Gutiga
16) Inkubito
17) Inkori

## Imyitozo y'inyunguramagambo

1. Kora interuro ngufi ukoresheje amagambo cyangwa itsinda ry'amagambo akurikira:
   a) Guhakura umutsima b) Umusongozi
   c) Indubizi d) Guhunja
2. Buri jambo cyangwa itsinda ry'amagambo ritsindagiye risimbuze iryo rivuga kimwe riboneka mu mwandiko kandi usanishe neza interuro wahawe:
   a) Kampayana ngo yaba yarahuhuwe n'**ivutu** yatewe n'ibikeregete by'imitura.
   b) Aba bana koko babyirukanye **imbaraga** mu kubasha rukacarara.
   c) Kabutura yakurikije **ingeso ya se**
   d) Rutamizabiri **umiragura yokerwa** ibisogi bishyushye ubutunguruza asangira ate na ba Kazehe?

## Ibibazo byo kumva umwandiko

## Soma umwandiko unasubize ibibazo bikurikira:

1) Uyu mwandiko ushobora kugira inyito y'umutwe urenze umwe, tanga ingero zaba umutwe.
2) Shaka muri uyu mwandiko ingingo zisekeje usobanura n'impamvu zisekeje.
3) Hari imyifatire y'umunyenda mbi igaragara mu mwandiko? Yivuge.
4) Hari ibihemu bivugwa mu mwandiko. Bivuge.
5) Mu buse nta we batinya na busa. Bigaragaze utanga ingero mu mwandiko.
6) Ngo "Uyikura mu kabindi ikakuvana mu bagabo". Sanisha uyu mugani n'ibikorwa by'umunyenda mbi.
7) Tanga inama kuri ba rutamizabiri bashobora kuboneka mu kigero cyose cy'abantu.
8) Hari amazina cumi n'atatu y'abantu n'ay'ahantu avugwa mu mwandiko. Yashake muri iki kinyatuzu ujya iburyo, ibumoso, hasi cyangwa hejuru.

| | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| R | S | G | U | A | N | G | I | S | U | M |
| U | N | U | B | U | G | A | G | A | R | A |
| T | O | G | O | M | B | U | B | I | Z | Y |
| A | I | L | E | G | I | K | A | E | A | N |
| L | Y | M | U | H | I | G | I | R | W | A |
| I | U | S | I | B | I | L | A | G | I | K |
| N | D | U | G | A | R | K | O | K | O | P |
| D | J | M | D | S | H | E | G | A | M | A |
| W | S | H | A | R | A | N | G | A | B | O |
| A | G | A | S | H | A | M | U | R | A | S |

## Umwitozo wo gusesengura umwandiko

### Subiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

1. Garagaza ingingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko.
2. Muri uyu mwandiko, ukurikije inyurabwenge, umuhanzi agamije gusebya abatware? Sobanura.
3. Garagaza uturango tw'ikeshamvugo umuhanzi yakoresheje muri iki gisigo.

## 1.2. Ibisigo by'ubuse

Mu matsinda yanyu mukore ubushakashatsi kuri ibi bibazo:

a) Igisigo cy'ubuse ni iki?
b) Kirangwa n'iki?
c) Kigira akahe kamaro?

### Inshoza y'ibisigo by'ubuse

Abasesenguye neza ibisigo by'ubuse basanze bihimbitse, nk'ibisetso ndetse birenze ibisetso bigasa n'ibisebanya. Ni inganzo yaba yaravukiye mu matorero y'intore, aho wasangaga abantu biga kuvuga neza, bagacyocyorana ntihagire urakara; uwarakaraga mu biganiro bamwitaga igifura kitazi kuba mu bandi bahungu cyangwa akitwa umunyamusozi. Abantu batazi gutarama barakazwaga n'ibyo bisigo babitaga **ibifura**. Ubusanzwe ubuse ni umushyikirano w'abase n'abantu bo mu bwoko bubamarira urubanza ukarangwa no gushotorana no gutukana ariko ntibigire uwo birakaza.

### Uturango n'akamaro k'ibisigo by'ubuse

Abahimbaga ibisigo by'ubuse, babaga bagambiriye gusetsa abandi bahungu. Mu basizi bazwi baba barakenetse inganzo y'ibisigo by'ubuse harimo Musenyeri Alegisi Kagame. Yaje guhimbazwa n'iyi nganzo y'ibisigo by'ubuse maze arayigana ahimba umuvugo muremure yakubiye mu gatabo yise "Indyoheshabirayi". Muri ako gatabo Kagame atera ubuse umwami Mutara Rudahigwa n'abatware be. Ako gatabo kasohotse bakiriho ariko ntawamurakariye kuko bose bari bamenyereye iyo nganzo.

Kagame ararondora ubusambo bw'abatware ku nyama y'ingurube, aragaragaza abanyaporitiki bo hejuru (umwami n'abatware) ko ari abantu nk'abandi bashobora gucuranwa. Aragaragaza kandi ko no mu bwami hatakiri ibintu by'ibanga bituma ibihakorerwa bitamenyekana muri rubanda.

***Ingero:***

1. Ryumugabe abwira Kaberuka
   Ati: "Uko iyo ngurube ifite ikinove
   Nayitangira mu gitondo
   Bukagoroba maze uruhande!"
   Undi ati: "Ndaguhebye uri akanyanda!
   Nge nayanzika mu museso
   Nko mu mashoka inkono nkayeza!"
   Mureganshuro abwira Katabarwa
   Ati: "Ifite aho yandutiye ibitari yo!
   Uyimaze itera iminwa uburyohe
   Ibyo akabigendera bigatinda".
   Undi ati: "Nagira ngo ntiwabibonye!
   Cyane cyane iyo ugize Imana
   Mu rugo bose bakayinena
   Ukayibumbaho uri rukumbi!"
2. Ungabire inyama ya bane muri bo!
   Mutara ati: "Imyanya sinyitanga
   Kuko nshaka kuyikubira!"
   Kigeri bahize na we yegamanye inturire
   Kurya ari umwami yahawe intavurungwa
   Ati: "Umunayu uyu ndawukunda bahungu
   Mwese uko muri aha muwumparire
   Mbatoye ibiseke!"

Igihangano cya Kagame Alegisi cyari gifite n'intego yo guhesha agaciro itungo ry'ingurube ryasuzugurwaga muri rubanda. Iyi nganzo yagiye itorwa na bamwe mu basomye umugendo w'ibyo Musenyeri Alegisi Kagame yagezeho mu "Ndyoheshabirayi", birabakundira nubwo hari abagiye bahuriramo n'utubazo. Mu bahiriwe n'inganzo y'ibisigo by'ubuse havugwamo Gasimba Faransisiko Saveri. Mu byo yahimbye harimo: "Ikivugo k'imfizi Bangaheza", "Isiha rusahuzi",...

Mu gutura ibisigo cyangwa kubivuga, nta cyo umusizi yari ahejwe kuvuga. Musenyeri Alegisi Kagame abyemeza yivuye inyuma ko nta musizi wagombaga kuzira ibyo yavuze. Ikindi ni uko ibisigo byari bigenewe guturwa umwami gusa. Nyamara ntibyababujije abasizi bamwe kujya batandukira bakaba batura ibisigo byabo abo bishakiye bigafatwa nko gusuzugura ku mwami, bakagwirirwa n'akaga kubera imyitwarire yabo. Yewe hari n'abagiye bazira ivuzivuzi ryabo; ibisigo byabo bitashimishije umwami. Ingero zikurikira zirabitsindagira.

Musare yarowe nabi n'umwami Kigeli Ndabarasa ndetse agarukira hafi yo gutangwa. Wakwibaza ngo byagenze bite? Umwami yari yarateye i Ndorwa arayitsinda ahashinga umurwa atinda kugaruka mu Rwanda. Abantu bagahora bagira bati: "None

umwami wacu yazagwa mu mahanga byazagenda bite?" Abiru babibwira Musare na we ati: "Nzamubabariza". Ubwo yahimbye igisigo kitwa "Mbwire umwami uko abandi bami bantumye". Icyo gisigo cyari giteye nk'aho ari ubutumwa yabwiwe n'abagabe n'abagabekazi babanjirije Ndabarasa, kikagira kiti: "Bategereje ko ucyura iminyango ukayibamurikira". Musare yageze aho arerura ati: "Ukwiye gutekereza ugataha ukajya gukora impamba yo kuzatura i Munanira". Umwami yumvise ko ashobora gutanga atarataha ati: "Ararogose". Baramufata bamugumisha aho ategereje gutangwa. Mbere yo kumutanga Ndabarasa atumiza Kibarake cya Musare amushinga guhimba igisigo cyo gusubiza se. Yahise ahimba igisigo yise "Batewe n'iki uburake?" Ariko kuvuga ngo barakajwe n'iki abo bami? Kimaze kuzura, Ndabarasa agifata mu mutwe atumiza Musare arakimubwira. Buri mwami mu bo Musare yari yaravuze cyamugeneraga igisubizo, hanyuma kikavuga uko ibihugu byose bigize u Rwanda byagiye bitsindwa bikagarurwa, kikarangira kigira kiti: "Nk'ubwo abo bami barambiwe n'uko ntuye i Ndorwa kandi narahagize u Rwanda?"

Barishaka wo mu Rusenyi (Kibuye), yemeye ko bamutura igisigo, Kigeli IV Rwabugili aramutanga arapfa. Umusizi kandi yagombaga guhora yitwararitse akavuga mu gisigo ke amagambo asingiza abami n'ingoma zabo.

Ruhinda rwa Kinyukura mu gisigo ke "Ndi umupfumu w'umwami", yatuye Mazimpaka, yaratandukiye yerekana ko azi amabanga y'ubwiru yerekeranye n'imirwa abami bazaturamo bamuta ku ngoyi. Nyuma ariko ngo baje gupererereza basanga ntawamumeneye iryo banga bamuvana ku ngoyi, Mazimpaka amuca ku mwuga w'ubusizi.

Ngurusi mwene Karorero yabonye amakosa Kigeli Rwabugili yakoze ubwo yimikaga Rutarindwa utaragiraga nyina akamuha umugabekazi w'umutsindirano Kanjogera kandi na we afite umuhungu waba umwami abimubwira mu gisigo "Urugo rugwije imbaga", Rwabugili abyumvise ati: "Noneho si ugusiga ni ugusebanya", amuta ku ngoyi, yumvise ingoyi imuriye yaka imbabazi mu gisigo "Ndi umuyoboke w'umwami". Ntawashoboraga kwigira akami gato ngo ni uko ari umusizi, kugeza aho yivugira ibyo ashatse kandi bizagera ku mwami Nyiri u Rwanda.

## 1.3. Twisekere



1. Umugabo w'umusambanyi kabombo yagiye gusura mugenzi we asanga atari yo, umugore aramuzimanira, baraganira bigeze hagati nyamugabo yivugisha asa nubaza ati: "Kuvuga ni ugutaruka, igihe nagendeye hano sinigeze ndabukwa umusego wanyu, ushobora gusegura umugabo w'inshuti y'umugabo wawe bigashoboka?" Umugore w'umupfu ati: "Kuguha urwuya uri inshuti yacu ntibica ishati!" Bagira batya berekeza iy'uburiri, bicara ku rwuririro, nyamugore abanza gusomya nyamugabo ku y'ihenero ahasigaye batangira igikorwa kibajyanye, bagiye kumva bumva imodoka ya nyiri urugo iratera ihoni ngo "didiii!". Nyamugore abyumva nk'ejo asaba nyamugabo bari kumwe gusohoka agaca mu gikari. Wa musambanyi asohokana imyenda arambika inda ku muyaga, taritari agera ku muhanda ahari habereye irushanwa ryo kwiruka, yirukankana n'abandi; uko yiruka ibibuno bikagenda bikoma amashyi ngo "papapa!" Bageze imbere umwe mu biruka akebuka gato aramubaza ati: "Ariko sha, iteka wiruka wambaye ubusa?" Amusubiza atajijwa ati: "Kweli bituma ntokerwa, nkumva nisanzuye ku buryo bwose, kandi ubusanzwe imyenda irambangamira gutsinda amarushanwa bikangora mwana!"cYongera kumubaza ati: "Ese buri gihe uba wambaye n'agakingirizo ko mbona ugenda kanagana?" Wa musambanyi wigize umukandida mu barushanwa ati:" Yoo! Ntuzi ko agakingirizo ari intwaro y'abananiwe kwifata!" Abari mu irushanwa biruka baseka cyane bati: "Abasambanyi baragwira, kwiruka amabuno ahana yambu!"

2. Umwana yashakaga kunyara ari kumwe na nyina akamubwira; bukeye nyina aramubwira ati: "Ntukavuge ko ugiye kunyara, jya uvuga ko ugiye kuririmba." Umunsi umwe umwana yasigaranye na se nyina yasuhutse, bigeze nijoro umwana

ati: “Ko nshaka kuririmba?” Se aramusubiza ati: “Mwana wange ushaka kuririmba muri iri joro? Cyo ngaho ndirimbira buhoro mu gutwi.” Umwana arekura inkari no mu gutwi kwa se ngo shiririri!

3. Umugabo yagiye gupfa asiga abwiye mugenzi we wari inshuti ye magara ati: “Nujya unywa inzoga uge ufata amacupa abiri, rimwe ryawe n’irindi ryange mu rwego rwo kunyibuka.” Nuko uko agiye mu kabari, agatumiza amacupa abiri, umukobwa ukora mu kabari aza kumubaza impamvu, undi na we amusobanurira impamvu ituma afata amacupa abiri buri gihe uko atumye inzoga. Bukeye yaje kugaruka muri ka kabari abwira wa mukobwa ngo amuzanire icupa rimwe rya Pirimusi; umukobwa amubajije impamvu noneho adatumyeho amacupa abiri nk’uko bisanzwe, wa mugabo aramusubiza ati: “Nge navuye ku nzoga, zari zitangiye kumbera indengakamere, nitahira mu bihuru kandi mfite urugo! Iri ntumye ni irya mushuti wange.”

4. Rwakagorora yahuye n’umugenzi wigendera maze agira atya amucinya urushyi. Ngo asange yamwibeshyeho (yari amwitiranyije n’umuntu wari waramwambuye) niko kumusaba imbabazi, undi na we ntiyabyemera ajya kumuregera abunzi. Rwakagorora acibwa amande y’igihumbi. Uko yagatanze inoti y’ibihumbi bibiri, ayo kugarura arabura nuko acunga wa mugenzi ku jisho, aritunatuna maze amwasa urushyi rwa kabiri ati: “Ntibikuvune ugarura, n’ayo asigaye yahamane!”

## Inyunguramagambo

### Sobanura amagambo akurikira:

1) Umusambanyi kabombo
2) Kuzimanira
3) Guha urwuya
4) Ntibica ishati
5) ku y’ihenero
6) Abyumva nk’ejo
7) Kurambika inda ku muyaga
8) Guhana yambu

### Umwitozo w’inyunguramagambo

1) Uhereye ku nshoberamahanga “kurambika inda ku muyaga”, tanga izindi zihuje inyito na yo.
2) Hari imvugo zitiye mu ndimi z’amahanga zakoreshejwe muri izi nkuru. Zivumbure uzisobanure.

## Ibibazo byo kumva urwenya na byendagusetsa.

### Soma umwandiko unasubizeyo

1) Ni ayahe mayeri uriya musambanyi kabombo yakoresheje kugira ngo agushe umugore wa mugenzi we mu mutego?
2) Uyu mugore ni umupfu mubisi wujuje ibyangombwa. Sobanura.
3) Garagaza ubuhemu bw'uyu mugabo uvugwa mu nkuru ya mbere.
4) Mu mibanire y'abantu, urabona imyandiko iteye itya ifite akahe kamaro?
5) Ikivugwa mu rwenya na byendagusetsa ni ukuri? Sobanura.

### Ibibazo byo gusesengura imyandiko

1) Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa muri buri mwandiko?
2) Ni izihe ngingo zisekeje ziri muri buri mwandiko?
3) Ni irihe somo ukuye muri buri mwandiko?

## 1.4. Urwenya na byendagusetsa

Ongera usome umwandiko "Twisekere" maze ukore ubushakashatsi utahure inshoza y'urwenya na byendagusetsa n'uturango twabyo.

### Inshoza y'urwenya na byendagusetsa

Urwenya na byendagusetsa ni inkuru zisetsa cyane ku buryo umuntu uzibariwe ababaye cyangwa arakaye acururuka. Izi nkuru hari ushobora kuzibarirwa zimuvuga nabi akarubira, akarya karungu, akaba yakwadukira abantu akabahutaza. Urwenya na byendagusetsa ni kimwe mu biranga umuntu warezwe, wabanye n'abandi. Ubwiwe izi nkuru akagaragaraho ubunyamusozi aba abuze akarango k'intore. Byendagusetsa ariko yo bavuga ko yenda gusetsa kuko mu by'ukuri bavuze ngo irashekeje mbere y'uko ibarwa ntawaseka iby'iyo nkuru igiye kuvugwa.

### Uturango tw'urwenya na byendagusetsa

Urwenya rurangwa no kuba ari amagambo cyangwa imyifatire y'umuntu bisetsa abandi. Usanga mu mvugo umunyarwenya akoresha amagambo aterekeranye, cyangwa akavugishwa kubera impamvu iyi n'iyi ku buryo bisetsa abamwumva.

Byendagusetsa yo irangwa no kuba ari agakuru kagufi gasekeje, cyane kubera ko ibivugwamo bidashoboka, cyangwa bidakwiranye n'aho bivugiwe cyangwa n'ubivuze. Ari urwenya cyangwa byendagusetsa byose biba bigamije gusetsa no gushimisha abantu.

### Kungurana ibitekerezo

1. Gereranya ibisigo by'ubuse n'urwenya na byendagusetsa.
2. Garagaza umumaro w'ibisigo by'ubuse, urwenya na byendagusetsa mu muco nyarwanda.

### Umukoro wo guhanga

Hitamo imwe muri izi nsanganyamatsiko maze uhange urwenya

a) Hanga urwenya cyangwa byendagusetsa ku munyeshuri wafashwe mu kizamini anakira.

b) Hanga urwenya cyangwa byendagusetsa ufatiye ku nda nini, ubusambo, ubusambanyi.

## 1.5. Amazina y'urusobe

Itegereze amazina y'umukara cyane ari munteruro nyuma usubize ibibazo bizikurikira.

1. **Umunyamabanga** Nshingwabikorwa w'Umurenge w'Akamahoro ni imbonera, aca imanza atajenjetse.
2. **Abagenzacyaha** baracyashakisha uwaroze Utamuriza ngo bamushyikirize **abashinjacyaha.**
3. Mu **ikusanyamakuru** abagenzacyaha bakoze, **inyangamugayo** zabagaragarije ko Utamuriza yaba yararozwe n'inyangabirama ndetse na ba rusahuriramunduru akiri iwabo mu rugo.
4. Icyaha nk'icyo k'**indengakamere**, **abacamanza** bagihana bihanukiriye; kwiruka!

### Ibibazo

1. Ugereranyije n'amazina nyakimwe wize aya mazina aciyeho akarongo ataniye he n'ayo mazina?
2. Tanga inshoza y'amazina umaze gusoma no kwitegereza.
3. Vuga ibiranga aya mazina arobanuye mu nteruro wahawe utanga ingero.
4. Ugendeye ku byubatse ayo mazina, yatondeke ukurikije ubwoko bwayo.

### Inshoza n'uturango by'izina ry'urusobe

Iyo bavuze izina ry'urusobe twumva izina rishobora kugira uturemajambo turenze udusanzwe tw'izina nyakimwe. Iyo usesenguye izina ry'urusobe usanga rifite indomo ebyiri, indangazina ebyiri, ibicumbi bibiri cyangwa se ugasanga rifite indomo, indanganteko n'igicumbi, ariko rikagira n'ubundi bwoko bw'ijambo bwiyomekaho. Ubwoko bw'amagambo ashobora kwiyomeka ku izina nyakimwe rikabyara izina ry'urusobe hari ikinyazina, umusuma n'akabimbura gishobora kwihagika mu izina nyakimwe rikabyara izina ry'urusobe.

## Uturango tw'amazina y'urusobe

Amazina y'urusobe tuyasangamo amoko atandukanye:

- Amazina y'inyunge
- Amazina y'akabimbura
- Amazina y'umusuma
- Amazina agaragaza amasano

## Amazina y'inyunge

Inshinga yiyunga n'ijambo rikayibera icyuzuzo mbonera cyangwa nziguro.

***Urugero:*** Icyuzuzo mbonera: Umumenamabuye
Icyuzuzo nziguro: Umuvamahanga

**a) Igice cya kabiri ari izina**

***Ingero:***

Amatakirangoyi
Abashinjacyaha
Abacamanza
umutegarugori

**b) Igice cya kabiri ari ntera**

***Ingero:***

Ubujyahabi
Umubagito
inshamake

**c) Igice cya kabiri ari imbundo**

***Ingero:***

Umwigaguhuma
Indiragukinduka

**d) Igice cya kabiri ari ikinyazina**

***Ingero:***

Umuvandimwe
Ikimenyabose
Imberabyombi
Amaburakindi

**e) Igice cya kabiri ari umugereka**

***Ingero:***

Ikiryakare
Umugiranabi
Umugiraneza

## Amazina y'urusobe afite akabimbura

Akabimbura ni akaremajambo kihagika imbere y'izina risanzwe mu rurimi bikabyara izina rishya.

***Ingero:***

1. **Akabimbura -nya-kagira ingingo y'ikinyazina ngenera**

   Ikinyamateka | Umunyamuryango
   Umunyenzara | Umunyamakuru
   Umunyeshuri

2. **Akabimbura nyira- gafite ingingo isa neza n'iy'ikinyazina ngenera.**

***Ingero:***

Nyirumuringa | Nyirurugo
Nyirimpuhwe | Nyiribambe

Akabimbura nyira- iyo kihagitse mu mazina bwite y'abantu kagira ingingo y'igitsina gore. Ingero zikurikira zirabigaragaza.

***Ingero:***

Ibikari: Nyirabikari
Intabire: Nyirantabire
Intama: Nyirantama

3. **Akabimbura sa- cyangwa se- gafite inyangingo y'ikinyazina ngenera**
   Iyo kihagitse mu mazina bwite usanga afite ingingo y'igitsina gabo kandi nta ndomo ayo mazina mashya agira.

   ***Ingero:***

   Amahoro: Semahoro
   Uburo: Seburo
   Umusure: Samusure

4. **Akabimbura –ene- gafite ingingo nk'iy'ikinyazina ngenera**
   Amazina bwite agafite akunze kuba ari amazina rusange. Gashobora kandi kongerera izina kihagitsemo ingingo igaragaza isano abantu bafitanye.

   ***Ingero:***

   Imana: Benimana
   Ihirwe: Benihirwe
   Ikenewabo

5. **Akabimbura -ka- kifitemo ingingo ivuga ngo"umugore wa"**
   Usanga kiganje mu mazina bwite y'igitsina gore. Zimwe mu ngero zikurikira zirabigaragaza:

   Amacumu: Mukamacumu

Urutamu: Mukarutamu
Indera: Mukandera
Umuhire: Mukamuhire

6. **Akabimbura -a- gafite ingingo y'ikinyazina ngenera**
Gakoreshwa cyane mu mazina bwite kandi amazina kihagitsemo nta ndomo agira.

***Ingero:***

Inkazi: Kankazi — Amagana: Rwamagana

Imana : Kamana — Imanzi: Kamanzi

## Amazina y'urusobe afatiye ku musuma –kazi

Umusuma ni akaremajambo kongerwa ku ijambo rishobora kubaho ridafite aka karemajambo –kazi.

***Ingero:***

umupfakazi ni izina ryakomotse ku nshinga gupfakara
umunyarwandakazi
umwamikazi
umuturanyikazi
umuririmbyikazi

## Amazina afatiye ku musuma -azi

***Ingero:***

Ibitakazi, umugabazi,...

## Amazina y'urusobe afatiye ku masano y'abantu

| | | bukwe | buja | rume | senge | Kuru(za) |
|---|---|---|---|---|---|---|
| Ng[1] | Igitsina gabo | databukwe | databuja | Marume | - | Sogokuru(za) |
| | Igitsina gore | mabukwe | Mabuja | - | masenge | Nyogokuru(za) |
| Ng[2] | Igitsina gabo | sobukwe | Shobuja | Nyokorome | - | Sogokuru(za) |
| | Igitsina gore | Nyokobukwe | nyokobuja | - | nyogosenge | Nyogokuru(za) |
| Ng[3] | Igitsina gabo | sebukwe | Shebuja | nyirarume | - | Sekuru(za) |
| | Igitsina gore | nyirabukwe | nyirabuja | - | nyirasenge | Nyirakuru(za) |

**Ikitonderwa 1:**

Amazina y'urusobe yandikwa umujyo umwe. Gusa mu bisingizo, mu migani no mu mazina nteruro n'amazina y'inyunge akabije uburebure, yandikwa atandukanyijwe agashyirwa mu twuguruzo n'utwugarizo.

***Ingero:***

- Umuhanurabinyoma, Rukemanganizi, Karahangabo, Karikumutima,... (aya ni amazina y'urusobe yanditswe umujyo umwe)
- Ubwo "Ishyikanya ku mubiri ya Rugema ahica" aba arahashinze.
- Ubwo " Rumenerangabo  Ntarindwa ku mukondo wa Rukaburabimashi" ati: "Ba!"

**Ikitonderwa 2:**

- Akabimbura "so" kagira impindurantego "sho". Urugero: shobuja.
- Akabimbura "se" gakomoka ku izina ise cyangwa se, kakagira  inyito y'umuntu w'igitsina gabo ufite cyangwa se utunze nyakuvugwa. Akenshi ayo mazina aba ari bwite. Usanga gakora nka "nyira" ikomoka ku izina nyina.

***Ingero:***

sebuja, serugo, sebatunzi

- Akabimbura "nya" gafitanye isano na "nyira", kakaba gakora kuri ubu buryo: Iyo -a- ya nya- ikurikiwe na i y'indomo cyangwa se y'indangahantu, iyo ndomo ishobora gutakara cyangwa zombi zikiyungamo - e- biturutse ku igenamajwi

***Ingero:***

- Umunyenzara (u-mu-nya-i-n-yara) a+i→e

**Impugukirwa:**

"nya-" ishobora kuba akabimbura nyifuzo iyo yiyunze n'inshinga iri mu mbundo. Ingero: nyagutuma, nyakumanikwa, nyakubyara; ...

Akabimbura "nya-" gashobora kwiyunga n'ikinyazina cyangwa n'izina kagafata inyito yo guhamya (gutsindagira) ikivugwa.

***Ingero:***

Dore inzu nyanzu, abakobwa nyabakobwa; bariya bazaba abategarugori nyabo.

Akabimbura nya- gashobora kwiyunga n'izina kakagira inyito y'utunze cyangwa ufite nyakuvugwa.

***Ingero:***

Umunyamerwe, umunyamahanga, umunyabintu, umunyenzoga;...

- Akabimbura sa- gashobora gukora mu mazina nka Saruhara, Gasabwoya, Gasamagera, Sabato, Sakabaka,...


## Umwitozo

1. Uhereye ku mbonerahamwe ikurikira, shaka amazina atanu y'urusobe kuri buri bwoko hirengagijwe ayigeze kuvugwa mu ishuri.

| Insobeke y'izina | Ingero zisabwa |
|---|---|
| Inshinga+izina | 1 ……………<br>2 ……………<br>3 ……………<br>4 ……………<br>5 …………… |
| Inshinga+ntera | 1 ……………<br>2 ……………<br>3 ……………<br>4 ……………<br>5 …………… |
| Inshinga +imbundo | 1 ……………<br>2 ……………<br>3 ……………<br>4 ……………<br>5 …………… |
| Inshinga+ikinyazina | 1 ……………<br>2 ……………<br>3 ……………<br>4 ……………<br>5 …………… |
| Inshinga +umugereka | 1 ……………<br>2 ……………<br>3 ……………<br>4 ……………<br>5 …………… |

2. Mufatiye ku bwoko bw'amagambo y'urusobe agaragaza amasano mutange ingero ebyirebyiri kuri buri bwoko musobanura inkomoko.

## 1.6. Uri nde?



### 1. Inshengeranamusango

Inshengeranamusango ya Rwesa
Ndi umurasanyi rwose.
Munyinya baharamba wa Ruhuta,
Icumu narigemye mu gihumbi
Ryanze gushira agahinda nenda intosho nkomaho.
Ndi uwishe mbere wa Nyirimbirima;
Ndi uwishe nkibyiruka wa Rubyigabakinzi;
Ndi uwishe nkiri muto wa Rutindamirambo.
*Kigundu cya Ngoboka*
*Itorero: Urukatsa*
*Umutwe: Ababito.*

### 2. Rudaforera igitugu kimwe

Rudaforera igitugu kimwe rwa Gitinywa
Uruge rw'umutambya narutambitse mu byano
Ibyuma mbimara umutasu
Rwamutambya iriya na Hunga
Rutikanga abatera iyebebe rwa Mutana
Ababisha narabitegereje;
Bazira ubahaye ibitugu;

Ubitugiye arabanesha.
*(Rugaju rwa Mutimbo*
*Itorero: Uruyange rukuru*
*Umutwe: Uruyange.)*

### 3. Rutajabukwa n'imitima

Rutajabukwa n'imitima,
Ingamba zimisha imituku, rwa Nyirimbirima;
Ndi intwari Inkotanyi yamenye.
Yanshinze urugamba rukora amaraso,
Ati: "Rwampingane!"
Nti: "Ndi Rukaragandekwe,
Nangana n'ababisha
Iyo duhuye ndarakara."

*(Kampayana ka Nyantaba*
*Itorero: Ibisumizi*
*Umutwe: Ingangurarugo.)*

## Inyunguramagambo

**Sobanura amagambo akurikira:**

1) Inshengeranamusango
2) Munyinya baharamba wa Ruhuta
3) Icumu narigemye mu gihumbi
4) Ryanze gushira agahinda nenda intosho nkomaho
5) Ndi uwishe nkibyiruka wa Rubyigabakinzi
6) Ndi uwishe nkiri muto wa Rutindamirambo
7) Rudaforera igitugu kimwe rwa Gitinywa
8) Uruge rw'umutambya narutambitse mu byano
9) Ibyuma mbimara umutasu
10) Rutikanga abatera iyebebe rwa Mutana
11) Bazira ubahaye ibitugu
12) Ubitugiye arabanesha
13) Rutajabukwa n'imitima
14) Ingamba zimisha imituku, rwa Nyirimbirima
15) Ndi intwari Inkotanyi yamenye:
16) Yanshinze urugamba rukora amaraso
17) Rwampingane
18) Rukaragandekwe

19) Nangana n'ababisha

20) Iyo duhuye ndarakara

## Imyitozo y'inyunguramagambo

**1. Uzuza interuro zikurikira ukoresheje amagambo cyangwa itsinda ry'amagambo yabugenewe wungukiye mu gusoma iyi myandiko**

a) Intwari y'umukogoto itwara imyambi mu.......

b) Kampayana ka Nyantaba ya.........icumu umubisha mu gihumbi.

c) Nge sinkangwa n'urugamba ngo ngire ubwoba, mu yandi magambo......... ingamba zimisha imituku.

d) Abaswa batazi iby'urugamba,..........nababereye ibamba karahava.

e) Rwabugili yari umwami w'umurwanyi yiyita...........

**2. Huza amagambo ari mu mpushya ebyiri agiye afite inyito zisa.**

| Uruhushya A | Uruhushya B |
|---|---|
| Rukaragandekwe | Inkotanyi |
| Umubisha | Intyoza mu bitaramo |
| Umuhanga w'umuheto | Rukaburacumu |
| Umutambya | Umwanzi muhanganye |
| Inshengeranamusango | Umukogoto |
| Rwabugili | Umuheto |

## Ibibazo byo kumva imyandiko

## Soma imyandiko unasubize ibibazo bikurikira

1. Mu mwandiko wa mbere n'uwa kabiri abivuga birata iki?
2. Mu mwandiko wa gatatu uwivugamo ni muntu ki?
3. Muri rusange iyi myandiko iravuga iki?

## Gusesengura imyandiko

## Subiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

a) Garagaza ingingo z'umuco ziri muri iyo myandiko.

b) Ni iki kivugwa muri rusange muri iyo myandiko?

## 1.7. Ibyivugo

Ongera usome imyandiko twabonye maze ukore ubushakashatsi kuri ibi bibazo: Iyi myandiko ni bwoko ki? Ibyivugo ni iki? Byatangiye ryari? Bifite akahe kamaro? Birangwa n'iki? Ibyo byivugo mumaze gusoma ni bwoko ki? Vuga ubundi bwoko bw'ibyivugo waba uzi uvuge n'uturango twabyo. Gerereranya ibyivugo mu gihe cyashize no muri iki gihe.

### Inshoza y'ibyivugo

Ibyivugo ni ubuvanganzo nyarwanda bwahimbirwaga kurata ubutwari bw'ingabo. Nyiri ukwivuga yashakaga kugaragaza ubutwari yagize ku rugamba cyangwa umugambi yiyumvamo wo kuzaba intwari mu bihe bizaza, akihimbira ikivugo cyangwa agashaka ukimuhimbira, akagitora kikagaragaramo ubutwari bwe. Ibyo bishaka kuvuga ko abagabo bose batari abahanga mu guhimba ibyivugo. Hariho intiti kabuhariwe zahimbiraga n'abandi ibyivugo. Mu Rwanda rwo hambere, umugabo nyamugabo yarangwaga no kugira ikivugo ke.

### Ibyivugo byatangiye ryari?

Biragoye kwemeza neza igihe ingeri y'ibyivugo yatangiriye. Ikizwi ni uko bimaze igihe kitari gito. Abahanga bemeza ko byaba byarahozeho na mbere y'ingoma ya Ruganzu II Ndori.

### Ibyivugo byari bifite kamaro ki?

Uretse kwirata ubutwari no kwitoza kuvugira mu ruhame, ibyivugo byagiraga umumaro wo kumara abandi ubwoba.

### Uturango tw'ibyivugo

a) Ibyivugo birangwa n'uko uwivuga yirata ubutwari yagize ku rugamba k a n d i agasingiza n'intwaro ze.
b) Ibyivugo birangwa n'ibigwi n'ibirindiro.

**Ibigwi:** Ni umubare cyangwa se amazina y'abanzi nyiri ukwivuga yatsinze ku rugamba ndetse n'aho yabatsinze. Ubusanzwe ikigwi ni aho umuntu yiciye umwanzi.

**Ibirindiro:** Ni ibikorwa by'akataraboneka uwivuga yagaragarije ku rugamba nko kwimana no kugarukira ingabo bagenzi be ( kuzirengera) gutahana iminyago, kwibasira abanzi…

**Urugero:** Mu kivugo "Rudaforera igitugu kimwe" twasomye mbere baratubwira uburyo nyiracyo yishe ababisha.

Uwivuga ashobora kubanza kuvuga izina rye agakurikizaho irya se hagati y'umukarago wa mbere n'uwa gatatu. Ayo mazina ashobora kuba nyayo ariko akenshi aba ari ibisingizo bya nyiri ikivugo cyangwa igisingizo ke gikurikiwe

n'icya se. Mu kivugo hagati umuntu ashobora kugenda arobekamo ibindi bisingizo. Igisingizo gihuzwa n'ikindi hakoreshejwe ingenera akenshi kiba ari ikindi gisingizo cy'uwivuga. Hagati y'ibisingizo hashobora kujya inshinga "ndi"igihe uwivuga akurikiranya ibisingizo byinshi. Muri make, imiterere y'ibyivugo yubatse ku buryo bukurikira:

1. Izina risingiza(igisingizo)
2. Ngenera ( ya, wa,rwa, wa,...)
3. Icyuzuzo ( izina rya so cyangwa ry'ikitiriro)
4. Ndi (inshinga)
5. Ruhamwa (icyo ufitiye ubuhanga)
6. Ibikorwa wagize

***Urugero:***

1. Mugabo utera ababisha ubwoba, 2. wa 3.Rutajomwa 4. Ndi, 5.Umushakamba rwose, 6. Abatwara inyamusozi narabagumiye, Rugarama rwa Gikore nabaye igisibya cy'umutsindo, Ruhamanya akomeretse ndamwimana, mwima Abahirika n'Abinika bari baje ari abaziro ndabahakanira ko ntamuharishwa n'ibyuma kandi twarabyirukanye, ndamusezerera arisindagiza. Abaje kutuvuna basanze umuheto w'inkaka wigenza mu nzira nk'ubukombe bw'intare aho Abashakamba twaremye intambara.

Mu byivugo, uwabaga yarambitswe impeta y'ubutwari na we yarabyiratага mu gihe yivuga. Izo mpeta zari izi zikurikira:

**Umudende:** Icyuma kimeze nk'umukwege bambaraga mu ijosi. Umudende wambarwaga n'uwabaga yishe ababisha barindwi abatsinze ku rugamba.

**Impotore:** Ni umuringa w'umuzinge wabaga uteye nk'injishi y'inyabubiri yambaraga ku kuboko kw'iburyo. Yambikwaga uwabaga yarishe ababisha cumi na bane abatsinze ku rugamba.

**Gucana uruti:** uwabaga amaze kwica ababisha makumyabiri n'umwe abatsinze mu itsimbiro ( ku rugamba) yacanaga uruti rw'icumu rye, akaba asonewe kuzongera gusubira ku rugamba.

c) Mu byivugo kandi dusangamo amagambo yihariye akoreshwa.

***Ingero:***

**Amakuza, iminega, injunga,** bivuga amacumu mu byivugo.
**Inkwaya, umuronko, umurego, umukore,** bivuga umuheto mu byivugo.
**Imisakura, intanage, ingobe,** bivuga imyambi mu byivugo.
**Isuri, imfuruta, impenzi, inkuku, umurera,** bivuga ingabo mu byivugo.

d) Ibyivugo, kimwe n'izindi ngeri z'ubuvanganzo birangwa n'uturango tw'ikeshamvugo dutandukanye nk'isubirajwi, isubirajambo, igereranya, iyitirira, ...

## Amoko y'ibyivugo

Uretse utwivugo tw'abana (ibyivugo by'abahomvu), ibyivugo nyabyo byabaga birimo amoko abiri. Ibyivugo by'iningwa n'ibyivugo by'imyato.

**a) Ibyivugo by'iningwa:**

Ni ibyivugo bihimbitse neza ariko bigufi.

**Iningwa**

Urugero rwazo ni iriya myandiko twasesenguye:
Inshengeranamusango
Rudaforera igitugu kimwe
Rutajabukwa n'imitima

**b) Ibyivugo by'imyato:**

Ikivugo k'imyato ni ikivugo kirekire gifite ibika bibiri cyangwa birenzeho bita **imyato.** Uwivuga yitakuma afite icumu, asukiranya amagambo vuba vuba. Biba byiza iyo afite n'ingabo mu ntoki maze akivuga asa n'uwizibukira imyambi cyangwa amacumu y'umwanzi.

Umwato uteye nk'ikivugo kihariye ariko ukabamo ibitekerezo n'amagambo biwuhuza n'iyindi. Ibyo ni nk'ingingo iba yafatiweho. Ibyivugo by'imyato byadutse mu Rwanda ku ngoma ya Yuhi IV Gahindiro.

Uwadukanye guhimba ibyivugo by'imyato ni Muvubyi wa Mutemura, wo mu mutwe w'Abakemba mu rugerero rw'i Munyaga rwari rukumiriye inkiko y'i Gisaka. Iyo witegereje neza usanga hari inzira ebyiri Muvubyi yaba yarahereyeho yadukana iyo mihimbire:

a) Ingabo z'i Gisaka barasanaga zitwaga Abatishumba zari zifite ibyivugo byabo birebire byasumbaga iby'Abanyarwanda.
b) Mu Rwanda hari amazina y'inka yasemo imivugo; Muvubyi rero ashobora kuba yaribukijwe n'uburebure bw'ibyo byivugo by'Abanyagisaka, agashaka kubigana ngo ahimbe ibirebire, ndetse akabatebya yiganiramo n'amazina y'inka.

Nyuma ye, uwabanje kumukurikiza agahimba na we iby'imyato yabaye Rwabigugu rwa Kanyaruguru wo mu itorero Uburunga II ryo mu mutwe w'Abakemba. Ibyivugo by'imyato ntibyahimbwaga n'ubonetse wese, byari umurimo w'abahimbyi b'intiti. Barihimbiraga ubwabo, bagahimbira n'abandi babisabye cyangwa bakabihimbira kubitura umwami n'abatware babo. Umuhimbyi w'ibyivugo wabaye ikirangirire mu gukorera abandi mu ngata kubera kubura igihe cyangwa impano yo guhimba yarabihishe ni Biraro bya Nyamushanja uzwi kuba yarahimbye ikivugo gisingiza umuheto wa Kigeri IV Rwabugili kitwa "Inkatazakurekera ya Rugombangogo".

***Urugero rw'ikivugo k'imyato***

Nyamubangira inkwaya gukiza inkomeri
Wa rudakomerwa
Umuheto udashoboka
Mu makuba ungana ubukaka
N'ubukombe bw'impunga
Wahinduye impenzi ibihengeri,
Nawihutanye ngana induru
Bandangiye nyir'isuri
Nsanga yayitambitsemo imparage
 Ngo impambara z'imitimba
Zitaza kuyitobora;
Nyigimbyemo imambo hagati
Ntiyasigarana inkunga
Inkurazo zimwivugiramo;
Umutanazi twari kumwe
Aramushinyagurira abonye ashanya
Ku rubango rw'amabano
Atakibasha kwizigura
Inzira yayiyogoje umutuku
Ari ibitenga bimuvamo
Umuvumba w'inkaba
Ukanuka mu gihumbi,
Akumbagara mu gihandagaza
Ati: "Wamenyereye kwiyubikira imiko
Rutsimburamakuza yihitiye mu mikore
N'aho wayibambikaho urutare
Nta cyatuma utayitobora;"
Wakamuturutse mu ruhanga
Kandi uzi ko ari umukogoto,
Henga ibikoko bigusigarane mu gasozi.

Intwari byahamye
Ya rwuhiramisakura
Ndi isibo y'abatabazi
Simbangamira abatasi;
Banteje inka zananiye abaswa
Bandirimbye mu itorero
Mu kwikora njyana umuheto
Nywubanye umuhanga ku rugamba
Nihandagaza aho rukomeye;
Nywurasiyemo ukomeye
Nywukundira kudahusha;
Wumvise urw'ababisha
Uhinduka ishema risa;
Ni uwamenyereye kutitazwa
Utoza imyambi gusohoka
Abawumvise amatakangwe
Bati: "Iyo nkwaya yanze gukuramo
**Ni iya curankamba yaruremye."**

**Ikitonderwa:**

Uretse rero ibyivugo by'iningwa n'ibyivugo by'imyato, tubona n'ubundi bwoko bw'ibyivugo twakwita ko ari ibyivugo by'impuruture. Ibyo byivugo ni birebire. Mu byashyizwe mu mikarago hari ibigeza ku mikarago nka Magana abiri (200), kandi ntibigabanyijemo ibika. Hakoranyijwe byinshi kandi abahanga bemeza ko ari bimwe mu byivugo bihimbitse neza.

Uko bigaragara, ingoma ya gikoronize yaciye intambara mu miryango, yewe ikoma no mu nkokora u Rwanda rwakundaga gutera amahanga, ibyivugo bisigara mu biganiro byo gushyenga nk'uko bijya bigenda mu misango ya kinyarwanda, aho umuntu agenda yitaka yibeshyera ku manywa y'ihangu imbere y'imbaga kuko aba atavuga mu by'ukuri ubutwari yagize ku rugamba. Ikindi ni uko buri Munyarwanda wese yagombaga kugira ikivugo. Iteka uwajyaga gusoma ku ntango, yagombaga kubanza ikivugo. Hari akaririmbo bateraga, nyuma ukabona kwivuga ikivugo cyawe. Dore uko ako karirimbo katangiraga: Nyundo we! Uri inyundo, uri inyana ya Rukara rwa Ruyange, uri inyundo. Yewe runaka( bakamuvuga mu izina) cyo ngwino uvuge icyo wamariye abandi bahungu uri inyundo....(bashaka buri wese bakamushoza)

## Ibyivugo bya kera n'iby'ubu


Aho insanganyamatsiko y'urugamba imariye gutakaza igihe cyayo, Abanyarwanda batangiye guhanga ibihangano bijya kugirana isano n'ibyivugo ariko atari byo. Havutse kandi n'ibyo twita amayingabyivugo (ibyivugo ku nzara, ku nyamaswa, kuri ruswa, ku mbeba, ...).

| Ibyivugo kera | Ibyivugo ubu |
|---|---|
| Icyavugwaga ni ibigwi n'ibirindiro. | Havugwa ibyiza umuntu yakoze cyagwa yagezeho. |
| Ibyivugo byari ubuvanganzo nyemvugo nyabami bushingiye ku ntambara. | Ni ubuvanganzo nyemvugo cyangwa nyandiko buvuga ku bintu bitandukanye. |
| Byitwaga ibyivugo. | Ubu ni ibyivugo cyangwa amayingabyivugo. |
| Gukunda Igihugu ukakirwanira.<br>Ibikorwa by'ubutwari ku rugamba.<br>Ubuhanga ku rugamba.<br>Ubwitange ku rugamba. | Hari insanganyamatsiko zitandukaye. |

### Umwitozo wo guhanga

Hanga ikivugo wirata ibyiza wakoze cyangwa wagezeho, maze ukivuge imbere ya bagenzi bawe ugaragaza isesekaza.

## 1.7. Ibyivugo



### Impamagazo

Rutagwabiziminega,
Inkuba zesa mu Bihogo,
Rwa mugabo nyirigira
Imbizi isanganizwa ingoma,
N'umugabe w'i Ruyumba,
Ikisesura imbibi,
Ikaba mu mariza y'Impeta,
Igasa n'Inyamibwa rwema
Ikitwa nyirazo rwose,
Akaba ari yo itegeka Ingeri,
Impinga zambariramo
Nta nyamusozi ihagera,
Ziba ziteretse inyamibwa
Bakubuye imanzi
Abahoranye amarere
Yo kurata Izamuje,
Za bene Rukaka,
Basanze zigaramye,
Baziguruka amahembe
Yabageza i Nyarubuye.
Na bo barorera guhora,
Naho batahije inkuku;
Inyambo baragiraga,
Ni bwo bazitanze,
Bagira ngo inkuba nyirazo
Ikunde ireke bature.
Si ay'ibiganiro,
Za nkuba z'Imurambi,
Ngaha zirahagurutse,
Ndumva umurishyo usuma.
Izitwa Ingeri z'i Mwima,
Umwami arazihamagaje,
Zirajya kwambara inkoba;
Ndebe amashyo y'i Rukara

Ko abona inzira akiriramo
**Ingoro y'Umwogabyano.**

## Impakanizi

Ikina n'ingoma y'indamutsa
N'umurishyo uhumuriza,
N'umutagara w'ibihubi
N'amariza y'i Ntora,
N'imbaga y'abarorerezi.
N'abaririmba impanzi
N'abazereka intamati
N'imana zicyuye,
N'igiterane cyazo,
Na Rucyahabigarama,
N'imfizi y'icyusa
N'icyubahiro igira,
N'ingabo zidahomboka.
Zikavogera imbizi
Zikanyura ku mwimirizi;
Icyamamare k'inyambo,
Bakayumva mu cyoko,
Cyaretsemo inyamibwa
Zigahimbaza isibo,
Zigituruka mu byambu;
Zigashingana Kigese,
Bagasanganira Ingeri,
Zikabyukurutsa Ingabe,
I Nyamagana ya Mutakara,
Zigashingira Indamutsa,
Imyato zayigiriye.
Ziba zaje mu birori,
I Nduga baziha impundu
Aho ni mu igisha ryazo;
Zigataha i Bwishaza,
Nta yirasohorerwa inda,
Zikabigerana ku kirwa,
Zisa na Kigeri nyirazo;
Zigahindukirana ishya,
Ziruta andi mashyo yose.
Bagatumira Nyirigira,
Ngo age guhangura Imbizi
Yazigera mu ruhanga,
Urw'intwari rukarema;
Bakazambika inkindi,
Ntihagire isaguka.
Zigataha ishakaka
Ayo makombe ntayashishwe
Zigashengera zose,
Nta yo bashize amarora;
Zikamurikanwa n'ingoma,
Mu ngo z'i Rubengera;
Ni iz'i Ruguru zose,
Zikuze urugero rumwe;
Mbonye urugori rugoga,
Zibamo Rugombangogo,
Reka aratire Ibihogo,
Atahije Izamamaje,
**Ingoro y'Umwogabyano!**

## Umuvugo I

Ndirikirwa undebe unyurwe,
Utinye kuvuga iz'i Mbuye,
Nuza mu z'i Murambi,
Ushinge icumu mu Ngeri,
Urebe iy'ingoga izibamo,
N'inkerarubanza;
Abogeza inkuba zesa,
Bakubwire iy'Ingondo,
Imbibi ziseseyeho,
Wihagire imparuzo,
Ya rukaragabigembe;
Ugumirize wirorere,
Ijuru ryogeye i Kigali,
Ikaba iy'i Nyakibungo,
Ikirezi cyo mu Muhozi.
Nuhindura amaso,
Ku ya Munana rubunga,
Inyambo ube uzigeze hagati.
Wirirwe mu Muhozi,
Uribagizwa n'amahembe;
Umwana wa Sentama
Nagira ngo arakanguka,
Kuvugisha Umuhozi
Uzamuhakanire kare

N'ejo atajya mu makuba,
Azaba ashaka izo arimo;
Ubwire Mana y'ingabo,
Uti "ge wabonye inyambo,
Ukuyeho Uruhitambazi,
Kabone n'aho Itiro ryaza,
Ntizareshya n'Ingeri,
Rwabugili ateretsemo
**Ingoro y'Umwogabyano!"**

## Umuvugo II

Rwesa rukaza ay'imbibi
Intwari zivuna impuruza
Rwa Nkubito ya Mpabuka
Inyamibwa batijana
Itashye imbere y'amariza
N'imiheha yambariye
Kuruta amashyo y'Ibihogo
Yamara kujya mu rubuga
Inyange igatangaza
Amaso ukayatereza
Ari uguharamba isata
Mu mariza y'Umuhozi
Ukihagira amarebe
Atembamo amaribori,
Ukamarwa ishavu n'ingondo
Yakebwe mu rwirungu,
Yagaranzura urwano,
Ikina hejuru y'inkoni,
Abadatunze Umuhozi,
Bagashaka kurigita,
Isi igasangwa ari ingume,
Bagakuka mu mihigo,
Banga ko zibahotora,
Bagakeza Ruganzu
Bacuranga mu Ngeri
Bagahanagura intore,
Za Rwimirankuku,
Ngo ibatunge mu Bihogo,
Na bo babe baruhutse
Inkoni z'inkuba bahoraho.
Nibashaka kumurika,
Izabo ngo zigaragare,
Ahubwo bazegamire
**Ingoro y'Umwogabyano!**

## Umuvugo III

Rugemanduru amacumu,
Umucuzi yahase imberera,
Ayanozaho impundazo,
Abonye ko ari ay'Ingeri,
Akoranya abayavugutira,
Bose bayaha ikiramo,
Inyundo ntiyayakiranya,
Yirirwa mu ruganda
Akwikira ayo makuza,
Akaba impogazi yombi.
Ntagere mu ntagara
Agahora akina mu ntoke
Ay'Ingeri ndayazi,
Ziyabangura neza
Nk'ay'umwami nyirazo.
Banganya n'amarere
Bapfa gutanga umugaba,
Zikajya mu itorero
Ingoma itabaza intwari
Bayigimba umurishyo
Inzira zikayishingamo
Isibe ikigarukira
Zasakiranya imbaraga
Impombo ntirushye ihaca
Ziba zitwaje ay'isuku.
Ni yo macumu adahemba
Nk'ay'abanyamahanga
Ni ay'intore z'i Rwanda
Bita Ingangurarugo
Kandi si amakenke
Nk'inti z'ay'Ibihogo
Si ayo ingimbi iterura
Ni amajunga ntabashika
Uw'inkokora nke ntayaterura.
Inkuba zishima ubwiza
Zumva induru iyo ivuze

Ntiziyagirane ubwoba
Zayaherewe rimwe
Avuye kwa Muhinda
Zayaharaze urugina
Umunsi ava mu ruganda
Zayakinduje ingogo
Mu ivuna ry'ingerero
Zayateranye indekwe
Zibona impunzi itemba.
Zaje ziyatendeje
Zirimo imfura ya Mutara
Mwirushya kwijana
Ndumva urwamo ruvuga
Ingabo zivuye mu kirwa.
Ubanza Intamati acyuye
Zige ku mugaragaro
Na mwe murebe Ingeri
Zihora zamamayemo
**Ingoro y'Umwogabyano.**

## Umuvugo IV

Ruti rutikanga impunzi
Amacumu y'impangare
Yakajije bene Mparara
Bayatyazamo ubugi
Utinya gukozamo intoki.
Bamaze kuyarundura
Bayaha Insengamihigo
Ngo iyatoranye intwari
Ahingutse mu nziza
Imbibi zirayiharira
Ni Ingeri z'i Mutakara
Zizi no kuyatera
Umutima urazikindura
Zimara kuyashyikira
Ishema rikazisaguka.
N'umuririmbyi uzihanika
Ntagomba kubuza
Apfa imutungukiyeho
Kurya ziteye imbabazi
Nta gihe wasanga
Zikicaye imusozi
Intamati yazitoreye
Intumwa ihangara amanywa
Izimura mu biraro
Ni izihwanije isuku
Zizanye inkubiri
Umwungeri abura iyo asesa
Zanyuriye Rubanda
Ku Munini wa Gishari
Nyirigira ahuye na zo
Hambara iz'i Murambi
Abaje bashengereye
Imfizi y'Inyarubuga
Barangiwe Umwami
Ko yajyanye n'Intamati
I Mwurire mu nyambo
Zaciye mu Mubuga
Abaririmbyi bazirimo.
Rwabugili akirasuka
Ndimbira zirataha
Zaheje ab'i Nawe
Zibaheza mu kigarama
Ngo urebye Nyemazi
Aturutse muri Niboye
Aba ahagiriye igicumuro.
Zaciwe urubanza
Na Rubanda rw'i Munyaga
Bavuga ko uruhehemure
Ari umutwe w'Umuhozi
Zabumbuje impinga
Ya Rutonde irazimira
Ubwo zisanze u Buganza
Bakazongera undi murwa
Zamurikanywe n'ishya
Ryavanze n'impundu
Zitumiriwe i Nyamagana
Umwami utabangira
Bamubimburira Ingeri
Ati: "Erega zo ni ibihame
Ni ubushyo bwihariye
Ziruta n'ibindi bihe

Nimushinge rubonane!”
Imbonera zitungutse
Baziteza urugamba
Inzobe yazo iratamura
Abajya i Mbuye barataha
Mwene Mutwarangabo
Urwamo ararutereza
Inkingi y’Abashakamba
Amaze kwambara imiheha
Yaka umutana w‘inkoni
Ajyana n‘imbizi mu rugo
Agiye kuzesereza
Aho azisanze ikambere
Zarariye ingoro
Zigeza ko ingoma iramutsa
Zogeye ari imanzi
Ni ko Imana yaziremye.
Ge wahagaze mu Mbizi
Nkumva imigabo izibamo
Ugira inshuti ye mu Bihogo
Yenda arayiburire
N’ejo itagwa mu maboko.
Ingeri ni amakombe
Mu gukubita zirakabya
Zikorera intambara
Inkoni ikiririrwa isabira
Nta mpunzi izinyuramo
Kurya zabyirukiyemo
**Ingoro y‘Umwogabyano.**

## Umuvugo V

Imbuga yaryo iratebera
Abura ubuhamagara abe
Abura umurasira na rimwe
Rwa ruti rumuhirika aho
Ingeri zigicura inkumbi.
Yarujyanye mu mbuga
Kurumanza amacibiri
Inkubirane iba iya kabiri
Mu kurembera umuroha

Rwiyamwa ziga ingoga
N‘umugambi w’ihangu
Rwa Ngoboka ya Rugina
Ingeri ibanza mu rubuga
Itwara Rukikampiri
Icumu ryo mu ruti rw’indekwe
Rwavuye i Rusheshe
Rwiharaze isharankima.
Rwabaye igishami
Rugasagamba mu ijuri
Uburyo rwagabye amashami
Aho ruri ni se w’ishyamba
Kandi reka irukunde
Rubamo icumu ryiza
Yarigize umutabazi
Intambara ntiruyitasi
Kurya iruhoza mu rugina
Imbuga yarwo iratukura
Ntirukunda gutaha
Rutagwije imitumbi
Yarukubitiye umucuzi
Wakwemerana na rwo
Ngo arukatire icyuma
Rwabimbuye imihigo.
Impuruza ikineshereza
Rwamuje mu nziza
Ari ukwiharira inzigo
Abenshi baragiye Itiro
Rubajyanaho impamba.
Aho rugeze ku mpama
Rucinyaho impayamaguru
Y’umushumba wa Mporera
Za mpaka zirakuka
Yaruteye amaramu
Muri bene Murenzi
Rubahina umurumango
Igomba kurwunamura
Yanga ko rwaturika.
Yarukinduje umugabo
Uturuka mu Ruhitambazi
Akikanga igitutu

Yabakuye imirambi
N'iyo ibagiriye isoni
Birirwa bayisenga
Ibuhirira nimunsi
Ari ko bahangaza.
Ni uko inkuba zitegeka
Abandi baragira inka mbi
Ingeri zirasuzugura
Ntibazabona izirimo
**Ingoro y'Umwogabyano!**

### Umusibo

Rwogesha ku y'imbibi,
Rushita ku y'imberera,
Rukaraga ku mpitira,
Bukaranga ku mpini,
Rwogesha ku mbuga,
Rwanika ku ntagara,
Rwesa aho ku nkiko,
Rukubira imigereka,
Rukomera bigembe,
Rukenyerera kuratwa,
Rutareshya n'Itiro,
Rugo rwogeyemo Ingeri,
Rugomwa zibaza imihigo,
Rugina rw'ingabo nziza,
Rukabura imigereka,
Rutebeza bigembe,
Rukanira bigarama,
Rugina zita rubabaza,
Ruribagizwa rw'inyange,
Rubuza guhumeka,
Ruti rwonona isuri,
Inyamibwa baririkije hose,
Ngo emwe aho kugwa imusozi
Ngo bapfe nta kibariro
Ahubwo bazegamira ingeri
Imbizi bacurangiramo
**Ingoro y'umwogabyano.**

## Inyunguramagambo

1. **Inka ya Rumonyi:** Ni iyo mu bushyo bw'Ingeri zo mu mutwe "Umuhozi" (Amagaju)
2. **Nyirigira:** Umwami
3. **Guhangura imbizi:** Kugororera Imbizi, kuziha ingororano.
4. **Urw'intwari rukarema:** Intwari zikarema ingamba(zikajya ku mirongo).
5. **Zigataha ishakaka:** Zikahitangirana imbaraga.
6. **Ayo makombe ntayashishwe:** Muri izo ntwari zose nta n'imwe yajijinganije ngo ite gahunda, ite umurongo kubera ubwoba.
7. **Zigashengera zose nta yo bashize amarora:** Zigatarama(zikiyereka)zose ntihagire n'imwe bumva barambiwe kuyitegereza.
8. **Zikamurikanwa n'ingoma:** Bakazerekana ari ko n'ingoma zivuga.
9. **I Rubengera:** Ni muri Karongi hubatswe ubungubu itorero ry'Abaperesibiteriyeni Hahoze hubatswe umurwa wa Kigeri Rwabugili.

10. **Ni iz'iruguru zose:** zose ziramenyereye.

11. **Mbonye urugori rugoga:** Ndabona urugori rubengerana (ikimenyetso ko zose zabyaye ubuheta)

12. **Zibamo Rugombangogo:** Zitegekwa n'intwari yishe ingogo nyinshi ku rugamba. Rugombangogo ni interuro y'ikivugo cy'umutware w'Ingeri.

13. **Reka aratire Ibihogo:** Reka abwire Ibihogo.

14. **Atahije izamamaje:** Aragiye ituma ziba ibyamamare zose.

15. **Iz' i Mbuye:** Ni Ingeyo. Umutware w'Ingeyo wari n'Umutware w'ingabo zitwaga uruyange; yari atuye i Mbuye ho muri Muhanga.

16. **Ushinge icumu mu ngeri:** Wicare witegereze ubushyo bw' Ingeri.

17. **Iy'ingoga:** Izirusha guhagurukana imbaraga ijya ku rugamba.

18. **Inkerarubanza:** Ihora yiteguye imirwano. Urubanza ni intambara.

19. **Iy'ingondo:** inziza cyane kubera ko ikebye imanzi.

20. **Imbibi:** Inka nziza, zifite umubiri ukeye.

21. **Zisesuyeho:** Zendeyeho, zifatiyeho ari ku butwari ari no ku bwiza.

22. **Imparuzo:** Ubwiza buvanze n'ubushongore bw'ikirenga.

23. **Ikirezi:** Ubundi ni umutako w'akantu kera bambaraga mu ijosi. Aha bivuga ikintu kiza cyane, (urwererane); ni inka iziruta ubwiza. Ni isumba izo mu Muhozi zose.

24. **Uribagizwa:** Ushimishwa. Ikintu k'iribagizwa ni ikintu kiza, cy'urunyenyeri rubengerana, rutera ibishashi.

25. **Umwana Sentama:** Rutishereka rwa Rwanyonga wari umutware w'Uruhimbaza rwaremwe ku bwa Yuhi IV Gahindiro.

26. **Gukaguka:** Ni uguhaguruka vuba na vuba.

27. **Itiro:** Ni umutwe wundi w'inyambo.

28. **Ateretsemo:** Atunzemo. Ubundi bavuga ko umuntu ateretse imfizi. Aha ni ukuvuga ko atunze inyambo y'indatwa yitarura izindi nkuko mu bushyo imfizi usanga yitaruye inka zose.

29. **Rwesa:** Bifatiye ku nshinga "kwesa" isobanura gutura hasi, gucura inkumbi, kwica icyo wishe ntigisambe.

30. **Rukaza:** Gukaza icyuma, icumu ni ukuryongeramo ubugi.

31. **Kuvuna impuruza:** Kwitaba ingoma ihuruza ingabo ku rugamba.

32. **Nkubito:** umuntu cyangwa ikintu bigira inkubito, biba bifite ibakwe, bihaguruka ntakuzarira.

33. **Mpabuka:** Ntibivuga ikintu gihabuka kubera gukuka umutima, ahubwo ni igihagurukana ingoga, imbaraga.

34. **Amarebe:** Ni ijambo rifite inyito eshatu:

   - Ibicu by'urwererane mu ijuru ry'urubogobogo.
   - Ibimera byo mu mazi usanga bishishe.
   - Ibintu bikeye, bibengerana ubwiza. Iyi nyito ya gatatu ni yo umwisi yakoresheje.

35. **Amaribori:** Umubiri mwiza ushishe ufite utuntu tujya kumera nk'udusitari. Ni akarangabwiza.

36. **Ingondo yakebwe mu rwirungu:** Utubara twera tuvanze n'utundi tw'umukara.

37. **Urwano:** Umwanya wo hagati y'ijosi n'urutugu uremetse neza.

38. **Bagakuka mu muhigo:** Bakareka ibyo guhiga.

39. **Rwimirankuku:** Ni inka ya Rumonyi yigizayo inkuku.

40. **Ibatunge:** Ibategeke.

41. **Bazegamire:** Bazisunge.

42. **Rugemanduru amacumu:** Iyitaba induru ihagurukanye amacumu.

43. **Guhata imberera:** Gutsindagira akuma gafatanya uruti n'ikigembe kugira ngo ridakuka igihe batera icumu. Gukwikira cyane.

44. **Impundazo:** Umwenge w'imbuga ugenewe gusesekamo uruti (gukwikiramo uruti) cyangwa igice cy'uruti gisongoye binjiza mu mbuga. Hano ni icyo gice cy'uruti.

45. **Abayavugutira:** Abavuguta umuvuba kugira ngo umuriro wo mu ruganda wake cyane ibyuma bacura bidapfuba.

46. I**kiramo:** Ireme cyangwa ubukomere bw'icyuma. Icumu, umuhoro bidafite ikiramo bicika ubusa. Iyo bavuga ko umuntu afite ikiramo aba afite imbaraga. Guha umuntu ikiramo ni ukumuha ibintu bimutera imbaraga. Ikibindi gifite ikiramo ni ikibindi gikomeye kubera ko bashyizemo insibo ikomeye.

47. **Inyundo ntiyayakiranya:** Inyundo iyateranya neza ntiyayasigamo utuntu tw'imitutu, yarayanogeje.

48. **Akaba impogazi:** Akaba manini

49. **Mu ntagara:** Aho babika amacumu.

50. **Bayigimba umurishyo:** Bayikubita umurishyo: bayiha umurishyo

51. **Isibe:** inyabwoba.

52. **Impombo ntirushye ihaca:** Iy'intege nke ntigerageze kuhanyura.

53. **Amakenke:** Amacumu akwikiye mu nti zihuhuye, batera zigahemba zikavunika kuko nta buremere.

54. **Uw'inkokora nke:** Umuntu udafite ibizigira, udafite imbaraga mu maboko.

55. **Zayaharaze urugina:** Zayasize amaraso ku rugamba, zarayicishije cyane.

56. **Zaje ziyatendeje:** Zaje ziyahese (ikimenyetso cy'uko zayicishije).

57. **Amacumu y'impangare:** Amacumu akomeye cyane.

58. **Mparara:** Ni umucuzi wabayeho ku ngoma ya Kigeli IV Rwabugili. Yari atuye muri Gicumbi mu kibaya cya Rutagara munsi y'umusozi wa Remera ya Humure. Gukaza ni ugutyaza.

59. **Bamaze kuyandura:** Bamaze kumena ubugi bwayo (kubutyaza neza).

60. **Insengamihigo:** Ni ubundi bushyo bw'Umuhozi bwabyawe n'Ingeri.

61. **Kubuza:** Guceceka ngo ubanze witegereze, ubanze utekereze.

62. **Intumwa ihangara amanywa:** Intumwa igenda umunsi wose nta guhagarara.

63. **Izimura mu biraro:** Izivana mu biraro (aho zabaga).

64. **Abura iyo asesa:** Iyo asubiza inyuma, iyo avana ku murongo.

65. **Zanyuriye Rubanda:** Zashimishije Rubanda.

66. **Ku Munini wa Gishari:** Ni muri Rwamagana.

67. **Ndimbira ziratitaha:** Ndimbira ziza kwiyereka. Ndimbira bwari ubundi bushyo bw'Umuhozi.

68. **Umutana w'inkoni:** Ni igitembo batwaramo udukoni two kwiyereka mu birori by'inyambo.

69. **Kuzesereza:** Iyo umushumba yiyereka imbere y'inka azivuga amazina akora kimwe n'uwiyereka imbere y'intore. Iyo asimbutse agakubita agakoni hasi bavugako yeshe uruti. Ni uburyo bwo guhimbaza.

70. **Inkoni ikiririrwa isabira:** Inkoni ikiririrwa yivuza, bazesereza.

71. **Rwiyamwa:** Umuntu abandi biyama, bagendera kure kubera urugomo cyangwa amarere yo gushoza intambara.

72. **Ziga ingoga:** Izindi nka zigiraho imbaduko, umwete.

73. **Yarukubitiye umucuzi:** Yaruhaye umucuzi.

74. **Arukatire icyuma:** Arucurire icyuma.

75. **Amaramu:** Amazi batera icyuma kugira ngo gihore iyo bari mu ruganda. Hano ni uguhoza icumu ryashyushye cyane kubera imirwano.

76. **Rubahina umurumango:** Rubatera kwiriranwa inyota bakayirarana.

77. **Kurumanza amacibiri:** Kwiriza inka zitanyoye.

78. **Kurembere imuroha:** Gukubita icumu rirerire.

79. **Yabakuye imirambi:** Yabambuye ku mbaraga imyanya yabo yo kuhira. Umurambi ni umwanya buri muntu ushoye inka aba yafashe. Uwatanze undi umurambi (umwanya) ni we ubanza, ariko urushije undi imbaraga ashobora kumucaho. Ubwo aba akomase (arwanye inkomati, asagaye).

80. **N'iyo ibagiriye isoni:** N'iyo ibapfuye agasoni, n'iyo ibababariye.

81. **Bayisenga:** Bayihendahenda.

82. **Zaheje:** Zimiriye, zabujije kugaragara.

83. **Ab'i Nawe:** Abashumba b'i Nawe (umurambi wo muri Rwamagana, hamwe n'i Rubona na Mabare). Hari urwuri rwa Niboye.

84. **Zaciwe urubanza:** Zakiranuwe.

85. **Uruhehemure:** Ikintu kiza cyane gifite isuku n'umucyo.

86. **Zabumbuje:** Kubumbuza ni ukugenda wihuta kandi ugendera ku ntambwe zisa n'izibaze.

87. **Umwami utabangira:** Utajijiganya mu bikorwa.

88. **Inkindi z'Abashakamba:** Umutware w'Abashyakamba.

89. **Ku y' imberera:** Ku macumu akwikiye cyane .

89. **Ku mpitira:** Ku nti z'amacumu zikomeye cyane kubera ko zimaze igihe, zitadigadiga.

90. **Ku mbuga:** Si ukuvuga aho banika, ni imbuga y' icumu

91. **Rukomera bigembe:** Ikubitisha ibigembe

92. **Rugomwa:** Indwanyi itagira ibambe .

93. **Rukabura imigereka:** Itera intwaro igeretse ku ntwaro z' ingenzi.

94. **Inyamibwa baririkiye hose:** Indatwa baririmba hose.

95. **Gupfa nta kibariro:** Gupfa ukenyutse .

96. **Rutagwabiza iminega**: Itajya ipfusha ubusa na rimwe amacumu yayo: ntihusha na rimwe.

97. **Rwa mugabo nyirigira:** Ikomoka ku ntwari izisumba, yigize (itagendera ku zindi).

98. **Imbizi:** Ni impakanizi y'ubushyo bw'Ingeri. Imbizi n'Ingeri bihuje inyito isobanura kugusha mu mazi rwagati.

99. **Isanganizwa ingoma:** Isanganizwa imirishyo y'ingoma bayirata kubera gutsinda.

100. **Amariza y'Impeta:** Impeta zibyaye ubwa kabiri. Impeta ni umutwe w'inyambo wahozeho, hanyuma ukavugwa n'Umuhozi. Aho bavuga Umuhozi wumva Impeta, aho bavuze impeta ukumva Umuhozi.

101. **Inyamibwa rwema:** Intwari y'ikirangirire (ni interuro y'ikivugo cy Mutara II Rwogera) isa n'umwami Rwogera.

102. **Ikitwa nyirazo:** Ikaba umutware wazo.

103. **Iziba ziteretse inyamibwa:** Kuko zimitse intwari itagira aho igayitse.

104. **Bakubuye imanzi:** Batatse imanzi, kera abagabo bicishaga imanzi mu gituza no ku maboko, byari imitako. Gukubura imanzi ni uguca imanzi.

105. **Izamuje:** Ni ubushyo bwo mu mutwe w'Ingeyo(Ibihogo)

106. **Rukaka:** Ni interuro y'ikivugo cya Rwakageyo se wa Rwabigwi wari umutware w'Izamuje.

107. **Basanze zigaramye:** Basanze ari ibigarama; atari inyambo; atari n'inkuku; ibigwari.

108. **Baziguruka amahembe yabageza i Nyarubuye:** Basanga nta mahembe atunganye yatuma bajya mu myiyerekano i Nyarubuye (mu mpiga ya Kigali ahari umurwa wa Kigeli IV Rwabugili).

109. **Ni bwo bazitanze:** Ni bwo bazeguye berekana ko baretse imihigo.

110. **I Murambi:** Umusozi wo mu magepfo ya Muhazi ho mu Buganza.

111. **I Mwima:** Hafi y'I Nyanza ahari umurwa w'Umwami.

112. **Kwambara inkoba:** Kwambara imitako yo gutungukana mu myiyereko. Bayambikaga Inyambo zigiye kumurikwa mu birori. Inkoba ni imikoba babaga baraharazeho amasaro.

113. **Amashyo y'i Rukara:** Ayo mashyo ni ay'Uruyenzi n'Inyangamitsindo; zikaba izo mu Bihogo.

114. **Ikina n'ingoma y'indamutsa:** Ijya mu bicu (isimbuka) ikina n'umurishyo w'ingoma iramutsa.

115. **Umurishyo uhumuriza:** Umurishyo ukurikiyeho; uherekeza.

116. **Umutagara w'ibihubi:** Urusobe rw'imirishyo.

117. **Amariza y'i Ntora:** Inka zibyaye uburiza z'i Ntora (muri Gasabo). Gisozi yitwa Ntora. Ntora yiswe Gisozi kuva aho Cyirima II Rujugira ahatangiye (ahapfiriye). Hakoze ishyano hitwa Gisozi ubwo. Iryo zina ni nk'irituka uwo musozi.

118. **Abaririmba impanzi:** Abarata intwari baziririmba; abasingiza intwari.

119. **Abazereka Intamati:** Abazimurikira Intamati (Ni Muhamyangabo wa Byabagabo wari umutware w'ingabo z'Abashakamba;akaba ubwo n'Umutware w'Umuhozi). Intamati ni interuro y'ikivugo cya Muhamyangabo.

120. **Imana zicyuye:** Ubuhoro; amahirwe; ishya zizanye.

121. **Ingabo zidahomboka:** Ingabo zidahunga, ingabo zihombotse ni iziruka kubera ubwoba, zigahunga zitazi iyo zijya.

122. **Zikavogera imbizi:** Zikambuka uruzi ( uruzi ruvugwa ni Nyabarongo). Inyambo ziturutse i Murambi mu burasirazuba, zigiye kwiyereka umwami kuko yari mu burengerazuba bwa Nyabarongo.

123. **Umwimirizi:** Ugenda imbere y'inka akazihagarika cyangwa akazibuza kugenda zirukanka.

124. **Icyamamare k'inyambo:** Inyamibwa, indatwa yo mu nyambo.

125. **Mu cyoko:** Ahantu kure nk'aho imvura ituruka.

126. **Cyaretsemo inyamibwa:** Cyahagazwemo n'indatwa zizira amakemwa.

127. **Zigahimbaza isibo:** Zikishimira umuvuduko.

128. **Zigashingana Kigese:** Zigaterera Kigese.

129. **Zikabyukurutsa Ingabe:** Zigahagurutsa ingoma y'ingabe ikazirangaza imbere.

130. **I Nyamagana ya Mutakara:** Ni mu Ruhango.

131. **Zigashingira indamutsa imyato zayigiriye:** Zigatangira kwibwira ingoma y'indamutsa ibikorwa byagatangaza yayikoreye. Indamutsa yari ingoma y'ibwami, iyo yavugaga yabaga imenyesheje rubanda ko umwami atangiye imibonano, iyo yabaga itaravuga ntawashoboraga kugira icyo abaza umwami n'iyo yabaga amubona.

132. **Aho ni mu igisha ryazo:** Ubwo ni mu gihe zigisha (zigiye aho ubwatsi busigaye baziteganyirije mu gihe k'impeshyi).

133. **I Bwishaza:** Ni akarere ko muri Huye.

134. **Ntayirasohorerwa inda:** Nta n'imwe irata umwanya wayo ngo isubizwe inyuma.

135. **Ku kirwa:** Ni ku kirwa kitwa Murwa kiri mu Kivu hakurya ya Nyamasheke, cyari urwuri rw'Umuhozi.

136. **Zigahindukirana ishya:** Zikava kuri icyo kirwa zimeze neza, zikeye.

## Imyitozo y'inyunguramagambo

1) **Simbuza ijambo cyangwa itsinda ry'amagambo aciyeho akarongo andi bivuga kimwe aboneka mu mwandiko kandi usanishe neza.**

   a) Mu Rwanda rwo hambere **nyirigira** yaricaga agakiza.
   b) Maribori arakuze bihagije **yarambiranye kurebwa**.
   c) Kamanzi azi kwitegereza, abonye umubyeyi uteze urugori **rubengerana.**
   d) Mbe Kampayana ka Nyantaba ko ubadukanye **imbaraga**, wikanze iki?
   e) Umunyeshuri **utajijinganya** mu bikorwa ashimwa na bose.
   f) Tera ibyo byuma **amazi akonje** tubicure bidakabije ubushyuhe.
   g) Rumaziminsi **yakenyutse akiri muto**, rwamuhushye.
   h) Uyu muhoro wacitse kubera kubura **ireme**. Mwawuguze mbabwira!
   i) Rudahigwa yabaye **intwari y'ikirangirire** ubwo yemeraga kubatizwa.
   j) Ko **muhindukiye muhimbawe cyane**, mwakiriwe bishimishije?
   k) Mbese turasurwa n'abayobozi bahe ko numva **urusobe rw'imirishyo** imena amatwi?

2) **Muri iri zina ry'inka, harimo amagambo avuga ubwiza cyangwa uturango tw'ubwiza, yavuge.**

### Ibibazo byo kumva umwandiko

### Soma umwandiko unasubize ibizazo bikurikira

1) Uhereye ku mashusho n'ikivugwa, uyu mwandiko ni bwoko ki?
2) Ese mu by'ukuri inka irivuga? Sobanura.
3) Vuga amazina nibura atanu y'ahantu havugwa muri iri zina ry'inka.
4) Inzina ry'umwami rivugwa muri uyu mwandiko ni irihe?
5) Buri gice cy'uyu mwandiko kiri gusozwa n'interuro imwe isa hose. Ni iyihe?

## 1.9. Amazina y'inka

Kora ubushakashatsi utahure inshoza y'amazina y'inka mvano y'amazina y'inka, umwanya inganzo y'amazina y'inka ifite mu buvanganzo nyarwanda, imiterere y'amazina y'inka n'ubundi bumenyi bunyuranye bujyanye n'inganzo y'amazina y'inka.

### Imvano y'inganzo y'amazina y'inka.

Mu Rwanda rwa kera inka yari ifite agaciro gakomeye cyane. Inka yari ikimenyetso cy'ubukire, ni yo yari ifaranga ry'ubu, ni yo yari ipfundo ry'ubuhake. Iyo wahakwaga ugacyura igihe bakakugororera, bavugaga ko ucyuye umunyafu cyangwa se ko ucyuye ubuhanga ugabanye bwa mbere kwa shobuja. Tuzi neza ko ubuhake bwarambye mu Rwanda nta handi bwari bushingiye usibye ku nka. Ubuhake rero bwahambiraga umugaragu kuri shebuja ugasanga baribereye nk'akaremo n'umuse, umugaragu akitwa umuntu wa shebuja, akamwirahira igihe cyose amushima kumuhaka. Ubuhake bwavunnye benshi kugeza babuvugiyeho. Bamwe bati: "Ubuhake burica; ubuhake bujya kukwica buguca iwanyu; ubuhake bwananiranye bukukisha umugabo ikijyaruguru". Ariko na none hari abo bwatoneshaga bakagashira nka Gashamura bati: "ubuhake bwa cyane bukunyaza mu ngoro". Ubuhake kandi bwateraga ubwibombarike, bati: "Iyo ubuhake bwateye hejuru uratendera". Ariko kandi ngo uwafataga nabi abagaragu yarabigayirwaga; umugaragu wahemukiraga shebuja yaragayikaga. Uwabaga ahatse abagaragu yagombaga kubagoboka bari mu byago. Umugaragu na shebuja babaga bafitanye ubumwe bwafatiye ku nka, ari magara ntunsige. Iyo ubwo bumwe bwazagamo agatotsi ku mugaragu, shebuja yaramunyagaga, naho byaba biturutse kuri shebuja, umugaragu akamwimura akajya gukeza ahandi.

Intwari yo ku rugamba yagororerwaga inka ikitwa **inka y'ubumanzi.** Ubaye ikigwari na we ku rugamba yatangaga **ikiru k'inka,** iyo nka **ikitwa inka y'imirindi** kuko yahunze urugamba, agatererana bagenzi be. Inka yungaga inshuti, uwahemukiye undi mu bintu bikomeye akamuha ikiru k'inka. Inka yahuzaga inshuti n'imiryango kuko abahanaga inka babaga babaye inshuti magara.

Inka bayikwaga umugeni. Umusore wabaga adafite amikoro yo kubona inka yashoboraga **gutenda,** agakora imirimo izahura n'icyakwitwa agaciro k'inka kugira ngo umukobwa wa naka yakunze amwegukane. Umukwe mukuru ati: "Turabakwera umunani cyangwa se mudutegeke ikindi". Umusore wabaga yaraye arongoye baramubyukurukirizaga inka zikamukamirwa. Mu itwikurura ry'umugeni bazanaga amata. Inka yari ifite akamaro kanini mu muco w'Abanyarwanda. Umubyeyi yarabyaraga bajya kumuhemba bakazana amata. Umwana iyo yashyinguraga se cyangwa sekuru yahabwaga **inka y'inkuracyobo** (inkuramwobo). Umwana washyinguraga nyina cyangwa nyirakuru byitwaga gukamira nyina cyangwa nyirakuru. Mu mihango yo kwera hazagamo ibyerekeye kujya ku kibumbiro, hakazamo n'ibyo guha amata abana b'uwatabarutse. Mu ndamukanyo z'Abanyarwanda dusanga abantu bifurizanya gutunga bati:"Gira inka, amashyo", usubiza ati: "Amashyo ngore!"

Nta Munyarwanda wakwiyibagiza ko mu byo Abanyarwanda bafatiragaho bagena ibihe by'umunsi, inka yari ifitemo uruhare runini. Dore nawe baravugaga bati:

- Inka zivuye mu rugo: aho ni nko mu masaa moya;
- Inka zikamwa: aho ni nko mu masaa moya n'iminota 15, ubwo ziba zikamirwa ku nama;
- Inka zahutse: aho ni nka saa mbiri;
- Inyana zahutse: aho ni nka saa mbiri zirengaho duke;
- Inyana zitaha: nko mu masaa yine;
- Mu mashoka: nko mu masaa saba;
- Inka zikuka cyangwa mu makuka: nko mu masaa munani;
- Inyana zisubira iswa: nko mu masaa kenda;
- Inka zihinduye: nko mu masaa kumi;
- Inyana zitaha: nka saa kumi n'imwe;
- Inka zitaha: nka saa kumi n'ebyiri n'igice;
- Inka zikamwa: nko mu masaa moya z'umugoroba.
  Uwagendera kuri ibi byose byavuzwe haruguru, ntiyatangazwa no kubona haravutse ubuvanganzo bufatiye ku nka. Ibyo byagiye bigaragarira mu:
- **Amahamba:** indirimbo zaririmbwaga n'abashumba bacyuye inka. Izo ndirimbo zirazwi mu Rwanda hose;
- **Amabanga** cyangwa **amahindura:** indirimbo abashumba baririmbaga inka zirisha, zitaha, batarazikata inkoni ngo ziboneze zitahe;
- **Inzira:** indirimbo zaririmbirwaga inka mu gihe zabaga zigana amabuga cyangwa ibibumbiro;
- **Indama:** indirimbo baririmbaga mu gihe inka zabaga zibyagiye ahantu, bazishoye amabuga cyangwa ibibugazi. Izo ndirimbo hari ubwo zaririmbwaga mu minsi mikuru, bamurika inka. Icyo gihe abagore n'abakobwa bahimbazaga izo ndirimbo baziha amashyi;

- **Ibyisigo:** indirimbo zo mu gihe cyo kudahira. Basingizaga amazi ahiye hamwe n'inka zabaga zayashotse;
- **Imyama** (**imyoma**): indirimbo zaririmbwaga mu gihe k'Impeshyi, inka zigisha (zigana ahari ubwatsi).

## Inshoza y'inganzo y'amazina y'inka

Amazina y'inka yagereranywa n'ibyivugo by'inka. Inka z'inyambo batangiye kuzirata cyane mu mivugo kuva kera, ariko imihimbire y'amazina y'inka yaje kwamamara ku ngoma ya Yuhi Gahindiro ahagana mu mwaka wa 1800. Kuva icyo gihe ni bwo abahanga mu byo kwita inka abisi batangiye kurebera inka mu bwenge, bakaziremesha ingamba. Inka baziremyemo imitwe bakayirwanisha. Buri mutwe wari ubangikanye n'umutwe w'ingabo nk'uko bigaragarira kuri iyi mbonerahamwe.

| Umutwe w'ingabo | Umutwe w'inka | Ingoma waremeweho |
|---|---|---|
| 1. Abanyansanga | Insanga | Gihanga |
| 2. Abakaraza | Imirishyo | Ruganzu Bwimba |
| 3. Abariza | Ibirayi | Cyilima Rugwe |
| 4. Abadaheranwa | Inshya z'i Remera | Mibambwe Mutabazi |
| 5. Abadaheranwa | Inka z'i Rwanda | Ruganzu Ndoli |
| 6. Abashakamba | Umuhozi | Mibambwe Gisanura |
| 7. Abazirakubingwa | Ibinda | Yuhi Mazimpaka |
| 8. Ababanda | Imitagoma | Yuhi Mazimpaka |
| 9. Indara | Amarebe | Yuhi Mazimpaka |
| 10. Nyaruguru | Inkondera | Cyilima Rujugira |
| 11. Nyakare | Ibyiza | Cyilima Rujugira |
| 12. Imbanzamihigo | Abazatsinda | Cyilima Rujugira |
| 13. Abarima | Nyamumbe | Cyilima Rujugira |
| 14. Indirira | Inyamuteri | Cyilima Rujugira |
| 15. Abakemba | Imisugi | Cyilima Rujugira |
| 16. Ababito | Inkungu | Kigeli Ndabarasa |
| 17. Imvejuru | Inkabuzima | Kigeli Ndabarasa |
| 18. Abashumba | Umuriro | Kigeli Ndabarasa |
| 19. Abatanguha | Mpahwe | Kigeli Ndabarasa |
| 20. Abakwiye | Amahame | Mibambwe Sentabyo |
| 21. Impara | Impara | Mibambwe Sentabyo |
| 22. Intaganzwa | Uruyenzi | Yuhi Gahindiro |
| 23. Uruyange | Ingeyo | Yuhi Gahindiro |
| 24. Inzirabwoba | Indirikirwa | Mutara Rwogera |
| 25. Abahirika | Urugaga | Kigeli Rwabugili |
| 26. Abarasa | Ingaju z'i Sakara | Kigeli Rwabugili |
| 27. Abashozamihigo | Ingaju z'iRwamaraba | Kigeli Rwabugili |
| 28. Impamakwica | Ingaju z'i Giseke | |

**Buri mutwe wabaga ufite ibyiciro bitatu by'inka:**

- **Amashyo y'inka yaremwe n'umutware w'ingabo,** amwe ari ay'inkuku andi ari ay'inyambo.
- **Amashyo y'abakomeye** bari abatunzi bo mu mutwe w'ingabo.
- **Inka z'imbata.** Izo zari inka za rubanda bo muri uwo mutwe w'ingabo. Inka ntizari ingabane, ni izo umuntu yabaga yarihahiye ku giti ke. Izi nka bazitaga kandi inka z'ibiti.

Muri izi nka zose izo umwisi yitaga ni inyambo. Abisi barwanishaga Ibihogo (ubushyo bwaremwe butowe mu Rwanda) n'Amagaju (ubushyo bwaremwe butowe mu minyago ivuye mu mahanga nko mu Ndorwa cyangwa Ankole). Umwisi yabaga agiye kwita nk'ubushyo bwo mu mutwe w'Ibihogo akabuteza umutware w'Inyambo, akabuteza umutahira n'abarenzamase bo mu bushyo bw'Amagaju. Umwami n'umutware w'ingabo, umwisi yirindaga kubateza inyambo cyangwa kubitirira kuko ibyo byari ukubapfobya no kubahinyura.

Umutware w'inyambo nubwo umwisi yashoboraga kumwitirira yari umutegetsi ukomeye. Yashyirwagaho ngo agenge inyambo zose zo mu mutwe w'inka uyu n'uyu. Ubwo butegetsi yaburagaga umwana we, bakagenda basimburana mu bisekuruza byabo. Umutware w'ingabo na we yashoboraga kunyagwa ingabo, akaba anyagiweko n'umutwe w'inka bibangikanye. Umutware w'inyambo we ntiyanyagwaga; yari ashinzwe guhora yorora inyambo, akagenda azongera mu ibangurira ry'inkuku ku mfizi z'inyambo. Bwari ubumenyi umuryango we ushinzwe ku ngoma zose.

## Akamaro ko kwiga amazina y'inka

Birashoboka ko hari umuntu wakwibaza icyo kwiga amazina y'inka byaba bimaze muri iki kinyejana turimo, aho abantu benshi bahihibikanira kumva ibirebana n'itumanaho, ndetse n'ikoranabuhanga. Reka twemere ko muri ibi bihe ndetse n'ibizaza ntawuzongera kujya mu byo kwita inka. Ariko kumenya ubuhanga bukubiye mu nganzo iyi n'iyi ya kera nta cyo byishe, ndetse ni byiza rwose kumenya umurimo wa ba sogokuru. Bifite akamaro ku muntu washobora gucengera neza iyo nganzo, hanyuma yamara kumucengeramo na we akaba yafatiraho akayikoresha mu bundi buryo. None se Musenyeri Kagame Alegisi (Alex) amaze kuryoherwa, gucengera no gucengerwa n'inganzo y'amazina y'inka, sibwo yayishingiyeho ahimba ***"Umuririmbyi wa Nyiribiremwa"*** n' ***"Indyoheshabirayi"?***

Byongeye kandi uwashaka kumenya ubuhanga bw'abahanzi ba hano mu Rwanda ntanage akajisho kuri iyi nganzo y'amazina y'inka, ngo arebe ubuhanga bw'intodeke zipimye indinganire yaba atakaje byinshi. Abashakashatsi bitaye ku nganzo y'amazina y'inka harimo uwitwa Faransisi Yuwaneti (Francis Jouannet), asobanura neza ko ubuhanga bw'intondeke zipimye ntaho ryakunze kuboneka muri Afurika uretse mu Rwanda. uwashaka kubicukumbura yasoma igitabo kitwa *Prosodologie et phonologie non linéaire*, 1985, p.73. Niba tudashatse kubyitaho ntaho twaba dutaniye na ba bandi bambara ikirezi ntibamenye ko cyera cyangwa wa wundi w' umutunzi uba

umworo w'amata.

Nta gushidikanya mu mazina y'inka harimo ubuhanga bw'inshoberabuvivi. Uretse ubwo buhanga bw'intondeke zipimye, usangamo injyana n'iminozanganzo ishingiye ku isubirajambo, ari iy'isubirajwi; usangamo gukoresha ijambo ryabugenewe; usangamo uburyo bwo gukoreshamo imibangikanyo; usangamo imizimizo myinshi itandukanye n'icyo abisi ubwabo bita **ingaruzo**. Ni ijambo risingiza cyangwa se interuro y'amagambo asingiza abami muri rusange cyangwa ingoma, hakaba n'asingiza umwami uyu n'uyu, ibikorwa bye cyangwa amatwara ye. Uwashaka rero kumenya imyifatire y'Abanyarwanda bo hambere, agashaka kumenya ibyo babaga bimirije imbere, nta yindi soko yavomamo ubwo bumenyi uretse kubusanga mu mazina y'inka. Ubutwari n'umurava birasingizwa, ubupfura no kwanga umugayo bikamamazwa kandi ibi ni bimwe mu by'ingenzi biranga indangagaciro y'uwagombye kwitwa Umunyarwanda.

## Imiterere y'amazina y'inka n'ubwiza bwayo

### Injyana

Mu mazina y'inka, abisi bavumbuye inganzo ishingiye ku ipima rigendera ku kabangutso. Ni ukuvuga imikoreshereze y'ubutinde bw'inyajwi. Wakwibaza uti: "Bapimye bate amagambo?" Reka tugendere kuri uru rugero kugira ngo dushobore kubyumva.

### Rutiimiirwa ziri mu mihigo

Iyo witegereje ubona muri uyu mukarago ko umugemo wa mbere ubangutse, uwa kabiri n'uwa gatatu ikagira ubutinde bunimbitse, ikurikiyeho yose ntigire ubutinde. Akabangutso kakaba gahwanye n'inyajwi ibangutse, naho inyajwi inimbitse ikagira utubangutso tubiri. Uru rugero tumaze kubona rubara utubangutso 12. Abasesenguye amazina y'inka babyitondeye basanze:

Hari amazina y'inka agizwe n'imikarago ifite utubangutso 9.

***Urugero: Inka ya Rumonyi***

| | |
|---|---|
| Ru-ta-gwa-a-bi-z(a) i-mi-ne-ga | =9 |
| (I)nku-ba ze-e-sa mu bi-ho-go | =9 |
| Rwa-a mu-ga-bo nyi-ri-gi-ra | =9 |
| (I)mbi-z(i) i-sa-a-nga-ni-zw(a) i-ngo-ma | =9 |
| N'u-mu-ga-be w'i- Ru-yu-u-mba | =9 |
| (I)ki-i-se-e-su-u-r(a) i-mbi-bi... | =9 |

Hari agizwe n'imikarago ifite utubangutso 10

***Urugero: Inka y'i Nyanza***

| | |
|---|---|
| Ru-ti rwu-u-hi-r(a) i-sa-ha-a-ha | =10 |

| | |
|---|---|
| (I)nga-bo zi-ho-me-re-r(a) i-mpu-u-nzi | =10 |
| Rwa-a-ma-nywa ya ru-ge-ma-ha-bi | =10 |
| (I)nka-bu-ra-no y'i-mpi-i-nga-a-ne | =10 |
| Ya ru-ka-ni-ka-ndo-o-ngo-o-zi | =10 |
| (I)ra-zi-me-na zi-ga-ku-bi-ta | =9 |
| Zi-gi-tu-ru-ka mu ki-re-e-re… | =10 |

Hari agizwe n'imikarago ifite utubangutso 12

***Urugero:***

**1. Inka ya Nkusi**

| | |
|---|---|
| Rwi-i-ya-mi-ri-ra yu-u-hi-r(a) i-mbu-ga | =12 |
| (I)nku-ba zi-hi-i-ndu-r(a) a-ba-nya-bi-ho-go | =12 |
| Rwa-a-mi-ri-i-ndi ya si-i-mu-go-mwa | =12 |
| (I)ma-a-na ya-re-my(e)i-nya-mi-bwa y'i-mpe-ta | =12 |
| Nti-i-be-h(o) u-ru-gi-i-ng(o) u-yi-hi-nyu-ra | =12 |
| Ya-ma-ra ku-yi-gi-r(a) i-nta-yo-be-ra-na… | =12 |

**2. Inka ya Rugina**

| | |
|---|---|
| Ru-kwe-e-re-e-r(a) i-mbu-ga y'i-ndi-i-nzi | =12 |
| (I)nku-ba zi-ka-ru-ru-ka m(u)-u-ndu-u-ru | =12 |
| Rwa-a Ndi-ri-ma ya Ru-bu-ra-ma-nywa | =12 |
| (I)me-ne-ra-ba-swa i-ti-i-c(a)i-nda-ga-no | =12 |
| Nti-i-shyi-ki-i-rwe n'a-a-b'i-i Nde-ra | =12 |
| Nti-i-be mu ru-ga-a-mba rw'I-ndi-i-nda | =12 |
| Nti-ba-yi-bwi-i-r(e) I-nde-nga-mi-ma-ro | =12 |
| Ya-ma-ra kwi-i-twa nd(i)-i-nda-u-ya-ba-zwe | =12 |
| (I)nd-i-ri-ki-rwa zi-ka-yi-ba-ho i-nya-na | =12 |
| (I)nya-mi-bwa ba-ka-yi-i-ta Nye-e-ma-zi | =12 |

**Ikitonderwa:**

1. Mu ibara ry'utubangutso,iyo inyajwi ebyiri zikurikiranye, iya mbere iburizwamo kandi inyajwi itangira umugemo ntibarwa nk'uko bigaragara ku majwi yagiye ashyirwa mu dukubo.

2. Ubwiza bw'amazina y'inka bushingira ku buhanga bwo gukurikiranya ibitekerezo no ku **isubirajwi**, ku **isubirajambo**, ku **mibangikanyo**, ku buryo bwo **kugenekereza**, ndetse no **kureshyeshya intondeke**. Mu mazina y'inka bahagikamo ijambo cyangwa injyano z'amagambo zigize ibisingizo. Igisingizo muri ubu bwoko bw'ubuvanganzo bw' amazina y'inka kitwa **ingaruzo**, mu bisigo igisingizo bakakita **indezi.**

3. Birashoboka ko umukarago umwe wagira utubeshuro tutuzuye ariko iyo ntibyica injyana. Urugero: Inka y'i Nyanza

**Inka ya Ruganji**

**Ingaruzo:** Iyo bacutsa inka ya Ruganji bagira ngo:
Rutimirwa ziri mu bihigo
Intwari zimaze kubona umugaba
Rwa Mugabo w'imaramwaga
Insengamihigo y'ishema muri zo
Ya Rushikanurandongozi.

## Iminozanganzo

### 1) Isubirajwi n'isubirajambo

Iyo bavuze isubirajwi twumva uburyo umuhimbyi agenda akoresha amajwi asa mu mihimbire ye. Muri make, twumva ko ari amajwi agenda agaruka kenshi haba mu magambo cyangwa mu nteruro.

***Urugero ku isubirajambo:***

Zivuga mu Rubumba rw'inyambo
Zivuga i Masaka ya Mibirizi
Zivuga mu Ruhango rw'ibwami
Zivuga i Nyarurama ya Nyanza
Zivuga i Nyarubuye ya Mwendo

Iyo bavuze isubirajambo bigaragarira ku magambo amwe n'amwe agenda agaruka. Ari isubirajwi, ari isubirajambo byombi bituma izina ry'inka cyangwa umuvugo muri rusange ugira icyanga bityo ibivugwa bigafatika vuba. Ibi byombi ni bimwe mu bishimangira injyana.

***Urugero ku isubirajwi***

**Rw**avuye i Ru**sh**e**sh**e
Rwiharaze isharankima.
Rwabaye igishami

### 2) Imibangikanyo cyangwa ubutegane

Ni uburyo umwisi akurikiranya imikarago nibura ibiribiri ifite icyo ihuriyeho haba ku kivugwa cyangwa ku misusire.

**Imibangikanyo y'imisusire ishingiye ku myubakire**

***Urugero:*** Inka ya Rumonyi

Rukaraga ku mpitira
Rukaraga ku mpini
Rwogesha ku mbuga
Rwanika ku ntagara
Rushita ku y'imerera…

Iyo turebye izi ntondeke dusanga zubatse kimwe, amagambo y'ubwoko bumwe agiye aba mu mwanya umwe.

**Imibangikanyo ishingiye ku kivugwa cyangwa ingingo.**

**a) Umubangikanyo wisobanura**

Intondeke ya kabiri isubira mu ngingo y'intondeke iyibanjirije.

***Urugero: Inka ya Rumonyi***

Kurya irihoza mu rugina
Imbuga yaryo iratukura
Ntagera mu ntagara
Ahora akina mu ntoki...

**b) Umubangikanyo w'inshyamirane**

Ingingo dusanga mu ntondeke ya kabiri iba ishyamiranye n'iyo mu ntondeke ya mbere. Uwo mubangikanyo uboneka mu ngeri nyinshi z'ubuvanganzo. Uwo mubangikanyo hari ubwo uba ushingiye ku iyemeza n'ihakana bigiye mu buryo bw'inshinga. Hari ubwo uba ushingiye ku ibusana ry'amagambo gusa.

***Urugero1: Ihakana n'iyemeza***

Si ay'ingimbi iterura
Ni amajunga ntabashika
Si inkiko utura iruhande
Ni inkuba zitaha i Nyarubuye.

***Urugero 2: Ibusanya ry'amagambo***

Ugiye bagushishira
Uzagaruka bagushishimuye
Ugiye uri Muhimpundu
Uzagaruka uri Muhinduru
Ugiye uri igisabo
Uzagaruka uri igisambo
Ugiye uri ingwa yera
Uzagaruka uri imbwa yiba.

**c) Umubangikanyo wuzuzanya:**

Usanga intondeke ya mbere igenda isobanurwa n'iya kabiri ndetse n'iyikurikiye.

***Urugero: Inka ya Rumonyi***

Abogeza inkuba zesa
Bakubwire iy'ingondo
Imbibi ziseseyeho
Wihagire imparuzo

Amazina y'inka akubiyemo ubuhanga bwinshi, aho usanga umwisi ashobora guhitamo amagambo ajyanye n'icyo ashaka kuvuga cyangwa se akaba yakoresha igereranya.

Kimwe no mu byivugo no mu bisigo, amazina y'inka na yo agira amagambo yihariye; amwe muri yo ni aya akurikira:

**Impanzi:** intwari
**Intarizi:** inenge;
**Gucutsa:** kwita inyambo y'inyamibwa izina rya mbere;
**Ingaruzo:** igisingizo cyo mu izina ry'inka;
**Ikigondo:** ihembe ry'inka;
**Impamagazo:** igika cya mbere cy'umuzinge;
**Inkobwa:** inka itari ikimasa;
**Umusibo:** igika cyo mu musozo w'izina ry'inka gisingiza inyamibwa yonyine;
**Gusibira:** kuvuga impakanizi
**Umuzinge:** izina ry'inka rigizwe n'imivugo;
**Kugogomera:** kwimya kw'imfizi;
**Kuvuta:** kwikiriza bavuza urusaku.

### 3) Igereranya:

Igereranya rikoreshwa cyanecyane mu mazina y'inka, aho amacumu y'indatwa bayagereranya n'amacumu y'abantu. Igereranya rishobora gushingira ku magambo yumvisha cyangwa agusha ku gisobanuro. Hashobora gukoreshwa icyungo ngereranya nka, inshinga gusa n'icyungo na.

***Urugero: Inka ya Rumonyi***

Ikaba mu mariza y'impeta
Igasa n'inyamibwa rwema
Ni yo macumu adahemba (atavunika)
Nk'inti z'abanyamahanga.

Byumvikane neza, kuva aho u Rwanda rubaye Repubulika, inyambo ntizongeye kwitabwaho cyane ngo zibe zamurikwa cyangwa ngo ziratwe bikabije nk'uko byahoze mbere. Ibyo kuzihimbira amazina bisa n'ibizimiye, ahubwo amazina yari yaratowe na bamwe muri rubanda cyangwa abisi ubwabo bakajya bayavuga mu mutwe bateraniye mu birori. Ijambo umwami ryayazagamo, abantu batinyaga kurivuga bakarisimbuza perezida cyangwa rwose bakaricaho.

### Amwe mu mazina y'abisi bamenyekanye

Hagiye habaho abisi b'intamenyekana, bitewe n'uko babaga badafite ubuhanga bukaze bwo gutuma amazina bitaga ahimbaza abayumva. Iyo mpamvu yagombaga gutuma abayafashe mu nteruro badatinyuka

kuyogeza. Abisi b'abahanga bamenyekanye mu myitire y'amazina y'inka harimo aba bakurikira:

| Izina ry'umwisi | Ingoma yabayeho |
|---|---|
| 1. Nkibiki | 1. Gahindiro |
| 2. Mugaragu | 2. Gahindiro n'iya Rwogera |
| 3. Bwarike bwa Mahanane | 3. Gahindiro, Rwogera, n'iya Rwabugili |
| 4. Bukombe | 4. Rwogera, na Rwabugili |
| 5. Bikungero bya Murema | 5. Rwogera, na Rwabugili |
| 6. Ndangamira ya Muyoboke | 6. Rwabugili |
| 7. Mareba | 7. Rwabugili |
| 8. Rukazambuga rwa Serupfura | 8. Rwabugili, asaza ku ya Rudahigwa |
| 9. Rudakeneshwa rwa Bikungero | 9. Rwabugili n'iya Musinga |
| 10. Ndibyariye | 10. Musinga n'iya Rudahigwa |
| 11. Nyagahungu | 11. Rudahigwa |
| 12. Sebikara Mariko | 12. Rudahigwa |

Abisi ni ikiciro k'intiti ariko icyo baba barusha izindi ntiti ni uko bo bihariye ubuhanga bw'umwimerere bwo guhimba nta cyo bahereyeho cyabaye. Bahanze igitekerezo cyo gutuma inka ziba abarwanyi nk'aho zifite ubwenge; bakaba kandi barakenetse itonde ripimye.

Bitewe n'ubuhanga bwabo, Nkibiki, Ndangamira na Bikungero bafite injyana bihariye zikaba zitwa hakurikijwe amazina yabo.

- **Injyana Bi**: igizwe n'utubeshuro 12
  -u-u-u-u =12
- **Injyana Nki:** igizwe n'utubeshuro 9
  - u- u-u =19
- **Injyana Nda:** igizwe n'utubeshuro 9
  - - u- -u =9

Bene izi njyana ni zo bita fatizo naho injyana yungirije iba ipanzwe uko bashatse ku buryo yuzuza utubeshuro twa ngombwa ariko tudatondetswe dutyo.

Abasesenguye neza iby'aba bisi ngo bose ntibari bahwanyije ubuhanga. Musenyeri Alegisi Kagame wasesenguye inganzo zabo yitonze avuga ko bariya ikenda ba mbere ukuyemo Rukazambuga, ari bo bari bafite inganzo ityaye. Avuga ko Rukazambuga yapfaga gucurikiranya amagambo, ntashodekanye amabango agusha hamwe. Ndibyariye na Nyagahungu na bo ngo ntibari shyashya. Sebikara Mariko ngo ni we wari ubijemo neza, abifitiye ubwenge; gusa ngo yaje bikendera. Sebikara we ngo yaba yarise izina rimwe risa atabanje kwitegereza imihimbire y'izina ry'inka ngo akurikize amategeko yaryo. Undi mwisi ushyirwa mu majwi ni Rucakatsi; yise inka ebyiri ariko ngo na we byari bimaze kugaragara ko impano yo kwita imucumbamo ikibatsi, ko amatwara ye ashobora kumugeza heza. Bivugwa ko higeze kubaho undi

mwisi witwa Ruburika rwa Mukotanyi wo ku ngoma ya Musinga, ariko we nta zina na rimwe rye ryashoboye kuboneka, cyakora ngo yise ubushyo bwitwa Intaganira, bwo mu mutwe w'Izimanye( iryo zina ni ukubangura bashaka kuvuga Izimanye na Mibambwe).

**Umwisi w'inka ya Rumonyi: Ndangamira ya Muyoboke , mumenye biruseho.**

Ndangamira ya Muyoboke yari umwisi uzimbukiwe cyane n'ubwisi bw'amazina y'inka. Yabaye intiti bitavugwa mu nganzo y'ubusizi, yumvaga inganzo ye, injyana ye; mbese ibye byose byari bifite umwihariko kuko yari atandukanye cyane n'abandi bisi babayeho mu mateka y'abisi.

Hari ubwo umwami Kigeli Rwabugili yamutegetse kwita inka ya Terera, uwo Ndangamira atangira umurimo we, arangije imivugo itanu ararwara araremba; umwami abonye bitinze, ategeka uwitwa Rukazambuga, na we w'umwisi, gusoza izina ry'inka ya Terera. Ubwo yongeraho imivugo ibiri harimo n'imivunano. Ndangamira ngo aho akiriye yasuzumye izina ryasojwe na Rukazambuga yumva umusozo watanzwe usa n'ukwanjitse udahwitse, nibwo ngo Ndangamira anenze imisozereze y'iryo zina ry'inka ya Terera yongeraho uwe yizeraga ko unoze ukurikije inganzo y'amazina y'inka.

Bivugwa ko Ndangamira yari yaratwawe n'inganzo y'amazina y'inka ku buryo yajyaga ayikinamo abyishakiye cyangwa babimusabye. Hari ingero zagiye zitangwa n'abasesenguye cyane inganzo ya Ndangamira. Dufate ingero zikurikira:


**Inka ya Kanyamashokoro:** yari inka y'inkuku y'umugabo Nzigiye. Iyo nka ngo ikaba yarakamwaga cyane. Umugore wa Nzigiye witwaga Nyirakayogera asaba Ndangamira ngo ayimusingirize. Ndangamira yabyitabiye yumva aguye ahashashe mu nganzo ye.

**Inka ya Ruzirabwoba:** yari inka y'inkungu baturiye Kigeri Rwabugili ahitwa i Ruhama rwa Kayenzi ho mu Ndorwa, ivuye mu minyago. Bavuga ko kari agaka kiburungushuye. Umwami asaba bose kuyimurekera ngo hatagira uyimusaba. Ndangamira ayibonye na we arayirata by'amashyengo.

**Inkuku y'ikirezi:** Ni inka ya Ndangamira yahonotse muryamo, ni ukuvuga iyarwaye umuze hanyuma ikawukira. Ndangamira yarayise.

**Inshyame ya Ndangamira:** Ni inka ya Ndangamira yabaye inshyame ya Muryamo, ni ukuvuga itigeze ifatwa n'umuze wa muryamo. Ndangamira na yo yarayise mu mashyengo.

## Imyororere y’inyambo



Kugira ngo inyambo zigwire mu Gihugu, umutware w’inyambo yafataga:

- Inkuku + imfizi y’inyambo ikabyara **ibigarama**
- Ibigarama + imfizi y’inyabo ikabyara **inkerakibumbiro**
- Inkerakibumbiro + imfizi y’inyambo ikabyara **imirizo**
- Imirizo + imfizi y’inyambo ikabyara **ingegene**

Ingegene ni yo nyambo yuzuye. Ingegene cyangwa inyambo yuzuye yabaga ari inka ifite umubyimba muremure.
Ubwo bumenyi umuntu yakwibaza uko bwari buteye. Mu by’ukuri ubwo bumenyi bwari mu buryo bubiri:

a) Uburyo bwo kubangurira inka z’inkuku ku mfizi y’Inyambo;
b) Uburyo bwo kubangurira Inyambo z’ingegene ku mfizi y’Inkuku zikabyara ingegene.

### Kumenya inyambo yuzuye

Inyambo zari zifite umubyimba muremure. Nyamara umuntu yakwibaza icyatumaga bazikunda. Bazitozaga uko zigenda maze bakazimurika mu birori bityo ntizihungabane. Ariko kandi ubu bwo biraruhije kugira ngo umuntu abyumve.

### Uko bitaga inyambo

Iyo inyambo zamaraga kubyara uburiza, umutahira yatumiraga umwisi akaza akitegereza ubundi iz'ingenzi muri zo akazita akaziha **inshutso** yarangiza agataha bakamuha inka y'intizo ikamwa, yamara kuyitekesha akayisubizayo. Mu myitire y'inka icyo bita **inshutso** ni nk'igisingizo k'inyambo zibyaye inshuro imwe gusa. Igisingizo kandi cyabaga gifite nk'imikarago 15. Maze umwisi agashyiraho impakanizi igenda igaruka. Iyo za nyambo zamaraga kubyara ubuheta barongeraga bagatumira umwisi ngo agire icyo yongeraho ku nshutso maze akaza akita indatwa muri izo mpeta akayisingiza.

- Inshutso ya mbere ikitwa ***impamagazo***
- Igisingizo cya kabiri kikitwa ***impakanizi***
- Ibindi bisingizo bikitwa ***imivugo***
- Igisingizo cya nyuma kikitwa **u*musibo*** cyangwa ***imivunano.*** Umusibo ni kuri ya ndatwa yonyine, naho imivunano ni ku ishyo ryose.

**Ikitonderwa:** Igice kigenda kigaruka mu izina ry'inka ( umukarago) kitwa impakanizi y'umuzinge.

### Imitegekere y'inyambo

Umwami ni we wari umutware w'inyambo mukuru, hagakurikiraho umutware w'ingabo, agakurikirwa n'umutware w'inyambo, hakaza umutahira, hagaheruka umurenzamase.

**Umwami:** yari nyiri Igihugu bityo akaba yari ku mutwe wa byose.

**Umutware w'ingabo:** yari umukuru w'umutwe w'ingabo kandi akaba yari hejuru y'umutware w'inyambo

**Umutware w'inyambo:** yabaga ari umuntu ujijutse, akaba yarashyirwagaho ngo agenge inyambo zo mu mitwe iyi n'iyi. Ubwo butegetsi yaburagaga umwana we bugakomeza kuba uruhererekane. Ntiyashoboraga kunyagwa kuko yari ashinzwe imyororerere y'inyambo. Nyamara umutware w'ingabo we yashoboraga kunyagwa ingabo.

**Umutahira:** we yabaga ari umunyacyubahiro baremeraga ubushyo bw'inyambo bwo mu mutwe uyu n'uyu w'inka, akawubwiriza akawuragira. Umutahira yashoboraga guhabwa inkoni y'ubushumba (kumuziturira); bamuhaga inka (ubushyo). Byakorwaga bazitura inyana mu kiraro bakazimuha bakanamuha inkoni y'ubushumba. Iyo inka zamaraga kuba amabuguma, umutware w'inyambo yazeguriraga umutahira zikaba

ize bwite. Na we yarazigumanaga akaziha abo ashaka. Umutahira rero yabaga ari mu rwego rw'abashumba b'inyambo. Ubushyo yabaga ashinzwe iyo bwasazaga bamuremeraga ubundi bushyo cyangwa bakaburemera umwana we w'umuhungu.

**Abarenzamase:** Bo bari nk'abakozi bari bashinzwe kwirirwa inyuma y'inka (bubakaga ibiraro, bacaga ibyarire) kandi bakaba barashyirwagaho n'umutahira.

## Ukuvukira rimwe k'ubushyo bw'inyambo z'ingegene.

Ubushyo bw'inyambo bwabyariraga rimwe (agatsinda kabaga karavukiye rimwe). Uko kuvukira rimwe byagendaga bite? Amashashi y'inyambo yararindaga, ntibahereko babangurira irinze yose, ahubwo bakazihorera zikarinduka. Aho bazashakira ko zibangurirwa bakazishora ku iriba rihiye.

Iriba rihiye ni iriba ry'amazi y'urwunyunyu rukaze, maze inka iryuhiweho igahodoka. Guhodoka bivuga kugira icyokere mu mubiri kiyitera ubuzinukwe bw'amazi ya bene iryo riba rihiye; igihe ikifitemo ubuhodoke wayishora ku mazi ahiye ikayanga, ahubwo ikishakira amazi asanzwe y'umugezi, kugira ngo ihoshe icyo cyokere yiyumvamo. Ubwo bavuga ko iryo riba rihotora(Iyo inka zinywaho zigahodoka). Ubuhodoke bwamaraga iminsi myinshi, ndetse bikageza no ku kwezi, no ku mezi abiri. Iriba ryarushaga ayandi kuba rihiye baribwirwaga n'iminsi rihotora.

Iyo nka buhiye, niba yakamwaga, imara gukuka ku iriba rihiye ikagira iyayumo, ni ukuvuga kumira amata, ikagabanya umukamo cyane. Nyamara, uko ubuhodoke buyigabanyukamo, ikangishira. Kwangishira bivuga kugenda yongera umukamo. Kwangishira si iby'amazi ahiye gusa; n'iyo inka zirishije uruhira, igisigati cyangwa ubwatsi bwinshi bwiza, na bwo zirangishira. Iyo rero iby'uguhodoka birangiye, ubushyo bwose bwuhiwe ya mazi ahiye, bwarindiraga icyarimwe; ubwo bakazibangurira, zikazabyarira rimwe.

Hari igitekerezo kiza cya bene ayo mariba ahiye. Ku ngoma ya Yuhi IV Gahindiro, igihe yari atuye i Murinja ho ku Mayaga ubu ni mu Ntara y'Amajyepfo, bagiye impaka z'amariba atambukije ayandi gushya. Gahindiro rero atumira amakoro y'amazi y'amariba y'Igihugu cyose. Amakoro yayo mazi amaze kugera i Murinja, bafukura ibibumbiro inyuma yo ku karubanda (akarubanda ni umuharuro w'ibwami aho buri muntu wese yashoboraga kwigendera uko ashaka, ntihagire umubuza). Baje gusogongeza inka ku mazi yashyizwe mu bibumbiro byose, barazahura zirahangaza. Igihe cy'amashoka kigeze, baza kuzuhira kuri bya bibumbiro, ariko barazireka zihitiramo. Zose ziza zisibanira amazi yo mu **Rushya rwa Nyamirango,** iriba ryo mu Bwishya (ubu ni muri Repubulika Iharanira Demukarasi ya Kongo), izihabuze umwanya zisanga **iriba rya Mupfu** ryo mu Bunyambiriri; izihabuze umwanya zinywa ku rya Ngugu ryo mu Mutara. Izibuze umwanya kuri ayo ngayo zanga kunywa ku yandi ahubwo zigaruka kurwanira umwanya kuri ayo uko ari atatu. Bityo zica urubanza ko iriba ryo mu **Rushya rwa Nyamirango** riyaruta yose, hagataho **Mupfu na Ngugu.**

Hari icyo tutagomba kwitiranya; iriba rihiye ryitwa **"imbuga"** cyangwa **"ibuga"**, iridahiye nk'aho hose mu gihugu bapfaga kuhira inka, ryitwaga **"urwoyo"**. Amariba ahiye barayahagurukiraga, bagakora urugendo ruraza nzira ndetse n'iminsi ibiri ikaba yashyika umuntu agishakisha ahaboneka iriba rihiye. Urwo rugendo rujya kuhira inka kure byitwa "**kurekera"**, abarukoze bayoboye inka zabo bakitwa **"abarekezi"**. Niba ari urugendo ruraye ijoro rimwe, bashoboraga gusiga inyana, zikarara ukubiri na za nyina; ibyo bikitwa **"kurara iragwe"**. Habagaho ubwo inka icika nijoro ishaka iyayo ibyo bikitwa **guhomora**. Amariba ahiye bayashakiraga n'akandi kamaro: ngo yavuraga inka indwara zimwe na zimwe, ariko izabimenyerejwe buri mwaka zabibura zikagubwa nabi, zigasogobwa (zikazongwa).

Inka zuhirwaga mu Ki amariba ahiye, kugira ngo zibangurirwe ku Mpeshyi zizabyare mu Itumba, zibone ubwatsi bwinshi ku mvura. Nanone inka yabyaraga mu Ki, mu minsi ya mbere ntiyakamwaga, bayiragiraga mu bwatsi bw'inkome bubonetse bwose. Nyamara iminsi ya mbere yo kuyihemba yararangiraga igasigara yanamye, irisha hamwe n'izindi, bikayizahaza igakurizamo kurwara muhekenyi. Aborozi ba kera rero, abari bazi uburyo bw'imyororere y'inka, ntibabanguriraga inka zabo mu gihe kizahurirana n'uko zibyara mu Ki.

Ni byiza kwibuka ko hari itegeko ryo kweza amariba imvura y'Itumba ivuye hasi; mu kwezi kwa Kamena kamena amasekuru. Kweza amariba ni ukuyavanamo amazi yose, iriba bakarisukura, bakabona kuryuhiraho. Iriba ritejejwe Itumba rivuye hasi, bari bazi ko ritera muhekenyi mu nka. Uwo murimo wo kweza amariba kimwe no kuyafukura mbere, byari bitegetswe abafite inka bose; uwanze kubijyamo bakamukoma iryo riba ntazashobore kuryuhiraho. Iriba riteze ryitwa **"umugwira"**, n'amazi yaryo arimo umwanda akitwa **"umugwira".**

Hariho amariba ya kera cyane yategekwaga n'abatware bayagabanye, abaje kuhira bakabanza kubatura. Nyamara amariba menshi ntiyagiraga umutware w'ibuga. Habanzaga kuhira uwatanze abandi gufata amazi, abandi bakaza gukurikirana uko bagiye bahamusanga.Uwajyaga gufata amazi, yazindukaga kare cyane, akarema igicaniro ku iriba, bwamara gucya akadahira. Umwanya wa buri muntu wo kuhira witwaga **umurambi**. Habaga ubwo haza umuntu w'ikinyamaboko agashaka guhuguza abandi umurambi wabo, bakarwana. Kurwanira amazi byitwaga **gukomata**, ari byo byenderaho rya jambo ngo inkomati.

## Ibindi byavugwa ku nka

Inka mu Rwanda rwo hambere zajyaga mu myiyereko cyanecyane inyambo. Zaherekezaga umwami n'abatware mu mitambagiro. Si mu Rwanda honyine bakunze inka, nko mu Buhinde bayigize ikigirwamana ndetse n'Abaromani baririmba inka mu bisigo byabo.

Tugarutse mu Rwanda, twavuga ko inka zari zifite uko bazita amazina bahereye ku ruhu rwazo. Haba izo bita **ibihogo, igitare, isine** (yashoboraga kuba ari isine koko cyangwa ari umukara), **igaju, ubugondo** (umweru n'ibihogo), **ikibamba** (umukara n'ibyeru binini), **umusengo, urwirungu, uruvuzo, urusa** (bugufi gusa n'igaju), **inziga, inyamanya,** n'andi mabara.

Abanyarwanda kandi bashoboraga guha amazina inka bafatiye ku buryo ziteze amahembe. Ingero zikurikira zirabikomozaho:

- Inkungu: nta mahembe ziba zifite;
- Ingorore: amahembe agororotse;
- Urukoro: amahembe areba imbere;
- Umuhino: aminuriye inyuma ariko mato;
- Inkondogoro: yenda guhura ariko ntabe maremare cyane;
- Urukomane: amahembe abusanye;
- Ikigarama: agaramye ataminuriye inyuma;
- Ikibinda cyangwa urushara: aminuriye inyuma kandi manini;
- Intenderi cyangwa indegarege: inkungu zifite uduhembe duto dutendera.

Inka mu Rwanda yari ifite imihango, imigenzo n'imiziririzo. Tutabitinzeho, iyo usanze umushumba cyangwa undi mutunzi akama, hari imvugo yihariye bakoresha basubirikanya mu kiganiro cyabo.

Umushumba ahereza shebuja inkoni, shebuja ati: "Cyura amashyo", umugaragu ati: "Cyurirwa amagana".

Umushumba ahereza shebuja injishi, ati: "Akira injishi", shebuja ati: "Uzuza", umushumba ati: "Uzurizwa."

Umushumba yakirira shebuja amata ati: "Akira amata", shebuja ati: "Irakamwa nk'umwami". Ibi byakorwaga na buri wese wakiriye amata.

Uwazakenera ibirebana n'imihango, imigenzo n'imiziririzo yazasoma igitabo cya Nyakwigendera Musenyeri Bigirumwami Aloyizi. (Mgr BIGIRUMWAMI, A., 2004, *Imihango n'imigenzo n'imiziririzo mu Rwanda,* Diocèse de Nyundo, quatrième édition.)

## Imyitozo

1. Erekana impamagazo, impakanizi, imivugo n'umusibo mu izina ry'Inka ya Rumonyi.
2. Garagaza impakanizi y'umuzinge, ugaragaze n'ikikwemeza ko ari yo.
3. Umwisi w'inka ya Rumonyi ni nde? Yabayeho ku ngoma ya nde?

## 1.10. Izina ry'urusobe: Intego y'izina ry'urusobe

Hari amoko anyuranye y'amazina y'urusobe mwabonye, nimuyashakire intego mugereranya n'amazina nyakimwe mwize mu myaka yashize.

1. **Amazina y'inyunge**

**Amazina y'inyunge afite igice cya mbere gikomoka ku nshinga. Inshinga yiyunga n'ijambo rikayibera icyuzuzo mbonera.**

**a) Igice cya kabiri ari izina.**

| Izina ry'urusobe | Uturemajambo/intego | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|
| Amatakirangoyi | a-ma-tak-ir-a- ø -n-goyi | - |
| Imvugoshusho | **i**-n-vug-o- ø - ø -shusho | n → m/-v |
| Abacamanza | a-ba- ci-a- ø -n-banza | i → ø /-J; n → ø/-m/b→m/n- |
| Abashinjacyaha | a-ba shinj-a- ø -ki-aha | i → y /-J; ky → cy mu nyandiko isanzwe. |
| Umutegarugori | u-mu-teg-a- ø -ru-gori | - |

**b) Igice cya kabiri ari ntera:**

| | | |
|---|---|---|
| Ubujyahabi | u-bu-gi-a-ha-bi | i → y/-J; gy → jy mu nyandiko isanzwe. |
| Umubagito | u-mu-ba-ki-to | k → g/-GR/ a→m/-j |
| Inshamake | i-n-ci-a- ø-ma-ke | i →ø /-J/ c→sh/n- |

**c) Igice cya kabiri ari imbundo**

| | | |
|---|---|---|
| Umwigaguhuma | u-mu-ig-a-ku-hum-a | u → w/-J; k → g/-GR |
| Indiragukinduka | i-n-ri-ir-a-ku-kind-uk-a | r → d/n-; k → g/-GR;<br><br>a→ø /-j |

**d) Igice cya kabiri ari ikinyazina**

| | | |
|---|---|---|
| Umuvandimwe | u-mu-vu-a-ø-n-da-i-mwe | u → ø /-J;a → ø /-J |
| Ikimenyabose | i-ki-meny-a-ba-o-se | a → ø /-J |
| imberabyombi | i-n-ba-ir-a-bi-o-mbi | n → m/-b; i → y/-J; a+i → e |
| Amaburakindi | a-ma-bur-a- ø-ki-ndi | - |

**e) Igice cya kabiri ari umugereka:**

| | | |
|---|---|---|
| Ikiryakare | i-ki-ri-a-kare | i → y/-J |
| Umugiranabi | u-mu-gir-a-nabi | - |
| Umugiraneza | u-mu-gir-a-neza | - |

**1.1.Amazina y'urusobe afite akabimbura.**

Akabimbura ni akaremajambo kihagika imbere y'izina risanzwe mu rurimi bikabyara izina rishya.

***Ingero:***

1. **Akabimbura -nya-kagira ingingo y'ikinyazina ngenera**

   Ikinyamateka: i-ki-nya- ø -ma-teka
   Umunyamuryango: u-mu-nya- ø -mu-ryango
   Umunyenzara: u-mu-nya-i -n-yara; a + i → e; y → z /n-
   Umunyamakuru: u-mu-nya- ø -ma-kuru
   Umunyeshuri: u-mu-nya-i-ø -shuri; a + i → e

2. **Akabimbura nyiri/nyira- gafite ingingo isa neza n'ikinyazina ngenera.**

   ***Ingero:***

   Nyirumuringa: nyiri-u-mu-ringa; i→ ø /-J
   Nyirurugo: nyiri-u-ru-go ; i→ ø /-j
   Nyirimpuhwe: nyiri-i-n-huhwe; i→ ø /-J; n→ m/-h; mh→ mp mu nyandiko isanzwe.
   Nyiribambe: nyiri-i- ø -bambe; i→ ø /-J
   Akabimbura nyira- iyo kabimburiye amazina bwite y'abantu kagira ingingo y'igitsina gore. Ingero zikurikira zirabigaragaza.

   ***Ingero:***

   Igikari: i-ki-kari; k→ g/-GR; nyirabikari: nyira- ø-bi-kari
   Intabire: i-n-tab-ir-e; nyirantabire: nyira- ø -n-tab-ir-e
   Intama: i-n-tam-a; nyirantama: nyira- ø -n-tam-a

3. **Akabimbura sa- cyangwa se- gafite inyangingo y'ikinyazina ngenera.**
   Iyo kihagitse mu mazina bwite usanga afite ingingo y'igitsina gabo kandi nta ndomo ayo mazina mashya agira.

   ***Ingero:***
   Amahoro: a-ma-horo; semahoro: se- ø -ma-horo
   Uburo: u-bu-ro; seburo: se- ø -bu-ro
   Umusure: u-mu-sure; samusure: sa- ø -mu-sure

4. **Akabimbura –ene- gafite ingingo nk'iy'ikinyazina ngenera.**
   Karema amazina bwite gafatiye ku mazina rusange amazina rusange. Gashobora kandi kongerera izina kihagitsemo ingingo igaragaza isano abantu bafitanye.

   ***Ingero:***

Imana: i- n -mana; Benimana: ba-ene-i- n -mana; a→ ø /-J; e→ ø /-J; n→ ø /-m
Ihirwe: i- ø -hir-w-e; Benihirwe: ba-ene-i- ø -hir-w-e; a→ ø /-J; e→ ø /-J

Ikenewabo: i-ki-ene-u-a-ba-o; i→ ø /-J u → w/-J;
a→ ø /-J

5. **Akabimbura -ka- kifitemo ingingo ivuga ngo"umugore wa"**

Usanga kiganje mu mazina bwite y'igitsina gore. Zimwe mu ngero zikurikira zirabigaragaza.

Amacumu: a-ma-cumu→ mukamacumu: mu-ka- ø -ma-cumu.
Urutamu:u- ru-tamu→ mukarutamu : mu-ka- ø -ru-tamu
Indera: i-n-rera→ mukandera: mu-ka- ø - n-rera; r→ d/n-
Umuhire: u-mu-hir-e→ mukamuhire: mu-ka- ø - mu-hir-e

6. **Akabimbura -a- gafite ingingo y'ikinyazina ngenera;**

Gakoreshwa cyane mu mazina bwite kandi amazina kihagitsemo nta ndomo agira.

***Ingero:***

inkazi: i-n-kar-yi→ Kankazi: ka-a- ø- n- kar-yi; r+y→ z/ a→ ø /-J
amagana: a-ma-gana→ Rwamagana: ru-a- ø-ma-gana; u→ w/-J
imana : i- n-mana→ Kamana: ka-a-ø -n-mana; n→ ø /-m; a→ ø /-J
imanzi:i-n-manzi: n→ ø /-m; Kamanzi: ka-a-ø-n-manzi a→ ø /-J; n→ ø /-m

## 1.2. Amazina y'urusobe afatiye ku musuma –kazi,-azi

Umusuma ni akaremajambo kongerwa ku ijambo rishobora kubaho ridafite aka karemajambo.

***Ingero:***

Umupfakazi: u-mu-pfu-a-kazi; u→ ø /-J ( ashobora kuba umugabo cyangwa umugore wapfushije uwo bashakanye).
Umunyarwandakazi: u-mu-nya- ø -ru-and-a-kazi; u→ w/-J
Umwamikazi: u-mu-am-i-kazi; u→ w/-J

Umuturanyikazi: u-mu-tur-an-yi-kazi

Umuririmbyikazi: u-mu-ririmb-yi-kazi

Umusuma-azi: Ingero: Umugabazi: u-mu-gab-azi
igitakazi: i-ki-tak-azi: k→g/-GR
a→ø/-J

### 1.3. Amazina y'urusobe afatiye ku masano y'abantu

| | | bukwe | buja | rume | senge | Kuru(za) |
|---|---|---|---|---|---|---|
| Ng 1 | Igitsina gabo | databukwe<br>ø - ø -data-ø-bu-ko-e,<br>a→ø/-J | databuja<br>ø- ø -data-ø - bu-ja | Marume<br>ø-ø-ma-rume | - | Sogokuru(za)<br>ø - ø -soko- ø -kuru |
| | Igitsina gore | mabukwe<br>ø – ø-ma- ø-bu-ko-e | Mabuja<br>ø- ø- ma-ø - bu-ja | - | masenge<br>ø - ø -ma- ø - ø - se-n-gi-e<br>i→ø/-J | Nyogokuru(za)<br>ø - ø-nyoko- ø - kuru |
| Ng 2 | Igitsina gabo | sobukwe<br>ø- ø -so- ø - bu-ko-e | sobuja/ shobuja<br>ø -ø -so- ø - bu-ja | Nyokorome<br>ø - ø nyoko-rome | - | Sogokuru(za)<br>ø - ø -soko- ø-kuru |
| | Igitsina gore | Nyokobukwe<br>ø - ø nyoko- ø -bu-ko-e<br>o→w/-J | nyokobuja<br>ø - ø -nyoko- ø –bu-ja | - | nyogosenge<br>ø - ø -nyoko- ø - ø –se-n-gi-e | Nyogokuru(za)<br>ø - ø-nyoko- ø -kuru(za) |
| Ng 3 | Igitsina gabo | sebukwe<br>ø - ø -se- ø -bu-ko-e<br>o→w/-J | sebuja/ shebuja<br>ø- ø - se-ø – bu-ja | nyirarume<br>ø - ø -nyira -rume | - | Sekuru(za)<br>ø – ø- se- ø-kuru(za) |
| | Igitsina gore | nyirabukwe<br>ø - ø nyira- ø -bu-ko-e<br>o→w/-J | nyirabuja<br>- ø - ø - nyira- ø - bu-ja | - | nyirasenge<br>ø - ø -nyira-ø - ø – se-n-gi-e<br>i→ø/-J | Nyirakuru(za)<br>ø - ø -nyira- ø kuru(za) |

**kitonderwa:**

1. Amagambo y'urusobe yandikwa umujyo umwe. Gusa, mu bisingizo, mu migani no mu mazina nteruro n'amagambo y'inyunge akabije uburebure, yandikwa atandukanyijwe agashyirwa mu dukubo.

   ***Ingero:***

   - Umuhanurabinyoma, Rukemanganizi, Karahangabo, Karikumutima (Umujyo umwe)
   - Ubwo "Ishyikanya ku mubiri ya Rugema ahica" aba arahashinze. (Atandukanijwe)
   - Ubwo " Rumenerangabo Ntarindwa ku mukondo wa Rukaburabimashi" ati: "ba!" (Atandukanijwe)

2. **So** igira **sho** y'impindurantego. **Urugero:** shobuja.
3. Akabimbura **-se-** gakomoka ku izina ise cyangwa se, kakagira inyito y'umuntu w'igitsina gabo ufite cyangwa se utunze nyakuvugwa. Akenshi ayo mazina aba ari bwite. Usanga gakora nka nyira ikomoka ku izina nyina.

***Ingero:*** Sebuja, Serugo, Sebatunzi;

4. Akabimbura -**nya-** gafitanye isano na nyira, kakaba gakora kuri ubu buryo: Iyo akabimbura **-a-** ka **nya-** gakurikiwe na **-i-** y' indomo cyangwa se y'indangahantu, iyo ndomo ishobora gutakara cyangwa zombi zikiyungamo **–e-**.

***Ingero:***

- Umunyagisaka: u-mu-nya- ø -ki-saka; k→ g/-GR
- Umunyenzoga: u-mu-nya-i-n-yoga; a+i→ e; y→ z/n -
- Umunyarwanda: u-mu-nya- ø -ru-and-a; u→ w/-J
- Irijyagahera: i-ri-gi-a- ø -ka-her-a; i→ y/-j; gy→ jy mu nyandiko isanzwe; k→ g/-GR

**Impugukirwa:**

nya- ishobora kuba akabimbura nyifuzo iyo yiyunze n'inshinga iri mu mbundo. Ingero: nyagutuma, nyakuramba, nyakubyara; …

Akabimbura **nya**- gashobora kwiyunga n'ikinyazina cyangwa n'izina kagafata inyito yo gutsindagira.

***Ingero:***

Dore inzu nyanzu, nyabakobwa; bariya bazaba abategarugori nyabo.
Akabimbura ngenera nya- gashobora kwiyunga n'izina kakagira iyito y'utunze cyangwa ufite nyakuvugwa.

***Ingero:*** umunyamerwe, umunyamahanga, umunyabintu, umunyenzoga;…

- Akabimbura sa- gakora mu mazina nka Saruhara, Gasabwoya, Gasamagera, Sabato, Sakabaka;…

**Umwitozo**

**Sesengure ugaragaza uturemajambo dushoboka n'amategeko y'igenamajwi yakoze:**

a) Nyogokuru, b) Mabukwe, c) Nyirinkwaya,
d) Sobuja, e) Sebatunzi, f) Nyirabizeyimana,
g) Rwanamiza, h) Rwankubebe.

## Inshamake

### Nsigaranye ko:

- Ibisigo by'ubuse basanze bihimbitse nk'ibisetso ndetse ngo birenze ibisetso bigasa n'ibisebanyo. Ni inganzo yaba yaravukiye mu matorero y'intore, aho wasangaga abantu biga kuvuga neza, bagacyocyorana ntihagire urakara. Abahimbaga ibisigo by'ubuse, babaga bagambiriye gusetsa abandi bahungu.
- Urwenya na byendagusetsa ari inkuru zisetsa cyane ku buryo umuntu uzibariwe ababaye cyangwa arakaye yururuka. Byendagusetsa ariko yo bakavuga ko yenda gusetsa kuko mu by'ukuri bavuze ngo irashekeje mbere y'uko ibarwa ntawaseka iby'iyo nkuru igiye kuvugwa.
- Ikivugo k'iningwa ari ikivugo kigufi kirangwa n'ibigwi (amazina y'abantu intwari yishe n'aho yabiciye), n'ibirindiro (ibikorwa bigaragaza ubutwari bwe.)
- Ikivugo k'imyato ari ikivugo kirekire gifite ibika bibiri cyangwa birenzeho bita imyato. Uwivuga yitakuma akorera icumu, asukiranya amagambo vuba vuba. Uwabaga intwari ku rugamba yaragororerwaga, akambikwa umudende, impotore cyangwa se agakorerwa umuhango ukomeye wo gucana uruti.
- Amazina y'inka yagereranywa n'ibyivugo by'inka. Inka z'inyambo batangiye kuzirata cyane mu mivugo kuva kera, ariko imihimbire y'amazina y'inka yaje kwamamara ku ngoma ya Yuhi Gahindiro ahagana mu mwaka wa 1800.
- Amazina y'urusobe ari amazina ashobora kugira uturemajambo turenze udusanzwe tw'izina nyakimwe (D-RT-C). Iyo usesenguye amazina y'urusobe usanga afite indomo ebyiri, indangazina ebyiri, ibicumbi bibiri cyangwa se ugasanga afite indomo, indanganteko n'igicumbi, ariko akagira n'ubundi bwoko bw'ijambo bwiyomekaho.

**Umukoro:** Kora ubushakashatsi, ubaze n'abagukurikiye, ushake imigani y'imigenurano ivuga ku muco nyarwandaurayisesengura uyihuza n'insanganyamatsiko twabonye mu mutwe wa mbere

## Isuzuma rusange risoza umutwe wa mbere

### Umwandiko: U Rwanda rwa Kanyarwanda.

Abagenda i Rwanda barahirwa. Kuva kera na kare, u Rwanda rwagiye rujya inama, rukayigisha; kubana n'andi mahanga bikaranga abarutuye, kubana n'abadafite inyota y'iterambere ntibarushye babatega amatwi.

Umunyarwanda aho ava akagera usanga akenyeye umutuzo yiteye amahoro. Mu bitaramo bitandukanye bene Kanyarwanda bariranga. Wabonye aho umwana ukiri muto agira atya ati: "Mpagaze ku rutare mpaga amatama nti: "Amata y'abashumba yabuze!"

Iyo abana baganira bigashyira kera, igisakuzo nk'icyo iyo utakishe, arakiyicira akagutega ikindi ati: "Cyamatimbatimba cya maguru umunani....". Abana bicaranye na ba nyirakuru baba bagize umugisha, bababwira ibya Nyabucurere, ibya Maguru ya Sarwaya n'insibika, n'ibindi. Ibi bikanezeza abana ndetse n'abantu bakuru.

Nimugoroba abana bafatwa n'ibitotsi vuba, abatura ibishyito bataragira icyo bakoza ku munwa, babakangishaga akavumburamashyiga bagakunda bagatarama kugeza inkono ivuga bayiteruye ku ntare z'inyabutatu. Mu miryango ifite ubukwe bw'umukobwa ushyingirwa bararaga umuhuro, bakubuka mu bukwe ku mpande zombi, iw'umukobwa n'iw'umuhungu bakarara inkera bishimira ko bungutse amaboko, abandi ko bunguye umuhana, ariko ko bapfunditse ipfundo rikomeye ry'igihango. Mu ruturuturu wajyaga kumva ukumva bararoha ibyivugo, bashoza bagira bati:"Uri inyundo uri inyana ya Rukara rwa Ruyange, uri inyundo..." Bati: "Yewe...ngwino utubwire icyo wamariye abandi bahungu, uri inyundo,..." Bagakomeza batyo, bagera hagati bakaba bahindura, amazina y'inka agasobanurwa bagahogora, inzira, imyoma, amahindura ntibatanwaga nayo kuzageza iminsi mikuru ihumuje, intango bakaziranga, ibyansi bakabitindura mbese isuku igakorwa.

Burya rero ngo abazimu bazira mu mvuzo. Muri icyo gihe k'ibyishimo hashoboraga kuvuka amahane, uwakosheje bashoboraga kwicara bagasasa inzobe uwateye amahane yaborewe cyangwa yabitewe n'umurengwe bakamuhana bakirinda kumuhana kandi babona yarahanutse ikibazo bakagikura mu muryango bakakijyana hanze. Abacamanza cyangwa abashinjacyaha b'umwuga nk'uko tubizi ubu , kera ntibababagaho. Abakuru b'imiryango bari bafite izo nshingano zo kwegeranya abagomeranye, basobanura neza ikibazo, bakabahuza. Uwakosheje by'ihabu yashoboraga gutanga ikiru k'inka, umurima cyangwa se ikindi kintu bitewe n'imikirize y'amakimbirane. Hari uvugwa mu gitekerezo wahemutse ku rugamba, bamubajije niba ari umutunzi, asubiza "Yego", umutware wari watekereje ko mu minsi mike azatuma acyura ubuhange, araruca ararumira.

Inzoga yoshyana ubutwari, rwarema ikagutererana. Tuge twibuka guha inda twibuka ko utinze azanyagwa ari umushumba w'inda. Abanyarwanda bari bazi kuyivugiraho neza ngo uyikura mu gacuma ikagukura mu bagabo. Inzoga ni mucyurabuhoro inyobwa n'imfura igasiba indi. Tuge tumenya kwitwararika, ibi bizatubera inkingi y'umucyo mu kubana neza n'abandi. Abanyarwanda bo hambere bahaga inshingano zikomeye imfura yabaga izi gufata mu mutwe ibyabereye ku rugamba, udasinda, uvugisha ukuri, ufite umutima kugira umwuga wo kuvuga amacumu y'ingabo. Uwo muvuzi w'amacumu yarubahwaga kandi na we koko ntabyirate. Kugira ngo abaturanyi batugirire ikizere tugomba kumenya ikibi n'ikiza, indangagaciro na kirazira, bitabaye ibyo twaba tugenda dutatira abadutoje ubupfura, kudaca urwa mbehe, kutarya utw'abandi, kudahemuka n'ibindi bidakwiye umunyarwanda wiyubaha.

Abanyarwanda bahoze biyubaha rwose. Abategarugori, nubwo nta myenda yabagaho, barambaraga bakikwiza, yaba impuzu, ibicirane, inkanda. Ku bangavu bageze igihe cyo kutambara ubutuku, bambaraga uruyonga, ishabure yewe n'ibishogero by'ibinyita birinda kugaragaza ubwambure. Nyamara se bana b'i Rwanda aho tugeze ngo ni muri "viziyo".

Kwambara umwenda wa Adamu bimaze kuba indwara. Turatabariza u Rwanda, abambara ibiterasoni bisubireho. Wabonye aho umuntu agenda ibice by'umubiri bishushanya ibikari n'amarembo yabyo. Sigaho kwihemukira, ayo maribori azakirigitwa n'uzakwegurira igihango ku munsi wagenwe

Ubugabo butisubiraho bubyara ububwa. Nyamukobwa ni wowe mbwira, koma inkanda y'umubyeyi wo hambere, ibije byose si iterambere! Na basaza banyu bage bamenya kwikwiza. Musaza wawe niyambara nabi ipantaro, uzamusabe gusigaho! Nuhura na nyokobukwe umusuhuze ngo uraho nyoko we, ngo kuko uvuye kwiga i Burayi! Amashuri ntazagushuke ngo wibagirwe umuco wakureze, ukawonka ukagukuza. Ni byo, umuco uravuka ugakura ugasaza, ariko mwoye kujugunya byose ngo mwegukire amahanga! Nyamuna ibibengerana byose burya si zahabu; kwijima k'umwijima bitera impyisi kuva mu masenga n'imyuka mibi gutembera!

Banyarwanda, dusubire ku isoko naho ubundi nidukomeza kujya hanze cyane y'umuco twonse kuva kera kugeza magingo aya, turirahuriraho umuriro. Gutarama duca imigani, twivuga, dutera urwenya byagiye nka nyomberi. Utubyiniro tw'ijoro, utubari n'amahoteri byasimbuye ibitaramo nyarwanda. Ibitangazamakuru binyuranye bikomoza cyane ku byo tumaze kuvuga haruguru. Nibakomereze aho, batoze bene Kanyarwanda umuco w'i Rwanda, abana, ababyeyi, inkumi n'abasore bamenye kwambara bikwije badashashe iwabo w'abantu ku manywa y'ihangu, batozwe kwivuga, gusakuza, gutebya, kuvuga amazina y'inka; urwenya na byendagusetsa bige bibaruhura kurusha kwiririrwa ku mbuga nkoranyambaga bashinyagurira amaso ngo arareba ibiterasoni bibajyana mu ngeso ziyobora mu nzira yo kurimbuka. Yewe n'iyo yaba ari ubushakashatsi umuntu akora, narebe icyo buzungura rubanda mu iterambere bakeneye. Abwirwa benshi akumva beneyo.

## I. Ibibazo by'inyunguramagambo:

**1. Sobanura ijambo cyangwa itsinda ry'amagambo akurikira:**

a) Ku ntare z'inyabutatu
b) Umuhana
c) Amahindura
d) Koma inkanda
e) Abatura ibishyito
f) Inzira
g) Acyura ubuhange
h) Kwambara umwenda wa Adamu
i) Inkono ivuga
g) Imyoma

2. Koresha aya magambo mu nteruro igaragaza ko wumva igisobanuro gihuje n'umwandiko: gutindura, kwavura, guca urwa mbehe,

3. Vuga ijambo riri mu mwandiko risobanura kuvugisha ukuri kwambaye ubusa?

4. Andika imbusane y' amagambo aciyeho akarongo mu nteruro ikurikira uyakuye mu mwandiko kandi uyisanishe neza

Murebe kure, burya **ibibengerana** byose si **byiza**.

## II. Ibibazo byo kumva umwandiko

1) Vuga imiterere y'Abanyarwanda muri make?
2) Ni iki cyarangaga abana bo hambere?
3) Ni iki kivugwa abana bigiraga ku bantu bakuru?
4) a) Uhereye ku mwandiko, kunywa inzoga ahanini si byiza. Sobanura?
   b) Tanga imigani itatu ibigaragaza unayisobanure.
5) Vuga ibintu bine bihuza abantu, ibitaramo mu ngo bakabikerensa.

## III. Ibibazo bisuzuma ubushobozi bwo gusesengura umwandiko

1) Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa muri uyu mwandiko?
2) Ni izihe ngingo nkuru zivugwa muri uyu mwandiko?
3) Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko?
4) Gereranya umuco nyarwanda wo mu Rwanda rwo hambere n'uw'ubu uhereye ku kivugwa mu mwandiko?

## IV. Ibibazo ku mazina y'urusobe

1. Sesengura amagambo atsindagiye unagaragaze amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe aho bishoboka.
   U Rwanda rwacu rwahoranye umuco wo gutabarana, kwicara bagasasa inzobe bagakemura ikibazo gikomereye umuryango runaka. Nta **bacamanza** cyangwa se **abashinjacyaha** n'**abagenzacyaha** b'umwuga babagaho. Umukwe wagomeraga **nyirabukwe** bashoboraga kwiherera ikibazo bakakijyaho impaka, bakagicoca bakagikemura nk'**abavandimwe.** Uwaburanaga n'**umunyenzara** yabaga agwishije irya mugani kuko ubujyahabi bw'uwazahajwe n'inzara bwatumaga yifuza ibya mirenge; ntiyashoboraga kumva **amatakirangoyi**; ku bwe yumvaga wabambwa akakuzungura mu byawe noneho akifuza kuba nka ya **ndiragukinduka** itajya ihaga inkori z'i Bwerankori. Abafite ba **shebuja** na ba nyirabuja bashoboraga kubagura babuze ubwishyu.
2. Uhereye ku ijambo "ubukwe" cyangwa uhereye ku gice k'ijambo (-bukwe), vuga andi magambo aremye amazina y'urusobe afatiye ku masano y'abantu, ukore imbonerahamwe yayo.

## V. Ibibazo k'ihangamwandiko

Himba ikivugo k'iningwa cyujuje ibyangombwa kitarengeje imirongo cumi n'itanu

# 2 Uburinganire

## 2.1. Uburinganire n'ubwuzuzanye mu Rwanda




Kuva kera na kare umunyarwandakazi ntiyigeze yumva yagira agaciro mu muryango nyarwanda. Yahoraga yitwararitse, agahugira mu turimo two mu rugo mu gikari, ategura ishinge ku ruhimbi, aboha imisambi, avuza uruhindu, abuganiza amata; umukobwa w'inkumi utazi gucunda bamukiniragaho bati: "Ni impumbu" cyanecyane iyo atashoboraga gushyigura inumbiri. Inkumi yabaga imaze kuzira inka ntiyasubiraga mu nka, yacirwaga imuhira akaba imbata y'imirimo yitwaga igenewe igitsina gore no kwitwa nyina w'abana, cyangwa agahora yitezweho inkwano ari naho amazina nka Nzamukosha, Nzamugurinka, Bazizane, Kabihogo, Kagaju n'andi yatsindagiraga icyo biteze ku mukobwa.

Umwana w'umukobwa yambukaga umugezi akajya i Kantarange, akagenda akabyarira indi miryango, akayishakira amaboko, umuturanyi asanze akamufata nk'umuvandimwe we, bakarahurana umuriro, bagasabana amazi, bagatizanya ibikoresho byo mu rugo, bagahana imisanzu y'imirimo, abana bakarererwa hamwe muri uwo muryango mugari. Igitekerezo k'ishuri cyangwa iby'amatorero ntibyakozwaga igitsina gore nubwo bashoboraga guhanurwa na ba nyirasenge, utamufite agahera mu rungabangabo. N'ubundi ngo utagira nyirasenge arisenga.

Abanyarwandakazi benshi basaga n'ababujijwe kujya ahagaragara, kumva hari uwafashe  ijambo mu bagabo, mu rungano rwa basaza be byari umuziro . Uwahirahiraga agatobora akavuga irimuniga yitwaga umushizi w'isoni, ingare, ... Nyirarunyonga uvugwa mu bitekerezo nyarwanda yiswe ingare, umusambanyi, inshinzi n'andi mazina kuko yari azi kuganira n'abandi, akamenya gusetsa no gutebya agati kagaturika. Iyo basobanura uburyo yiboneye Semuhanuka agaramye mu buro bwe yari yonesheje nkana, akamusanganira yishimye, agahuza nawe umudiho n'urugwiro kugeza ubwo amuha urwuya, wumva Nyirarunyonga ari akaga.  Ibi byaterwaga n'impamvu nyinshi. Abana bavukaga buri wese atozwa ibyo agomba gukora. Umuhungu yatozwaga na se guhiga, kuragira, kubaka, guhinga, gukirana, kujya ku rugamba, guhakwa... Umukobwa agatozwa ibijyanye n'urubohero no gukora imirimo yo mu rugo nko kuboha uduseke... Buri wese yumvaga ubuzima ari ko bugenda.

Umuhungu witwaga Byarugamba, Rukaburacumu, Gatabazi, Muhozi, Ngarukiye, Kamufozi, Rwamacumu cyangwa se Gatanazi yumvaga bimuteye ishema ko azarwanirira Igihugu cyangwa umuryango. Ibi byari bifite ishingiro kuko u Rwanda rwahoraga ruhanganye n'amahanga ruturanye mu ndwano z'urudaca hagendewe kurwagura no kurugwiriza amaboko. Si ibyo gusa, habagaho n'intambara z'ubwiko zasabaga ko imiryango igwiza amaboko y'abanyamiheto ku rubyaro rw'abahungu ngo umunsi basumbirijwe n'ibitero bibarusha ingufu bazivune umwanzi bidasabye kwitwereza amaboko y'imuhana.

Cyakora ngo agahugu umuco akandi umuco. Mu mpande zitandukanye mu duce tugize u Rwanda hagiye hiyuburura indi sura y'abanyarwandakazi bashoboraga gukora n'imirimo ya gihungu cyangwa se ya kigabo. Iyo twibutse Ndabaga umukobwa w'intwari mwene Nyamutezi wagiye gukura se ku rugerero, biduha impinduka mu mitekerereze ya bamwe mu Banyarwanda bo mu gihe cya kera. Nyirarumaga, wa musizikazi w'umusinga na we yahinduye amateka mu busizi nyarwanda aho udusigo twari tugufi cyane "**ibinyeto**" yabirambuyemo ibifite imikarago myinshi bigahabwa amazina n'abahanga mu buvanganzo yo kuba mu bwoko bw'ikobyo, icyanzu cyangwa impakanizi. None se ubwo abagabo benshi ntibari barabuze aho bahera? Gasharankwanzi ka Bureshyo uvugwa mu nsigamigani "Yigize inshinzi", bivugwa ko yari akuriye umutwe w'ingabo zigizwe n'abagore. Robwa na we avugwa ko yatabariye Igihugu agwa i Gisaka. Buhorobuhoro Abanyarwanda bagiye biyambura isura idindiza iterambere, bagenda bigana umuco w'ahandi nk'i Burayi aho usanga umugore

asukura inzu umugabo ari mu gikoni, ndetse ubu batoye n'umuco wo kwinjira mu nzego z' ubutegetsi bubatoza gusobanukirwa neza n'uburinganire n'ubwuzuzanye byo shingiro ry'amajyambere arambye. Hari ingo nyinshi zabifasheho umwanzuro, umwe yajya gutashya undi agasya ifu yo kuvugamo umutsima cyangwa kwarika amazi yo kuwuteka. Niba mu rugo ari abakozi utanze undi mu rugo akanyarukira mu gikoni, yewe agatangira no koza ibikoresho bikenerwa ku meza no mu gikoni. Mu Rwanda, ubu tumaze kugera kure. Kera mu buyobozi wasangaga abategarugori badahabwa umwanya. Ariko ubu si ko bikimeze, mu badepite, mu baminisitiri, no mu zindi nzego zifatirwamo ibyemezo , abagore b'i Rwanda bahagaze neza mu ruhando rw'amahanga.

Aho ibihe bigeze byagaragaye ko nta gihugu gishobora kugera ku majyambere ahamye igihe cyose abagituye bose badahabwa umwanya n' amahirwe angana yo gukoresha ubushobozi bwabo. Kugira ngo imibereho y'ingo irusheho kuba myiza ni uko abazihagarariye ni ukuvuga umugore n'umugabo bagira ubushobozi n'uruhare rugaragara mu kuziteza imbere. Umugore yagize igihe cyo kwitwa insuzugurwa, akumva na we ubwe yisuzuguye, acungira imibereho ye ku mugabo kandi nta cyo abuze kugira ngo agire uruhare rungana n'urwa mugenzi we. Ubu mu Rwanda, umugore yabonye ubwinyagamburiro, yabonye ijambo agira uburenganzira bwe na we agira ubushobozi buhagije bwo gukorera umuryango n'Igihugu. Guha umugore uburenganzira ntibibwambura umugabo kandi ntibigomba guhera mu magambo. Ni byiza kumenya ibibangamira umugore kugira ngo agere mu ntera imwe n'umugabo. Ni intambwe ikomeye kuzirikana uburenganzira bw'umugore buganisha ku buringanire n'ubwuzuzanye yo nzira y'amajyambere arambye.

Uburinganire bw'umugore n'umugabo ni bwo shingiro ry'ibikorwa byose by'abaharanira amanywa n'ijoro isi nshya irangwa n'ubutabera. Igihe haharanirwa ubwo buringanire, abantu ntibagomba kwirengagiza ko bafite uburyo kamere bubatandukanya. Ubwo buryo ntibugomba kuba intandaro yo gukandagiranaho, umugore n'umugabo bagomba kubahana bakabana mu mucyo no mu mahoro, uburenganzira bwa buri wese bukubahirizwa, bakuzuzanya mu mikorere yabo. Ubwuzuzanye na bwo bufite imvano kamere. Abashakashatsi n'abahanga bemeza ko buri muntu agizwe n'ubumuntu gore na gabo, ikiruta ikindi ni cyo kigaragaza ariko ntigisibanganye ikindi. Bityo usanga umuntu gabo yishimira kubana n'umuntu gore cyangwa se umuntu gore yifuza kubana n'umuntu gabo. Kugira ngo ubwuzuzanye bugerweho bisaba gufatanya muri byose, hakabaho gahunda y'imirimo isaranganyijwe hagati y'umugabo n'umugore. Mu buryo bwo kwitabira amajyambere by'umugore n'umugabo bisaba ubushobozi. Ubu bushobozi si ubundibundi ni ubushobozi bw'umuntu muri we, busobanura ikizere cyubaka agomba kwigirira. Ni ubushobozi bwo kugira icyo ukora birimo kwiga, kubaka, kwigisha,..Hagomba kuboneka ubushobozi bwo kubana n'abandi buhereye kuri cya kizere wigirira kikagutera kubaha abandi no kubahana na bo kuko nta ngizi yigize. Muri urwo rwego, iyo amashyirahamwe avutse avukira kongerera ikizere bamwe ku bandi, bagatizanya ingufu bakubakira hamwe.

Mu Rwanda, umunyarwandakazi yagiye ahura n'inzitizi mu majyambere ahanini zishingiye ku rwego rw'uburere, uburezi n'umuco. Uburere bwahabwaga abana b'abakobwa bwabateguriraga gushaka, kubyara, kurera no gukora imirimo yo mu rugo, ubumenyi bahawe bukaba ubwo kubatoza kuba "ba mutima w'urugo". Imitekerereze nk'iyi ni yo yabaye intandaro yatumye umunyarwandakazi akererwa mu kwiga no guhabwa inyigisho z'igihe tugezemo. Nubwo hari abanyarwandakazi bize, bize batinze ugereranyije n'abagabo. Aho bigiye naho, mu ikubitiro rya mbere bashyizwe mu mashuri abaha amasomo abategurira kuzaba ababyeyi beza, bacunga neza urubyaro n'imirimo yo mu rugo. N'uyu munsi hari abagishyigikiye ibitekerezo nk'ibyo. Uwo muco mubi wo gusumbanya abana si mwiza, ni wo wagiye utuma abana b'abakobwa bakurwa mu mashuri igitaraganya maze umuhungu akaba ari we uhabwa amahirwe yo gukomeza, umukobwa agacikiriza amashuri agahera mu cyeragati. Uyu muco wagiye ugira ingaruka z'ubumenyi budahagije n'ubushobozi buke ku muntu w'igitsina gore mu rwego rwo kwirwanaho cyanecyane mu bikorwa n'imirimo bisaba ikoranabuhanga.

Abanyarwanda ntibiyumvishaga ko abana b'ibitsina byombi bagomba kurerwa kimwe, umuco mubi w'ubusumbane ukarandurirwa mu mizi. Ikindi, aho amashuri aziye bagombaga kureka abana bakiga kimwe mu mashuri batavanguye igitsina, ibi bigatuma umubare w'abakobwa wiyongera mu mashuri mato, ay'isumbuye n'amakuru kandi bakiga amashami n'amasomo anyuranye atuma na bo bagera mu nzego z'ubuyobozi n'izifatirwamo ibyemezo. Muri iki gihe, hari ibisubizo bigenda biboneka. Amwe mu mategeko agenga uburezi yaravuguruwe ku buryo abana b'abakobwa n'ab'abahungu bashobora kwiga bimwe, abahuye n'ibibazo byo kubyara imburagihe baracutsa bagasubizwa mu mashuri, abataragize amahirwe yo kujya mu ishuri Leta yabashyiriyeho uburyo bwo kwibeshaho bigishwa imirimo n'imyuga inyuranye yabongerera ubushobozi bwo kwitunga, gutunga ababo no kubaka Igihugu.
Muri iki gihe umunyarwandakazi yisubije agaciro n'umwanya ugaragara mu mirimo yo kumubeshaho. Abategarugori bahabwa urubuga bagatanga ibitekerezo byabo ku buryo bifuza kubaho no kubeshaho ababo. Gufatanya imirimo yo mu rugo no gucunga umutungo w'urugo bitangiye kwinjira mu maraso y'abanyarwanda ku buryo ibitekerezo n'ibikorwa bipfukirana bikanasubiza inyuma abanyarwandakazi bigenda biyoyoka.

Mu rwego rw'ubukungu n'umutungo, abanyarwandakazi bageze kure cyane. Abanyarwandakazi bafite uburenganzira bwo kuzungura amazu cyangwa ibintu by'imiryango n'abagabo babo, bafite uburenganzira mu kubona umunani mu muryango, bashobora kandi kugira umutungo bwite n'akazi gahemberwa umushahara kimwe n'ibikorwa bizana amafaranga. Intambwe yatewe ni iyo gushimira Abanyarwanda. Abanyarwandakazi bageze ku rwego rwo kumenya bisesuye amategeko abarengera n'abarenganura; ibishobora kubabangamira no kubapyinagaza bakamenya abo babishyikiriza bigahigikwa, bikavaho hakoreshejwe ubutabera. Ubutegetsi na poritiki byikubirwaga n'abagabo, ubu ntibikibaho. Aho u Rwanda rugeze usanga abanyarwandakazi bisanzura ku bwinshi muri poritiki.

## Inyunguramagambo

### Sobanura amagambo cg itsinda ry'amagambo akurikira:

a) Uruhimbi
b) Impumbu
c) Guha undi urwuya
d) Kuvuza uruhindu
e) Inumbiri
f) Kubuganiza amata
g) Kuzira Inka

### Imyitozo y'inyunguramagambo

Kora interuro ngufi ukoresheje amagambo cyangwa itsinda ry'amagambo akurikira nk'uko asobanura mu mwandiko:

a) Kuzira inka
b) Inumbiri
c) Impumbu
d) Guha urwuya.

## Soma umwandiko unasubize ibibazo bikurikira:

1. Tandukanya uburinganire n'ubwuzuzanye.
2. Ari umwana w'umuhungu cyangwa uw'umukobwa, ugomba kwitabwaho cyane ni nde?
3. Vuga inshingano ebyiri z'abagabo n'ebyiri z'abagore zahindutse uko ibihe byagiye bihinduka.
4. Subiza yego cyangwa oya.
   a) Ibintu bitandukanya umugabo n'umugore bijyanye n'ibitsina, ni kamere y'uko baremwe, ntibihinduka. Ibijyanye n'ubwuzuzanye bishyirwaho n'abantu kandi bigahinduka bitewe n'igihe, ahantu n'umuco.
   b) Imirimo myinshi isa n'aho yagenewe abagore cyangwa abagabo, ni iyagenwe n'umuco aho kugenwa n'imiterere kamere y'umuntu. Kubera iyo mpamvu, ikaba ishobora guhindurwa.
   c) sAbagabo n'abagore bashobora kurenganywa no kugaragarizwa icyubahiro ku buryo butandukanye.
   d) Nta mugore ukama inka.
   e) Abagabo ntibagira ubwoba.
5. Abagore bahinduye amateka. Muri iki gihe bigaragarira he?

## Subiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

1. Ni izihe ngingo z'ingenzi zigaragara muri uyu mwandiko?
2. Kuri wowe uyu mwandiko uguhaye irihe somo?
3. Ubushobozi buvugwa bw'umugore n'umugabo ni ubushobozi buteye bute?
4) Tanga ingingo zigaragaza uburyo abana b'igitsina gore bari barapyinagajwe kuva kera na kare.

### Umwitozo w'ubumenyingiro

1) Hina umwandiko "Uburinganire n'ubwuzuzanye mu Rwanda" mu mirongo itarenze cumi n'itanu.
2) Ungurana ibitekerezo na bagenzi bawe ku nsanganyamatsiko ikurikira: "Akamaro k'uburinganire n'ubwuzuzanye mu Rwanda."

## 2.2. Amasaku mu nteruro z'urusobe

Itegereze izi nteruro maze uzisome ukore ubushakashatsi ku bibazo bizikurikiye.

1. Umusore n'umukobwa bambikanye impeta
2. Nyiri ibitugu binini ntarengwa n'imijugujugu
3. Amazi y'abashyitsi.
4. Yagiye mpiru na nyoni
5. Yagiye nk'Abagesera.

### Ibibazo

Mukurikije imivugirwe y'izo nteruro murumva ari ayahe masaku yaje mu myanya atari asanzwemo? Kubera iki? Mushake andi masaku mbonezanteruro atagaragajwe na zo.

### Amasaku mbonezanteruro

1. Iyo ibinyazina ngenera n'ijambo **nyiri** n'ibyungo **na/ nka** bibanjirije amagambo adafite indomo ariko afite isaku ku mugemo wa gatatu, cya kinyazina na **nyiri** ibyungo **na/nka** bituma haza isaku nyejuru ku mugemo wa mbere w'iryo zina. Iyo ayo magambo akurikiwe n'amagambo adafite amasaku, ntagihinduka. Nyamara iyo amazina akurikira afite isaku nyejuru ku mugemo wa kabiri ariko riri ku nyajwi ya kabiri y'ubutinde, haza isaku nyejuru ku mugemo wa mbere.

   ***Ingero:***

   Isûka ya Rûgorî.
   Muriindwâ aje nka Mûsigî.
   Karêera na Mugabo baragiiye.
   Abo nî Kamaâri na Rûgaâmba.
2. Iyo umugemo wa mbere ufite isaku nyejuru nyesi ntagihinduka. Nyamara iyo iryo jambo rifite isaku nyejuru ku mugemo wa kabiri, iryo saku ririmuka rikajya ku mugemo ubanza.

***Ingero:***

Inkâ ya Rwâango.
Butamwâ na Mbôgo nî mu Rwaanda.

3. Ikinyazina ngenera n'ingenera nyiri n'ibyungo na /nka, iyo bikurikiwe n'ijambo rifite inyajwi bifata indomo y'iryo zina kandi bigafata isaku nyejuru.

***Ingero:***

Ibiryô by'ûmugabo.
Nyiri ûbwêenge aruta nyiri ûburyô.

4. Iyo izina rikurikiye ya magambo rifite isaku nyejuru nyesi ku mugemo wa kabiri, indomo yaryo igira isaku nyejuru nyesi.

***Ingero:***

Amagî y'ûumwâana arahâri.

5. Iyo ikinyazina ngenera gifashe indomo kandi gikurikiwe n'ijambo ridafite isaku nyejuru umugemo wa mbere w'iryo zina ufata isaku nyesi nyejuru.

***Ingero:***

Iby'uûwo mwâana nî byiizâ.
Iz'aâho haantu zirakomera.

6. Amasaku ahoraho mu nteruro kuko yo atajya aba ay'integuza, aba ku magambo yayo :ta, ibinyazina ngenga bigaragaza ahantu (mwo, no, ho, yo n'ikinyazina mbanziriza)
   Akaremajambo mu ndemo ihakana kagaragara mu nshinga «ta» akenshi kagira isaku nyejuru, iri saku ntirigira integuza kandi rihoraho.

***Ingero:***

a) Kutâgêendâ nî bibî.
   Kudâkurâ bituruka ku miriîre mibî.

b) Ibyô barya nî ibi.
   Hô bakoreesha indyô yuuzûye.
   Avuze kô tugeendâ tukajyamô.
   Twaavuuyeyô mu gitôondo.



## Umwitozo

**Soma kandi wandike izi nteruro ugaragaza ubutinde n'amasaku ugabanya ibimenyetso:**

1) Uwiba ahetse aba abwiririza uwo mu mugongo.
2) Rubaya na Muhura biregeranye.
3) Iby'uwo muhungu tuzabireba ejo.
4) Udakora ntakarye kandi ntagasabirize.
5) Nyiri umuringa iyo aje utega ukuboko.
6) Maraba na Kigali ni imigi y'u Rwanda.
7) Ntakibyara nk'intare n'ingwe.

8) Yavuyeyo amahoro, ntiyakomeretse.
9) Uzatemberere ku musozi wa Ndiza.
10) Kuri Huye ya Burera ni heza.

## Inshamake

**Nsigaranye ko:**

Uburinganire ari uburyo ku bitsina byombi bwo kugira ubushobozi, uburenganzira n'uruhare rugaragara byo gukorera umuryango n'Igihugu mu mahoro no mu butabera busesuye naho ubwuzuzanye akaba ari ubufatanye bugaragarira mu mirimo umuntu gore yunganiranamo n'umuntu gabo ku buryo buri wese abarizwa ku gikorwa cyangwa umurimo runaka mu bwubahane.

Ibintu bitandukanya umugabo n'umugore bijyanye n'ibitsina, ni kamere y'uko baremwe, ntibihinduka. Ibijyanye n'ubwuzuzanye bishyirwaho n'abantu kandi bigahinduka bitewe n'igihe, ahantu n'umuco.

Imirimo myinshi isa n'aho yagenewe abagore cyangwa abagabo, ni iyagenwe n'umuco aho kugenwa n'imiterere kamere y'umuntu. Kubera iyo mpamvu, ikaba ishobora guhindurwa.

Amagambo ashobora guhinduka mu mivugirwe bitewe n'imiterere y'interuro. Bityo ijambo rishobora kugira isaku cyangwa ubutinde aho bitari biri. Ubwo butinde n'ayo masaku ni byo byitwa amasaku mbonezanteruro.

**Umukoro:** Kora ubushakashatsi, unasobanuze n'abandi ku migani y'imigenuranouyisobanure uyihuza n'insanganyamatsiko y'umutwe wa kabiri

## Isuzuma rusange risoza umutwe wa kabiri

### Umwandiko: Uburinganire n'ubwuzuzanye mu iterambere

Iterambere ni irya bose si iry'umuntu umwe, kugira ngo rishoboke, umuryango ari wo ugizwe n'umugabo n'umugore n'abana bagomba kubigiramo uruhare. Dore ko abagiye inama Imana ibasanga. Ingero ni nyinshi ariko reka turebe ingero z'imiryango ibiri ituye ku musozi wa Burimbi. Uti: «Ibayeho ite?»

Umuryango wa Cyubahiro na Kamariza bose bashakanye ari abatindi; bavugaga ko nta cyo bakwigezaho. Bo ariko ntibacika intege kuko bahamyaga ko ibintu ari ibishakwa ntawubivukana. Dore ko bari baramenyaniye mu mahugurwa y'ubuhinzi n'ubworozi bwa kijyambere. Aho bahakuye inkunga ntagereranwa y'uburyo bwo kwiteza imbere biturutse ku nguzanyo zitangwa n'ibigo by'imari.

Mu gihe bari bamaze kurushinga, rubanda rwakomeje kubaha inkwenene na bo bati : « Isazi y'ubute ntirya igisebe kandi ngo utayihinganye ntayikira». Ubwo berekeye kuri Banki y'Abaturage ya Kinyami gusaba inguzanyo maze barayihabwa. Bwatinze gucya bashoka igishanga, maze si uguhinga karahava! Batera imbuto z'indobanure, ijuru na ryo rirabakundira.

Isarura rya mbere, bishyuye icya kabiri ku nguzanyo banigurira amatungo magufi harimo ingurube n'inkoko. Ibyo byatumye benshi ndetse no mu babahaga inkwenene bibaza uko babakiranye. Ibyo byaterwaga n'uko batari bazi ibanga ryabo ryo kubahana no kugirana inama, igihe cyose bagiye gukora icyo ari cyo cyose.

Haciye umwaka umwe, bibarutse abana babiri; umwe witwa Kiza undi yitwa Ishimwe. Abo bana bareranywe urukundo, bagahabwa n'ibyangombwa bikenewe nk'indyo yuzuye, imyambaro ikwiye, ubuvuzi nyabwo n'amashuri meza. Usibye ibyo bakanigishwa uturimo dutandukanye maze bakura bazi ko akabando k'iminsi ari umurimo. Ntibyatinze batsinda ikizamini cya Leta kuko biganaga ikinyabupfura n'ubuhanga ndetse n'abarimu bakabakunda birambuye. Ibyo bituma abandi bana babareberaho maze nabo biyuha akuya barabigana mu matsinda anyuranye, harimo itsinda ryo kurwanya marariya, iryo kubungabunga ibidukikije. Bamaze kurangiza amashuri yisumbuye bemerewe kujya kwiga muri za kaminuza zo mu mahanga. Kiza akurikirana ibyerekeye ikoranabuhanga naho Ishimwe we yakurikiye ibijyanye n'ubuvuzi. Nyamara nubwo kwa Cyubahiro na Kamariza hari impundu, kwa Ntambara na Nyiranuma ho hari ishavu. Dore ko babagaho ku bugenge. Uti: "Ese ibyo bishoboka bite ko abantu babana ku bugenge boshye abatagira ubwenge?"

Ntambara na Nyiranuma babanye bifashije mu buryo buringaniye, dore ko bavukaga mu ngo zidasaba umunyu kandi na bo bararangije mu Ishuri Nderabarezi rya Byumba. Ntibyatinze bibarutse ubwa mbere abana b'impanga: Semanywa na Keza. Babareze bibabaje kandi biteye agahinda kuko ntibasibaga kurwana kubera ubusinzi bwa buri munsi. Wasangaga Ntambara na Nyiranuma baramukira mu kabari kari hafi y'ishuri, kwiyandikisha ngo bazishyura ukwezi gushize. Ubwo kandi na nyuma y'amasomo, wasangaga utubari twose, ni nde uciye hano ni Runaka, iyo atabaga umugore yabaga umugabo. Guteka byababaga rimwe ku munsi nabwo nijoro, akenshi abana baryamaga batariye maze bwacya bakarwanira mu nkono batabanje no kwikiza ubutuna.

Igihe cy'amanywa abana babo birirwaga mu ngo za rubanda, rimwe bakabaha ibyo kurya ubundi bakabibima. Hari ababahaga urw'amenyo babavugiraho ngo: "Ariko ubundi aba ko ari abo kwa mwarimu, turabagaburira utw'abana bacu hanyuma bage kurenzaho amata n'imigati, ubwo si ubucucu?"  Bamwe bakabibaha abandi bakabibima. Nyamara se babibonaga ryari? Ubwo abana bakiririwa bicira isazi mu jisho. Ntibyatinze, basezerewe ku kazi kubera imyitwarire mibi idahwitse haba hanze ndetse no ku kazi (gusiba ku kazi, kudatanga umusaruro, kurwana no gusebanya). Udufaranga tw'imperekeza twabaye intica ntikize. Baturiye nk'abagiye gupfa. Koko rero ntarutamburira imfusha. Umunsi umwe hagwa imvura y'amahindu, abana bombi bugama aho kubera ko bari bataye urufunguzo ikindi kandi no guhora bahahanwa n'abaturanyi, byatumye bajya kwikinga munsi y'igiti cyari ku irembo ry'iwabo.

Muri iyo mvura nibwo Keza yafatwaga n'umusonga ariko undi ntiyabimenya agira ngo ni ugukina. Uko amasaha yagendaga akura ni na ko yarushagaho kuremba maze atangira kubwira umuvandimwe we ko apfuye. Ubwo Semanywa ahuruza abaturanyi ngo bamujyane kwa muganga. Bamwe bumva umwana bwangu ariko abandi bati:

"Tujya kubayegamo ngo kwa muganga se, ababyeyi babo ntibari kunywera iza yose hirya aha, hari uwo bagurira agacupa?" Bakiri muri izo mpaka, hatunguka Cyubahiro na Kamariza bavuye kubaza ibyerekeye imishingirwe n'imikorere y'amakoperative, babona umwana yarembye maze batumiza ipikipiki bamujyana kwa muganga. Bamugejejeyo, batinze kumwakira kuko nta n'ubwishingizi mu kwivuza bagiraga. Muganga aramusuzuma maze ababwira ko hasigaye akuka gake. Nyuma y'umwanya muke Keza araca.

Inkuru y'inshamugongo ihita ikwira hose ko umwana wa Ntambara na Nyiranuma yitabye Imana. Abantu barababara cyane kubera ko umwana yazize uburangare bw'ababyeyi babo dore ko babahamagaye ko abana bari hanze kandi banyagirwa bakabatera utwatsi. Imihango yo gushyingura iba bose bacitsemo igikuba, bashinjaga Ntambara n'umugore we urupfu rw'umwana wabo kuko impanga ye yari yabibasobanuriye. Nyiranuma we amarira yari yose, bamwe bakamuhoza abandi bakamuha inkwenene. Ubwo abahacaga bose bifataga ku munwa.

Nuko ishyingura rirangiye, Cyubahiro yahise asaba ijambo, aravuga ati: "Ibi bikwiye gusubirwamo, abantu bakibutswa inshingano zabo haba mu ngo ndetse n'ahandi". Nibwo basabye Umuhuzabikorwa w'Umurenge gutumiza inama y'ikubagahu ngo bafatire ibintu hafi amazi atararenga inkombe. Muri iyo nama Cyubahiro na Kamariza bahawe umwanya basobanurira abantu ibintu byinshi bamaze kugeraho kuko bari bamaze kubazwa ibanga bakoresha. Banababwiye n'ibyo bateganya kugeraho mu minsi iri imbere ariko kandi ko ibyo byose babigezwaho n'ubwumvikane no kujya inama ku kibazo cyabangamira umuryango. Ibinaniye umwe undi akabikora. Nubwo bari mu bwirabure ntibyatumye abaturage bihanganira kubaha amashyi y'urufaya. Abari aho batahana ingamba nshya cyanecyane ku bibazaga icyo bakora ngo batere imbere. Nyiranuma na Ntambara bahise basaba abaturage bose imbabazi ndetse bazisaba n'Imana, bafata ikemezo cyo gusenyera umugozi umwe. Wumvaga bamwe hirya bavuga ngo: "Harakabaho Cyubahiro na Kamariza"; abandi ngo: "Izina ni ryo muntu!"

## I. Ibibazo by'inyunguramagambo

**1. Sobanura aya magambo cyangwa itsinda ry'amagambo**

a) Uburinganire,
b) Inkwenene,
c) Ikubagahu,
d) Kubaha urw'amenyo,
e) Kurenga inkombe.
f) Ubwuzuzanye,
g) Ubutuna,
h) Gutera utwatsi,
i) Kwicira isazi mu jisho,

**2. Uzuza interuro zikurikira wifashishije amagambo cyangwa itsinda ry'amagambo wungukiye mu mwandiko avuga kimwe n'atsindagiye:**

a) Kamariza **afatanya** n'umugabo we mu kuzuza inshingano zo kurera abana bibarutse.
b) Umutegarugori utiyubashye usanga rubanda **bamuseka cyane** kubera guta agacu k'umuco w'imfura.
c) Amahano yakoze **yabuze igaruriro**, kubiceceka byababereye ikinanira.
d) **Agahinda** afite kamushenguye umutima ku buryo no kugira icyo ashyira ku munwa byamuyobeye.
e) Yagiye **shishi itabona** ntacyo atubwiye ku byabaye ku baturanyi be bibaniraga mu bwuzuzanye busesuye.

**3. Andika amagambo ari mu mwandiko asobanura atya:**

a) Ukuba ikintu kigeze mu ididaniro.
b) Gushakira umugore ku wundi.
c) Gukora iyo bwabaga, uko ushoboye kose.

**4. Koresha amagambo akurikira mu nteruro:**

a) Ubuharike,
b) Umuganji.

## II. Ibibazo byo kumva umwandiko

1) Ni nde ushinzwe iterambere ry'umuryango?
2) Ni iki Kamariza na Cyubahiro bakoze ngo barwanye ubukene?
3) Ese babigezeho ? Sobanura impamvu.
4) Imibereho ya Cyubahiro na Kamariza bayikeshaga iki abantu batari bazi?
5) Abana ba Cyubahiro na Kamariza ni ba nde? Barezwe bate?
6) Sobanura mu magambo make imibanire y'abana ba Cyubahiro na Kamariza.
7) Ese hari ikigaragaza ko Ntambara na Nyiranuma bari kuba bifashije? Ni uwuhe mugani w'Ikinyarwanda wabacira urebye uko ba Kamariza babayeho.
8) Iyo abana ba Nyiranuma na Ntambara bajyaga mu ngo z'abaturanyi babo, bababwiraga iki? Ese ibyo bavugaga byari byo?
9) Bamaze gusezererwa ku kazi, ni iki bakoresheje amafaranga y'imperekeza? Kuki birukanywe?
10) Ni iki Cyubahiro na Kamariza bakoreye Keza?

11) Ni ikihe gikorwa cy'ubutwari Nyiranuma na Ntambara bakoze imbere y'abaturage bagenzi babo.

### III. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

1) Andika ingingo z'ingenzi n'izingereka tubona muri uyu mwandiko.
2) Muri uyu mwandiko haravugwamo kwera no kwirabura. Ni iyihe mihango yindi yajyanaga no gupfa.
3) Muri uyu mwandiko batubwira ibyerekeye Itsinda «Ryita ku Bidukikije » urumva ryaba rishinzwe iki?
4) Sobanura uko umutwe w'uyu mwandiko uhura n'ibivugwamo.
5) Ni irihe somo ry'ubuzima bwa buri munsi Wakwigira kuri iyi miryango yombi? Ese ni uwuhe muryango wakubera urugero?

### IV. Ibibazo ku butinde n'amasaku

Shyira amasaku n'ubutinde ku nteruro zikurikira ugabanya ibimenyetso:


1) Ukurusha umugore akurusha urugo.
2) Nta mupfumu wipfuma.
3) Nta bworo buramata nk'ubw'ikirenge.
4) Kora ndebe biruta vuga numve.
5) Ibya Mukomakara byatwawe na Mukomarume.
6) Nta mugabo umwe, abantu ni magirirane.
7) Mpana uwange yananira nti: "ramvura ingoma wime."
8) Umukobwa washimye urugo aryama aheneye iwabo.
9) Inda igutoza kuba gito hato ikaba ari yo ikujya imbere.
10) Uburinganire n'ubwuzuzanye ni inkingi ya mwamba.

### V. Ikibazo ku ihangamwandiko

Hina umwandiko wahawe ku buringanire n'ubwuzuzanye bwo nkingi ya mwamba mu mirongo itarenze cumi n'itanu.

# 3 Ubuzima bw'imyororokere

## 3.1. Ikinamico: Mpana uwange yananira nti: "Ramvura ingoma wime"



### Umusogongero

Umugabo Rubundakumazi Yubu yabyirutse afite akabyiniriro ko kwitwa Imfizi y'Akarere ka Sodoma na Gomora. Ntiyigeze agira se wabo cyangwa nyirasenge ngo amuhanure, amutoze ibyerekeranye n'ubuzima bw'imyororokere ndetse no kuboneza urubyaro. Yabaye muri uwo mwijima w'ubumenyi bwa ntabwo agafatwa n'indwara zitandukanye zandurira mu busambanyi, Imana igakinga ukuboko akarusimbuka zimuzahaje. Yewe amaze no gushinga akavumu umuvumo w'ubukozi bw'ibibi waramwokamye. Amaze gushakana na Nyinawumuntu ntibasibaga kubyara indahekana, dore ko ku myaka ishyika makumyabiri bubatse, bamaze kugira umwana witwa Karenzo. Nta tubari yacagaho, yataha yaborewe impagarara zikavuka. Nyuma y'ibitekerezo yavomaga mu kagoroba k'ababyeyi, Rubundakumazi yaracururutse amahane arashira, umugore we aratuza, yisanzurana n'abana abatoza kubakira ubuzima bwabo ku bumenyi bw'ubuzima bw'imyororokere no kuboneza urubyaro kuko ari byo mbarutso y'iterambere rirambye mu by'ubukungu , imibereho myiza,

ukwishyira ukizana mu mahoro azira imihoro. Iteka Nyinawumuntu yabwiraga abana ko we n'umugabo bagiriwe inama kenshi bakaza kwisama basandaye. *"Mpana uwange yananira nti: "Ramvura ingoma wime". Kurikira umukino hato na we utazagwa mu ruzi urwita ikiziba.*

## Abakinamico:

1. **Rubundakumazi Yubu:** umutware w'urugo. Avuga uburimi, atuye mu mudugudu wa Kazeshenge. Ni umugabo w'igikwerere ugeze mu myaka mirongo ine n'umwe.
2. **Nyinawumuntu Sara:** Umugore wa Rubundakumazi Yubu. Ari mu kigero k'imyaka mirongo ine n'itanu.
3. **Binama Angelo:** umujyanama w'ubuzima ku rwego rw'Umudugudu wa Kazeshenge. Ari mu kigero k'imyaka mirongo ine.
4. **Wibabara Anita:** uhagarariye akagoroba k'ababyeyi mu Mudugudu wa Kazeshenge . Asanzwe ari umuforomokazi w'umwuga ku kigo nderabuzima cya Nyinawimana. Ari mu kigero k'imyaka mirongo itatu.
5. **Mpinganzima Rasheri:** umukobwa Rubundakumazi yabyaye hanze; bamwita izina banze kumugenura . Afite imyaka makumyabiri n'umwe.
6. **Nyabyenda Didiye:** umuhungu wa Rubundakumazi na Nyinawumuntu. Afite imyaka cumi n'umunani.
7. **Nyiramabumba:** umukobwa wa Rubundakumazi na Nyinawumuntu. Afite imyaka cumi n'itandatu.
8. **Nyiramisago Berita:** umukobwa wa Rubundakumazi na Nyinawumuntu. Afite imyaka cumi n'ine.
9. **Karenzo Zakayo:** Karenzo Zakayo ni we mwana wakwitwa umuhererezi mu nda ya Nyinawumuntu na Rubundakumazi Yubu . Afite imyaka cumi n'ibiri.
10. **Bihame Tito.** ucunga umutekano mu Murenge wa Gorora Rubundakumazi atuyemo. Agwa neza kandi agakurikiza amategeko. Uyu Tito ari mu myaka makumyabiri n'itanu,
11. **Bigora Yusufu:** umuzimyamuriro wa Rubundakumazi akaba n'umuvandimwe we. Akunda kujya impaka no kubaza ibibazo bigoye mu kagoroba k'ababyeyi. Afite imyaka mirongo itatu n'itandatu.
12. **Nyiragitariro Amina:** umuturanyi wa Rubundakumazi, bakunda gusangira urwa bitoki. Ari mu myaka mirongo ine n'umunani.

## Umuseruko wa I

*(Rubundakumazi ave ku kabari akererewe, yitonganya, asange abana n'umugore baryamye, nagera ku irembo asuhuze yitonganya)*

**Rubundakumazi:** (*Yitonganya*) Yego mama Yubibi yayaje, yego shenge Rubibi yayaje, Yubibi yayaje…(*Yivugishe*) Asyi ! Nabyaya ibyangwe nabyaya ibyangwe, mbuye n'inkwayi n'imwe y'indamyi yumva ko naje ngo inyakiye! (Asuhuze) Nyinyawumuntu Nyinyawumuntu wiyiwe wayamuce!

**Nyinawumuntu Sara:** (Yikirize) Mwiriwe mwaramutse shobuja mugabo mwiza!

**Rubundakumazi:** Umva mbeshe, ibyo wongeyaho ni ibici ma! Kinguya vuba vuba, ntumenya ko ntashe mu rugo gwanje!

**Nyinawumuntu Sara:** (*abanze akomangire abana ngo babe maso kuko uko abibona ijuru si ryeru, se wabo yaborewe; abongorere*). Bana, murabe maso! (*Yegere umuryago wo ku irembo akingure yivugisha*). Mugabo mwiza ko utinjira, ntubona ko nakinguye!

**Rubundakumazi:** Niko, uwakubatije Shaya yayi yakubonyemo gushaya, uyandaja hanje iyi nju wayayubace? Ubu nshace kwabonana kweyi!

**Nyinawumuntu Sara:** Ko uyu munsi wakabije imikizi byakugendekeye bite? Wahinduye imvugo urakabya. Ikindi kuva twashakana bibaye ubugira kabiri utaha bukeye.

**Rubundakumazi:** (*Yinjire adandabirana kandi yivugisha*) Bayakubeshe sha! Nje mba ndi hamwe n'uyungano duteya imboji, wibuke wowe ko umaze kuba n'uyujo, igikomomo. Ubu she wowe wiyibagije amateka yanje aka kanya kangana no guhumbya. Ntundebe ngo ayi! Shindashaza nkawe "mushenji". Uyayata iyo mishumi ngo ni amabeye! Wagiye uyihambiyiza imiba y'ubusuna. Ngabuyiya, tujyame unkayabye, uhindukiye. Umva weee!

**Nyinawumuntu Sara:** (*Yitonze*) Yewe ibyawe byakomeye kugeza ubwo uvuga amacuri, uravuga aya ndongo kugeza aha? Databuja, nzi ko ushaje asigaho, none niba ugisimbuka akatsi komereza aho; nagira ngo yenda uba uri hamwe n'abandi bagabo mujya inama, naho…Sara naruha, gusa urugiye kera ruhinyuza intwari. Rubundakumazi nkubwire, agakungu wongeye kubura uzagakuramo imbwa yiruka! Umaze kunshajisha, usigaye wirebera ab'ibere rigishinze boshye impindu, ngo aha imishumi yange itazavaho iguhambira! Narakubyariye ndenza no kubyara, nabyaye imfura, ndaheta ndahetura nasa iminani mbyara Nyamwasa, nkomereza kuri ba Nyabyenda, Nyiramabumba, Nyiramisago, dore na Karenzo. Rubundakumazi ukurikiranye dindi biki ? Wanshatse mfite inzobe inyoye, umusatsi ari umusereko, umubiri wose ntemba itoto, none ngo…. Babivuze ukuri koko ngo inkanda ishaje ibyara imisuzi! Hm! Ubonye ntakoma.

**Rubundakumazi:** Kabone ishano, imishuji nyine, ibyo ujuga shimbyumva. (Abaze impamvu abana baruciye bakarumira kandi bumva basakuza) Mbeshe bya bibwegeya byawe ko bidakoma byashinjiye iteka jyoshe!

| | |
|---|---|
| **Nyinawumuntu Sara:** | Abo wita ibibwegera ni bande? |
| **Rubundakumazi:** | (Ahamagare abana mu mazina yabo abatuka) Karenjo wo kayenzwe uyugo we! (*Umwana ati: "Ce!"*) Nje mvuga mutuyamye sha ntimuji ko mugayamye mu nju yanje. Nyiyamishago wo gashegugwe amahwa we, uri he? |
| **Nyinawumuntu Sara:** | Abana wabaretse koko . Ntibari kurara bicaye ngo ni wowe bategereje kandi bafite akamenyero ko ari ge wugurura igihe cyose uziye. Nk'ubu baba biriwe bamfasha imirimo duca inshuro ngo tubone icyo dushyira mu nda. Baba rero baguye ubukengeri, bibasaba kuruhuka ngo ejo bazongere gushakisha imibereho baruhutse neza. Kandi dore burakeye! (*Nyinawumuntu akebuke ibirenge by'umugabo atangare*) Dorere! ukagaba n'inkweto? |
| **Rubundakumazi:** | Ushigaye unjondoya ucyo! (*Ase naho inzoga zimushizemo arekure urushyi arukubite umugore ngo pya! Yivugishe*) Ako gashujuguro ujakanyaye sha! Bitabaye ibyo…Shi nge wahera. |
| **Nyinawumuntu Sara:** | (*Atabaze n'ijwi rirenga*) Rubanda rw'umwami muramvuneeee, umugabo aranyishe bana bange nimuntabare! |
| **Abana:** | (*Babyuke batakamba barimo Karenzo, Nyiramabumba, Nyiramisago na Mpinganzima*) Papa tubabarire, tubabarire! (*Rubundakumazi akizurungutana n'umugore, umuzimyamuriro Bigora ati: " Ba! Arakiza.*) |
| **Nyinawumuntu Sara:** | (*N'impumu nyinshi*). N'ubundi narabivuze ko azanyica. Umuntu utaha mu nkoko se koko nzabigenze nte? |
| **Rubundakumazi:** | Umva bwa bwenje bw'abagoye, umuntu ataha mu nkoko she habuje imodoka! (asanzwe avuga uburimi) |
| **Bigora:** | Mureke gushyogoranya burakeye , mutuze muruhuke turabisubiramo mu kanya bumaze gutandukana abantu bafite umwanya. Wowe Sara ngwino tujyane hatagira uwongera kwatsamo rukambikana. (*Abana basubire kuryama, nyina wa bo ajyane na Bigora bikubure bajyane bategereze buseruye*). |
| **Rubundakumazi:** | (*Yivugisha*) Iyo ka Bigoya kadahinguka, mba nkuyeho amaheru! Akantu kamfuhira kanshanze kanyobewe. Umugoye ubyaya indahekana, umugoye utaracuyiye igihe nk'abandi bagoye, wamukeka kuba ikimashini gicuya abantu. Ayiko koko uyiya mugoye ni ikimashyini! Agije kubyara indayekana kandi inshuyo nyishi, aca ishyuyo ubutaretsa; eshe mama iyo nja kuba njenyine bayiya bana |

mba nayabashoboye? None ndi kwimugayija agakecuyu ngo ni igikomomo, uwambaye ikiyezi ntamenya koko ko cyeya! (*Atararekanya ijambo yumva umuriri w'abantu baje bagana iwe, ategereza ko basuhuza.Yivugishe*) Aba bantu barazinduce pe! (*Ba bantu ataramenya basuhurize icyarimwe*)

**Abantu:** Mwaramutseho kwa Rubundakumazi!

**Rubundakumazi:** Mwaramutseho namwe. (*Arungurukiye mu kadirishya, abona Nyinawumuntu, Bigora na Nyiragitariro barangajwe imbere n'ushinzwe umutekano Bihame Tito. Akingura yivugisha*) Ugwanje gwageze, bambujije no kuba niyambitse, bayamfunga ntuya ibishito ndabivamo? Mukomeje mu yuganiyiyo. (*Ahamagare abana baraye mu rugo*). Muje mushuhuje abashitsi.

## Umuseruko wa II

(*Ni mu gitondo cya kare, Rubundakumazi , Nyinawumuntu, abana babo babari hafi Mpinganzima, Nyabyenda, Karenzo, Nyiramisago n'abaturanyi barimo Bigora, Nyiragitariro bicaye mu ruganiriro kwa Rubundakumazi . Bagiye gusubira mu byababaye*)

**Bihame Tito:** Abanyarwanda babivuze ukuri ngo imfura ingana na se. Umuhungu wawe mukuru wigeze umumenyesha uburyo wishe umutekano nibura ngo agukebure?

**Rubundakumazi:** Ashwi da! Ko natashe se nagatumuye, ugira ngo nibuka n'ibyo nakoje. Mbe nkwambuye! Kandi uwo muhungu Nyampeta atuye iyo ritegwa inkingi.

**Bihame Tito:** Ese ubusanzwe uranzi muzeee?

**Rubundakumazi:** Ndakuji da, shi wowe ushinzwe umutekano w'abantu n'ibintu mu muyenge wacu!

**Bihame Tito:** Mubyeyi rero turakugendereye, usobanure neza impamvu igutera guhungabanya umutekano. Nabwiwe ko mwaraye mutera rwaserera akaba ari yo mpamvu nazindutse iya marumba ngo ngere hano nsobanuze ibyawe neza. Kuri uyu musozi ni mwe musigaye mutarakira agakiza ngo mubone? Ubwenge buzanye n'imvi buramira ibyacitse. Muhora muri yogoyogooo, mwagiye gutura mu Biryogo.

**Bigora:** (*Atanguranwe*) Mwana wacu ntawuhana uwahanutse. Uyu so twarabyirukanye, yatekerezaga inyama akarara azibonye, yakenera inkumi zabuze umutima akazibona, amajigija yarajishaga, ahakinze agatera gatarina. Twaramuhannye, yewe no kumuraguriza twari tugiye kubikora Imana iradufasha mu gihe gito aba ashinze akavumu. Umusore, inkumi itamuzi mu gihe cyacu ntiyaba yaravukiye i Rwanda!

Nta n'indwara atarwaye ibaho kereka ahari SIDA njya numva imaze kutumaraho abantu. Uyu, udutego twa rugondihene, gukirana…ntawe bajyaga imbizi n'amahane rugeretse. Ntureba iki gishyundu hejuru y'ijisho, ni intosho yanteye turagiranye kera.

**Rubundakumazi:** Shahu Bigoya mwenye Biyekeyaho, uyagogwa n'ubusha nka bwa bundi bwayitse ku nziya umuyaga ukabwayuyiya!Niba ushaka ko bambamba mufatanye. Umunyi ajira undi. Wowe wabaga he icyo gihe ujuga. Ca ugwa mbehe yenda ujagabana mu byanje!

**Nyiragitariro:** *(Yivugishe)* Mwunve nkome! Nkomye nakomeretsa umuntu. Twese ntawutamuzi. Nshakira inaha muri za mirongo … nasanze bamwirahira. Aka gasozi kacu kabuze amahoro kubera umuntu umwe witwa Rubundakumazi mwene Maruhe na Nyiramiruho.

**Rubundakumazi Yubu:** Unyikoyeye azantuye. Icyabajanye cyabananiye? Jita abafashi zikayayamiya ababaji. Mwakomeje kubaza Nyiyamama wanje iyo yayaye mu mihana! Mwajanywe no gusubiya mu y'injuki cyangwa hari abajimu babanteyeje!

**Bihame Tito:** Mureke dusubire ishumba. Nyinawumuntu, wapfuye iki n'umugabo wawe? Tuguhaye rugari.

**Nyinawumuntu:** Ingeso y'uyu mugabo ni akarande. Noneho asigaye ataha bukeye. Muzi ko twabyaye indahekana kenshi kugeza kuri Karenzo uyu ukirigita urukweto rwawe; yitwazaga ko muri Bibiliya hari ahantu handitse ngo mubyare mwororoke mwuzure isi kandi muyitegeke. Navaga ku kiriri ntwite, yataha inda ikamutanga imbere ati: "Nimungaburire" azi neza ko adahaha yewe ko no guca inshuro byamunaniye, akiririwa umuheha unyarira iryinyo nge n'abana twicira isazi mu jisho. Ubu ho yadukanye n'ingeso yo guhiga bukware utunyogwe tugifite amabere y'impindu, igihe atahukiye akahira abana, nagira ngo ndavuze ati: "Umva inkoni".

**Bihame Tito:** Ntitwaje mu mateka yanyu uko yakabaye, rasa aho nshaka.

**Nyinawumuntu:** Yantutse ancinya n'urushyi amena umusaya, nimundebere. (Abereke umusaya yapfutse, ataka, yihengetse cyane cyakora bigaragara ko yamubabaje) Ororororo, ayiii! Nimukoreho buhoro bana b'Imana! Namwe se mushaka kumpuhura!

**Nyiragitariro:** *(Yirahire)* Ego mwana w'abazigaba! Yewe yamubabaje cyane. Nimugoroba nari nikanjiye amazi, igihe natabariye nagira ngo ni umugabo wihungurira umugore we imikungugu!

**Bihame Tito:** Umusaza, hari icyo wizigura?

**Rubundakumazi:** Ntaco, ni uko byagenje. Sinarushya ntera umujeri.

**Bihame Tito:** Ihe igihano kigukwiye.

**Rubundakumazi:** Dasho goshe ngiyiya imbabaji shinjongeya. Ayiko Dasho, uwayeka injoga byoshe byashoboka. Nanje koko ndisheka ndakabije. Uyayeba uko nimugayije agakecuyu koko!

**Bihame Tito:** Rubundakumazi, ufite amateka maremare. Wabyirukanye amahane, ushaka kuyasazana, watuse amafiyeri bose barabivuga, ntiwigeze urara inkumi , rero ngo n'amajigija, waranyoye uriharura harimo n'ibiyobyabwenge, udutabi tw'ingeri nyinshi utaretse na ka kandi ko kumugongo imitwe iba ibimanyu… Ibyo byose ntibigifite umwanya mu bana b'Abanyarwanda. Ikigezweho ni ugukura amaboko mu mifuka tugakora. Ingaramyi ntizikenewe muri iki Gihugu. Ibya Mukomakara byatwawe na Mukomarume., irinde kuba bize ngarame. Mu makuru mfite ,mu ndahekana zanyu hafi ya zose zigeze kurwara indwara ziterwa n'imirire mibi, ikindi ntukozwa kumenya ibyiza by'ubuzima bw'imyororokere ngo ubitoze aba bavutse ari indahekana. Ejo nibazakuzanira abuzukuru uzabigenza ute? Umugore iyo agukojeje ibirebana no kuringaniza urubyaro uraricurika. Birababaje pe! Uribeshya ngo ubu mwaracuze, birashoboka, hanze se naho uzatambikayo agati ko wumva n'ingeso yo gushurashura yanze ikaranda. Rubunda ya Nyirarubunda, mpa umwanzuro.

**Rubundakumazi:** Nkuyahije Imana yo mu ijuyu, ngiye kwishubiyaho muyi byoshe, nakire agakiza ngororokeye umugoye wanje. Ahubwo musabye imbabazi kimwe n'abana naraje gwantambi. (*Yegere aho umugore yicaye*) Mugore wanje mbabayiya, niba umpaye imbabazi haguyuka umpobeyeee!!!

**Bihame Tito:** Sara, niba wemera gutanga imbabazi, haguruka n'abana muhoberane.

**Nyinawumuntu Sara:** Abagore tugwa neza koko. Uzi ko yandaje rubunda. Imbabazi ndazimuhaye ariko amvuze n'ibi bisare n'ububyimbe bw'umusaya yanteye. Bana ba muge ejuru duhe So imbabazi duhoberana. Ngaho hobee!!! Hobe papa!!! Ariko watuzizaga ubusa. (*Abari aho bisekere ngo kweeeeee!!*)

**Bihame Tito:** (*Abatongere*) Ubwo muhanye imbabazi mufate imigambi mishya . Ningaruka mu kibazo cyanyu bizaba umwaku. Rubunda kandi, vuza koko umugore wawe. (*Asezere*) Ndagiye

mwirwe. (*Bamuherekeze bose uko bari aho. Batararenga umutaru, Nyinawumuntu, umugabo n'abana barasezera bagaruka mu rugo batangira kuganira*)

## Umuseruko wa III

(*Rubundakumazi n'umugore we batangire imigambi mishya baganira. Rubundakumazi azane Bibiliya ase nusoma yicaye ku gikiko, Sara aterure ikiganiro bicaye mu irebe ry'umuryango*).

**Nyinawumuntu:** (*Atitaye ku bikomere n'ububabare afite*) Mugabo wange rero, tugeze mu bihe bikomeye. Abakobwa bawe bose bamaze kuvuna amavi, abahungu na bo batangiye kuririmba nk'ibyiyone. Tubigenje dute ko dushobora kuzatangira kurwana urugamba amaherere agengaraye!

**Rubundakumazi:** (*Abaze rwose nk'utasobanukiwe*) Abo she bavunye amavi bajiye gutasha bahanuka mu biti? Abaririmba nk'ibiguruka se mu bwoko bwacu tubyara inyoni byiyoni?

**Nyinawumuntu:** Abakobwa bose batangiye kujya mu mihango abahungu batangiye kuniga amajwi, bigaragara ko batangiye kuzuza ibyangombwa by'ubukure. Bityo tutitonze ejo wasanga dufite uruhuri rw'abuzukuru.

**Rubundakumazi:** Eshe mama iyo mvugo ni byo igenuya. Dukore ici ko nje nta bumenyi mbifitemo, cera barabimbwiraga nkabita iburenga.

**Nyinawumuntu:** Ntiwibuka ya mashuri yari agamije amajyambere y'imyuga. Nge ni ho nabyize. Tubyumvikanyeho najya nihugurira abana ku buzima bw'imyororokere, ndetse no ku kuboneza urubyaro.

**Rubundakumazi:** Vuga ahubwo ko ujiye kubigisha ibishenji. Ni akaji kawe. Ujiye kubigisha uko batera inda n'uko basama. Komeja umurego ikijavamo ujagifatisha amaboko abiri. Reka nkubishe ahubwo mbe nijendeye mutanjire sinabonye boshe bagandagaje ku irembo hari icyo bari gukora. (*Yitemberere*). Bari ku irembo nibaze hano. (*Bose baze*)

**Abana:** (Mpinganzima, Karenzo, Nyiramisago na Nyabyenda) Tukwitabye karame mama. (*Abana bivugishe*)Ubonye papa agiye none ugiye kutwihererana?

**Nyinawumuntu:** Bana bange, mporana inkeke ko hazagira usama atabizi cyangwa atabishaka cyangwa se mu bahungu mugatangira gutera inda no kwandura indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina. Imyaka mugezemo ni ibisasu bibari ku gatwe. Bavuga ko ukize ubusore abubagira.

**Abana:** (*Mpinganzima,Karenzo, Nyiramisago na Nyabyenda*) Uradutunguye pe! Tangira utubwire.

**Nyinawumuntu:** (*Atangirire ku kibazo nka Mwarimu*) Ni nde ushobora gusobanura ubugimbi cyangwa ubwangavu?

**Karenzo:** (*Ashyenga asubize nyina*) Ubwangavu ni ukwanga ivu nyine rimwe bamwe mwita itazi. Ubugimbi ni ukugimbuka ukava mu bwana usanga abagabo.

**Nyinawumuntu:** (Amukore mu ntoki) Ntabatsinze icy'umutwe, ahubwo yabikuyehe? Mu kigero ke aragerageje. Ubwangavu n'ubugimbi ni igihe gikomeye kiri hagati y'ubwana n'igihe umuntu aba abaye umusore cyangwa inkumi. Iki gihe kirangwa n'imihindagurikire ku mubiri mu bitekerezo no mu myitwarire.

**Nyabyenda:** (*Arogoye nyina*) Haba hari ibiranga ubugimbi se waba uzi mama?

**Nyinawumuntu:** (*Asabe umuhungu we Nyabyenda kuzamura akaboko*) Zamura akaboko, twereke mu kwaha. (Abaze abana bari aho) Murabonamo iki? Ijwi rya Nyabyenda riteye rite? Nyamwasa watorongeye utiriwe hano mubona iki ku kananwa ke?

**Abana:** (*Basubize*) Turabona inshakwaha, Nyabyenda ijwi rye riranize, akananwa ka Nyamwasa gafite utwanwa, igituza kinini… Afite n'ibizigira bikaraze, wagira ngo arya "amatize".

**Nyinawumuntu:** Abakobwa bo reka mbavugire. Nka Mpinganzima murabona amataye, amabere, isuku isesuye nta maga , umusatsi usutse, kandi buriya ajya no mu mihango.

**Abana:** (*Abakobwa bose baraseka*) Kweee! (*Barongorerana*) Ese mama uyu munsi yahanzweho? Inkoni za nimugoroba zamugize umushizi w'isoni. Iyo atwihererana tugatandukana n'aba basaza bacu byari kuba byiza kurushaho.

**Nyinawumuntu:** Nabamenye, ni ngombwa ko mbibabwirira hamwe. Izi mpinduka zisobanura byinshi, muntege amatwi. Ku mukobwa bisobanura ko aba ashobora gusama nyamara imyanya myibarukiro ye itarakura bihagije. Kandi umwangavu aba agikeneye kurerwa no gukura mu bitekerezo kugira ngo azashobore kuba umubyeyi ubereye urugo. Ku muhungu, impinduka zisobanura ko aba ashobora gutera inda nyamara agikeneye gukura mu bitekerezo no kubanza kwitegura kuba umugabo ubereye urugo. Ku mpande zombi, igihe uri muri iki kigero ugomba kwirinda gukora imibonano mpuzabitsina kuko ushobora guhura n'ingaruka harimo no kwandura virusi itera SIDA n'indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina. Izi mpinduka ntizibera igihe kimwe kuri buri wese, bamwe ziza zitinze abandi zikabanguka. Igihe cyose zazira nta mpungenge

| | |
|---|---|
| | bikwiye gutera. Egera ababyeyi n'abarezi, mutinyuke kubabaza ibisobanuro kuri izo mpinduka. |
| **Abana:** | (*Bose bisekera*) Eheee! Uyu munsi uraturangije. Kuki wakererewe kuduha amasomo nk'aya? |
| **Nyinawumuntu:** | Inkono ntihira ikibatsi ihira ikibariro. Ubwo igihe ni iki. Ahubwo mwitegure igihe cyose nabonye akanya nzajya mbavunguriraho, ibi kabiri aba yarabonye igufa ry'umuyaga. Ese bako, muzi ingaruka zo gutwita ukiri muto! |
| **Abana:** | (*Abakobwa baseka*) Tumare amatsiko, ugize amahirwe se ukamushyitsa imusozi, si impundu ahubwo! |
| **Nyinawumuntu:** | Na Mpinganzima ungana atya ntazi ibyo ari byo? Mubangure amatwi. Iyo usamye ukiri muto udindira mu myigire iyo wiga kuko uhagarika kwiga kugira ngo ubyare; uriheba, ugira ubwoba, wumva utaye agaciro, uhabwa akato ,ugira ipfunwe n'ibindi. Ugorwa kandi no kubona ibigutunga wowe n'umwana utwite, imyanya myibarukiro yawe ishobora kwangirika (*fistula/fistule*) bikagusigira ubumuga cyanecyane iyo utakurikiranywe n'abaganga cyangwa iyo ubyariye mu rugo. |
| **Abana:** | Ko hari abana bo mu rungano rwacu bahetse kandi ko babyaye neza. Aha yewe kubyara nabi ni umwaku. Kanzayire, wa mugore wa Barahata yabyaye bamubaze se ku nshuro ya kangahe? Bamukoreye "sezariyene" ku nshuro ya gatatu. Nyogokuru yaratubwiraga ngo Habarugira ni Mwene Mugisha. |
| **Nyinawumuntu:** | Muramponda sinoga. Icyagaragaye ni uko iyo utwite ukiri muto, ubyara umwana udashyitse, ufite ibiro bike cyangwa inda ikaguhitana. |
| **Nyabyenda:** | (*Abaze mu kigwi cya bene nyina*) Wibanze ku bakobwa, twe se hari imiburo yindi udufitiye? |
| **Nyinawumuntu:** | Mugomba kwirinda gutera inda mukiri bato kuko mwatangira kwita ku bana namwe mukiri bato nta bushobozi n'ubumenyi mubifitiye. Byongeye, byabaviramo gufungwa muramutse muteye inda abana bari munsi y'imyaka 18. |
| **Abana:** | (Abahungu bisekera) Yaaa! Ubwo uhuye n'ikigore k'ijigija cyangwa uwiriza mubyumva kimwe n'undi urengeje iyo myaka ubugari bwarya isosi? |
| **Nyinawumuntu:** | Uzi ko muri akandare! Imyaka mufite mutekereza mutyo, muti abagore ... imyaka...Bahungu, mwubahe mugire ikinyabupfura kandi mwihe ikerekezo, mufate umwanya wo gutekereza neza, kugisha inama, gusesengura inama baguhaye, kureba amahitamo ashoboka, kumenya guhitamo kandi neza, gutekereza ku ngaruka zishobora guterwa n'ibyemezo ugiye |

gufata; izo ni zimwe mu nzira nziza zo gufata ibyemezo mu buzima utirengagije no kwemera ingaruka z'ibyo wakoze ukabyakira. (*Yumve umugabo we Rubundakumazi*) Sshiii! So numva yaje, reka turemure isoko tuzasubukura ubutaha. Imvura iguye ni isubira iyo idasubiye yitwa Cyumya!

**Rubundakumazi:** (*Abone abana be basohoka mu nzu bafite akanyamuneza ku minwa, ababaze*) Ko mwishimye ba sha! Ni akahe gashya mwunguce uyu munshi?

**Abana:** Ntako; gusa biradushimishije, uje kare kandi bigaragara ku jisho ko utahuye n'itende.

**Rubundakumazi:** Iyo nafashe icemezo ndamaramaja. Ahubwo nyoko aherereye he?

**Abana:** Ari hano, ntaho yagiye. (*Bigire ku irembo*)

**Rubundakumazi:** (*Ahamagare umugore*) Sara, Sara!!

**Sara:** (*Yitabe asohoka hanze*) Karame kabiri mugabo mwiza.

**Rubundakumazi:** Shefu w'umudugudu anyibukije ko akagoroba k'ababyeyi karabera hano ku muharuro wacu, bityo ndabona amashaha yegereje muhategure vuba.

**Sara:** (*Akimirane asubira mu nzu umugabo amukurikire amusabe*) Wabanje se ukikora ku munwa.

**Rubundakumazi:** Amashaha yacice ndarja iby'umugoroba. Ndumva nanagugariwe, Karambizi yansomeje ku musururu none wajira ngo nywite batatu!

**Sara:** Za nkumi reka nzisabe kujya kuhatunganya , nyuma nage nice isari, uzi ko nari nagutegereje ngo dusangire. (Ahamagare) Mpinganzi, Mpinganzima!!

**Mpinganzima:** (*Yitabe*) Karame !

**Sara:** Zana ifunguro hano ku meza.

**Mpinganzima:** (*Azane ifunguro ahereze nyina*) Nimwakire.

**Sara:** (*Amushimire nyuma akomeze*) Urakoze. Mutegure ku muharuro vuba na bwangu dufite abashyitsi mu kanya . Nimurangiza mutere na tumwe muri twa dutebe, ndetse musase n'imikeka,nimurangiza mutubwire. (*Sara yarure ibyo kurya, arye aganira n'umugabo we*) Burya nimugoroba ntiwanjijije ubusa?

**Rubundakumazi:** Unyumvire kandi , ibyo urabigarura byaranjiye ngo bimare ici wategereja ishirwa mu bikorwa jy'ingamba nafashe. Icemezo nafashe ni ntakuka.

**Sara:** Uko imvura ihinze siko igwa. Reka ntegereze. Nzabandora atuye ku Kirwa.

**Mpinganzima:** (*Yinjire abwire ababyeyi*) Twarangije. Mbonye n'abantu bamwe batangiye kugera ku muharuro, na wa muforomokazi Wibabara Anita.

**Sara:** Yewe, badutanze turi mu rugo! Mugabo nkunda, baduka twegere abandi (*Sara n'umugabo basohokane bagane ku muharuro aho abandi bari*).

## Umuseruko wa IV

(*Ni ku muharuro kwa Rubundakumazi, hari isuku, hateye udutebe, hateguye n'imikeka. Hari abantu bitabiriye akagoroba k'ababyeyi, Sara, Rubundakumazi, Bigora, Nyiragitariro na Wibabara Anita*)

**Wibabara Anita:** *(Asabe gutuza no kwicara ku bahagaze*) Mutuze tuganire, (*asuhuze abitabiriye akagoroba k'ababyeyi*) Nimugire amahoro

**Ababyeyi bose hamwe**: (*Basubize*) Ubumwe n'ubwiyunge (*bakome amashyi*)

**Wibabara Anita:** (*Yongere*) Nimugire ubuzima.

**Ababyeyi bose hamwe:** (*Basubize*)Dutanga mitiweli twirinda kubyara indahekana, tuboneza urubyaro, tubyara abo dushoboye kurera!

**Wibabara Anita:** Murakoze kandi murasobanutse ni ukuri! Mwibuka ko hagiyeho gahunda y'akagoroba k'ababyeyi kugira ngo tuge dusasa inzobe ducoce utubazo dufite mu miryango tudahuruje abandi, tunungurane ibitekerezo ku bintu bitandukanye. Uyu mugoroba turaganira ku kuboneza urubyaro. Mwese muzi kuboneza urubyaro icyo bivuze? (*Abantu bongorerana mu dutsinda dutoduto*)

**Bigora:** (*Yijujuta*) Witurushya, niba uje kuduhugura gira bwangu witinda mu makoni.

**Nyiragitariro:** Nge se wacuze hari igicuro k'ibisobanuro nagira. Baza Nyinawumuntu Sara ni we uheruka mu ishuri.

**Wibabara Anita:** Twibukiranyije, kuboneza urubyaro ni uburyo umuryango cyangwa umuntu ugeze mu gihe cyo kororoka ahitamo gukoresha kugira ngo abyare abana ashoboye kurera, umuryango we ndetse n'Igihugu ke.

**Bigora:** Eee! Burya se n'Igihugu kiraturerera? Abana se utashobora kurera ni bangahe warababyaye? Imana yaguha abana ukabanga se? Inyundo ibacura keretse yarakubye n'Imana yarasuhutse. Nta wambuza kubyara mba ndoga Binama!

**Wibabara Anita:** Munyumve; neza bavandimwe; iyo bidushobokeye kuboneza urubyaro ni twe tubigiramo umugisha. Babyara abana bifuza kandi ku gihe babyifuza kandi birinda umuryango gutakaza umutungo mu mibereho igoye ya buri munsi.

**Rubundakumazi:** Ariko ni ibyo byakujanye. Ko mfishe ba Kayenzo bakaba banciya impagacya iyo ntababyara mba mbayeho nte? Baja Nyinyawumuntu Sara si nguwo yicyaye imbeye yawe, aragushobanuyiya.

**Wibabara Anita:** Sara, sobanura ibyo bintu. Bifite ukuri?

**Sara:** Simuhishira ni umugabo wange. Uko mumubona ntiyigeze ampa agahenge ngo nduhuke kubyara. Namubwiraga ibyo kuboneza urubyaro akampinda, buri mwaka ni ko yagiye ampoza ku nkeke, ahari buri mwaka nabyaraga umwana. Uwo Karenzo avuga ni karenzo koko, ni umwana wa cumi na gatatu, nkeka ko uyu Rubundakumazi nambabarira Karenzo azambera bucura. Abana benshi baduteje ibibazo: ntibize, bamwe numva ngo bajyanywe mu bigo ngororamuco, abandi sinamenya iyo baherereye, hari n'uwahitanywe na cya cyago ngo ni SIDA. Yewe mukobwa wa Naramabuye, nge ubona ntashyira uturaso ku mubiri ukagira ngo si ukubera guhangayikira urubyaro! (*Ababyeyi bose ngo kweee!*)

**Wibabara Anita:** Umugabo wawe aratubeshye ikirari kirumye. Ntiwatuza ngo utekane, ntiwabona amafaranga yo kurihira abana benshi amashuri. Bantu bange bavandimwe , abana benshi ni umutwaro ku gihugu na twe kandi tutiretse! Ni byiza bagabo kumva neza gahunda yo kuboneza urubyaro. Iyo umuntu yakoresheje uburyo bwo kuboneza urubyaro, yagera igihe runaka akabuhagarika ashobora kongera gusama uko abyifuza. Nimwegukire abagore banyu mubahe agahenge, ibitekerezo bya Rubundakumazi si byiza, umugore n'umugabo nimubigiremo uruhare. Umugore si ikimashini cyagenewe gucura abantu.

**Nyiragitariro:** (*Atere urutoki hejuru abaze*) Ariko gerageza gusobanurira abakazana bacu bakiri bato ubwo buryo bwo kuboneza urubyaro.

**Wibabara Anita:** Kugeza ubu hariho uburyo butatu bw'ingenzi bwo kuboneza urubyaro: uburyo bw'igihe kigufi; uburyo bw'igihe kirekire, n'uburyo bwa burundu. Muri ubu buryo harimo ubwa kijyambere n'ubwa kamere. Ngira ngo si ubwa mbere mwabyumva. Ikigenderewe ni ukwiga tugasesengura ibibazo n' ingaruka ziterwa no kutaboneza urubyaro. Kuvuga agakingirizo, inshinge, ibinini, uburyo kamere n'urunigi mubiziho cyane. Agapira ko mu kaboko, agapira ko mu mura n'uburyo bwa burundu aho umubyeyi w'umugore cyangwa umugabo ahitamo gufunga urubyaro burundu, mwagiye mubihugurwaho cyanecyane mwe mwese mukiri bato. Abagiye bacikwa iki cyari igihe cyo kwisubiraho mukabyara abo mushoboye kurera habonezwa urubyaro. Ibi bizafasha Igihugu mu iterambere, byongeye byongera ubusabane n'urukundo mu bashakanye no mu muryango, bikagabanya umwiryane n'inzangano. (*Bamuce mu ijambo*).

**Bigora na Nyiragitariro:** (*Babarize icyarimwe*) Uramutse uri nk'umukazana wacu ugahura n'ikibazo gitewe n'uburyo ukoresha bwo kuboneza urubyaro, harya ubwo wabariza he?

**Wibabara Anita:** Ni byiza ko negera Ikigo Nderabuzima kugira ngo bangire inama nibiba ngombwa bampindurire bampe ubundi buryo bunogeye. Reka ducutse ikiganiro, mwumve ko kuboneza urubyaro ari gahunda yizweho bihagije. Nimugane abajyanama b'ubuzima babahugure nange nzababa bugufi ndi uwanyu nzakomeza mbagire inama zunganira iz'abanyabuzima nimunanira nzabashyira mu maboko y'Imana. "Mpana uwange yananira nti: "Ramvura ingoma wime."

(*Hafungwe umwenda, bisobanuye gusoza cyangwa gusubika umukino*)

## Inyunguramagambo

### Sobanura amagambo cyangwa itsinda ry'amagambo akurikira

1) Akabyiniriro
2) Imfizi y'akarere ka Sodoma na Gomora
3) Amuhanure
4) Gushinga akavumu
5) Akagoroba k'ababyeyi
6) Amahane arahuna
7) Imikizi
8) Kuba urujyo
9) Igikomomo
10) Kuvuga aya ndongo
11) Gutera rwaserera
12) Kuzinduka iya marumba
13) Agatabi ko ku mugongo w'ingona
14) Guta ibintu i Burenga

### Imyitozo y'inyunguramagambo

**A. Imigani ikurikira isobanura iki mu mwandiko?**

1) Ubwenge buzanye n'imvi buramira ibyacitse.
2) Ukize ubusore arabubagira.
3) Uko imvura iihinze siko igwa.
4) Urugiye kera ruhinyuza intwari.

**B. Simbuza ijambo/ Itsinda ry'amagambo ritsindagiye irindi bivuga kimwe wungukiye mu mwandiko.**

1) **Yatubeshye bikomeye,** hashize akanya turikubura .
2) Yabyutse **yasinze** kurusha uko mwamubonye ejo.
3) Nabonye na rya ryori **ryatangiye kuvuna amavi** da!
4) Umukobwa **watangiye kujya mu mugongo** aba yakuze, ni byiza yitwararitse ku buzima bwe.
5) Umuhungu na we **wahinduye ijwi** ni ukumuba hafi.

## Soma umwandiko umwandiko unasubize ibibazo bikurikira

1) Ni ibihe bimenyetso bigaragaza ko umwana w'umukobwa yabaye umwangavu
2) Ni ibihe bimenyetso bigaragaza ko umwana w'umuhungu yabaye ingimbi?
3) Vuga ingaruka zishobora kugwira umwangavu utitaye ku kumenya ubuzima bw'imyororokere.
4) Ni akahe kamaro k'akagoroba k'ababyeyi?
5) Inama n'amabwiriza arebana n'ubuzima bw'imyororokere twabisanga he?
6) Ni ngombwa kuganira n'urubyiruko ku buzimza bw'imyorokere. Sobanura utarondogoye niba uhamanya n'iki gitekerezo.

## Subiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

1) Tanga ingingo dusanga muri uyu mwandiko.
2) Rondora akamaro ko kuboneza urubyaro ku bagore, abagabo, abana, ku muryango no ku gihugu.
3) Vuga usobanura uburyo bwo kuboneza urubyaro buboneka mu Rwanda.
4) Gereranya imyitwarire ya bamwe mu banyarubuga n'ubuzima busanzwe bw'aho utuye.

### Inshoza y'ikinamico



Ongera usome iyo kinamico maze utahure inshoza yayo, uturango twayo n'amoko yayo ndetse unakore ubushakashatsi ku misesengurire yayo, amoko yayo no ku mateka y'ikinamico.

Ikinamico ni umukino ushingiye ku gikorwa abantu berekanira imbere y'abandi, abantu bihindura ukundi, bagerageza gusa na bo cyangwa ibyo bakina haba mu mvugo, mu mico no migirire kandi bagamije gushimisha abababona rimwe na rimwe bagaherwamo inyigisho zishobora kuba intandaro yo gukira bimwe mu bikomere by'umutima umuntu agendana buri munsi cyangwa gukemura bimwe mu bibazo bihora biziritse bagenzi bacu mu miryango natwe ubwacu tutiretse. Ikinamico ishobora kukunywesha umuti urura ukakubera urukingo ruzima rwo guca ukubiri n'ikitwa ingeso mbi zose zoreka imbaga y'abantu mu migirire no mu bikorwa by'urukozasoni. Ikinamico ni ikigega k'ikoraniro ry'ingeri z'ubuvanganzo zitandukanye, kuko ikinamico ubwayo atari ingeri y'ubuvanganzo.

Mu ikinamico, abakinnyi bashobora gutebya, gusakuza, guca imigani, kuririmba, guhoza abageni n'abana, kuvugira inka, yewe n'abahigi bashobora kuzitura intozo zabo nyuma amahigi bakayaroha. Ikinamico ni akayobera. Usibye akamaro ko gushimisha abayireba, irigisha abantu bakanyurwa. Ikinamico iravura; ikuramo abantu ububabare baba bafite, ikagerageza na none gukemura bimwe mu bibazo baba bafite ku mutima.

## Uturango tw'ikinamico

### 1. Urukiniro cyangwa akabugankuru

Urukiniro cyangwa akabugankuru ni aho abakinnyi bakinira umuseruko uyu n'uyu. Umuhanzi ahitamo urukiniro akanagaragaza uko ruri bube ruteye. Akabugankuru gakinirwaho igice cyose cy'umukino. Tuvuga umuseruko iyo hari umukinnyi mushya winjiye mu rukiniro cyangwa igihe hari usohotse mu rukiniro. Mu makinamico avugirwa kuri tereviziyo cyangwa kuri radiyo, si ngombwa ko urukiniro rurangiriraho igice cyose cy'umukino kuko ho biba byoroshye kubikora. Mu mikino yerekanwa ntabwo washobora kwerekana abantu bari mu Kiriziya ngo mu kanya wongere uberekane baryamye imbere y'imbaga ibarebera kandi ari mu gice kimwe. Ahangaha byagusaba kubanza gufunga umwenda ugategura akandi kabugankuru. Amategeko y'ikinamico avuga ko bafunga umwenda gusa iyo igice cy'umukino kirangiye.

### 2. Umutwe w'ikinamico

Umutwe w'ikinamico mwiza uba ari mugufi kandi uteye amatsiko. Insanganyamatsiko rusange igomba kuba ifitanye isano n'umutwe wahisemo, biba byiza iyo usomye umutwe adahise yumva neza ibikubiye mu ikinamico yawe.

Mu ikinamico nyarwanda cyanecyane, usanga amazina y'abakinankuru ashushanya imico yabo, uko bateye n'uko bitwara, ku buryo wumva izina ukaba umenye imico yabo, uko bateye n'uko bitwara ku buryo wumva izina ukaba umenye igitekerezo rusange.

| Izina ry'umukinankuru | Ikimuranga |
|---|---|
| Rubundakumazi | Ubusinzi, amahane, kuboneza urubyaro ntabikozwa |
| Binama | Ajya inama, agira umuhati wo kunga abakimbiranye |
| Bigora | Akunda kujya impaka no kubaza ibibazo bigoye mu kagoroba k'ababyeyi. |
| Nyiragitariro | Akunda akarwa, asangira na Rubundakumazi. |

Bene ubu buryo, abahanga mu mihimbire y'ikinamico bemeza ko atari uburyo bwiza bwo guha amazina abakinnyi kuko butuma umusomyi cyangwa ureba ikinamico atayigirira amatsiko. Si ngombwa ko izina byanze bikunze rivuga imiterere n'imyifatire y'umukinnyi. Uburyo bwiza ni ukubaha amazina asanzwe, imyitwarire yabo ikaza kugaragara mu bikorwa byabo igihe bakina.


Mu ikinamico hakoreshwa imvugo ijyanye n'umwanya bari gukina ndetse inajyanye naho bari gukinira.

***Urugero*:**

Uzasanga nk'umuntu wize agenda avanga mu byo avuga indimi z'amahanga, mayibobo we uzamwumva avuga ngo: "Jombaho mwana", amacensi n'ibindi. Ikinyarwanda gisanzwe usanga gikoreshwa ahanini n'abahinzi n'aborozi, abakecuru n'abasaza. Iyo unyarukiye mu migi, usanga bakoresha uruvangitirane rw'indimi; Ikinyarwanda n'icyongereza, Ikinyarwanda n'igiswayire cyangwa se ikinyarwanda n'igifaransa. Abasirimu n'abitwa ko bize na bo ni uko. Usanga bagenda bavanga ikinyarwanda n'indimi z'amahanga. Umuhanzi mwiza rero aba agomba kubyubahiriza agaha abakinnyi imvugo n'imyitwarire basanzwe bafite mu buzima busanzwe bwa buri munsi.

**3. Ishushanyabikorwa mu ikinamico.**

Ibikorwa bigaragara mu ikinamico bishingira ku bakinnyi cyanecyane b'imena. Abakinnyi b'imena bafatanyije n'abungirije bayobora imigendekere y'ibikorwa mu ikinamico kugeza ku ndunduro y'ikinamico. Bityo rero kimwe no mu nkuru ngufi cyangwa ndende umusesenguzi ashobora gushushanya ibikorwa yifashishije igishushanyo giteye gitya:




- **Nyiri ubwite:** ni bo ikinamico iba ishingiyeho. Aba bashobora kugera ku ntego bagamije cyangwa ntibayigereho.
- **Ugenerwa:** ni umuntu wese waba afite inyungu ukurikije ikivugwa mu ikinamico.
- **Abafasha:** ni abakinamico cyangwa ibindi bintu bishobora gutuma nyiri ubwite cyangwa ba nyiri ubwite mu ikinamico bagera ku kigamijwe cyangwa ntibakigereho ariko byagaragaye ko ba nyiri ubwite bari bashyigikiwe.
- **Ugenera:** ni umuntu cyangwa ikintu gituma nyiri ubwite agera ku intego runaka mu ikinamico.
- **Ikigamijwe:** ni intego abakinamico b'ingenzi baba bahawe n'umuhimbyi w'ikinamico.
- **Imbogamizi:** ni abakinamico cyangwa ibintu bishobora kubangamira umukinnyi cyangwa abakinnyi b'imena kugera ku ntego cyangwa ku kigamijwe.

**Impugukirwa:**

Mu ikinamico birashoboka ko ibikorwa byagenda bikurikiranye nk'uko byagiye biba mu njyabihe yabyo. Ibi si ihame. Bitewe n'ubuhanga bw'umuhanzi w'ikinamico hari ubwo usanga ibikorwa bidakurikiranye uko byagiye biba mu mateka yabyo.

## Amateka y'ikinamico.

Biragoye kwemeza neza amateka y'ikinamico kubera ko icyo twakwita ikinamico nyayo kitazwi neza. Hari ibimenyetso bihamya ko umukino runaka ari ikinamico. Dufatiye ku ikinamico y'i Burayi, umukino wanditse ukurikiza amategeko y'inyabutatu: ubumwe bw'igikorwa, ahantu n'igihe, hagatandukanywa abakinnyi n'abarebyi. Bityo, abasesengura amateka y'ikinamico nyarwanda basanga bitakorohera umuntu kwemeza neza ko Afurika, u Rwanda by'umwihariko rwabayemo ubugeni bw'ikinamico. Ariko nubwo Abanyarwanda batari bazi kwandika, bari bafite umwimerere wo guhimba no gutora ibintu mu mutwe bitabagoye. Nta gushidikanya rero ko Abanyarwanda bari barahiriwe n'iyo nganzo batakobwa burundu ku ikinamico.

Uko bimeze kose, abahanga bemeza ko ikinamico yatangiranye no kubaho kwa muntu. Uko umuntu yabaga mu bitare abeshejweho no gusoroma imbuto z'ishyamba no gutungwa n'inyama mbisi z'inyamaswa z'umuhigo, ibyo byose babifatataga mu buzima busanzwe nk'ikinamico. Nyuma ya Yezu/Yesu, mu ntangiriro ya Kiriziya, ku munsi mukuru wa Noheri, bakinaga imibereho ya Yezu/Yesu mu duce dutoya bigakereza abagenzi. Ndetse ngo ku bemera Pasika, bakinaga ububabare bwa Yezu/Yesu Kirisitu. Mu Rwanda, twakwemeza ko habagaho ikinamico gakondo, aho wasangaga abanyarwanda, abiru bubahiriza inzira yo kwimika umwami hakaba ibirori bikomeye, kimwe n'izindi nzira zubahirizwaga ibwami: Inzira y'umuganura, inzira ya kivu, iy'ishora, ya rukungugu,… Habaga iyo ba sogokuru bagira batya bakerekeza mu gicumbi, mu ndaro z'abakurambere bagaterekera byo kwiyambaza abakurambere, abashishoje iby'ikinamico bavuga ko imihango yose ijyana n'amadini gakondo byafatwa nk'ubwoko bw'ikinamico. Imisango y'ubukwe, kubyukurutsa, gucyuza umuhigo no kwirahira, iminsi mikuru yo gucana uruti, guhana inka; gutumirana abantu barabyina, bagasabana, ufata ijambo akarifata, bityo bityo abantu bakishima, kimwe n'utundi dukino two kwidagadura tubarirwa mu ikinamico gakondo.

Aho abazungu bagereye mu Rwanda, habayeho igihe cyo kwigana ikinamico z'i Burayi. Abagannye ishuri bagiye babona imiterere y'ikinamico y'i Burayi. Niba hakinwe moriyeri (Molière), Koruneye (Corneille), Rasine (Racine) cyangwa Sheyikisipeya (Shakespeare), indorerezi mu mashuri zagendaga zikubita agatoki ku kandi bafite ishyaka ryo kwigana ikinamico babonye kandi biyumviye.

Mu maseminari, inkuru n'intoya aho bitaga cyanecyane kwigisha indimi byagaragaye ko zaje ku isonga. Ikinamico yujuje ibisabwa yatangiriye i Burayi, muri Afurika itangirira mu mashuri yo muri Afurika y'Uburengerazuba. Amashuri yamenyekanye cyane kuba yaragize uruhare rukomeye mu guteza imbere ikinamico nyafurika

harimo Ishuri ryitiriwe Wiriyamu ponti (William Ponty) ryari ryubatse mu kirwa cya Gore, hafi y'i Dakari ryari ryarashinzwe na Sharire Beyari (Charles Béart) umuhanga mu kwigisha ikinamico, mu mwaka wa 1930 . Irindi shuri rizwi ni "Ecole Primaire Supérieure de Bingerville" ho muri Kotedivuwari (Côte d'Ivoire), ryashinzwe mu 1913. Amashuri nk'aya rero ntayo twigeze tugira muri Afurika y'ibiyaga bigari. *( Nkejabahizi, J.-C., 2005, Ubuvanganzo nyarwanda. Inkuru ndende n'Ikinamico, Butare, U. N. R.)*

Mu Rwanda, ikinamico ya mbere mu Gihugu cyose yabonetse mu mwaka wa 1954. Ubwo bugeni bwatangiranye n'uwitwa Nayigiziki Saverio mu mukino yise "L'optimiste", aho yatangaga ikizere ko ibintu byose bishoboka. Ikinamico yanditse mu rurimi rw'Ikinyarwanda yagaragaye mu Rwanda ni iy'uwitwa Mubashankwaya mu mwaka wa 1968 yitwa "Diyosezi y'Imvejuru izigondera Seminari?". Nyuma y'icyo gihe ikinamico yakwiriye mu mashuri, cyanecyane ayabihaye Imana. Ikinamico zagiye zigaragara, zakomozaga ku ngingo nyinshi zo mu buzima busanzwe: urukundo, umuco, uburezi n'uburere, intambara y'ibya kera n'iby'ubu, amajyambere n'amafaranga. Usibye izi ngingo zagiye zibandwaho hari n'abanditsi bagiye banenga imyifatire itaboneye ya mwarimu cyangwa y'umunyeshuri. Twizere ko hazaduka n'izindi ngingo zizibandwaho n'abanditsi b'ikinamico nk'uko i Burayi bahinduye bakihimbira ikinamico yo kuzubara n'iy'imibereho.

Ku ngingo zibandwagaho mu ikinamico gakondo, iz'ingenzi ni umwanya ukomeye umwami yari afite mu mibereho y'Igihugu (umuco,ubukungu n'ubutegetsi). Umwami yari Nyagasani, yari yubashywe byegereye Imana, atandukanye n'umuntu tuzi, afite itegeko ryo kwica no gukiza*"jus gladii"*. Umusizi wo hambere witwa Semidogoro ya Gasegege yabigaragaje mu gisigo ke "*Umwami si umuntu*" yagiye yerekana ko umwami ari hagati y'Imana n'abantu, ko ari we umenya Imana na we abantu akaba ari we bashobora kumenya gusa. Akomeza avuga ko umwami akamirwa n'Imana na we agakamira abantu, ubuzima akaba ari we babukesha. Dore amwe mu mabango y'icyo gisigo nk'uko agaragara mu nyandiko*"Ibitaramo ku mateka y'u Rwanda. Igitabo cya 1*" ya Kagiraneza Zefirini:

Umwami uyu si umuntu
Mwebwe bantu yahaye inka
Aba umuntu atararorwa [.....]
Yee ni ukuri
Uwanze kuba umuntu aba umwami
Umwami ga ho ni we Mana
Agahaka abantu!
Yee si umuntu ni umwami!
Umwami uyu ntawe umwigera ngo aha yubatse.
Narahageze i Zina-wenyine
Imana ntibona mu ijabiro umu!

Nsanga ari we Mana twambaza!
Indi Mana ni we uyizi
Tubona Ngendo twebwe! [.....]
Umwami si umututsi
Ntabe kandi na Munyiginya
Ni umusumba asumba abantu
Agasumba n'abisumbuye
Abigize bakuru aho basumbana
Akabasumba na bo!

Izindi ngingo ni izikoma ku muryango. Kubaho nta maboko, nta muryango ukomeye ufite, uri nyakamwe byari ishyano rya Gashyantare. Iyo umuryango wagucaga cyangwa ukaguha akato byari ikibazo gikomeye kuko nta wagombaga kugucira akari urutega. Umuryango rero washoboraga gufata ibyemezo bidakuka, ntawushobora kubivuguruza.

Abanyarwanda kandi ntibatangwaga no gushakisha ishema n'ubutwari bifatiye ku ntambara z'urudaca zahoraga zishyamiranya Abanyarwanda n'izindi mpugu. Umunyarwanda w'ukuri yarangwaga no kudahara ishema, akaba yanapfira kuriharanira. Bati: "Wanga kumenera Igihugu amaraso, imbwa zikayanywera ubusa". Gutozwa kwishitura ubugwari byari mu ntego z'ibanze amatorero yibandagaho. Amazina nka Muzigangabo, Mugabwambere,...agaragaza icyari kigambiriwe bita aya amazina. Ingingo ya nyuma ni irebana n'iyobokamana y'Abanyarwanda. Kuva aho Kiriziya imenyekanishije Ivanjiri, idini gakondo ryagiye rishyamirana n'idini mvaburayi ryahinduye byinshi mu mibereho y'Abanyarwanda. Ibibazo byagiye bigaragara byagiye bicocwa binyujijwe mu ikinamico zitandukanye.

### Amoko y'ikinamico

Kugena ingeri cyangwa amoko y'ikinamico ntibikomeye, cyane iyo witayeho ahantu ikinirwa cyangwa se inzira icishwamo kugira ngo igere ku bayumva cyangwa abayireba. Hashingiwe ku hantu ikinamico ibera n'inzira ica kugira ngo igere ku bayikinirwa cyangwa abayireba, usanga ikinamico irimo amoko abiri: **ikinamico yo kuri radiyo no kuri tereviziyo n'ikinamico yo ku kabugankuru.**

## 4.1.Ikinamico yo kuri radiyo no kuri tereviziyo.

Igomba kuba ngufi kandi igitekerezo kigasesengurwa kigashira inyuma. Iyi kinamico ikinwa n'abantu bake bishoboka, bitagenze bityo byayobya abayikurikirana. Ishobora kugira ibice byinshi bigakinwa mu gihe kinyuranye. Mu mukino wo kuri radiyo wirinda gukoresha imvugo isa n'iyerekana ibintu kubera ko ababa bakurikiye umukino baba bumvisha amatwi batabona ibikorwa n'abakinnyi. Utegura ikinamico yo kuri radiyo yirinda gusaba gukoresha ibikoresho abona ko biruhije cyane. Ari hanze, ari n'ikinamico yo kuri radiyo yatangiranye n'Itorero Indamutsa ahagana mu mwaka wa 1983 yari rifite intego yo gukosora no kwigana ikinamico zabonekaga icyo gihe.

### 4.2.Ikinamico yo ku kabugankuru.

Iyi kinamico yo hanze mu cyumba cyabugenewe ikinwamo n'abantu benshi. Ukurikije ikivugwa ishobora kuba ngufi cyangwa ndende.

### Ikigereranyo hagati y'ikinamico yo kuri radiyo na tereviziyo n'ikinamico yo hanze

| Ibyibandwaho | Ikinamico yo ku kabugankuru | Ikinamico yo kuri radiyo na televisiyo |
|---|---|---|
| Aho umukino werekanirwa | Inzu yabugenewe | Radiyo (sitidiyo) |
| Uko ubutumwa bwakirwa | Amaso (kureba) | Amatwi (kumva) |
| Abakinnyi n'abo bakinira | Amaso ku maso (uburyo buboneye) | Bamwe bari kure y'abandi (Uburyo buziguye) |
| Isano y'abakinnyi n'abo bakinira. | Isangirabiganiro hagati y'abakina, abareba bateze amatwi kandi bashobora kujora ako kanya. | Inzira imwe itega amatwi ibiganiro by'abakina Gukurikira bumva gusa radiyo na tereviziyo |
| Ubwitabire bw'abakinirwa | Gukurikira umukino bareba kandi bumva. | Kugezwaho amakuru bumva batabona |
| Ingaruka ku bakinirwa | Ukwidagadura bumva bareba. | Kudashima kujora imbonankubone, kutagaragaza imbamutima zabo |

Iyo usesenguye neza ubu bwoko bw'ikinamico ukibanda cyane ku kivugwa, ku butumwa bugenewe abumva bagakurikira ikinamico kuri radiyo na tereviziyo cyangwa se abakinirwa ikinamico amaso ku maso kandi bakurikiye babyitayeho, usanga ikinamico yagenwa mu ngeri zinyuranye zikurikira:

**1. Ikinamico y'amateka nyafurika**

Iyi kinamico igerageza gucukumbura amateka ya Afurika, ikarata cyangwa igashimagiza intwari n'ibihangange byanditse amazina yabyo mu muryango nyafurika cyangwa mu muryango nyarwanda. Iyi kinamico yerekana ko ubukolonize ari bwo bwapyinagaje Abanyafurika, ko mbere Kazungu ataraza bari bameze neza, ko aho Abanyaburayi baziye bononnye Abanyafurika by'umwihariko Abanyarwanda bidasubirwaho.

**2. Ikinamico y'iyobokamana**

Muri Afurika, by'umwihariko mu Rwanda habaga imihango yo kuragura, guterekera, kubandwa n'ibindi byose bijyana no kwibuka cyangwa kwiyambaza Imana y'I Rwanda. Ikinamico uzumva ifatiye ku idini ryaba ari gakondo cyangwa amadini n'amatorero ariho muri iki gihe, uzayishyire muri iki kiciro k'ikinamico

y'iyobokamana.

3. **Ikinamico nyirizina**

Iyi ngeri y'ikinamico irasa neza ku buzima n'imibereho ya buri munsi y'abantu. Iyi kinamico ntitana no gukomoza ku bibazo bihora iteka bibangamiye muntu mu mimerere no mu migirire ye cyanecyane ibimuvutsa umudendezo, amahoro, umutuzo n'ibyishimo. Iyo bavuze amajyambere muri iyi ngeri y'ikinamico, bavuga ya yandi yihuta ariko akagira byinshi ahutaza harimo imibereho isanzwe na zimwe mu ndangagaciro nzima z'umuco. Biba urwitwazo, bamwe bakavuga ko ibyadutse byose ari iby'ingoma ya ba Gashakabuhake. Abakoroni cyangwa se ba Kazungu. Turamenye rero gushungura, tureke guhobera ibije byose ngo aha ni amajyambere tuzaniwe na Kazungu!

4. **Ikinamico ya poritiki**

Ubutumwa buba bugenderewe muri iyi ngeri y'ikinamico ni ukwikoma cyanecyane abazungu, bakaba bagomba kurwanywa abantu bivuye inyuma kuko bakoronije Afurika bakayisubiza inyuma. Iyi kinamico yihaniza kandi abategetsi b'Afurika bigize indakoreka. Muri iyi kinamico umuhanzi ahamagarira rubanda guharanira uburenganzira bwabo, demukarasi n'ukwishyira ukizana k'umuturagihugu; hakagaragazwa ko nta muntu ukwiye kugaraguzwa agati, ko ntabasumba abandi imbere y'amategeko.

5. **Ikinamico y'imibereho**

Gahunda zose umuntu agira yibaza cyane ku buzima bwe, uko ariho ababarira mu isi, uko abona isi nk'umuhemu uhebuje abahemu bandi, kuba yarabuze aho arigitira mu isi atuyemo kubera ibibazo bitandukanye. Gahunda ziteye agahinda zituma umuntu yiheba akumva isi yararangije kuyivamo, mbese ku bwe akumva yarapfuye ahagaze. Ibi bitekerezo ni byo usanga bikubiye muri ubu bwoko bw'ikinamico. Hari abanditsi babivuzeho kennshi, ibitekerezo byabo biramamara nka A.Camus, J.Giraudoux, Annouilh

6. **Zamwibasiye.**

Byumvikane neza ko izivugwa hano ari imana. Muri ubu bwoko bw'ikinamico abakinnyi bahabwa imico n'imyifatire idasanzwe. Ikindi nuko imvugo na yo iba yihariye mu bice byayo byose uko bikurikirana. Abakinnyi bakuru bagomba kuba ari abantu bo mu rwego rwo hejuru, abanyacyubahiro, nyuma kubera amakosa yabo abagaragaraho, ibyago bikabibasira bakagwiririrwa na byo. Ibyo byago ugasanga ari nk'akagambane k'imana zibasiye abakinnyi nyamukuru mu ikinamico. Usanga aba bakinnyi nta ruhare baba bagize mu byago byabo.

7. **Interabitwenge.**

Ingeri y'iyi kinamico ishingiye gusa ku gushushanya umuntu mu mico no mu myifatire yo muri rubanda rwa giseseka, imico yo ku rwego rwo hasi ugereranyije

n'uko yagombye kumera. Ahangaha usanga umuntu nta kinyabupfura kimuranga, kwiyubaha no kwihesha agaciro byaramubereye nk'akamizwe n'ingwe. Ibi ntibigaragara mu gukora ibibi gusa ahubwo usanga ibyinshi bisekeje bikarundura bikagera no mu biteye ishozi mu ruhame. Abakinnyi usanga bambaye ibintu bibahishe mu maso kimwe n'ibindi bice by'umubiri ku buryo usanga umuntu afite iminwa nk'iya mununi, urutwe rwabaye runini, ibirenge nk'ibya Nyamuryabana, amatwi nk'ay'inzovu. Muri iyi kinamico umuntu yitesha agaciro n'icyubahiro yari asanganywe nko kwimyira ugasiga ku myenda, ku rukuta ruteye irange, n'ibindi.

Abanyarwanda bo babona ubu bwoko bw'ikinamico ari ubw'abana cyangwa se bwaragenewe abana. Ibi biratwibutsa ko nta mpamvu yo kutibuka inzira umuntu yaciyemo mu buto bwe kuko amateka yacu atwigisha byinshi. Guseka biruhura benshi kandi bitera kuramba. Ni nde wanze kurambura imbavu yisekera kubera ko bamwibukije ibikorwa bya cyana! Kureba ikinamico y'interabitwenge si ishyano, ababishoboye nababwira iki "Dore urukwavu dore umuhigi!.

## 8. Ikinamico yo kuzubara

Nkejabahizi, J.-C., (*Ubuvanganzo nyarwanda. Inkuru ndende n'Ikinamico, Butare, U. N. R. 2005*), yita "kuzubara" kugira ibitekerezo bivuguruzanya n'inyurabwenge, umutima n'ubupfura. Bityo rero, ikinamico yo kuzubara ishyira ahagaragara ukwiheba n'ubwoba by'umuntu ubona rwose ko ubuzima bwe buri mu icuraburindi rikabije. Muri iyi ngeri y'ikinamico umuntu agaragaza ko atazigera amenya icyo ari cyo, kamere ye nyayo yumva isa n'iyatakaye, akagaragaza ko atazi impamvu yaje mu isi y'abariho kandi ko adategereje n'umuntu wazamutoza amategeko y'uko akwiye kwitunga no kubaho.

## Ibice by'ikinamico

Ikinamico nyinshi zizwi zigira ibice bitatu. Mu gice cya mbere usanga ari nk'igice cy'umwirondoro no kugaragaza muri rusange imiterere y'abakinnyi n'inshamake y'ibikorwa bizagaragara mu ikinamico yose. Mu gice cya kabiri ni ipfundo ry'ikinamico. Muri iki gice ibintu biba bitangiye gusobanuka, abakinnyi bakuru bigaragaje kimwe n'abungirije. Igice cya gatatu habonekamo ikemuka ry'ikibazo cyari kiraje ishinga umukinnyi mukuru. Muri iki gice ikibazo gishobora gukemuka cyangwa kikaburirwa umuti, abasomyi, abatega amatwi kimwe n'ababa babirebera ku byuma bigaragaza amashusho bakaguma mu rungabangabo bibaza ikizakurikiraho. Iyo bigenze bitya, umukino urangira ugiteye amatsiko. Ku birebana n'ibice bigize ikinamico ntawashidikanya ko hari ikinamico yagira ibice bibiri cyangwa bine bitewe n'umuhanzi uwo ari we n'icyo agamije.

### Umwitozo w'ubumenyi ngiro

a) Mu matsinda anyuranye muhange ikinamico ku nsanganyamatsiko ivuga ku buzima bw'imyororokere.

b) Mufate mu mutwe ikinamico mwahanze muyikine mwigana imiterere y'abanyarubuga.

## 3.2. Inyandiko nyejwi: amajwi y'inyabumwe

Some inyuguti z'Ikinyarwanda utahure uko zivugwa n'aho zivugirwa hanyuma ukore ubushakashatsi utahura inshoza y'ijwi n'uko amajwi y'Ikinyarwanda yose yandikwa mu nyandiko nyejwi munayakorere imbonerahamwe.

### Inshoza y'ijwi

Ijwi ni urusaku ruturuka ku bintu bikomanyeho. Ariko aha amajwi twibandaho ni ashingirwaho mu mvugo z'abantu. Abahanga bagerageje uburyo bayageza ku bandi batabumva kubera ko batari kumwe cyangwa mu nyandiko. Kugira ngo babigereho, buri jwi barigeneye ikimenyetso kimwe cyangwa kirenze kimwe kirihagarariye ari cyo inyuguti. Amajwi ni menshi cyane ariko bene ururimi bagiye bihitiramo ayo bakeneye kugira ngo bashyikirane hagati yabo. Birumvikana ko ahangaha ari ho hantu h'ibanze indimi zitandukanira.

### Amajwi y'inyabumwe

Amajwi y'inyabumwe y'Ikinyarwanda agabanyijemo ibice bitatu ari byo inyajwi, ingombajwi n'inyerera.

**I. Inyajwi.**

Inyajwi ni amajwi asohoka mu ntangamajwi hatagize ikiyatega mu mivugirwe yayo.

**Dukurikije aho zivugirwa tuzisangamo ibice bitatu**:

**Inyajwi z'imbere:** zivugwa ururimi rwihese maze isonga yarwo ikishinga imbere y'ishinya y'amenyo yo hepfo, naho umugongo warwo ukegera urusenge rw'akanwa.Izo nyajwi ni [i] na [e]

**Inyajwi yo hagati**: Ivugwa ururimi rwirambuye gato mu kanwa kandi inzasaya zirambuye neza maze igasohokera hagati mu kanwa. Mu Kinyarwanda, inyajwi yo hagati ni [a].

**Inyajwi z'inyuma:** zivugwa ururimi rwiteruye rukegera inyuma y'ishinya n'amenyo yo hepfo, umugongo warwo ukiheta wegera mu nkanka. Izo nyajwi ni: [o] na [u]

**Dukurikije uko zivugwa dusanga zigabanyijemo ibice bitatu:**

**Imfunge cyangwa inyajwi zo mu rwego rwa mbere:** zivugwa akanwa kifunze buhoro. Izo nyajwi ni [i] na [u].

**Impinayatu cyangwa inyajwi zo mu rwego rwa kabiri:** zivugwa akanwa gafunguye buhoro. Izo nyajwi ni [o] na [e]

**Inyatu cyangwa inyajwi yo mu rwego rwa gatatu:** ivugwa akanwa gafunguye birambuye. Iyo nyajwi ni [a].

**Dukurikije imikorere y'iminwa yombi mu mivugirwe y'inyajwi, dusanga zigabanyijemo ibice bibiri:**

**Imbumbure:** zivugwa iminwa yombi yikweze ikigira inyuma kandi ntiyibumbe. Izo nyajwi ni [i, e, a].

**Imbumbe:** zivugwa iminwa yikweze ikigira imbere kandi ikirema nk'uruziga. Izo nyajwi ni [o] na [u].

**II. Ubutinde bw'inyajwi**

Abasesenguye neza ururimi rw'Ikinyarwanda bemeza ko iyo hitaweho ubutinde bw'inyajwi mu mivugire yayo iyo ayo majwi yandikwa usanga ateye ku buryo bukurikira:
Inyajwi ibanguka yandikwa inshuro imwe:

**[i]:** [iri]

**[u]:** [uyu]

**[e]:** [emera]

**[o]:** [omora]

**[a]:** [amara]

Inyajwi itinda yandikwa inshuro ebyiri:

**[ii]:** [yiiriwe]

**[uu]:** [yuurira]

**[ee]:** [yeegamiye]

**[oo]:** [yoomoye]

**[aa]:** [waawe]

**Ikitonderwa:**

Iyo dukurikije ubutinde bw'inyajwi n'imiterere y'amasaku, Ikinyarwanda usanga gifite inyajwi mirongo itatu. Hitaweho imikorere y'amasaku, inyajwi zizandikwa ku buryo bukurikira:

Isaku nyesi: [ì],[ù],[è],[ò],[à]: [ùmùrìrò], [àmèzèzè]
Isaku nyejuru: [î],[û],[ê],[ô],[â]: [îsî], [ùmûvû]

**Amasaku y'inyunge:**

Nyesi ndende: [ìì],[ùù],[èè],[òò],[àà]: [ùmùrììzò]

Nyejuru ndende: [îî],[ûû],[êê],[ôô],[ââ]: [àβâ thîîzè]
Urwunge nyejuru nyesi: [îì],[ûù],[êè],[ôò],[âà]: [ìmââǹà]
Urwunge nyesi nyejuru: [ìî],[ ùû],[ èê],[ òô],[àâ]: [ùmùhììrè]

### III. Imbonerahamwe y'imivugirwe y'inyajwi.

Iyi mbonerahamwe ikurikira ikozwe hakurikijwe aho inyajwi zivugirwa, uko zivugwa, hakurikijwe kandi n'ubutinde.

| Aho zivugirwa / Uko zivugwa | Imbere | | Hagati | | Inyuma | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | Ibanguka | Itinda | Ibanguka | Itinda | Ibanguka | Itinda |
| Imfunge | [i] | [ii] | | | [u] | [uu] |
| Impinayatu | [e] | [ee] | | | [o] | [oo] |
| Inyatu | | | [a] | [aa] | | |

Kubera ko byatuma imbonerahamwe y'imivugirwe y'inyajwi iba nini cyane, imiterere y'amasaku ntiyitaweho.

**Umwitozo**

1. Inyajwi ni iki?
2. Tandukanya inyuguti n'ijwi.
3. Dukurikije umwanya zivugirwaho n'uburyo zivugwa, inyajwi zikurikira zitaniye he? [ì],[ù],[è],[ò],[à].
4. Dukurikije ubutinde bw'inyajwi n'imiterere y'amasaku, ikinyarwanda usanga gifite inyajwi zingahe?

### II. Ingombajwi

Ingombajwi ni amajwi yitabaza inyajwi kugira ngo avugike neza. Bamwe mu bahanga mu by'indimi basesenguye neza ingombajwi bagiye bifashisha ingingo zikurikira: imikorere y'akanwa, imikorere y'imvumba z'amajwi, aho zivugirwa ndetse n'uko zivugwa.

### II.1.Imikorere y'akanwa

Dukurikije imikorere y'akanwa, ingombajwi zigabanyijemo amoko abiri: inyamazuru n'inyakanwa

1. **Inyamazuru**

   Iyo zivugwa umwuka uva mu bihaha uca mu kanwa no mu mazuru. Ingombajwi z'inyamazuru ni [m], [n], [ ŋ], [ ɲ].

   **Impugukirwa:**

   Iyi nyamazuru [ŋ] iboneka gusa mu bihekane ng: [ŋg], mw: [mŋ], nw:[ nŋw], nyw: [ŋw] cyangwa [ɲŋw] no muri nk [ŋk].

2. **Inyakanwa**

   Iyo zivugwa umwuka uva mu bihaha uca mu kanwa gusa. Ingombajwi z'inyakanwa ni [p], [β], [t], [d],[k], [g], [f], [v], [s], [z], [ʃ<], [ʃ], [ʒ], [h], [r].

## II.2. Imikorere y'imvumba z'amajwi

Dukurikije imyirangirire y'imvumba z'amajwi, ingombajwi zigabanyijemo amoko abiri: inkatuzi n'indagi.

1. **Inkatuzi**

   Iyo zivugwa umwuka uca mu ngoto ukanyeganyeza imvumba z'amajwi ku buryo imyirangirire yazo yumvikana. Ni yo mpamvu bamwe banazita indangira. Izo [β], [d], [g],[v], [ʒ] [z]

2. **Indagi**

   Iyo zivugwa umwuka ntuhita neza mu ngoto, bityo ntunyeganyeza cyane imvumba z'amajwi ku buryo imyirangirire yazo itumvikana bihagije. Ni yo mpamvu izo ngombajwi banazita intârâangîira. Ni izi zikurikira: [p], [t], [s], [ʃ<], [ʃ], [k], [f], [h].

## II.3. Uko zivugwa

Dukurikije uko zivugwa, hari amoko atatu y'ingombajwi: impatu,inkubyi n'inkomeza bamwe bita intakomwa.

1. **Impatu**

   Iyo zivugwa babanza bafunga intangamajwi (imyanya bakoresha bavuga) maze umwuka ugasohoka ubanje kunigwa ku buryo ijwi risohoka risa n'irituritse. Ni izi zikurikira:
   Inyamazuru zose: [n], [m], [ɲ], [ ŋ].
   Inyakanwa: [p], [β], [t], [d], [k], [g].

2. **Inkubyi**

   Iyo zivugwa begeranya intangamajwi ariko ntibayifunge, bityo umwuka ugasohoka utabanje kunigwa ariko ugasa n'uwikuba ku ntangamajwi. Ni izi: [f], [v], [s], [z], [ʒ].

### 3. Inkomeza (intakomwa)

Iyo zivugwa umwuka usohoka mu ntangamajwi utagize ikiwukoma mu nzira. Ni izi: [r], [h], [ʃ<], [ʃ].

Dukurikije aho zivugirwa, ingombajwi zigabanyijemo amoko ane: inyamunwa, inyesongashinya (inyamenyo), inyarusenge n'inyamaraka.

#### 1. Inyamunwa

Iyo zivugwa iminwa igira uruhare runini mu misohokere yazo. Inyamunwa zigabanyijemo amatsinda abiri: inkomanyaminwa n'inyamwinyo.

- Inkomanyaminwa: iyo zivugwa iminwa yombi ikomanaho. Inkomanyaminwa ni izi zikurikira: [p], [β], [m].
- Inyamwinyo: iyo zivugwa umunwa wo hepfo ukoma ku menyo yo haruguru. Ni izi zikurikira: [f], [v].

#### 2. Inyesongashinya

Iyo zivugwa isonga y'ururimi ikora ku menyo n'ishinya byo haruguru. Ni izi: [t], [d], [n], [s], [z], [r].

#### 3. Inyarusenge

Iyo zivugwa zisohokera mu rusenge rw'akanwa. Inyarusenge zigabanyijemo amatsinda atatu:

- Inyarusenge z'imbere: iyo zivugwa isonga y'ururimi ikora ku gice k'imbere cy'urusenge rw'akanwa, inyuma y'ishinya y'amenyo yo haruguru. Ni izi: [ʃ<], [ɲ].
- Inyarusenge zo hagati iyo zivugwa ururimi ruritera rukegera igice cyo hagati cy'urusenge rw'akanwa maze ingombajwi zikaba ari ho zisohokera (hejuru y'umugongo w'ururimi). Ni izi: [ʃ], [ʒ].
- Inyankanka: Iyo zivugwa ururimi ruritera maze igice cyarwo k'inyuma kigakora ku gice k'inyuma cy'urusenge rw'akanwa(inkanka). Ni izi: [k], [g].

#### 4. Inyamaraka

Iyo ivugwa isohokera mu maraka: ntivugirwa mu kanwa ahubwo isa n'isohokera mu mvumba z'amajwi rwagati. Inyamaraka ni imwe: [h].

### II.5. Imbonerahamwe y'imivugirwe y'ingombajwi

| | Inyamunwa | | Inyesonga- | Inyarusenge | | | Inyama-raka |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | Inkoma-nyaminwa | Inya-mwinyo | Shinya Inyamenyo | Imbere | Ha-gati | Inyu-ma | |
| Inyama-zuru | [m] | | [n] | [ɲ] | | | |
| Inyaka-nwa | [p], [β] | | [t], [d] | | | [k], [g] | |
| Inkubyi | | [f], [v] | [s], [z] | | [ʒ] | | |
| Inkomeza | | | [r] | [ʃ<] | [ʃ] | | [h] |

## III. Inyerera

Inyerera ni amajwi usanga imivugirwe yayo iri hagati y'iy'inyajwi z'imfunge n'iy'inyajwi zitwa inkubyi. Inyerera ni ebyiri: [y] na [w]

### Aho zivugirwa

Dukurikije aho zivugirwa usanga ziteye ku buryo bukurikira:

Tuzifashe nk'aho ari inyajwi:

- **[y]**: ivugirwa imbere nka **[i]** bityo ikitwa inyerera y'imbere.
- **[w]:** ivugirwa inyuma nka **[u]** bityo ikitwa inyerera y'inyuma.

Tuzifashe nk'aho ari ingombajwi:

- **[y]:** ivugirwa mu rusenge rw'akanwa bityo ikitwa inyerera y'inyarusenge.
- **[w]:** ivugirwa mu nkanka bityo ikitwa inyerera y'inyankanka.

### Impugukirwa:

Aho zivugirwa honyine harahagije kugira ngo umuntu ashobore gutandukanya inyerera. Inyerera [y] ishobora kwandikwa [j] dukurikije itonde nyejwi mpuzamahanga cyangwa ikandikishwa [y] dukurikije itonde nyafurika.

### Inyandiko nyejwi n'inyandiko isazwe

**Inyandiko isanzwe** ni inyandiko umuntu ubonetse wese wigishijwe itonde ry'inyuguti z'Ikinyarwanda n'imyandikire y'Ikinyarwanda ashora gushyikiranamo n'undi akoresheje inyandiko, nta majwi yandi avanze uretse ayo abenerurimi bumvikanyeho.

**Inyandiko nyejwi:** Iyi nyandiko ni iya gihanga, aho usanga ikoreshwa n'abize bagacengera iyigamajwi ari rwo rwego rw'iyigandimi (Ubuhanga buzobera mu

gusesengura indimi) rusesengura amajwi yose aboneka mu rurimi urwo ari rwo rwose. Hari ibigomba kwitabwaho munyandiko nyejwi:

- Bandika amagambo yose bayafatanyije kandi batagabanya ibimenyetso, kandi ibyo bandika byose bijya hagati y'udusodeko [ ].
- Bandika amajwi yose yumvikana iyo bayavuze.
- Bandika bashyiraho amasaku y'integuza ndetse n'amasaku yose nyesi.
- Inyandiko nyejwi y'ingombajwi zikurikira igomba kwitonderwa: [p], [t], [k], [g].

[p], [t]: iyo zivugwa wumva zihekanye n'ingombajwi y'inkomeza [h]. Kubera iyo mpamvu inyandiko nyejwi yazo igomba kuba iteye itya: [$p^h$], [$t^h$].

***Ingero:***

itabi= [ì$t^h$àâβì], ipera= [ì$p^h$èêrà].
[k]: iyo ikurikiwe n'inyajwi [a] wumva buri gihe ihekanye n'inkomeza [h].Kubera iyo mpamvu inyandiko nyejwi yayo igomba kuba iteye itya: [kh].

***Ingero:***

ikara= [î$k^h$ârà], ikama = [î$k^h$âmà].
[k], [g]: iyo zikurikiwe n'inyajwi [i] na [e] wumva buri gihe zihekanye n'inyerera [y] ([j]). Inyandiko nyejwi yazo igomba kuba iteye itya: [ky], [gy].

***Ingero:***

ikigega= [ìkyìgyègà], kera= [kyèêrà].
[k], [g]: iyo zikurikiwe n'inyajwi [u] na [o] wumva buri gihe zihekanye n'inyerera [w]. Inyandiko nyejwi yazo igomba kuba iteye itya: [kw], [gw].

***Ingero:***

kogosha =[kwôògwòʃà], kugura =[kwùgwùrà]

**Imbonerahamwe y'ingombajwi n'inyerera mu nyadiko isanzwe n'inyandiko nyejwi.**

| Inyandiko isanzwe | | | Inyandiko nyejwi |
|---|---|---|---|
| m | n | ny | [m], [n], [ɲ] |
| b | d | g | [β] cyangwa [b], [d], [g ] |
| p | t | k | [p], [t], [k] |
| v | z | j | [v], [z], [ʒ] |
| f | s | sh | [f], [s], [ʃ] |
| r | shy | h | [r], [ʃ<], [h] |
| | y | w | [y]/[j], [w] |

**Ikitonderwa**

1. Biragaragara ko hari ijwi c ritagaragara muri iyi mbonerahamwe. Iri jwi rifatwa nk'ijwi ry'igihekane ryandikwa mu majwi abiri, bityo rikandikwa ritya: [tʃ].
2. Ijwi [b] rikoreshwa mu bihekane gusa naho ahandi hagakoreshwa [β].

3. Ingombajwi shy yandikishwa amajwi [ʃ$^{<}$] cyangwa [ʃ$^{v}$]

**Urugero:** umucaca= [ùmùtʃààtʃà], umucucu= [ùmùtʃùùtʃù].

## Inshamake

### Nsigaranye ko:

- Ikinamico ni umukino ushingiye ku gikorwa abantu berekanira imberey'abandi, bihidura ukundi bakagerageza gusa n'abo bigana, cyangwa ibyo bakina haba mu mvugo, mu mico, mu migirire,... kandi bagamije gushimisha abababona rimwe na rimwe bakabaheramo n'inyigisho.
- Ikinamico ubwayo si ingeri y'ubuvanganzo nyarwanda, inyandiko z'ikinamico ni zo ngeri y'ubuvanganzo nyarwanda.
- Mu gukina ikinamico, uhitamo abakinnyi akanabatoza agomba kubahiriza uko umuhanzi yagaragaje umukinnyi yifuza gukina umuntu uyu n'uyu agomba kuba ateye.
- Uburyo bwiza bwo guhitamo amazina y'abakinnyi ni ukubaha amazina asanzwe, imyitwarire yabo ikaza kugaragara mu bikorwa byabo igihe bakina. Kubaha amazina agaragaza imyitwarire yabo si byiza kuko bidatuma usoma cyangwa ureba cyangwa yumva umukino atagira amatsiko.
- Umuhanzi mwiza w'umuhanga, agerageza guha abakinnyi be imvugo ijyanye n'umwanya bari gukina ndetse n'aho bakinira.
- Akabugankuru cyangwa urukiniro ni aho abakinnyi bakinira umuseruko uyu n'uyu. Umuhanzi ahitamo akabugankuru akanagaragaza uko karaba kubakitse.
- Mu Kinyarwanda iyo basesengura amajwi y'inyabumwe banyura inzira ebyiri z'ingenzi, ari zo uburyo n'umwanya w'imivugirwe. Ibyiciro bitatu: inyajwi, ingombajwi n'inyerera.
- Inyerera ni ebyiri: [y] na [j] na [w],
- Ingombajwi ni izi zikurikira:[m], [n],
- [ɲ], [s], [β], [b], [d], [g ], [p], [t], [k], [v], [z], [ʒ], [f], [s], [ʃ], [r], [ʃ$^{<}$], [h] n'inyerera [y]/ [j] na [w].
- Mu nyandiko nyejwi y'amajwi bandika amajwi yose ashobora gusohoka mu myanya ntangamajwi kandi n'ibimenyetso byose bikandikwa, nta kugabanya ibimenyetso bibaho.

- Hari amajwi y'inyabumwe agizwe n'amajwi abiri cyangwa atatu:sh=[ʃ], shy=[ʃ<].
- Hari amajwi y'inyabumwe agomba kwitonderwa mu nyandiko nyejwi. Ayo majwi ni [p], [t], [k], [g].

## Umwitozo

1. Andika itonde ry'inyuguti z'Ikinyarwanda mu nyandiko nyejwi.
2. Andika mu nyandiko nyejwi iyi nteruro ikurikira:
   Ishyari rikoresha amafuti, utarizi rimukoraho.

## Isuzuma rusange risoza umutwe wa gatatu

### Umwandiko: Uwanze kumvira se na nyina...!

Umugabo Terimbere yabyaye abana asiga no kubyara abyara uruhuri. Terimbere yabyirutse asoma Bibiriya; kubera akamenyero yari yarafashemo ibango rigira riti: "Mubyare mwororoke mwuzure isi muyitegeke mungane n'umusenyi wo ku nyanja". Terimbere yakwitonga akitongana iyo mvugo. Aho abyariye abana, barakura baragimbuka, bakoma inkanda ya se ; ngo nta nyana yima nyina akabara!Imvugo ya se ibamera mu kanwa, uvutse wese akaba azi ko mu mishinga ibaho uwa mbere ari ukororoka isi igakwirwa. Ugira ngo se Terimbere yari muntu ki ko atagiraga n'urwara rwo kwishima! Yari umutindi urya aciye inshuro, yayibura agasonza. Yabaye imbata y'akabari kuva akivuka, ijisho rye ntiritane no kwifuza abagore n'abakobwa b'imuhana, yabyariraga akarere ibintu bigacika; rubanda bari baramugize urw'amenyo. Abana abyaye se ugira ngo bo batatiye igihango? Ashwi da! Keretse umwe ni we wabaye indamyi.

Umukobwa we Nagahire ariko yumvaga imvugo ya se idakwiye kuko isi dutuye itabitwemerera; amasambu yabaye ntayo, ubutaka bwaragundutse; mbese muri make nta bushobozi buhagije ababyeyi bafite bwo gutunga abo babyaye ku buryo buhagije. Ababyeyi be, bene nyina, basaza be ndetse n'abaturanyi yahoraga iteka abashishikariza kumenya ubuzima bw'imyororokere, kuringaniza urubyaro no kubyara abo dushoboye kurera. Igihe cyose yabaga afashe akanya ko kugira icyo abwira abo mu rugo basangiye gupfa no kubaho yasaga n'ucurangira abahetsi. Nagahire yari umwari w'umutima, atekereza kuzaba inyamibwa ikunda u Rwanda ikarurerera, izahekera u Rwanda rwa Kanyarwanda. Igihe cy'ubwangavu bwe yagikoresheje neza kuko we yari yaragize amahirwe yo kwiga nibura ikiciro cya kabiri cy'amashuri yisumbuye. Iyo mu rugo babaga bateranye bamwitaga umuzungu munyaburayi. Yatangiye kuzira inka ntiyamera nka ba bandi bahera mu rungabangabo basiganuza iby'amaraso asohoka ibayi nta gikomere kubera ubumenyi buke.

Yatangiye kuberenga amayusi, ntiyakeka ko ari ikibyimba cyangwa igihumyo kigiye guserukira mu byano. Yari yarabyize, ko ukwezi k'umukobwa cyangwa umugore kugira ibihe bine: igihe k'imihango,igihe cy'uburumbuke, igihe kiri hagati y'imihango n'iminsi y'uburumbuke n'igihe gikurikira icy'uburumbuke.

Nagahire yari afite ubumenyi ku buzima bw'imyororokere, akamenya kwitwararika ntamere nka ba bakobwa rugabishabirenge bafite intero igira iti: "Ushaka umushaka asanga umweko woroshye!" Aba bagira ubuntu butiza urugi, Nagahire yabagiraga inama, harimo bene nyina na basaza be kuko yabonaga barigize ibyangamibyizi, bamwe muri bo bajya guhaha no kwihahisha muri Kigali yateye, bakamutera utwatsi. Indwara zifata imyanya ndangabitsina harimo SIDA, kandidoze , imitezi, mburugu, uburagaza n'izindi yabisobanuraga kurusha ahari n'ababyize i Burayi! Nagahire yari yifitemo impano yo gukangurira abantu bo mu isi ya none: abana, ingimbi, abangavu, abasore n'inkumi, abagore b'amajigija, abagabo b'ibikwerere, abasaza n'abakecuru, ba nyogokuru n'abakambwe, uko bagomba kugenza ngo birinde izi ndwara zigiye kutumaraho amaboko.

Rimwe nimugoroba, Terimbere agandagaje ku kabari yicira isazi mu jisho, abona umukobwa we, Bahire ku muhanda akina n'umunyereri, umusatsi waracuramye, nyamukobwa bamukurikije uruzingo. Uwari azanye Bahire arembuza Bihira; nyamugabo aza hutihuti n'ibikote bye bidaherutse amazi. Uwo mugiraneza asuhuza Bihira, amusobanurira uko yataruye umukobwa we. Bahire yabaga mu Biryogo ya Kigali hafi y'aho nshumbitse. Nijoro rero harwaniyeyo insoresore zari zaje kumureba, zateranye ibyuma n'amacupa abantu barahurura. Nge ntabara nk'ushinzwe umutekano, nkihagera narabutswe Barakagwira bavuga ko ari we nyirabayazana. Naje gusanga ntacyo yahanishwa kuko n'ubundi nasanze ari nyakwigendera; yahamagaye inyana, amaguru urabona ni iminyereri, ahubwo nibajije igihe yabereye umushoferi biranyobera! Yewe namubonye ntererayo utwatsi.

Ubwo Terimbere yarimo yiyumvira, inkuru igicutswa akangukira hejuru nk'uhanzweho na Sekibi, ati: "None se uramuzanye ngo tumwondoze iki? Ubu turahonda inguri, twabuze ibihandahanda by'insina ngo tubeshye mu nda. Ko nta n'aho dufite dutanduza imirondorondo y'ibijumba turabandwa iza he ko n'abaduhatse inka zaranze kubera kubura uruhira, tugenze dute ko ubu duhonda intozi mu ngo iyo iwacu! Hatarashira akanya, imbangukiragutebuka, iti: "Bibiii!" Abantu bakiva mu nzira barivugisha bati: "Tubonye Mfabakuze mukuru wa Bahire aryamye muri iriya modoka!" Na we yari yarahuye n'uruva gusenya, cya cyago SIDA cyaramwigirijeho nkana. Abari mu gasanteri baherekeza Terimbere bamurema agatima bagira bati: " Ihangane iyi si ni ko imeze, isi irisa; uko twayisanze yuzuyemo imisaraba n'amakuba ntaho byimukiye." Bageze mu rugo basanga Bahire yashyitseyo, Nagahire asekura isombe aririmba agira ati: "Ibyo kwa data imbwa zabirwaniyemo, ari ge mba narateruye Bahizi, Mitima, Mukantwari; guterura Bahire, Mfabakuze, ni bya bindi bya wa mubyeyi gito wibagirwa ko izina ari ryo muntu!" Ngo so ntakwanga akwita nabi.

Abaherekeje Terimbere babaza Nagahire umuzimu wamuteye, yisobanura avuga ko yigishije ababyeyi kubyara abo bashoboye kurera amazi atararenga inkombe, kuboneza urubyaro babita i Burenga, none abakiri bato barahahombera bagahombya Igihugu n'umuryango muri rusange. Bakobwa baragwira yari umwana wa karindwi mu nzu ya se. Nagahire akaba Karenzo, abandi Nyabyenda na Nyamwasa bo bari barafumbiye iminaba bakiri bato, bahambanwa ikara kubera ko batashoboye kwitwararika mu bugimbi bwabo. Bapfuye bazize kwiyandarika, SIDA n'uburagaza byari byarababayeho nk'akaremo n'umuse; babikijijwe no kwitahira! Ubuto buroshya kandi ukize ubusore arabubagira. Kuvuga ko SIDA ari indwara nk'izindi ibyo ni ibya Baribeshya na Barihenda; kugira ubumenyi ku buzima bw'imyororokere ni byiza kandi kubyara abo dushoboye kurera, gushakira igihe, kutifuza ibya Macigata, cyangwa gushaka gukira ibya Mirenge ntacyo ushoye muzabirinde abanyu. Indwara zirakenesha, zirahemuza, zitesha agaciro, ukugumbira uwo wahemukiye, yewe iyo akurebye n'irihumye ryuzura ibyikamize kubera ko asemeka ubukungu nk'aho ari we wakugize nyakwigendera.

Abana ba Terimbere bohotse bakaba ingegera zo mu mugi bwacya zigatahukana za kabutindi ntibigeze bumva inama z'abakuru n'abandi babatanze kubona izuba. Ngo uwanze kumvira se na nyina yumvira ijeri. Tubanze twimenye, tumenye ibice bigize umubiri wacu n'imikorere yabyo, uko umubiri ushobora kwivumbura mu kigero runaka umuhungu akaniga ijwi, akaba yatangira kwiroteraho ari cyo kimenyetso ko yaterera inda imburagihe, akaba yamera ubwanwa, impwempwe, incakwaha, agasesa ibishishi, n'ibindi. Umukobwa na we watangiye kujya mu mugongo akamenya ko ashobora gusama igihe akoze imibonano mpuzabitsina idakingiye, ko kumera amabere, kubyibuha amatako n'ikibuno akamenya ko ari ibimenyetso by'ubukure ku mubiri, ko kwitereza ibyonnyi byo hanze aha bifite ingaruka ku buzima. Uzi gutangira kuzuza inshingano z'abakuru uri umwana! Guhaha, gutanga indezo ku mwana wabyaye hanze kandi nta rwara rwo kwishima wigirira n'ibindi ni ukubona irya mugani. Iyo noneho wishoye mu mibonano mpuzabitsina imburagihe nta ngabo witwaje, ahaa! Dore SIDA ngo iragukacanga, iyi ndwara ntikangwa ngo uri iki, ngo usengera aha, ngo wize ibi, ngo ukora aha; abantu batitwararika ngo bamenye umubiri wabo, irakukumba ikabika iyo ngiyo ikuzimu umuntu akazima agahera, agahwera asize inkuru mbi imusozi.

Mucyo twirinde kwiyandarika, ku bashakanye habeho kwifata, ubudahemuka, abo binaniye bakoreshe agakingirizo. KUBA muze tuyishyireho umutima, bitabaye ibyo duhitemo kwigira mu murwa uyoborwa na Hadesi; ni ho inkozi z'ibibi zijya gutura mu gahinda, aho zizahora zihekenya amenyo, kwicuza bitagishoboka. Iyo ngira ntya yari ijambo ni uko yaje ku munsi wa nyuma. Kurya utw'ubusa, kwifuza ibya macigata, kurarikira iby'abandi tukonona imibiri yacu tubiziguruke, bana b'i Rwanda twitegure kuba inkumburwa n'inyamibwa, ishimwe tuzarihabwa n'Imana n'abantu. Murakarama imitaga idahuna, muhumure ubukire, amahoro n'amahirwe, muture u Rwanda muhamye akarenge. Impore!

## I. Ibibazo by'inyunguramagambo

**1. Sobanura amagambo cyangwa itsinda ryayo wifashishije umwandiko.**

a) Bakoma inkanda
b) Kuzira inka
c) Rugabishabirenge
d) Kubondora
e) Gucurangira abahetsi
f) Amayusi
g) Guhamagara inyana

**2. Simbuza ijambo cyangwa itsinda ry'amagambo atsindagiye.**

a) Ndakugira inama nyuma **ukazirengagiza**.
b) Abantu **bapfuye** ni benshi bishwe na cya cyago SIDA.
c) Muhozi **yapfuye atabyaye.**
d) **Kugumbira** uwo wahemukiye.
e) Maharane **yazamuye amahane** akubitwa iz'akabwana.

**C. Ubaka interuro zumvikana neza zikoreshejwemo amagambo akurikira:**

a) Kuranza
b) Kwifuza ibya Macigata.
c) Guhonda inguri
d) Guhonda intozi
d) Gutanduza

## II. Kumva umwandiko

1) Ni irihe hame ryatumye Terimbere abyara abana benshi?
2) Iryo hame ryokamye abana be. Sobanura.
3) Umwe mu bana ba Terimbere yari afite umutima. Uwo ni inde?
4) Abana ba Terimbere bitwaye nabi ni bangahe? Sobanura ubavuga.
5) Kubyara abana benshi kwa Terimbere kugaragarira he?
6) Hari abana ba Terimbere bapfuye bakiri bato. Bavuge amazina, icyo bazize.
7) Hari indwara zivugwa mu mwandiko zandurira mu mibonano mpuzabitsina idakingiye. Zirondore.

## III. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

1) Vuga ingingo z'ingenzi ziboneka muri uyu mwandiko.
2) Nagahire yari umwari w'umutima, bigaragarira he?
3) Abana ba Terimbere batakurikije inama bagirwaga, byabagendekeye bite?
4) Hari ibimenyetso bigaragaza ko Bahire yaba yari arwaye SIDA. Ni ibihe?
5) Bahire yatahutse bigenze bite?
6) Inkozi z'ibibi zigomba kujya gutura mu murwa kwa Hadesi. Uremeranya n'iyi ngingo? Sobanura.
7) Garagaza ibimenyetso biranga:
   a) ubwangavu
   b) ubugimbi.

## Ibibazo ku iyigamajwi


1. Kora imbonerahamwe igaragaza uburyo bw'imivugirwe n'aho ingombajwi z'Ikinyarwanda zivugirwa.
2. Ingombajwi [k] na [g] zihuriye ku ki? Zitaniye ku ki?
3. Andika izi nteruro mu nyandiko nyejwi:
   a) Voma vuba uze tuzamuke burije, ejo iwacu batazabura amazi yo kubobeza imigozi kuko bafite abakozi bazabubakira urugo.
   b) Umunyeshuri usoma ibitabo ajijuka vuba.

## Ikibazo ku guhina umwandiko.

Hina umwandiko wahawe mu mirongo itarenze cumi n'itanu.

# 4 Kubaka umuco w'amahoro

## 4.1. Intandaro n'ingaruka z'amakimbirane



Abahanga basobanura neza ko amakimbirane ari ibintu bigonganisha abantu babiri cyangwa benshi bikomotse ku bibazo cyangwa se ku mpamvu zinyuranye. Amakimbirane ashobora kuvuka bitewe n'imiyoborere idahwitse, amacakubiri hagati y'imbaga y'abantu, imyumvire ya poritiki idahuye n'ibitekerezo by'abandi, kutizerana mu ngo cyangwa mu miryango. Byagiye bigaragara ko ubunebwe, ubukene, ubujiji, inda nini na ruswa bishobora na byo kuba intandaro y'amakimbirane. Imiturire mibi, ihohoterwa rya bamwe, abana batiga na byo bishobora kuba intandaro y'amakimbirane,...

Amakimbirane agira uko akemurwa. Ahari abagabo ntihapfa abandi. Igihe cyose hagaragaye amakimbirane, ni ngombwa kwihutira kuyakemura agahigama. Ni

ngombwa gukemura amakimbirane mu maguru mashya kuko arasenya ntiyubaka. Mu gukemura amakimbirane hari iby'ingenzi bigomba kwitabwaho. Mbere na mbere umuhuza mu gukemura amakimbirane agomba kumenya imiterere n'imvano nyakuri y'ayo makimbirane, iyo iki kirangiye ahuza abafitanye amakimbirane akabunga yubahiriza amategeko ariho, ibinaniranye bigashyikirizwa inzego zisumbuye zibifitiye ububasha.

Amakimbirane adacika, y'akarande arasenya, yangiza byinshi. Igihe cyose abantu batarashobora gusenya inkuta zitandukanya abantu no kutoroherana no guca iminyururu ibaziritse ngo basenyere umugozi umwe, nta na rimwe bashobora kugera ku majyambere arambye. Abantu bakwiye kuba umusemburo w'amahoro bamwe ku bandi, bakibyaramo umuco uhinduka, uhindukirira abandi, wubaha uburenganzira bw'abandi n'ibyakagombye kubakorerwa.

Guhohotera bishyirwa mu bintu bishobora gukurura amakimbirane. Uzasanga ihohotera ryigaragagariza mu buryo bukurikira: kurwana, gufata ku ngufu, kwica, kubabazanya, gushinyagurirana, gutongana, kubeshya, kunegurana, kujoga, kumwaza, gusuzugura, kwima abandi ijambo, kurimanganya, n'ibindi. Nk'uko bigaragara ihohotera rishobora kuboneka mu bikorwa, mu magambo cyangwa mu myifatire.

Hari ibigomba kuranga imyitwarire y'ukemura amakimbirane. Uwunga cyangwa uhuza abafitanye ibibazo agomba kutabogama akereka abo ashaka gukiranura ko nta ruhande ahengamiyeho. Agomba kuba ari inyangamugayo, agira ibanga, azi kubika icyo yabwiwe ntakibwire abahisi n'abagenzi. Gutega amatwi no kumva ni ngombwa kuko ukiranura abahanganye agomba kubatega amatwi kugira ngo aze kumenya neza aho umuti w'ikibazo ushobora guturuka, bityo bikamuha uburyo bwo kubayobora no kubona aho yerekeza abakimbiranye.Umuhuza w'abantu bafitanye amakimbirane agomba kumenya kuyobora igikorwa. Ibi ntibivuze gutegekana igitugu cyangwa kubuza abantu kuvuga. Agomba guha umurongo igikorwa kugira ngo bitaba akajagari cyangwa se ngo usange bikunyujije iruhande rw'aho wari gukura igisubizo.

Kwihangana no kwigomwa, kuba afitiwe ikizere n'impande zishyamiranye kimwe no kumenya kugena igihe gihagije kandi kitarambiranye biri mu biranga imyitwarire y'ukemura amakimbirane.

Amakimbirane nta kiza cyayo. Ahembera ubwicanyi, abapfa imitungo, imirima n'amasambu baratemana, bamwe bagafungwa imiryango bari bahagarariye igasubira inyuma mu iterambere. Abakoresha amahugu no kwambura abavandimwe babo bitwaje ubukene n'inda nini bisenya Igihugu. Hari kandi ubuhemu bukabije mu bantu; kutishyura uwakugurije, gusenya ingo za rubanda,…

Ibibazo bimwe abaturage bahura na byo ntibibonerwa umuti kubera uruhare abayobozi bamwe na bamwe baba bafite muri ayo makimbirane. Abayobozi bamwe bashyira imbere inyungu zabo bwite aho kwita ku kazi bashinzwe, hari abakoresha ikenewabo cyangwa ikimenyane n'ubucuti, bakirengagiza cyangwa bagatinda gufatira ibyemezo abayobozi barenganya abaturage. Hari n'abayobozi banga kwiteranya

cyangwa kutita ku bintu, abashaka kugora no kumvisha abo batavuga rumwe, abarangwaho ubushobozi buke n'abaka ruswa bashaka kubogama, ni ngombwa gukeburwa bakagirwa inama.

Amakimbirane agira ingaruka ku mutekano no ku bwiyunge. Kugira umutekano ni ukwidagadura mu byawe hamwe n'abawe nawe utabangamira uburenganzira bw'abandi. Ikindi ni uko kugira umutekano bivuze kubona amategeko abereyeho kurenganura abantu bose bafite ibibazo harimo n'amakimbirane. Ikibazo cyari hagati y'abavandimwe iyo kivugutiwe umuti impande zombi zikawunywa ntubasharirire, bakegerana bagasangira nta kiza nk'iki. Kutarenganura abarengana bibyara umwiryane, inzika zikurura gushaka guhora. Akazi k'ubutabera kagaragarira ahangaha. Abahanga bemeza ko demukarasi y'Igihugu kigendera ku mategeko igaragarira mu ishyirwa mu bikorwa ry'ibyo amategeko ateganya.

Amakimbirane agira ingaruka ku mibereho y'ababaturage no ku bukungu bw'akarere. Abaturage bahora mu makimbirane ntibagira igihe cyo gukorera ingo zabo n'Igihugu. Kugirira ikizere abayobozi babo bibaba kure nk'inyenyeri n'ukwezi, bityo bikabadindiza ntibitabire ibikorwa rusange bigamije amajyambere y'Akarere. Igihe ibibazo by'abaturage bidakemuwe, igihe hari umuturage ukirenganywa cyangwa ugikandamizwa, ubukene ntibuzabura mu miryango kandi amajyambere agambiriwe ntazagerwaho.

## Inyunguramagambo

**Sobanura amagambo cyangwa itsinda ry'amagambo akurikira**

| | | |
|---|---|---|
| Intandaro | Igitandaro | Amakimbirane |
| Guhwika | Guhwikwa | Guhigama |
| Guca iminyururu | Umunyururu/ Umunyororo | |
| Kunera umunyururu | Karande, | |
| Gusenyera umugozi umwe | Umusemburo | |
| Guteka umusemburo | Gusuzugura | Kunegura |
| Gukiranura | Kubogama | Inyangamugayo |
| Igitugu | Umuhuza | Kwigomwa |
| Guhôora | Guhoora | Kujya imunanu |
| Gusiragira | Indezo | Kugora |
| Kwidagadura | Guteganya | |

## Imyitozo y'inyunguramagambo

1. Kora interuro ngufi ukoresheje amagambo cyangwa itsinda ry'amagambo akurikira: gusiragira, gukimbirana.
2. Simbuza ijambo (amagambo) ryanditse mu mukara tsiri, irindi bivuga kimwe riri mu mwandiko.
   a) Uru rubanza rwabaye **inkomoko** y'urwango hagati ya Kamana na Barigira.
   b) Ejo Kamana **yibwe n'agatotsi arasinzira** maze abajura bamwiba ibikoresho by'ubwubatsi.
   c) Mukamusoni yahawe inka **yo kurera umwana yabyaranye** na Rwubusisi
3. Andika imbusane y'ijambo ryanditse mu mukara tsiri urikuye mu mwandiko:
   a) Uyu ni wa mugabo wahisemo kwitwa **bihemu**.
   b) Ibi byabaye byabaye **iherezo** by'amakimbirane.
4. Uzuzurisha iyi nteruro amagambo avuye mu mwandiko.
   a) Aba bagabo bakeneye …….. kugira ngo amakimbirane yabo ahoshe.
   b) Bwa butegetsi bwa Hitireli (Hitler) bwari ubutegetsi bw'……. kuko bwarenganyaga abantu.

## Soma umwandiko unasubize ibibazo bikurira

1. Tanga ingero z'ubwoko bw'ibibazo by'ingenzi biboneka mu makimbirane
2. Andika inkomoko z'amakimbirane.
3. Tanga uburyo bujyanye n'ingero, ihohotera ryigaragarizamo.
4. Sobanura uburyo amakimbirane ashobora gukemurwamo.
5. Ni izihe ndangagaciro zigomba kuranga ukemura amakimbirane.
6. Ni izihe mpamvu zishobora kubangamira ikemurwa ry'amakimbirane?
7. Ni izihe ngaruka ziterwa n'amakimbirane? Sobanura utarondogora.

## Subiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

1. Andika insanganyamatsiko usanga muri uyu mwandiko.
2. Sobanura ingingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko.
3. Ni irihe somo wakura muri uyu mwandiko?

## Umwitozo w'ubumenyi ngiro: Ihangamwandiko

**Hitamo imwe muri izi nsanganyamatsiko maze uhange umwandiko,mu mirongo mirongo itatu.**

1. Ukwanga atiretse agira ngo turwane.
2. Intambara irasenya ntiyubaka.

## 4.2. Inyandiko nyejwi: Amajwi y'ibihekane

Itegereze ibihekane biri mu gika cya mbere cy'umwandiko « Intandaro n'ingaruka z 'amakimbirane » maze wandike amajwi yose wumva iyo ubisome. Kora ubushakashatsi utahure imihekanire y'amajwi y'Ikinyarwanda maze urondore ibindi bihekane by'Ikinyarwanda ugerageze kugaragaza amajwi yabyo yose yumvikana iyo ubisomye.

### Inshoza y'igihekane

Igihekane ni ijwi ry'inyunge ryandikishwa inyuguti (ingombajwi cyangwa inyerera) ebyiri cyangwa nyishi. Niba **G** ari ingombajwi, **N** ikaba ari inyerera, mu Kinyarwanda amajwi y'ibihekane ashobora guhekana kuri ubu buryo:

G.G.: ingombajwi + ingombajwi

G.N.: ingombajwi +inyerera

G.G.N.: ingombajwi +ingombajwi + inyerera

G.G.N.N.: ingombajwi + ingombajwi +inyerera +inyerera

G.N.N.: ingombajwi +inyerera + inyerera

### Imihekanire y'amajwi y'Ikinyarwanda

Amajwi shingiro y'Ikinyarwanda ntahekana uko abonye akurikiza amategeko bityo ibihekane bikaboneka mu mirwi (ibyiciro) itandukanye bitewe n'uko ingombajwi zihekana hagati yazo cyangwa se zikiyunga n'inyerera.

## 4.3. Amategeko y'imihekanire y'ingombajwi

### Hari itegeko rusange rivuga ko:

Ingombajwi izo ari zo zose zihekana n'ingombajwi z'inyankanka zitaburabura zihuje uburyo bw'imivugirwe. Ingombajwi y'inyarusenge y'inyuma **[k]** ihekana n'ingombajwi z'indagi zihuje uburyo bw'imivugirwe **[p]: [pk].** Izindi ndagi iyo zihekanye n'inyarusenge y'inyuma **[k]** bitanga ibihekane bitabaho bikaba ngombwa kwitwerereza inyerera **[w]** cyangwa[j]: **[tkw], [ʃkw], [ʃ$^{<}$kw], [skj].** Inyarusenge y'inyuma **[k]** ishobora guhekana n'inyerera[w] cyangwa **[j] : [kw], [kj].** Mu Kinyarwanda ingombajwi zihuje umwanya w'imivugirwe ntizishobora guhekana ariko ingombajwi y'inyamaraka **[h]** n'inyerera y'inyuma cyangwa y'inyankanka **[w]** zirahekana: **[hw]** Ingombajwi z'indangira zihekana n'inyarusenge y'inyuma [g] bihuje uburyo bw'imivugirwe **:[bg], [vg].** Ibindi bihekane byo muri uyu murwi bigomba kwitwerereza inyerera y'inyuma **[w]** kugira ngo bivugike : [**dgw], [zgw], [rgw], [3gw], [gw]**. Indangira ntizitwerereza inyerera y'imbere **[j]** mu irema ry'ibihekane kereka gusa **[rg]** na **[g]** bitanga **[rgj]** na **[gj].**

Umurwi wa gatatu ugizwe n'ibihekane bisa n'aho bigengwa n'irengayobora ku itegeko rusange. Hari ibihekane bine (4): bibiri bikomoka kuri **[p]** na **[f]**, ibindi bibiri bikomoka kuri **[b]** na **[v].** Izo ngombajwi z'inkomanyaminwa **[p]** na **[b]** n'inyamwinyo **[f]** na **[v]** zihekana n'igihekane kigizwe n'inyarusenge z'inyuma ziyunze n'inyerera y'imbere **[kj]** na **[gj]** bigatanga ibihekane **[pkj], [fkj], [bgj], [vgj].**Igika umurwi wa kane ugizwe n'ibihekane bikomoka ku ngombajwi z'inyamazuru. Muri ibyo bihekane bikomoka ku ngombajwi z'inyamazuru kandi bikurikiza itegeko rusange ikibaho mu kinyarwanda ni **[mŋ]** . Ibindi kugira ngo bibeho mu mvugo y'ikinyarwanda byitwerereza inyerera y'inyuma bityo hakabaho : **[nŋw], [ɲŋw]/ [ŋw].** Umurwi wa gatanu urimo ibihekane bigengwa n'itegeko rivuga ko ingombajwi zishobora guhekana n'inyamazuru rizibanjirije mu mivugirwe. **[mf], [mv], [nt], [nʃ<], [nz], [nʃ],...**

### Irengayobora:

1. Ingombajwi z'inyamazuru **[n]** na **[m]** uretse ko zihekana n'ijwi ry'inyamazuru y'inyarusenge y'inyuma **[ŋ]** bihuje uburyo bw'imivugirwe zishobora no guhekana n'inyamazuru y'inyarusenge [ɲ] bigatanga ibihekane **[nɲ]** na **[mɲ].**
2. Indagi z'inyamunwa **[p]** na **[f]** zishobora guhekana bigatanga **[pf].** Indagi y'inyesongashinya **[t]** ishobora guhekana n'iy'inyesongashinya**[s]** cyangwa n'inyarusenge **[ʃ]** bigatanga **[ts]** na **[tʃ]**.

### Ikitonderwa:

Hari abanditsi bagaragaza mu mwanya wa **[n]** na **[m]** ijwi ry'inyamazuru rikoreshwa ryandikwa ritya **[N]** kuko bo bagaragaza ko ritandukanye n'ingombajwi z'inyamazuru ari zo **[n], [m]** na **[ɲ].**

## Imyandikire y'amajwi y'ibihekane mu nyandiko nyejwi

| Inyandiko isanzwe | Inyandiko nyejwi |
|---|---|
| 1) mb | 1) [mb] |
| 2) nd | 2) [nd] |
| 3) ng | 3) [ŋg] |
| 4) mp | 4) [mp$^{h}$] |
| 5) nt | 5) [nt$^{h}$] |
| 6) nk | 6) [ŋk$^{h}$] |
| 7) mv | 7) [mv] |
| 8) nz | 8) [nz] |
| 9) nj | 9) [nʒ] |
| 10) mf | 10) [mf] |
| 11) ns | 11) [ns] |

| | |
|---|---|
| 12) nsh | 12) [nʃ] |
| 13) pf | 13) [pf] |
| 14) ts | 14) [ts] |
| 15) c | 15) [tʃ]] |
| 16) my | 16) [mɲ] |
| 17) nny | 17) [nɲ] |
| 18) by | 18) [bgj] |
| 19) jy | 19) [gj] |
| 20) py | 20) [pkj] |
| 21) ty | 21) [tkj] |
| 22) cy | 22) [ky] |
| 23) sy | 23) [skj] |
| 24) ry | 24) [rgj] |
| 25) mw | 25) [mŋ] |
| 26) nw | 26) [nŋw] |
| 27) nyw | 27) [ɲŋw]/ [ŋw] |
| 28) bw | 28) [bg] |
| 29) dw | 29) [dgw] |
| 30) gw | 30) [gw] |
| 31) tw | 31) [tkw] |
| 32) kw | 32) [kw] |
| 33) zw | 33) [zgw] |
| 34) jw | 34) [ʒgw] |
| 35) fw | 35) [fkw] [fkh] |
| 36) sw | 36) [skw] |
| 37) shw | 37) [ʃkw] |
| 38) rw | 38) [rgw] |
| 39) shyw | 39) [ʃ<kw] |
| 40) hw | 40) [hw] |
| 41) mby | 41) [mbgj] |
| 42) ndy | 42) [ndgj] |
| 43) njy | 43) [ŋgj] |
| 44) mpy | 44) [mpkj] |
| 45) nty | 45) [ntkj] |
| 46) ncy | 46) [ŋkj] |
| 47) mvy | 47) [mvgj] |

| | |
|---|---|
| 48) nsy | 48) [nskj] |
| 49) pfy | 49) [pfkj] |
| 50) mbw | 50) [mbg] |
| 51) ndw | 51) [ndgw] |
| 52) ngw | 52) [ŋgw] |
| 53) mpw | 53) [mpk$^{h}$] [mpʒk] |
| 54) ntw | 54) [ntkw] |
| 55) nkw | 55) [nkw] [ʒkw] |
| 56) mvw | 56) [mvg] [mvgw] |
| 57) nzw | 57) [nzgw] |
| 58) njw | 58) [nʒgw] |
| 59) nsw | 59) [nskw] |
| 60) nshw | 60) [nʃkw] |
| 61) tsw | 61) [tskw] |
| 62) cw | 62) [tʃkw] |
| 63) myw | 63) [mɲw] [mɲʒw] |
| 64) byw | 64) [bgjw] [bgjgw] |
| 65) mbyw | 65) [mbgjw] [mbgjgw] |
| 66) pw | 66) [Pkh] |

## Umwitozo

**1. Subiza ibibazo bikurikira:**

a) Amajwi shingiro y'Ikinyarwanda ahekana uko abonye?


b) Amajwi shingiro y'Ikinyarwanda ahekana ate?

c) Andika irengayobora rigendana n'itegeko rigenga imihekanire y'ingombajwi z'inyamazuru. Tanga ingero.

**2. Andika mu nyandiko nyejwi aya magambo/ itsinda ry'amagambo**

| | | | |
|---|---|---|---|
| Indwara | | Kuvumbywa | |
| Ingweba | | Umwaga | |
| Nzajya kuri Gishwati | | Ingurube | |
| Arakunzwe | | Inkware | |

## 4.4. Kwakira neza abakugana




Benshi bajya bibaza imiyoborere myiza icyo ari cyo. Impamvu zituma bashakisha ibisobanuro ni uko hari ubwo usanga hari umuntu warenganye umuyobozi abibona. Umuturage wagize uruhare mu gushyiraho umuyobozi biciye mu matora, ahora afite impungenge z'uko bamwe mu bayobozi badashyira mu bikorwa ibyo bahigiye imbere y'ababatoye. Birakwiye ko twakwitwa ba Rugwirorusa mu mikorere yacu ya buri munsi.

Imiyoborere myiza yagombye kuba iteme abayoborwa n'abayobozi bahuriraho bagafatana urunana bagakemurira hamwe ibibazo bihari. Bibaye na ngombwa kuri iryo teme bahashinga intebe bakiga kuri gahunda iteza imbere Igihugu n'isi muri rusange. Imiyoborere myiza ni uburyo buboneye bwo guhuza abayobozi n'abayoborwa, buri wese akagira kandi akamenya uburenganzira bwe n'inshingano ze. Imiyoborere yimakaza ubuyobozi bwiza, ukuzuzanya mu bitekerezo kw'abayobora n'abayoborwa bigamije iterambere ry'Igihugu ngiyo imiyoborere myiza.

Igihe cyose umuturage atazaba afite uburenganzira bwo kwishyiriraho abayobozi binyuze mu matora no kubakuraho igihe batujuje inshingano zabo, nta miyoborere myiza izaba irangwa mu gihugu cyangwa mu gace runaka kacyo. Imiyoborere myiza igira amahame igenderaho. Ingero ni nyinshi. Muri rusange, guha abaturage uruhare mu buyobozi, gukorera mu mucyo, kumenyekanisha no kwisobanura ku byo ushinzwe gukora, kugira ubuyobozi buri wese yibonamo, kubaha igitekerezo cy'undi,

guharanira ubwigenge mu bwuzuzanye hagati y'inzego z'ubutegetsi, kumenya kugira abandi inama kimwe no kutabogama, ukita ku nyungu rusange byinjira mu mahame y'ingenzi y'imiyoborere myiza.

Mu miyoborere myiza hagomba kubonekamo gutanga ikaze. Umuturage ujya mu buyobozi akagenda yikandagira atazi niba bamwakira, azahora abunza imitima yumva ko abayobozi bose ari bamwe. Umuyobozi ubwira nabi abamushyize ku ntebe yaba ameze nka wa wundi utema ishami ry'igiti yicayeho. Imiyoborere myiza yakira abaje bagana ubuyobozi bagahuza ibitekerezo, ahakenewe gukoreshwa amategeko agakoreshwa, uhanwa agahanwa, ukeneye kungwa mu bahanganye bigakorwa nta ruhande ubuyobozi buhengamiyemo. Ibiranga imiyoborere myiza ni byinshi. Imiyoborere myiza igomba gushingira ku mahame ya demukarasi. Abahanga basobanura ko demukarasi ari ubutegetsi bw'abaturage, butangwa n'abaturage, bukorera abaturage kandi bugakurwaho n'abaturage. Ibi bisobanura ko ubuyobozi ari indagizo abayobozi bagomba gufata neza, bagahora biteguye igihe icyo ari cyo cyose kuyimurikira rubanda rwayibaragije imeze neza, ishimishije. Ni yo mpamvu abayobozi batashoboye kurangiza neza inshingano baragijwe, rubanda rubakuraho ikizere bagasimbuzwa abandi babishoboye.

Igihe abaturage bazaba bafite uburenganzira bwo kwishyiriraho ababahagararira mu nzego zinyuranye z'ubuyobozi babinyujije mu matora, bafite uburenganzira bwo gukurikirana imikorere yabo, ndetse bafite uburenganzira bwo kubagira inama no gushobora kubakuraho cyangwa kubasimbura igihe bigaragaye ko batashoboye kuzuza inshingano zabo; imiyoborere myiza izaba imaze gushinga imizi muri demukarasi.

Mu miyoborere myiza bisaba kuzuzanya hagibwa inama ku bigomba gukorwa n'ababifitemo uruhare, abantu bagakorera mu mucyo hashimangirwa ubumwe, uburinganire n'ubwuzuzanye mu mibereho y'abagize umuryango. Umuyobozi wakira neza abaturage, akabatega amatwi yicishije bugufi, agakemura ibibazo atabogamye agakurikiza amategeko; uwo muyobozi uzasanga yubahwa kandi agace ahérereyemo gatera imbere. Igihugu gifite abayobozi n'abaturage beza gitera imbere. Igihugu uzasanga gikennye, abayobozi batazi icyo gukora, barya ruswa, ari ba Kanyamahane. Umuyobozi ni uwitsinda, akicisha bugufi mu myifatire, akamenya kugena no kubahiriza ibyo ashinzwe gukora. Yahiga akamenya kwesa imihigo, imidari, ibikombe n'andi mashimwe atandukanye agahora ari indatwa yitwa Bandebereho.

## Inyunguramagambo

**Sobanura aya magambo:**

Kurengana

Kwifata impungenge

Impungenge

Guhiga

| | |
|---|---|
| Rugwirorusa | Iteme |
| Inshingano | Kugaruka |
| Amahane | Gutera amahane |
| Kubunza umutima | Gutema ishami ry'igiti wicayeho |
| Indagizo | Gushinga imizi |
| Guca bugufi | Kwesa imihigo |
| Indatwa | |

## Imyitozo y'inyunguramagambo

1. Kora interuro ngufi ukoresheje amagambo cyangwa itsinda ry'amagambo akurikira; kwesa imihigo, indatwa, indagizo.
2. Simbuza ijambo n'itsinda ry'amagambo yanditse mu mukara tsiri andi bivuga kimwe ari mu mwandiko.
   a) Uyu muyobozi wacu akunda **kwiyoroshya.**
   b) Imiyoborere myiza ikwiye **gukomera cyane**.
3. Ukoresheje akambi huza amagambo cyangwa itsinda ry'amagambo ari iburyo n'imbusane zayo ziri ibumoso

| | |
|---|---|
| a) Impungenge | 1. Ikigwari |
| b) Gutera amahane | 2. Kwikakaza |
| c) Kubunza umutima | 3. Ikizere |
| d) Guca bugufi | 4. Kugwa neza |
| e) Indatwa | 5. Gutuza |

## Soma umwandiko unasubize ibibazo bikurikira

1. Kuki umuturage agira impungenge z'umuyobozi kandi aba yararahiriye inshingano afite?
2. Ukurikije umwandiko, imiyoborere myiza ni iyihe?
3. Ni ryari imiyoborere myiza izagerwaho?
4. Imiyoborere myiza igira amahame. Tanga ingero enye.
5. Ukurikije umwandiko «demukarasi» ni iki?
6. Mu mwandiko, erekana amazina agaragaza umuyobozi mwiza.
7. Ni irihe zina riteye ipfunwe mu mazina avuga umuyobozi udakwiye?

## Subizaibibazo byo gusesengura umwandiko

1. Garagaza insanganyamatsiko iri muri uyu mwandiko.
2. Ni izihe ngingo z'ingezi zivugwa mu mwandiko?
3. Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko?

## Umwitozo w'ubumenyi ngiro: Kungurana ibitekerezo

**Ungurana ibitekerezo na bagenzi bawe ku ngingo zikurikira**

a. Sobanura bimwe mu bigize umuco nyarwanda bigaragara mu mwandiko.

b. Hari amashimwe avugwa mu mwandiko ahabwa umuntu witwaye neza. Ayo mu muco nyarwanda yitwaga impeta z'ubutwari. Izo mpeta ziri mu byiciro bingahe? Bihuze n'ibyiciro by'intwari by'ubu.

## 4.5. Inyandiko nyejwi: Amagambo arimo ibihekane

Itegereze amagambo anyuranye arimo ibihekane yakoreshejwe mu mwandiko, uyasome wumva uko avugwa maze ukore ubushakashatsi utahure uko yandikwa mu nyandiko nyejwi.

### Amagambo arimo ibihekane

| Inyandiko isanzwe | Inyandiko inyajwi | Ingero | |
|---|---|---|---|
| | | Inyandiko isanzwe | Inyandiko nyejwi |
| **Mb** | **[mb]** | Amakimbirane | **[àmàkjììmbììrànè]** |
| **Mp** | **[mp$^{h}$]** | Impamvu | **[ìmp$^{h}$ààmvù]** |
| **Mv** | **[mv]** | Imvano | **[ìmvààǹò]** |
| **Mf** | **[mf]** | Imfunguzo | **[ìmfùùŋgwùùzò]** |
| **Nd** | **[nd]** | Induru | **[îndûûrû]** |
| **Nt** | **[nt$^{h}$]** | Intara | **[înt$^{h}$âârâ]** |
| **Nz** | **[nz]** | Inzangano | **[înzââŋgànò]** |
| **Ns** | **[ns]** | Nsabira | **[nsàßìrà]** |
| **Ng** | **[ŋg]** | Imiryango | **[ìmìrgjààŋgwò]** |
| **Nk** | **[ŋk$^{h}$]** | Inkaba | **[ìŋk$^{h}$àßà]** |
| **Nj** | **[n3]** | Injijuke | **[ìn3î3ûùkjè]** |
| **Nsh** | **[nʃ]** | Inshuro | **[înʃûrò]** |
| **Nshy** | **[nʃ$^{<}$]** | Inshyushyu | **[înʃ<ûûʃ<û]** |
| **Pf** | **[pf]** | Umupfakazi | **[ùmûpfââk$^{h}$àzì]** |
| **Ts** | **[ts]** | Idahwitse | **[îdâhwììtsê]** |
| **C** | **[tʃ]** | Amacakubiri | **[àmâtʃââkwûßîrì]** |
| **My** | **[mɲ]** | Imyanda | **[ìmɲààndà]** |
| **By** | **[bgj]** | Ibyago | **[îbgjââgwò]** |
| **Py** | **[pkj]** | Gupyonda | **[gwùpkjòòndà]** |
| **Sy** | **[skj]** | Gusya | **[gwùskjà]** |
| **Nny** | **[n]** | Innyo | **[ìnɲò]** |
| **Jy** | **[gj]** | Amujyambere | **[àmàgjààmbèrè]** |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **Ty** | **[tkj]** | Ityazo | **[îtkjâàzò]** |
| **Ry** | **[rgj]** | Araryarya | **[àràrgjààrgjà]** |
| **Cy** | **[kj]** | Icyuma | **[îkjûùmà]** |
| **Mw** | **[mŋ]** | Umwanzi | **[ûmŋâànzì]** |
| **Nw** | **[nŋw]** | Umunwa | **[ùmùnŋwà]** |
| **Nyw** | **[ɲŋw]/[ŋw]** | Aranywa | **[àrâŋwâ]** |
| **Bw** | **[bg]** | Ubwanwa | **[ùbgââŋwà]** |
| **Dw** | **[dgw]** | Ruramudwinga | **[rùràmùdgwììŋgà]** |
| **Rw** | **[rgw]** | Kurwana | **[kwùrgwàànà]** |
| **Gw** | **[gw]** | Azagwa | **[àzààgwà]** |
| **Pw** | **[pk$^{h}$]** | Kizacapwa | **[kjìzààtʃàpk$^{h}$à]** |
| **Tw** | **[tkw]** | Gutwara | **[gwûtkwâàrà]** |
| **Kw** | **[kw]** | Kwendereza | **[kwèèndèrèzà]** |
| **Vw** | **[vg]** | Yahovwe | **[jààhòòvgè]** |
| **Zw** | **[zgw]** | Azahazwa | **[àzààhààzgwà]** |
| **Jw** | **[3gw]** | Ikijwangajwanga | **[ìkjî3gwââ3gwââŋgà]** |
| **Fw** | **[fk$^{h}$]** | Igufwa | **[îgwûfk$^{h}$à]** |
| **Sw** | **[skw]** | Ruswa | **[rûskwâ]** |
| **Shw** | **[ʃkw]** | Kurushwa | **[kwùrùʃ$^{<}$kwà]**<br>**[kwùrùʃkwà]** |
| **Shyw** | **[ʃ$^{<}$kw]** | Kubeshywa | **[kwûßêèʃ$^{<}$kwà]** |
| **Hw** | **[hw]** | Amahwa | **[àmâhwâ]** |
| **Mby** | **[mbgj]** | Imbyino | **[îmbgjînò]** |
| **Mpy** | **[mpkj]** | Impyisi | **[ìmpkjîsî]** |
| **Mvy** | **[mvgj]** | Yarahomvye | **[jârâhòòmvgjè]** |
| **Ndy** | **[ndgj]** | Indyarya | **[ìndgjààrgjà]** |
| **Nty** | **[ntkj]** | Intyoza | **[ìntkjòôzà]** |
| **Nsy** | **[nskj]** | Insyo | **[ìnskjò]** |
| **Njy** | **[ŋgj]** | Injyo | **[ìŋgjò]** |
| **nshy/ ncy** | **[nʃ$^{<}$]/ [ŋkj]** | Inshya/ Incyamuro [îŋkjâàmùrò] | **[înʃ$^{<}$â] [îŋkjâàmùrò]** |
| **Pfy** | **[pfkj]** | Zakapfakapfye | **[zààk$^{h}$ââpfàk$^{h}$ààpfkjè]** |
| **Mbw** | **[mbg]** | Imbwa | **[îmbgâ]** |
| **Mpw** | **[mpk$^{h}$]**<br>**[mpyk]** | Impwempwe | **[ìmpk$^{h}$èèmpk$^{h}$è]**<br>**[ìmpykèèmpykè]** |
| **Mvw** | **[mvg]**<br>**[mvgw]** | Azumvwa | **[àzùùmvgà]**<br>**[àzùùmvgwà]** |
| **Ndw** | **[ndgw]** | Indwara | **[îndgwâàrà]** |
| **Ntw** | **[ntkw]** | Intwaro | **[întkwâàrò]** |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **Nzw** | **[nzgw]** | Arakunzwe | **[àrâkwûùnzgwè]** |
| **Nsw** | **[nskw]** | Inswa | **[înskwâ]** |
| **Tsw** | **[tskw]** | Arotswa | **[àròòtskwà]** |
| **Ngw** | **[ŋgw]** | Ingwe | **[ìŋgwè]** |
| **Nkw** | **[ŋkw]** | Inkwavu | **[îŋkwâàvù]** |
| **Njw** | **[n3gw]** | Nyanjwenge | **[ɲààn3gwèêŋgè]** |
| **Nshw** | **[nʃkw]** | Nshwekure | **[nʃkwèèkwûùrè]** |
| **Cw** | **[tʃkw]** | Icwende | **[ìtʃkwèèndè]** |
| **Myw** | **[mɲw]**<br>**[mɲŋw]** | Kurumywa | **[kwûrûmɲwà]** |
| **Byw** | **[bgyw]**<br>**[bgjgw]** | Kuyobywa | **[kwùjòbgywà]** |
| **Mbyw** | **[mbgyw]**<br>**[mbgjw]** | Guhombywa | **[gwùhwòòmbgywà]** |
| **Nshyw** | **[nʃ<kw ]** | Inshywa | **[înʃ<kwâ]** |

## Umwitozo

Andika amagambo akurikira mu nyandiko nyejwi :

a) Inkwavu
b) Nyanjwenge
c) Nshwekure
d) Icwende
e) Kurumywa

## 4.6. Imiyoborere myiza

Karame Rwanda nje nisanga,
Nsanze ukwiye biransaba,
Nkuvuge uko uri ukuri kuganze,
Nsanze hose ukwiye ijambo,
Bituma nshaka kukuririmba.

Dore n'ubwehe bwo kukurata,
Imyato yawe irakuririmba,
Nange nunge mu ry'abahanga,
Ngane n'inganzo mbivuge nemye,
Indongozi yo ku isi hose.

Mpanike nitse nsubire ibwonko,
Nkomeza nibariza abahanga,
Iby'ubukombe wubatse ku isi,
Babimbwira imvano yabyo,
Demukarasi y'Abanyarwanda.

Nsanze u Rwanda rufite Imana,
Imari yisuka buri munsi,
Gukunda umurimo bikatubera,
Kuko hari ubuyobozi bwiza,
Buhora iteka buduha ijambo.

Inama zubaka ziratangwa,
Gukura ayo maboko mu mifuka,
Twihangira imirimo yacu,
Tukanihaza no mu biribwa.
Igihe cy'akanda tukagicyaha.

Torero ry‘ u Rwanda karame,
Ubereye u Rwanda wuje abeshi,
Intore utoza umuco nyarwanda,
Harimo agaciro na kirazira,
Byo birema Umunyarwanda ukwiye.

Uyobora neza atanga ijambo,
Akajya inama n'abo ayobora,
Bakesa imihigo bikamubera,
Ari wo musingi w'ubwo bukire
Wo kwiyubakira kino Gihugu.

Kwiha agaciro biturange,
Ingamba zigamije kwivuza,
Ubwisungane ni kuri bose,
Bwasesekaye mu Rwanda,
Ku bw'iyo miyoborere myiza.

Amazi meza n'amashanyarazi,
Abashoramari barisukiranya,
Kuko boroherezwa imishinga,
Bagaha imirimo n'Abanyarwanda
Inzara ikagenda nka nyomberi!

Amashuri makuru, kaminuza
Zo mutako mu rwatubyaye,
Bigaca uwo mwijima w'ubujiji,
Bigaha ijambo abashoboye,
Kuko na ruswa yimwe ijambo.

Umutekano inkingi y'amahoro,
Wabaye indahiro ku isi hose,
Tuwusigasire twese twese,
Twime icyuho abawutokoza,
Twiyubakire urwatubyaye.

Ubumwe ubwiyunge ku isonga
Bikadutoza kuba umwe twese,
Ntawuhezwa urwatubyaye,
Kuko amarembo yuguruye,
Uje wese aza yiisanga.

Ubumenyi bwimbitse kuri bose,
Abakuru n'abato ntawuhezwa,
Gusoma kwandika no kubara,
Ubujiji bwimwe intebe mu Rwanda
Ku bw'iyo miyoborere myiza.

Akarengane ko kimwe ijambo,
Imanza zihera mu midugudu,
Bagaca imanza nta kubogama,
Ntaretse umuganda wa buri kwezi,
Wo kwiyubakira Igihugu cyacu.

Ubuyobozi bwegereye rubanda,
Inzego zose zikora neza,
Zishyiriweho n'abarutuye,
Binyuze mu mucyo wa buri wese,
Maze umuturage agira ijambo.

Ruswa ni umwanzi w'amajyambere
Ari uyitanga n'uyihabwa,
Bahanwa bose ntawusigaye,
Kuko imunga ubukungu bwacu,
Tuyirandure n'imizi yayo.

Ndate amatora akozwe mu mucyo,
Nta kimenyane kinaharanzwe,
Keretse kwemezwa n'abayoborwa,
Mukajya inama mu bibagenerwa,
Intero kwigira igasagamba.

Ubwuzuzanye buri ku isonga
Aho nyampinga ahawe ijambo
Mu buyobozi ntawuhezwa
Kuko bashoboye nk'abo bagabo
Iyo ni ya miyoborere myiza.

Komeza wubake ejo hazaza,
U Rwanda rwawe ruragukunda,
Ni umubyeyi uguhora hafi,
Ngo utere intambwe zijya aheza,
Ntiwiheze mu by'ahazaza.

*Umuhanzi Jyamubandi Déo*
*Kaminuza Nkuru y'u Rwanda*

## Inyunguramagambo

### Sobanura amagambo cyangwa itsinda ry'amagambo

1) Gusaba
2) Kuganza
3) Gusubira ibwonko
4) Ubukombe
5) Ubwehe
6) Kuzira ubwehe
7) Kwema
8) Indongozi
9) Akanda
10) Gusemura.

### Imyitozo y'inyunguramagambo

1. **Uzuza izi nteruro ukoresheje aya magambo, ashobora guhindura intego:** igihe cy'akanda; ubukombe, ubwehe, gusaaba.
   a) Imvura yaguye ari nyinshi amazi……….. ibibaya.
   b) Muhoza yatoye inka none ibyishimo …………
   c) Kamandwa yapfushije abana be bose n'umugore none yabikurijeho …… bwo gusara.
   d) Ujya kwica………….. arabwagaza.
   e) Ubusanzwe Nkurunziza ntanywa amarwa keretse ………………..
2. **Andika imbusane y'ijambo ryanditse mu mukara tsiri, ukoreshe amagambo ari mu muvugo:**
   a) Kiriya gihugu gifite ubutegetsi **bw'igitugu.**
   b) Wa mugabo yaje **yikandagira.**
   c) Abo bagabo ni ba bandi bashishikajwe no **kwisenyera** igihugu.
3. **Andika inyito z'amagambo yanditse mu mukara tsiri mu nteruro zikurikira.**
   a) Karake yakoze mu **nganzo** atugezaho ibintu.
   b) Uyu mugabo ahora avuga **imyato** ubudasiba.

## Soma umwandiko unasubize ibibazo bikurikira

1. Ni iki umuhanzi ashaka kuririmba u Rwanda?
2. Erekana inkomoko y'ubuhangange bw'Igihugu cy'u Rwanda?
3. Ni iyihe mikarago igaragaza ko Abanyarwanda badakangwa n'inzara?
4. Ni iki muhanzi avuga ko ari ingenzi kugira ngo Igihugu cyubakwe?
5. Ni izihe gahunda zituma Abanyarwanda baba ku isonga?
6. Ni iki kerekana ko ihohotera ryambuwe ijambo mu Rwanda?
7. Ni iki umuhanzi avuga ko gitoza uburere bwiza?
8. Hari ibyo umuhanzi yerekana bigamije imibereho myiza ya buri munsi. Ni ibihe?

9. Ukurikije umuhanzi, amatora akorwa ate?
10. Muri uyu mwandiko uburinganire bwahawe ijambo?

## Ibibazo byo gusesengura umuvugo

1) Ni iyihe nsanganyamatsiko iri muri uyu mwandiko?
2) Erekana ingingo z'ingenzi dusanga muri uyu muvugo?
3) Garagaza tumwe mu turango tw'ikeshamvugo twakoreshejwe muri uyu muvugo.
4) Sobanura uturango tw'ikeshamvugo twakoreshejwe muri uyu muvugo utange n'urugero.

## Umwitozo w'ubumenyi ngiro

1. Ukurikije ibyo wungutse, hanga umuvugo ku muco w'amahoro ugaragaza uko akamaro k'imyoborere myiza n'ingaruka zo kutubahiriza uburenganzira bw'ikiremwamuntu.

## Inshamake

### Nsigaranye ko:

Amakimbirane ari ibintu bigonganisha abantu babiri cyangwa benshi bikomotse ku bibazo cyangwa se ku mpamvu zinyuranye; ashobora kuvuka bitewe n'imiyoborere idahwitse, amacakubiri hagati y'imbaga y'abantu, imyumvire ya poritiki idahuye n'ibitekerezo by'abandi, kutizerana mu ngo cyangwa mu miryango. Ubunebwe, ubukene, ubujiji, inda nini na ruswa bishobora na byo kuba intandaro y'amakimbirane.

Umuhuza mu gukemura amakimbirane agomba kumenya imiterere n'imvano nyakuri y'ayo makimbirane, iyo iki kirangiye ahuza abafitanye amakimbirane akabunga yubahiriza amategeko ariho, ibinaniranye bigashyikirizwa inzego zisumbuye zibifitiye ububasha. Igihe ufasha gukemura amakimbirane ugomba gukemura ibyo ukekera cyangwa uhamya umwe mu bahanganye. Ibi byatuma utumva neza uko ikibazo giteye ahubwo bikaba byatuma ikibazo k'ifatizo gikomera kurushaho. Umuhuza kandi agomba kwirinda kunegura no gufata ibintu uko atabibwiwe. Guhamya uruhande uru n'uru icyaha cyangwa se kurweza ntabwo bitanga igisubizo cyari kitezwe. Umuntu agomba gukora iyo bwabaga akabyirinda. Kwihangana no kwigomwa, kuba afitiwe ikizere n'impande zishyamiranye kimwe no kumenya kugena igihe gihagije kandi kitarambiranye biri mu biranga imyitwarire y'ukemura amakimbirane.

Demukarasi y'Igihugu kigendera ku mategeko igaragarira mu ishyirwa mu bikorwa ry'ibyo amategeko ateganya. Amakimbirane agira ingaruka ku mibereho y'abaturage no ku bukungu bw'akarere. Abaturage bahora mu makimbirane ntibagira igihe cyo gukorera ingo zabo n'Igihugu. Mu miyoborere myiza bisaba kuzuzanya hagibwa inama ku bigomba gukorwa n'ababifitemo uruhare, abantu bagakorera mu mucyo hashimangirwa ubumwe, uburinganire n'ubwuzuzanye mu mibereho y'abagize umuryango. Umuyobozi wakira neza abaturage, akabatega amatwi yicishije bugufi, agakemura ibibazo atabogamye agakurikiza amategeko; uwo muyobozi uzasanga yubahwa kandi agace ahereyemo gatera imbere.

Ubuyobozi bwiza buha abaturage uruhare mu buyobozi, gukorera mu mucyo, kumenyekanisha no kwisobanura ku byo ushinzwe gukora, kugira ubuyobozi buri wese yibonamo, kubaha igitekerezo cy'undi, guharanira ubwigenge mu bwuzuzanye hagati y'inzego z'ubutegetsi, kumenya kugira abandi inama kimwe no kutabogama, ukita ku nyungu rusange byinjira mu mahame y'ingenzi y'imiyoborere myiza……

Igihekane ni ijwi ry'inyunge ryandikishwa inyuguti ebyiri cyangwa nyinshi. Niba G ari ingombajwi, N ikaba ari inyerera, mu kinyarwanda amajwi y'ibihekane ashobora guhekana kuri ubu buryo: G.G.: ingombajwi + ingombajwi; G.N.: ingombajwi +inyerera; G.G.N.: ingombajwi +ingombajwi + inyerera; G.G.N.N.: ingombajwi + ingombajwi +inyerera +inyerera; G.N.N.: ingombajwi +inyerera + inyerera.

Hari ibigomba kwitabwaho mu nyandiko nyejwi: amagambo yose bayandika bayafatanije kandi batagabanya ibimenyetso. Ibyo bandika byose bikajya hagati y'udusodeko [ ]; bandika amajwi yose yumvikana iyo bayavuze. Bandika bashyiraho amasaku nyejuru ay'integuza ndetse n'amasaku nyesi.

## Umwitozo

**Andika aya magambo akurikira mu nyandiko nyejwi**

a) Impagarara
b) Ingusho
c) Inkatazakurekera
d) Umutware
e) Urwango
f) Winsyonyora
g) Kunnyega
h) Intyoza
i) Incyamuro
j) Inshyomotsi
k) Intambara
l) Gupyinagaza.

## Isuzuma rusange risoza umutwe wa kane

### Ikiganiro ku miyoborere myiza

Ba nyakubahwa bayobozi b'imirenge muteraniye hano mugire amahoro!
Mbere na mbere mbanje kubashimira ubwitabire bwanyu muri iyi nama. Tudatinze rero, nk'uko mwabisomye mu butumire mwahawe, uyu munsi turagirana ikiganiro n'umuyobozi waturutse muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, ushinzwe imiyoborere myiza. Hashize igihe havugwa ko muri aka Karere hari abayobozi batakira neza abo bashinzwe kuyobora ni yo mpamvu twatumiye uyu muyobozi ngo abagezeho ikiganiro ku miyoborere myiza. Ntabatindiye rero reka muhe umwanya atuganirire. Nyakubahwa muyobozi, umwanya ni uwanyu.

Nyakubahwa Muyobozi w'Akarere ka Runoni,

Ba nyakubahwa bayobozi b'imirenge inyuranye,
Nimugire amahoro!
Nasabwe kubagezaho ikiganiro ku miyoborere myiza. Ariko iyo tuvuze imiyoborere myiza twumva ibintu byinshi. Uyu munsi turaganira ku miyoborere myiza muri rusange twibande ku buryo bwo kwakira neza abatugana. Kugira ngo twitwe ba Rugwirorusa mu mikorere yacu ya buri munsi.

Imiyoborere myiza ni iteme abayoborwa n'abayobozi bahuriraho bagafatana urunana bagakemurira hamwe ibibazo bihari. Bibaye na ngombwa kuri iryo teme bahashinga intebe bakiga kuri gahunda ziteza imbere Igihugu n'isi muri rusange. Imiyoborere myiza ni uburyo buboneye bwo guhuza abayobozi n'abayoborwa, buri wese akagira kandi akamenya uburenganzira bwe n'inshingano ze. Imiyoborere yimakaza ubuyobozi bwiza, ukuzuzanya mu bitekerezo kw'abayobora n'abayoborwa bigamije iterambere ry'Igihugu ngiyo imiyoborere myiza muri rusange.

Igihe cyose umuturage atazaba afite uburenganzira bwo kwishyiriraho abayobozi binyuze mu matora no kubakuraho igihe batujuje inshingano zabo, nta miyoborere myiza izaba irangwa mu Gihugu cyangwa mu gace runaka kacyo. Imiyoborere myiza igira amahame igenderaho. Ingero ni nyinshi. Muri rusange, guha abaturage uruhare mu buyobozi, gukorera mu mucyo, kumenyekanisha no kwisobanura ku byo ushinzwe gukora, kugira ubuyobozi buri wese yibonamo, kubaha igitekerezo cy'undi, guharanira ubwigenge mu bwuzuzanye hagati y'inzego z'ubuyobozi kumenya kugira abandi inama kimwe no kutabogama, ukita ku nyungu rusange byinjira mu mahame y'ingenzi y'imiyoborere myiza.

Mu miyoborere myiza hagomba kubonekamo gutanga ikaze. Ntibikwiye ko umuturage uje abagana aza yikandagira atazi niba muri bumwakire. Iyo bigenze bityo buri gihe ahora abunza imitima yumva ko abayobozi bose ari bamwe. Umuyobozi ubwira nabi abamushyize ku ntebe yaba ameze nka wa wundi utema ishami ry'igiti yicayeho. Umuyobozi mwiza yakira abaje bamugana bagahuza ibitekerezo, ahakenewe gukoreshwa amategeko agakoreshwa, uhanwa agahanwa, ukeneye kungwa mu bahanganye bigakorwa nta ruhande ubuyobozi bubogamiyemo.

Ibiranga imiyoborere myiza ni byinshi. Imiyoborere myiza igomba gushingira ku mahame ya demukarasi. Abahanga basobanura ko demukarasi ari ubutegetsi bw'abaturage, butangwa n'abaturage, bukorera abaturage kandi bugakurwaho n'abaturage. Ibi bisobanura ko ubuyobozi mufite ari indagizo mugomba gufata neza, mugahora mwiteguye, igihe icyo ari cyo cyose, kuyimurikira abaturage rwayibaragije imeze neza, ishimishije. Ni yo mpamvu abayobozi batashoboye kurangiza neza inshingano baragijwe, abaturage babakuraho ikizere bagasimbuzwa abandi babishoboye.

Igihe abaturage bazaba bafite uburenganzira bwo kubashyiraho kugira ngo mubahagararire mu nzego zinyuranye z'ubuyobozi babinyujije mu matora, bafite uburenganzira bwo gukurikirana imikorere yanyu, ndetse bafite uburenganzira bwo kubagira inama no gushobora kubakuraho cyangwa kubasimbura igihe bigaragaye ko mutashoboye kuzuza inshingano zanyu. Umuyobozi agomba kwakira neza abaturage, akabatega amatwi yicishije bugufi, agakemura ibibazo atabogamye agakurikiza amategeko. Iyo umuyobozi abigenje atyo usanga yubahwa kandi agace ahererereyemo kagatera imbere. Igihugu gifite abayobozi nk'abo gitera imbere.

Nyakubahwa Muyobozi w'Akarere,

Ba nyakubahwa bayobozi muteraniye hano, kirazira ko umuyobozi yicara mu biro ngo avugire kuri terefone ibijyanye n'inyungu ze bwite abaturage bamutegereje ku muryango. Ntibikwiye ko muca ku baturage baje babagana mutababajije ikibagenza ngo mubakemurire ibibazo. Birashoboka ko yenda bamwe muri mwe musohoka mu biro mugaca ku baturage babategerereje hanze mutabashuhuje mukurira imodoka zanyu mukagenda. Umuyobozi nk'uwo ntazi kwakira abamugana. Niba muri mwe harimo umuyobozi nk'uwo ndamumenyesha ko yahinduka akareka kubangamira uwo muco w'amahoro, akareka kudusebya dore ko burya ngo umukobwa aba umwe agatukisha bose. Mu kwakira ababagana mugomba kurangwa n'amagambo nka "muraho, murakaza neza murisanga, tubafashe iki? N'ayandi nk'ayo." Murakoze, murakarama.

## I. Ibibazo by'inyunguramagambo

**1. Tanga ibisobanuro by' amagambo cyangwa itsinda ry'amagambo akurikira:**

Ubwitabire:

Ba Rugwirorusa:

Bagafatana urunana:

Aza yikandagira:

Abamushyize ku ntebe:

Indagizo:

Urubanza:

Iteme:

Kwimakaza:

Kubunza imitima:

Utema ishami ry'igiti yicayeho:

Rubakuraho ikizere:

2. **Soma, uhuze ijambo rivuye mu mwandiko n'igisobanuro cyaryo ukoresheje akambi.**

| Ijambo | Igisobanuro |
|---|---|
| Indagizo<br>Kwikandagira<br>Urubanza | Kugenda utabishaka.<br>Uburyo bwo kuburana.<br>Umwanya uhabwa wo kugira icyo uvuga.<br>Ubuyobozi<br>Kwitega iyo ugenda |

3. **Sobanura icyo iyi mvugo ishaka kuvuga**

## II. Ibibazo byo kumva umwandiko

1) Uyu mwandiko ugamije iki?
2) Kuki utanga ikiganiro yatumijwe?
3) Garagaza uko uyoboye ikiganiro asobanura imiyoborere myiza muri rusange?
4) Ni ayahe mahame y'imiyoborere myiza avugwa mu mwandiko?
5) Vuga uburyo bwo kwakira neza abatugana buvugwa mu mwandiko.
6) Ni ibiki tubwirwa mu mwandiko biranga umuyobozi mwiza?
7) Vuga ibigaragaza umuyobozi utakira neza abaje bamugana byavuzwe mu mwandiko.
8) Ni iyihe nama uyoboye ikiganiro asoza atugira?

## III. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

1) Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?
2) Sobanura bimwe mu bigize umuco nyarwanda bigaragara mu mwandiko.
3) Rondora amagambo akoreshwa mu kwakira neza abakugana ari mu mwandiko n'andi waba uzi.
4) Ni iki wungukiye muri iki kiganiro mbwirwaruhame?

## Ibibazo ku nyandiko nyejwi.

**A. Andika ibi bihekane mu nyandiko nyejwi:**

a) ndy b) nkw c) ngw

**B. Andika izi nteruro mu nyandiko isanzwe uzikuye mu nyandiko nyejwi:**

a) [nthààrûtaâmbûrìrìmfùûʃà] [nt$^{h}$ààrûthââmbûririmfùûʃà]
b) [ìnrgyààrgyìhìmŋânîînrgyââmìrìzì] [indgjaargjihimŋâniindgjaâmìrizì]
c) [ûmŋââànàmùrìzînt$^{h}$ââkwùûrgwûrûtôzì]
[ûmŋââànàmùrìzìnthââkwùûrgwûrûthôzì]

**C. Andika izi nteruro mu nyandiko nyejwi.**

i) Uwiba ahetse aba abwiriza uwo mu mugongo.

ii) Urugo ni urugendwa.

iii) Aho umwaga utari uruhu rw'urukwavu rwisasira batatu.

## Hitamo kimwe mu bibazo bikurikira uramburemo umwandiko muremure utarengeje amagambo magana ane

a. Hari uburyo bwo kwakira abatugana haba mu buyobozi cyangwa mu mu mirimo yacu ya buri munsi. Garagaza uko wakwakira neza abakugana, werekane ibyiza n'inzitizi wahura na zo.

b. Hanga umuvugo ku byerekeye ku kwita ku kubana neza n'abandi mu rwego rw'imiyoborere myiza.

c. Hanga umwandiko ku miyoborere myiza ikwiye kugaragara mu Rwanda.

# 5 Kubungabunga ibidukikije

## 5.1 Ibidukikije, inkingi y'ubuzima



Kuva kera na kare, umuntu azi ko yarazwe kuba umutware w'isi. Yahawe ubwenge bwo kuyigenga no kwifashisha ibidukikije mu mibereho ye ya buri munsi. Uko amajyambere agenda yiyongera ni ko ikitwa umutungo kamere twasigiwe n'abakurambere bacu ugenda ukoreshwa rimwe na rimwe neza cyangwa nabi hirengagijwe abavuka uko bwije n'uko bukeye. Byumvikana bite ukuntu ba rutwitsi bagambirira guhindura isi yacu ubutayu? Ba gashozantambara bahora mu myiyereko yo kugerageza ibitwaro byabo bya kirimbuzi kandi bijunditse ubumara, bazi ko byangiza ikirere? Abanyenganda zitandukanye bagira batya bagasuka, bakajugunya imyanda ivuye mu nganda, mu nzuzi no mu biyaga, bazi ko nta cyo bitwara? Uretse n'ibyo, ibyotsi biva muri izo nganda bihumanya ikirere cyacu bikatugiraho ingaruka.

Muntu yagombye kumenya ko kwibasira ibidukikije harimo ibimera n'amashyamba ari uguta abayituye atiretse mu kangaratete. Ibimera bifite akamaro kanini mu buzima bw'abantu. Uko tubizi, ibimera biyungurura umwuka duhumeka. Igihe isi dutuye izaba yabaye ubutayu nka Karahari, ikirere cyuzuye umwuka uhumanye udashobora kuyunguruka, iherezo ry'abatuye isi rizaba irihe? Abahanga mu bumenyi bw'amashyamba bemeza ko adufitiye akamaro kanini kuko atuma imvura igwa, atuma duhumeka umwuka mwiza, arwanya n'isuri. Kuki abantu biyibagije ya mvugo igira iti: "Nutema kimwe uge utera bibiri!" Abacukura amabuye y'agaciro bakarimbura ibimera, bumva bitaniye he no gutema ishami ry'igiti wicayeho?

Ni ukuri gutera imbere ntawubyanze; ntiwahagarika inganda, gucukura amabuye y'agaciro, gukoresha ibinyabiziga utirengagije ubwato n'indege bikoresha amavuta, risansi ndetse na mazutu. Iri terambere duharanira twese kugeraho rijyana n'ingaruka zitandukanye. Umwotsi wa moteri z'ibinyabiziga byarondowe harimo n'ibisohorwa n'inganda bigira uruhare mu kutwangiriza ikirere.

Kwandura kw'ikirere bijyana no kwandura kw'umwuka. Kubera ko umwuka ugira uruhare mu kugena ibihe by'imvura n'izuba, urumuri, ubushyuhe cyangwa ubukonje bikaboneka mu rugero rushimishije nubwo hari aho bikabya; umwuka wanduye, uhumanye utuma ibihe bigenda bihindagurika, abahinze imyaka bakabura imvura bakarumbya, izuba rigacana imisozi ikaka, ibimera n'amashyamba bikaba umuyonga, abantu, inyamaswa n'amatungo bikarimbuka. Biriya byuka byose bibi ni byo byangiza igice k'ikirere kigabanya ubukare bw'imirasire y'izuba itugeraho ku isi; abahanga mu bumenyi bw'isi icyo gice bakita "ozone". Kera iyo amapfa y'imvura cyangwa y'izuba yafatagа igihe kirekire, abantu barasuhukaga bakajya guhahira iyo byeze. Ikibazo kiriho, ubu kubona aho ingaruka z'iterambere ritaragera biragoye; ikiriho ni ugufata ingamba.

Kubungabunga ibidukikije ni bwo buryo bwiza bwo kugira ngo bisugire. Abayobozi b'Igihugu muri poritiki nziza yo kubungabunga ibidukikije, hashyizweho ikigo k'Igihugu gishinzwe kubibungabunga. Mu mpande zose z'Igihugu, ku bigero byose by'abantu bajijurirwa akamaro k'ibidukikije hakoreshejwe abajyanama b'ubuzima, bafatanyije n'abashinzwe gufata neza ubutaka, imiturire no kurengera ibidukikije. Nihadashyirwamo ingufu ngo buri wese ahagurukire kubungabunga ibidukikije Imana yaduhayeho impano ngo muntu abigenge, biratwereka isi igenda irushaho gusatira iherezo ry'ubuzima. Abemeza ko amazi atari amazi gusa ahubwo ari n'ubuzima ntibibeshye.

## Inyunguramagambo

**Sobanura aya magambo cyangwa itsinda ry'amagambo uhereye ku bisobanuro afite mu mwandiko:**

1. Umutungo kamere
2. Kujundika ubumara
3. Guhumanya
4. Akangaratete
5. Kurumba
6. Imirase
7. Ingamba
8. Gutera ingamba
9. Kwasa ingamba
10. Gusatira
11. Gusugira
12. Uruganda

**Imyitozo y'inyunguramagambo**

1. Andika imigani yakoreshejwemo amagambo akurikira ari mu mwandiko: **kurumba; uruganda.**
2. Uzurisha ijambo riri mu mwandiko iyi nteruro: Uwo ukunda umwifuriza .... no gusagamba.
3. Simbuza amagambo cyangwa itsinda ry'amagambo ryanditse mu mukara tsiri impuzanyito yayo iri mu mwandiko.
   a) Twabonye **imyambi y'izuba** tumenya ko bukeye.
   b) Ejo nzajya **mu nzu (ahantu) bacuriramo** kugura inshenyi.

## Ibibazo byo kumva umwandiko

## Soma umwandiko unasubize ibibazo bikurikira

1. Garagaza akamaro k'ibimera.
2. Andika ibintu byangiza ikirere.
3. Ba rutwitsi ubavugaho iki?
4. Ni irihe sano rigaragara hagati yo kwandura kw'ikirere n'umwuka?
5. Hari icyo ubuyobozi bw'Igihugu bwakoze mu rwego rwo kubungabunga ibidukikije? Sobanura neza igisubizo cyawe.
6. Buri wese mu batuye iyi si arasabwa iki? Tanga ingingo nibura eshatu.

## Gusesengura umwandiko

1. Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa muri uyu mwandiko?
2. Ni izihe ngingo z'ingenzi zivugwa muri uyu mwandiko?
3. Erekana isomo wungukiye muri uyu mwandiko.
4. Ukurikije ibivugwa muri uyu mwandiko, erekana ubwoko bwawo unabusobanure. Wutandukanye n'umwandiko mvugamiterere wize mu mwaka wa kane.

### Umwitozo wo kujya impaka no  kungurana ibitekerezo

1. Uratekereza ko ari iyihe mpamvu u Rwanda rwita cyane ku mashyamba, amazi n'ibishanga, inganda n'ibinyabiziga?
2. Ikibazo cy'ubwiyongere bw'abaturage gihurira he no kwangirika kw'ibidukikije (amashyamba, amazi, ikirere n'ubutaka, ...)

**Umwitozo w'ubumenyi ngiro**

Hanga umwandiko nsesengurabumenyi, ku mapaji abiri,  ku nsanganyamatsiko y'ibidukikije wihitiyemo.

## 5.2. Interuro mu nyandiko nyejwi

Itegereze interuro zikurikira, uzisome maze utahure uko bandika interuro mu nyandiko nyejwi.

Kuva kera na kare, umuntu azi ko yarazwe kuba umutware w'isi.

Yahawe ubwenge bwo kuyigenga no kwifashisha ibidukikije mu mibereho ye ya buri munsi.

### Uko bandika interuro mu nyandiko nyejwi

Iyo bandika interuro mu nyandiko nyejwi bandika amagambo yose bayafatanyije kandi  ntibagabanye  ibimenyetso ni ukuvuga ko amasaku nyesi, amasaku nyejuru, ay'integuza (uretse ku rwunge nyesi nyejuru: ahari ubutinde inyajwi ya kabiri ari yo ifite isaku nyejuru) n'ubutinde byose biragaragazwa, hakandikwa bya bimenyetso byose bihagarariye inyajwi, inyerera, ingombajwi zoroheje n'iz'inyunge (ibihekane) nk'uko byagaragajwe mu mutwe ubanza. Ni ukuvuga ko handikwa amajwi yose yumvikana iyo umuntu avuze. Interuro yose igashyirwa hagati y'udusodeko[ ].  Kubera ko amagambo yandikwa afatanijwe hari igihe ijambo rituma kuriribanziriza haza isaku ry'integuza bitewe n'inyajwi ibanziriza iririkurikiye iba yaburijwemo.

***Urugero:***

[ûkwâmàgyààmbèràgyèêndâyîìyòŋgyèèrànîkwîkyìîtkwùmûtûùŋgwòk$^{h}$àmêrêtkwààsigyìwênâßâkwûr

ààmbèrèßatʃùgyèèndûkwôrèèʃkwàrîmŋênârîmŋènêêzâkyââŋgwânââßîhîìrèèŋgàgyìʒgwàßâvûùkwûk

wôbgìîʒênùûkwôßùkyèêyê]

Uko amajyambere agenda yiyongera ni ko ikitwa umutungo kamere twasigiwe n'abakurambere bacu ugenda ukoreshwa rimwe na rimwe neza cyangwa nabi hirengagijwe abavuka uko bwije n'uko bukeye.

### Imyitozo

1) Andika iyi nteruro mu nyandiko nyejwi:
   Mu bibangamira ibidukikije twavuga nk'ibyangiza ikirere bigatera imihindagurikire y'ibihe.
2) Andika interuro zikurikira mu nyandiko nyejwi:
   a) Nta rutamburira imfusha.
   b) Indyarya ihimwa n'indyamirizi.
   c) Inkovu icitse irushya ivura.
   d) Imyase yaswa ityo.
   e) Umwana murizi ntakurwa urutozi.
   f) Urugiye kera ruhinyuza intwari.
   g) Kunywa no kurya ni ingenzi.

## 5.3 Inyandiko Nyemvugo

Itegereze amagambo akurikira yanditswe mu mpushya ebyiri maze ufatanye na bagenzi bawe gukora ubushakashatsi ku bibazo biri hasi yayo.

| | |
|---|---|
| Kub**i**ra | Kub**o**ra |
| Guk**a**na | Guk**o**na |
| Gu**p**ima | Gu**h**ima |
| I**v**i | I**s**i |

Nyuma yo kwitegereza ayo magambo mukore ubushakashatsi ku mumaro w'ayo majwi yanditse atsindagiye. Ni iyihe nyandiko yiga ibijyanye n'ayo majwi afite bene uwo mumaro? Itaniye he n'inyandiko nyejwi?

### Inshoza y'inyandiko nyemvugo

Inyandiko nyemvugo ni inyandiko ifata amajwi yose y'ururimi ikayagabanya igamije kugera ku majwi make afite umumaro wo gutandukanya amagambo muri urwo rurimi. Bene ayo majwi aboneka yitwa " amajwi shingiro". Iryo gabanya ry'amajwi y'ururimi bakaryita igeruramajwi. Muri iryo geruramajwi, mu gushaka gutahura ko ijwi runaka rifite umumaro mu rurimi barisimbuza irindi jwi mu ijambo rimwe bagoragoza. Iyo iryo simburana ry'amajwi ribyaye ingingo nshya ayo majwi yombi ni yo yitwa amajwi shingiro.

Ni ukuvuga ko ariya majwi atsindagiye mu magambo yagaragajwe haruguru ari amajwi shingiro mu Kinyarwanda.

Urwego rw'iyigamvugo rero rwita ku gushaka amategeko yakurikizwa mu kugabanya ibimenyetso byandika ibihekane mu rwego rw'iyigamajwi (mu nyandiko nyejwi) kandi ibimenyetso bisigaye bikaba byihagije ku buryo nta kwitiranya amagambo no

kujijinganya ku gisobanuro kwabaho. Iyi ni yo mpamvu iyigamvugo ryitwa iyigamajwi nyamumaro kuko rigabanya ibimenyetso rigasigaza iby'ingenzi.

## Uko bandika mu nyandiko nyemvugo

Iyo bandika mu nyandiko nyemvugo hari ibikurikizwa:

- Mu nyandiko nyemvugo bandika bagabanya ibimenyetso kandi ibyanditswe bigashyirwa hagati y'utu tumenyetso tuberamye / /
- Mu nyandiko nyemvugo amasaku nyesi n'ay'integuza ntiyandikwa.
- Mu nyandiko nyemvugo inyerera [j] na [w] ziragerurwa kuri [k] na [g] iyo zashyizwe mu rusenge rw'imbere n'urw'inyuma. Ni ukuvuga ko [k] na [g] ziba zikurikiwe na [i] na [e] ni ho ziba zashyizwe mu rusenge rw'imbere. Naho zihashyirwa mu rusenge rw'inyuma iyo zikurikiwe na [u] na [o]. Urugero: [ìgjìsèkjè] →/igiseke/, [ìhwòôhwò]→ /ihoôho/
- Inyaminwa y'inkubyi[β] iragerurwa igasimbuzwa inturike /b/ mu nyandiko nyemvugo, kuko ijwi[β] ryumvikana iyo rikikijwe n'inyajwi cyangwa iyo ritangira interuro rigakurikirwa n'inyajwi. Ikindi /b/ iboneka mu buryo butaruhanyije. Urugero: [ìmbèβà]→/imbeba/
- Inyamazuru y'inyankanka [ŋ] iragerurwa igasimbuzwa inyamazuru y'inyamenyo/n/mu nyandiko nyemvugo,kuko ijwi[ŋ] ryumvikana gusa mu majwi y'inyunge iyo ribanjirije inyankanka[k] na [g]. **Urugero:** [î ŋk$^{h}$â]→ /inkâ/

***Urugero:***

| **Inyandiko nyejwi** | **Inyandiko nyemvugo** |
|---|---|
| [umûtkwâaro | /umutwâaro/ |
| [igjîʃkwî] | /igîʃwî/ /igiʃwi/ |
| [kwûrgjâ] | /kûrjâ/ /kurjâ/ |
| [zaâhwôvgje] [zaâhwòôvgjè] | /zaâhôovje/ /zaahovje/ |
| [agapkjîsî] | /agapjîsî/ /agapjisî/ |

## Gutandukanya inyandiko nyejwi n'inyandiko nyemvugo

### Inyandiko nyejwi

- Mu nyandiko nyejwi bandika amajwi yose yumvikana batagabanya ibimenyetso.
- Ibyo banditse bishyirwa mu dusodeko [ ]
- Mu nyandiko nyejwi iyo bandika interuro bandika bafatanije amagambo yose ayigize.
- Bandika bashyiraho amasaku nyesi n'amasaku y'integuza

### Inyandiko nyemvugo

- Bandika bagabanya ibimenyetso ntibandika amajwi yose yumvikana.
- Ibyo bandika bishyirwa muri utu tumenyetso / /.
- No mu nyandiko nyemvugo bandika bafatanije interuro.
- Amasaku y'integuza ntiyandikwa n'amasaku nyesi ntiyandikwa.

| Inyandiko nyejwi | Inyandiko nyemvugo |
|---|---|
| [ìtʃàpkà] | /itʃapka/ /itʃapwa/ |
| [ìgwûfkâ] | /igûfwâ/ /igûfwa/ |
| [ûbgââtò] | /ûbwâato/ /ûbwâato/ |
| [gwûhwôòvgà] | /gûhôovwa/ /guhoovwa/ |
| [ûmŋâànà] | /ûmwâana/ /umwâana/ |
| [ìmɲèèjò] | /imjeejo/ |
| [ùmùkjinɲì] | /umukinnyi/ |

## Ibihekane mu nyandiko nyemvugo

### Imbonerahamwe y'amajwi y'ibihekane bigizwe na GG, GN ( j cyangwa y na w)

| Inyandiko isanzwe | Inyandiko nyejwi | Inyandiko nyemvugo |
|---|---|---|
| mb | [mb] | /mb/ |
| nd | [nd] | /nd/ |
| ng | [ŋg] | /ng/ |
| mp | [mp$^{h}$] | /mp/ |
| nt | [nt$^{h}$] | /nt/ |
| nk | [ŋk$^{h}$] | /nk/ |
| mv | [mv] | /mv/ |
| nz | [nz] | /nz/ |
| nj | [nʒ] | /nj/ /nj/ |
| mf | [mf] | /mf/ |
| ns | [ns] | /ns/ |
| nsh | [nʃ] | /nsh / |
| pf | [pf] | /pf/ |
| ts | [ts] | /ts/ |
| c | [tʃ]] | /c/ /tʃ/ |
| my | [mɲ] | /mj/ |
| nny | [nɲ] | /nny/ /nɲ/ |
| by | [βgj] | /bj/ |
| jy | [gj] | /gj/ |
| py | [pkj] | /pj/ |
| ty | [tkj] | /tj/ |
| cy | [ky] | /kj/ |
| sy | [skj] | /sj/ |
| ry | [rgj] | /rj/ |
| mw | [mŋ] | /mw/ |
| nw | [nŋw] | /nw/ |

| | | |
|---|---|---|
| nyw | [ɲŋw] / [ŋw] | /njw/ /ɲw/ |
| bw | [bg] | /bw/ |
| dw | [dgw] | /dw/ |
| gw | [gw] | /gw/ |
| tw | [tkw] | /tw/ |
| kw | [kw] | /kw/ |
| zw | [zgw ] | /zw/ |
| jw | [ʒgw] | /jw/ /ʒw/ |
| fw | [fkw] | / fw/ |
| sw | [skw] | /sw/ |
| shw | [ʃkw] | /shw/ /ʃw/ |
| rw | [rgw] | /rw/ |
| shyw | [ʃ<kw] | /shjw/ /ʃ<w/ |

**Imbonerahamwe y'ibihekane by'urukurikirane rw'ingombajwi ebyiri n'inyerera /y/cyangwa /w/**

| Inyandiko isanzwe | Inyandiko nyejwi | Inyandiko nyemvugo |
|---|---|---|
| mby | [mbgj] | /mbj/ |
| ndy | [ndgj] | /ndj/ |
| njy | [ŋgj] | /ngj/ |
| mpy | [mpkj] | /mpj/ |
| nty | [ntkj] | /ntj/ |
| ncy/(nshy) | [ŋkj] /nʃ</ | /nkj/ /nʃ</ |
| mvy | [mvgj] | /mvj/ |
| nsy | [nskj] | /nsj/ |
| pfy | [pfkj] | /pfj / |
| mbw | [mbg] | /mbw/ |
| ndw | [ndgw] | /ndw/ |
| ngw | [ŋgw] | /ngw/ |
| mpw | [mpk$^h$] /mpŋk/ | /mpw/ |
| ntw | [ntkw] | /ntw/ |
| nkw | [nkw] | /nkw/ |
| mvw | [mvw] /mvgw/ | /mvw/ |
| nzw | [nzgw] | /nzw/ |
| njw | [nʒgw] | /njw/ /nʒw/ |
| nsw | [nskw] | /nsw/ |
| nshw | [nʃkw] | /nshw/ /nʃw/ |
| tsw | [tskw] | /tsw/ |
| cw | [tʃkw] | /cw/ /tʃw/ |

**Imbonerahamwe y'ibihekane bigizwe n'ingombajwi imwe n'inyerera ebyiri (G.N.N.)**

| Inyandiko isanzwe | Inyandiko nyejwi | Inyandiko nyemvugo |
|---|---|---|
| • myw | • [mɲη] [mɲŋw] | • /myw/ /mjw/ |
| • byw | • [bgjw] [bgjgw] | • /bjw/ |

**Imbonerahamwe y'ibihekane bigizwe n'ingombajwi ebyiri n'inyerera ebyiri (G.G.N.N)**

| Inyandiko isanzwe | Inyandiko nyejwi | Inyandiko nyemvugo |
|---|---|---|
| mbyw | [mbgjw] / [mbgjw] | /mbyw/ |

## Inshamake

### Nsigaranye ko:

Ibidukikije bigomba kurindwa ibyabihungabanya cyane cyane ba rutwitsi, imyotsi iva mu binyabiziga ndetse no mu nganda kuko bihumanya ikirere.

Iyo ikirere gihumanye bitera imihindagurikire y'ibihe, bityo imvura n'izuba ntibikurikirane uko bikwiye. Ibyo bigatera amapfa n'imyuzure bidasanzwe.

Hagomba gufatwa ingamba zo kurengera ibidukikije, harimo kurinda ubutaka, amashyamba,... bikozwe n'inzego zose harimo uruhare rwa buri wese nange ndimo.

Inyandiko nyemvugo n'inyandiko nyejwi biratandukanye; inyandiko nyejwi ikoresha ibimenyetso byose by'amajwi yumviswe kandi igashyirwa mu dusodeko [ ] naho inyandiko nyemvugo yo igaragaza amajwi ya ngombwa igashyirwa mu turongo tuberamye / /.

## Umwitozo

**Andika iyi nteruro mu nyandiko nyemvugo:**
Iyo imyotsi iva mu nganda no mu binyabiziga ibaye myinshi byangiza ikirere cyacu.

## Isuzuma rusange risoza umutwe wa gatanu

### Umwandiko: Ikirere n'imihindagurikire y'ibihe

Ibidukikije bikubiyemo ibice bibiri, birimo ibidukikije kamere umuntu atagizemo uruhare nk'imisozi, inyoni, ibirunga, ibiyaga karemano, inzuzi karemano n'ibindi, hari kandi n'ibiva ku bikorwa bya muntu. Birimo imiti y'ubutabire, urusobe rw'ibinyabuzima ndetse n'ibikorwa by'ubukungu n'imibereho y'abantu, ibirebana n'umuco, ubwiza ndetse n'ubumenyi bishobora kugira ingaruka ziziguye cyangwa zitaziguye, iz'ako kanya cyangwa zitinda, ku majyambere y'ahantu, ku binyabuzima no ku bikorwa by'umuntu.

Mu bibangamira ibidukikije twavuga nk'ibyangiza ikirere bigatera imihindagurikire y'ibihe. Nubwo inganda zikenewe kugira ngo habeho iterambere ariko ibyotsi biva mu nganda bicucumuka bijya mu kirere biracyangiza. Biriya byotsi byose bibi biva mu nganda ni byo byangiza igice k'ikirere kigabanya ubukare bw'imirasire y'izuba itugeraho ku isi hakaba imihindagurikire y'ibihe ishobora kuba intandaro y'amapfa. Ibyotsi bihumanya ikirere ntibiva mu nganda gusa. Nta wakwirengagiza ko ibinyabiziga, ubwato n'indege bikoresha amavuta, risansi na mazutu bisohora ibyotsi bihumanya ikirere. Ni ngombwa kugabanya imodoka zicucumura ibyotsi byangiza ikirere no gukoresha mu nganda ikoranabunga rikuraho ikoreshwa ry'inkwi cyangwa ibikomoka kuri peterori, ahubwo bagashishikarira gahunda zibungabunga ibidukikije.

Gutema amashyamba na byo biri mu bigira uruhare runini mu kwangiza ibidukikije. Ibyotsi byanduye biva mu nyanja biyungururwa n'amashyamba ntibishobore gukomeza ngo byangize ikirere. Iyo nta mashyamba ahari birakomeza bikajya kwangiza ikirere ku buryo na byo bigira uruhare runini mu mihindagurikire y'ibihe. Abashakashatsi bagiye bashaka uburyo bayobya imiyaga imwe n'imwe ikomoka mu nyanja maze ugasanga na bo bateje imihindagurikire y'ibihe. Ubusanzwe iyo miyaga igira gahunda yayo itera imvura kugwa ku mugabane uyu n'uyu n'igihe iki n'iki. Ubwo bushakashatsi rero buvanze n'ibyuka binyuranye byoherezwa mu kirere bitera ibihe guhindagurika mu buryo budasobanutse igihe abantu bari biteze imvura bakayibura, yanagwa ikaza itunguranye. Ibyo byose bidindiza iterambere kubera ko bikurura amapfa inzara igasizora.

Umuntu mu bikorwa bye yakagombye kumenya ko kwibasira amashyamba n'ibimera ari uguta abatuye isi mu kangaratete. Amashyamba afite akamaro kanini mu buzima bw'abantu. Ayungurura umwuka duhumeka kandi akanabika urundi rusobe rw'ibinyabuzima nk'inyamaswa, inyoni n'ibindi.

Ibihugu byinshi birwana urugamba rukomeye rwo kugaragaza ubuhangange, bigacura ibisasu bya kirimbuzi byoreka imbaga bikarimbura amazu n'imisozi. Ibi bisasu biri mu bya mbere byangiza ikirere, aho byasibaniye ubuzima bukaba ingume. Abahanga bemeza ko ahantu habaye isibaniro ry'ibitwaro bya kirimbuzi, abagore baho baba bashobora kubyara abana babura ingingo zimwe na zimwe kubera ubumara buba bugize ibyo bisasu buba bwarakwirakwiriye mu mwuka bahumeka.

Kwita ku bidukikije byaba karemano cyangwa ibyakozwe n'abantu ni inyungu ya buri wese kuko iyo utabyitayeho byo biraguhana kuko uko byamera kose bizana ingaruka za vuba cyangwa zitinze, mu buryo buziguye cyangwa butaziguye. Ni ahanyu kwita no guharanira kurengera ibidukikije kuko kubyitaho ari uguharanira iterambere rirambye rizira ingaruka zitandukanye zaterwa no kubyangiza.

## I. Ibibazo by'inyunguramagambo

**1. Tanga ibisobanuro by' amagambo akurikira:**

Urusobe:
Amapfa:
Ingaruka zitaziguye:
Akangaratete:
Ubuzima bukaba ingume:
Ubuhangange:
Intandaro:
Ingaruka ziziguye:
Kwibasira:
Ahantu habaye isibaniro:
Ubumara:

**2. Uzuza izi nteruro ukoresheje amagambo yakoreshejwe mu mwandiko:**

a) Iyo ibidukikije byibasiwe, abantu basigara mu………………………… bakicwa n'inzara.

b) Ibihumanya ikirere bitera amapfa kubera ko habaho………… imvura ikaba yabura.

c) ……………………afite akamaro ku kuyungurura umwuka duhumeka no kubika urusobe rw'ibinyabuzima.

d) Ibihugu byateye imbere bicura ibitwaro bya kirimbuzi kubera kurwanira…………………..

**3. Koresha aya magambo mu nteruro zigaragaza ko wumva icyo asobanura:**

i) Ubumara ii) Amapfa

## II. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Mu mwandiko batubwira ko ibidukikije birimo ibice bingahe?
2. Ni iki kibangamira ibidukikije kivugwa mu mwandiko?
3. Sobanura uburyo inganda zishobora gutera imihindagurikire y'ibihe.
4. Ni izihe ngamba zafatwa kugira ngo ibinyabiziga bitangiza ikirere?
5. Sobanura uburyo gutema amashyamba bitera imihindagurikire y'ibihe.
6. Ni gute ubushakashatsi na bwo bushobora kugira uruhare mu mihindagurikire y'ibihe?
7. Garagaza uburyo kwangiza ibidukikije bidindiza iterambere.
8. Vuga akandi kamaro k'amashyamba kavugwa mu mwandiko.
9. Ni gute ibihugu by'ibihangange byangiza ikirere?

## III. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

1. Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?
2. Nimusobanure ibice by'ingenzi bigize uyu mwandiko.

3. Murabona uyu mwandiko urangwa n'iki? Ukurikije uturango twawo urasanga ari ubuhe bwoko? Utaniyehe n'umwandiko mvugamiterere mwasomye?

## IV. Ibibazo ku nyandiko nyejwi no ku nyandiko nyemvugo

1. Tanga itandukaniro riri hagati y'inyandiko nyejwi n'inyandiko nyemvugo.
2. Andika aya magambo n'interuro bikurikira mu nyandiko nyejwi n'inyandiko nyemvugo.

Kuva kera na kare, umuntu azi ko yarazwe kuba umutware w'isi. Yahawe ubwenge bwo kuyigenga no kwifashisha ibidukikije mu mibereho ye ya buri munsi. Uko amajyambere agenda yiyongera ni ko ikitwa umutungo kamere twasigiwe n'abakurambere bacu ugenda ukoreshwa rimwe na rimwe neza cyangwa nabi hirengagijwe abavuka uko bwije n'uko bukeye.

Hanga umwandiko nsesengurabumenyi kuri iyi nsanganyamatsiko:

"Uruhare rw'inganda n'ikoranabuhanga mu kwangiza ibidukikije cyanecyane ikirere."

# 6 Gukunda igihugu

## 6.1. Umuganda mu Rwanda.



Umuganda ni uburyo abatuye Igihugu, kuva hejuru ku ntara kugera hasi mu mudugudu bahuriza hamwe imbaraga kugira ngo bagere ku gikorwa bahuriyeho gifitiye Igihugu akamaro. Mu byo umuganda ugamije harimo guteza imbere ibikorwa by'amajyambere mu rwego rwo kunganira ingengo y'imari y'Igihugu no gutuma abantu bashobora gusabana. Umuganda ushobora no gukorwa mu mirimo itari iy'amaboko. Mu Rwanda rwo hambere, uwabaga agiye kubaka yasabaga amaboko, buri wese mu bavandimwe baturanye akamuzanira igiti cyo gushinga, icyo giti kikitwa umuganda ari yo nkunga ihawe uwubaka. Inzu yashingwaga imiganda, bagaparata n'imbariro nyuma inzu bakayimanika n' imishoro. Imvugo yo gutanga umuganda byo gufasha uwubaka ni aha byavuye. Abantu baba bakoreye hamwe igikorwa runaka bikitwa gutanga umuganda. Umuganda si ukuganda, kumenya icyo gukora muri iki gikorwa ni ipfundo ry'imena mu kubaka urwatubyaye.

Umunyarwanda wese ufite ingufu ahamagarirwa kwitabira ibikorwa by'umuganda. Urubyiruko rufite imyaka cumi n'umunani y'amavuko kandi n'umuntu wese

utarengeje imyaka mirongo itandatu n'itanu afite inshingano zo gukora umuganda. Abanyamahanga bose batuye ku butaka bw'u Rwanda basabwa kwitabira umuganda. Bijya bibabaza iyo usabye umuntu kwitabira umuganda akakubwira ko we atanga urufaranga mu kigwi cyo kwiririrwa yihonda intoki cyangwa se kwitaba amaguru ngo arasiza ibibanza bizubakwamo nk'ishuri ry'inshuke. Ndetse hari bamwe bagira bati: "Ntitwatanga imisoro ngo dutange n'amaboko yacu icyarimwe".

Burya ngo abashyize hamwe ntakibananira. Umuganda ukorwa hashingiwe ku byifuzo by'abaturage bagamije inyungu rusange. Abakozi bagize impamvu ibagomwa kwitabira umuganda babimenyesha abakoresha babo. Undi muntu wese ufite impamvu imubuza kwitabira umuganda abisobanura mbere y'umuganda cyangwa ku munsi w'umuganda ukurikira. Nyuma y'igikorwa runaka cy'umuganda, abawitabiriye bakora inama bagasobanurirwa ibyavuyemo, bakaganira ku ngingo zateganyijwe na bamwe mu bayobozi bakuriye igikorwa cy'umuganda, bakaganira ku bibazo binyuranye ibyo baboneye umuti bigakemukira aho, ibinaniranye bikaba byafatirwa umwanzuro wo kubishyikiriza inzego zibifitiye ubushobozi kurushaho.

Umuganda ufite gahunda ihamye. Mu Rwanda ubu hari komite zishinzwe umuganda kuva ku rwego rw'Igihugu kugera ku rwego rw'umudugudu. Izo komite zifite inshingano z'ingenzi: gukora iteganyabikorwa ry'umuganda, gutegura no kuyobora igikorwa cy'umuganda no gukora isuzumabikorwa ry'umuganda no kubitangaho raporo. Kugira ngo gahunda y'umuganda ice mu mucyo, abatuye umudugudu, akagari, umurenge, akarere no ku ntara baricara bakagena ahantu, isaha n'umunsi bazahurira ku gikorwa iki n'iki. Bimaze kuba umuco umenyerewe ko mu Rwanda habaho umuganda rusange. Uyu muganda ukorwa buri wa Gatandatu wa nyuma wa buri kwezi guhera saa mbiri za mu gitondo ukarangira saa tanu. Isaha yo gutangiriraho ishobora guhinduka bitewe n'ubwunvikane bw'abakora umuganda na komite iwuyobora. Muri iki gihe iyo gahunda yo gukora umuganda idashobotse ku wa Gatandatu haba ku baturage bose ku byiciro bimwe byabo kubera impamvu zinyuranye, komite ibishinzwe ifatanyije n'abaturage bagena ikindi gihe cyo kuwukora cyumvikanyweho n'abo bireba kandi ikabikurikirana.

Bamwe mu baturarwanda batumva agaciro k'umuganda usanga bihina mu mazu; abitwa ko bafite ubushobozi ku munsi w'umuganda bakingirana mu bipangu; utubari tumwe tugakingirana abantu binywera, bakajijisha ko nta muntu urimo. Abatitabira umuganda bagomba guhabwa agahano ko kubakebura, abafite ingendo bakazisubika bagateganya kuzijyamo umuganda urangiye. Amafaranga yatangwaho nk'igihano yakoreshwa ibikorwa binyuranye byunganira umuganda. Ukunda Igihugu ahora yifuza ko cyajya mbere, ibihugu by'amahanga byishunga kuba byarageze mu bushorishori bw'iterambere agahora asizanira kuzabifata cyangwa kubigwa mu ntege. Ibikorwa byose, harimo kungurana ibitekerezo no gukemura impaka za bamwe mu bitabiriye umuganda, byubatse inkingi ya mwamba yaba ikitegererezo mu kwifatira ibyemezo no gukemura ibibazo bya hato na hato.

## Inyunguramagambo

**Sobanura aya magambo:**

Igihugu,
Guha Igihugu umubyizi,
Gukwiza cyangwa guha umuntu Igihugu,
Iyo gihera,
Kubyarira Igihugu,
Kwiha Igihugu,
Kwima Igihugu,
Umuganda,
Guta umuganda,
Gutiza umuntu umuganda,
Imiganda y'imyinjiro,
Gutanga umuganda,
Kuganda,
Guca umuganda,
Intara,
Amaboko,
Gusizanira,
Imbariro,
Gushunga,
Kwishunga,
Inkingi,
Inkingi ya mwamba.

**Imyitozo y'inyunguramagambo**

1. Andika interuro zirimo aya magambo ugendeye ku bisonuro byayo: **gusizanira, kwishunga.**
2. Andika imbusane y'ijambo ryanditse mu mukara tsiri irindi riri mu mwandiko: Kamana **ntaharanira** gutsinda, mu gihe abandi babimaranira.
3. Shaka inshoberamahanga nibura ebyiri zirimo ijambo **"Igihugu"**.

## Ibibazo byo kumva mwandiko.

### Soma umwandiko unasubize ibibazo bikurikira

1. Tanga igisobanuro cy'umuganda mu Rwanda rwo hambere no muri iki gihe.
2. Umunyarwanda wese kimwe n'umunyamahanga ufite ingufu akaba abarizwa ku butaka bw'u Rwanda, arasabwa iki mu gikorwa cy'umuganda?
3. Nyuma y'umuganda hakorwa iki muri rusange?
4. Umuganda uzwi ku rwego rw'Igihugu? Sobanura.
5. Niba hari abantu bafite umuganda mu nshingano zabo, bashinzwe iki?

## Ibibazo byo gusesengura umwandiko

1. Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa muri uyu mwandiko?
2. Ni izihe ngingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko?
3. Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko?

4. Ese kugira ngo habeho gahunda inoze y'umuganda, wumva hakorwa iki?
5. Ku bwawe wumva umuganda ufite akahe kamaro mu iterambere ry'Igihugu?

## 6.2. Amazina y'amatirano

### Subiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

Soma iki kiganiro hagati ya Kagabo na Mucyo maze utahuremo amazina gakondo n'amazina atari gakondo arimo. Hera ku miterere y'ayo mazina mukore ubushakashatsi ugaragaze inshoza y'amazina y'amatirano, indimi zatije Ikinyarwanda amagambo, mugaragaze itandukaniro riri hagati y'amazina gakondo n'amatirano ndetse unagaragaze intego y'amazina y'amatirano n'amategeko y'igenamajwi.

### Kagabo na Mucyo mu isoko

**Mucyo:** Kagabo, bite se? Ngwino hano ntundenze ibyashara!

**Kagabo:** Ubu icyo nshaka ni ukugura ishati ifite amaboko magufi n'ipantaro y'umukara.

**Mucyo:** Hano birahari; wijya kure.

**Kagabo:** Ese ko nta giciro gihari?

**Mucyo:** Dore byanditseho. Ishati ni amafaranga ibihumbi umunani naho ipantaro ni ibihumbi icumi.

**Kagabo:** Ndabona bidahenze. Ese amasogisi yo n'iri koti na karuvati byo bigura bite?

**Mucyo:** Amasogisi ni amafaranga ibihumbi bitanu, ikoti ni bitanu naho karuvat ni igihumbi.

**Kagabo:** Reka nkwishyure kashi ndabona nta sheke nazanye.

**Mucyo:** Urakoze Kaga, unsuhurize mwarimu wange.

**Kagabo:** Urakoze nawe. Ni aho ubutaha!

### 1. Inshoza y'izina

Mu Kinyarwanda, izina ni ubwoko bw'ijambo bita umuntu, inyamaswa, ikintu n'ahantu, rikabiranga. Izina risobanurwa ku buryo butandukanye biturutse ku nyito cyangwa inyurabwenge, ku ntego ndetse no ku nkomoko. Iyo dushingiye ku nkomoko ari na cyo twibandaho muri iri somo, amazina y'Ikinyarwanda tuyasangamo ***amazina gakondo*** n' ***amazina y'amatirano.***

### Inshoza y'izina ry'iritirano

Amazina y'amatirano ni amazina afite inkomoko mu ndimi z'amahanga. Iyo indimi zihuriranye, ururusha urundi ingufu ni rwo rurutiza amagambo menshi bitabujije

ko n'urundi na rwo rurutira. Gutira bishingira ku mushyikirano w'imico, ku madini, ku butegetsi, ku bukungu n'ibindi hagati y'indimi zinyuranye. Bityo amazina gakondo yo ni amazina aba ari karemano mu rurimi runaka ataratiwe mu zindi ndimi.

## 2. Imvano y'amazina y'amatirano

Kuva kera Abanyarwanda bashyikiranaga n'abaturage b'ibihugu bidukikije, bitewe n'ubucuti ubuhake, guhaha cyangwa gushyingirana. Ibi byatumye Ikinyarwanda kinjiza amagambo avuga ibintu bimwe byabaga byadutse mu Rwanda. Byongeye kandi, kuva mu ntangiriro y'ikinyejana cya makumyabiri, abanyaburayi batangiye kuza mu Rwanda bazanywe n'amadini, ubukoloni, ubucuruzi n'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro, ubuhinzi n'ibindi. Ibyo byatumye zimwe mu ndimi z'i Burayi zinjiza amagambo mu Kinyarwanda.

## 3. Zimwe mu ndimi zatije Ikinyarwanda amagambo

Imbonerahamwe ikurikira iratugaragariza zimwe mu ngero z'amazina y'amatirano yinjiye mu rurimi rw' Ikinyarwanda.

### a) Indimi nyafurika

| Ururimi | Izina ry'iritirano | Izina ry'amahanga |
|---|---|---|
| **Iringara** | Umusoro (byo gusora)<br>Inkaranka (ubunyobwa)<br>Gutika (kureka)<br>Umusara (umurimo)<br>Umwansi (umukobwa) | Mosolo<br>Kalanga<br>Kotika<br>Mosala<br>Mwasi… |
| **Ikigande** | Igikaju (igisheke)<br>Impari (ikabutura ngufi)<br>Indogobe<br>Igikwasi<br>Amashanyarazi… | Ekikajo<br>Empari<br>Endogoyi<br>Ekikwasi<br>Amasanyarazi… |
| **Igiswayire** | Itara<br>Umusingi<br>Inema<br>Ikizibaho (igitambaro)<br>Urukuta<br>Ibajiya (irindazi)<br>isaha... | Taa<br>Msingi<br>Neema<br>Kisbau<br>Ukuta<br>Bajia<br>Saa… |

## b) Indimi z'i Burayi

| Ururimi | Izina ry'iritirano | Izina ry'amahanga |
|---|---|---|
| **Ikidage** | Amayida<br>Ishuri<br>Urutofanyi<br>Mbasha (umusirikari)<br>Ibobere<br>Umudage... | Meiden<br>Schule<br>Kartoffen<br>Boche<br>Büber<br>Dag... |
| **Igifaransa** | Ikamyoneti<br>Iferi<br>Umushwari<br>Puwaro<br>Ishashi<br>Ishakoshi<br>Akabari<br>Itushi<br>Gukoroniza... | Camionnette<br>Frein<br>Mouchoir<br>Poireau<br>Sachet<br>Sacoche<br>Cabaret<br>Touche<br>Coloniser... |
| **Icyongereza** | Idorari<br>Isekeni<br>Kidikoni<br>Umuboyi<br>Iyadi<br>Isizeni<br>Mitingi<br>Gasutamo... | Dollar<br>Second hand<br>Archidicon<br>Boy<br>Yard<br>Season<br>Meeting<br>Customs..... |
| **Ikiratini** | Misa<br>Umufaratiri<br>Kiriziya<br>Isakaramentu<br>Tonsura (ubwogoshe bw'umufaratiri)<br>Abusorusiyo<br>Itegura (bubakisha) | Missa<br>Frater<br>Ecclesia<br>Sacramentum<br>Tonsura<br>Absolution<br>tegula |
| **Igifurama** | Gasopo<br>Gafurudomo (igitutsi)<br>Kongoreshi (indwara y'inka)... | Pas op<br>God fur dom<br>Congoleesch... |

## 4. Imisesengurire y'amazina y'amatirano

Muri rusange amagambo akunze gutirwa mu Kinyarwanda ni amazina. Iyo amazina y'amatirano yinjiye mu kinyarwanda, yisanisha ku miterere y'andi mazina asanzwe mu Kinyarwanda. Bityo akavugwa nka yo kandi akagira amasaku n'intego nk'iy'amazina asanzwe mu Kinyarwanda.

Amenshi mu mazina y'amatirano, iyo yinjiye ahita afata intego rusange y'izina ry'Ikinyarwanda; ni ukuvuga indomo, indanganteko n'igicumbi, bityo bene ayo mazina biranagorana kuyatandukanya n'amazina gakondo kuko na yo ahita afata intego nk'iy'amazina asanzwe, kandi uko imyaka igenda ihita inkomoko yayo ikagenda yibagirana. Ikindi kandi uvuga ntabanza kubaza inkomoko y'izina iri n'iri.

***Ingero***

| | |
|---|---|
| Chauffeur → umushoferi/abashoferi: | u-mu- shoferi/ a-ba-shoferi |
| Driver → umuderevu/abaderevu: | u-mu-derevu/ a-ba-derevu |
| Boy → umuboyi/ababoyi: | u- mu-boyi/ a-ba-boyi |
| Mwalimu→ umwarimu: | u-mu-arimu,... |

Andi mazina y'amatirano ntagaragaza indanganteko. Akenshi na kenshi, amazina y'amatirano atagaragaza indanganteko (indangazina), aba ari mu nteko ya gatanu. Cyakora iyo agiye mu bwinshi agaragaza uturemajambo twose.

***Urugero***

| | |
|---|---|
| Shirt → ishati/amashati: | i- ø -shati/ a-ma-shati |
| Saa → isaha/amasaha: | i- ø -saha/ a-ma-saha,... |

Hari andi mazina y'amatirano yinjira mu kinyarwanda, ntashobore kugira indomo n'indaganteko ahubwo akagira igicumbi gusa (ø - ø -c). Bene ayo mazina akunze kuba ari mu nteko ya 9 agafata ubwinshi mu nteko ya 10.

***Ingero***

| | |
|---|---|
| Téléphone → terefoni (imwe) | za terefoni (nyinshi): ø - ø -terefoni |
| Television→ tereviziyo (imwe) | / za tereviziyo (nyinshi): ø - ø -tereviziyo |
| Radio → radiyo (imwe) | / za radiyo (nyinshi): ø - ø - radiyo... |

**Ikitonderwa**

Bene aya magambo yemera kandi gufata ubwinshi mu nteko ya gatandatu. Iyo yafashe ubwinshi mu nteko ya gatandatu agira indomo n'indanganteko.

Terephoni: **ø - ø -terefoni** amaterefoni: **a-ma- terefoni**

Tereviziyo: **ø - ø -tereviziyo** amatereviziyo **a-ma-tereviziyo**

radiyo / amaradiyo: **ø - ø - radiyo/ a-ma-radiyo...**

Bene aya mazina agira amategeko y'igenamajwi ateye nk'ay'amazina gakondo.

***Ingero:***

| **Intêgo** | **Itegeko ry'igenamajwi** |
|---|---|
| Ibyashara: i-bi-ashara | i→y/-J |
| Icyashara: i-ki-ashara | i→y/- J  ky→cy mu nyandiko |
| Agaterefoni: a-ka-terefoni | k→g/ - GR |
| Umwarimu: u-mu-arimu | u→w/- J |

## Amategeko agenga itira ry'amazina

Kugira ngo ijambo ritirwe ryemerwe, rigomba kuba rikenewe n'abenerurimi kandi rishobora kuvugika bitagoranye. Ni ukuvuga ko utira ijambo utari ufite ubusanzwe mu rurimi rwawe. Iyo atari ibyo uba ukoze ikosa ry'inozamvugo ryo kuvanga indimi mu gihe bitari ngombwa, bitewe n'impamvu zinyuranye; ubwirasi, kugaragaza ko wize, kwereka undi ko ururimi azi nawe uruzi, ...

Ijambo ritiwe rigenekerezwa ku nyemvugo z'Ikinyarwanda, rigafata amasaku nk'ay'Ikinyarwanda, ryaba ari izina rikagenerwa inteko, yaba ari inshinga ikagenerwa umuzi. Niba ijambo ritiwe ari icyongereza cyangwa ikidage, bitewe n'uko izo ndimi zisanzwe zifite amasaku atandukanye n'ay'Ikinyarwanda, rigomba kwinjira mu Kinyarwanda rifite amasaku abenerurimi dusanzwe tumenyereye.

Mu itira ry'amazina kandi, ushobora gufata ijambo ukariterura uko ryakabaye, ukaryinjiza mu rurimi kamere rigafata intego n'imiterere y'amazina y'urwo rurimi uryinjijemo. Riba rishobora kwinjirana inyito risanganywe cyangwa guhabwa indi itandukanye n'isanzwe.

***Ingero***

Driver→ umuderevu

Blanket → ikiringiti

Chauffeur → umushoferi

Shirt → ishati...

## Umwanzuro ku izina ry'iritirano

Izina ry'iritirano ni izina ritari karemano muri urwo rurimi, ni izina ryavuye mu zindi ndimi cyangwa izina ryahawe ikintu ubusanzwe kitari gisanzwe muri urwo rurimi.

Izina ry'iritirano iyo rigeze mu Kinyarwanda, rishakirwa inteko, yaba ari inshinga igashakirwa ngenga, kandi bikisanisha n'ikibonezamvugo k'Ikinyarwanda mu rwego rwo gushakirwa uturemajambo.

Kugira ngo ijambo ritirwe ryemerwe, rigomba kuba rikenewe n'abenerurimi kandi rishobora kuvugika bitagoranye. Mu itira ry'amazina kandi, ushobora gufata ijambo ukariterura uko ryakabaye, ukaryinjiza mu rurimi kamere rigafata intego n'imiterere y'amazina y'urwo rurimi uryinjijemo. Riba rishobora kwinjirana inyito risanganywe cyangwa guhabwa indi itandukanye n'isanzwe.

Indimi nyafurika zatije Ikinyarwanda amagambo kubera imihahirane n'imibanire yo guturana no gushyingirana.

Indimi z'i Burayi zatije Ikinyarwanda amagambo kubera ubukoloni, ubucuruzi n'amadini.

**Umwitozo ku mazina y'amatirano**

1. Ni irihe tandukaniro riri hagati y'izina ry'iritirano n'izina gakondo?
2. Tanga ingero z'indimi nyafurika zatije Ikinyarwanda amagambo.
3. Ni izihe mpamvu z'ingenzi zatumye zimwe mu ndimi nyafurika zitiza Ikinyarwanda
4. Subiza ukoresheje "ni byo" cyangwa "si byo"
   a) Kuvuga uvanga indimi byerekana ko uzi gutira bisanzwe.
   b) Utira ijambo iyo irivuga icyo ushaka rikunanira kuvuga neza bityo bigatuma udashobora kwisobanura uko bikwiye.
   c) Utira ijambo iyo irivuga icyo ushaka ari rirerire cyane mu rurimi rwawe.
   d) Utira ijambo iyo irivuga icyo ushaka, riri mu rurimi rwawe.
   e) Utira ijambo ry'icyo ushaka, ariko kidasanzwe mu muco no mu rurimi rwawe.
   f) Izina ry'iritirano buri gihe ryinjirana inyito yaryo risanganywe mu rundi rurimi ntihinduke.
5. Garagaza intego n'amategeko y'igenamajwi by'amagambo y'amatirano ari mu mwandiko ukurikira:

Kamana ejo yagiye mu misa ku kiriziya; ni ho yahuriye na Nkurikiye mwarimu wa Rukundo wa musore ujya ukunda kugira ibyashara byinshi. Rukundo uwo acuruza ibintu binyuranye. Ni we naguriye umushwari mfite na ya meza ujya ubona nkunda gushyiraho puwaro. Ku isaha ya saa moya aba agezemo. Umushaka wajyayo nyuma y'iyo saha.

## 6.3. Inama

Tekereza ku bibazo bikurikira maze ukore ubushakashatsi bwimbitse ku bijyanye n'inama.
Iyo umuyobozi ashaka kugira icyo ageza ku bo ayobora akoresha inama.
Inama ni iki?
Gahunda y'inama ikorwa ite?
Inama itegurwa ite?
Inama iyoborwa ite?

### 1. Inshoza y'inama

Inama ni ikoraniro ry'abantu bateraniye hamwe bafite ingingo bigaho. Hashobora kubaho inama idasanzwe; iba itateguwe bihambaye cyangwa inama isanzwe iba yateguwe cyane kubera ko idatunguranye.

## 2. Gahunda y'inama

### a) Ibigomba kwitabwaho mu gutegura inama

Igihe umuntu ategura inama isanzwe, agomba kwita cyangwa gutekereza ku ntego zayo; icyo inama izaba igamije, icyo izageraho na gahunda y'ibizigirwamo. Ni yo mpamvu agomba gutegura ibikoresho bizamufasha kuyinoza. Bimwe mu bigomba kwitabwaho ni ibi bikurikira:

- Gutegura aho inama izabera mbere, hakurikijwe umubare w'abazayizamo.
- Gutegura icyumba k'inama (intebe, ameza ndetse no kuhagirira isuku) ukurikije aho abazaza mu nama bazicara nko mu ishuri, ku ruziga, ku gice cy'uruziga n'aho abayobozi bicara.
- Guteganya icyo kwandikaho niba ari ngombwa; ikibaho, amakaye cyangwa ikindi kintu cyose cyatuma abari mu nama bashobora gukurikira (nko kwitabaza ikoranabuhanga niba ari ngombwa).

### b) Itegurwa ry'inama nyirizina

Nyuma yo gutekereza no gutegura ibikoresho bikenewe, utegura inama akurikizaho gutegura inama nyirizina. Agomba kwibanda ku bintu bikurikira:

- Gutegura ibizigirwa mu nama bikorwa n'umuyobozi cyangwa se bigakorwa n'akanama runaka yashyizeho.
- Mu gutegura ingingo z'ingenzi ni byiza kuzitondekanya uhereye ku zifite agaciro kurusha izindi kuko iyo igihe kibaye gito, iby'ingezi biba byarangiye.
- Gutumiza inama no kohereza gahunda yayo mbere y'igihe (hari igihe abatumiwe batanga ibitekerezo cyangwa bakibutsa indi ngingo yagombaga kuzigirwamo.)
- Ni byiza ko hagati yo gutumiza inama n'inama ubwayo habonekamo igihe kugira ngo abantu babashe kuyitegura.

## 3. Uko inama iyoborwa

Kuyobora inama ni umurimo ukorwa na nyiri ukuyitumiza cyangwa umubereye mu mwanya (umuyobozi mu rwego rwe). Buri muntu wese uba yitabiriye inama aba afite icyo ashinzwemo: abayitumiwemo baba bafite inshingano zo kumva no gutanga ibitekerezo byabo. Umuyobozi w'inama atangiza inama kandi akanayiyobora. Inama igira ibice by'ingenzi bigenda bikurikirana, kandi uyiyoboye akaba agomba gukurikirana neza ngo hatagira igisimbukwa, cyanecyane ko ari we ugomba kurangiza kimwe agatangiza ikindi.

Muri rusange ibice by'inama bikurikirana bitya:

- Gusuhuzanya no gutanga ikaze;
- Kuvuga igihe inama iza kumara no kuvuga urwego inama yatumiwemo;
- Kurebera hamwe ko umubare w'abayitumiwemo bahageze uhagije kugira ngo ibe yatangira byemewe n'amategeko (iyo bitatu bya kane by'abatumirwa bahari nta cyayibuza gutangira);
- Kumva impamvu z'abataje niba bahari;

- Gutangira inama nyirizina: kuganira ku mirongo mikurumikuru no kubyemeranyaho. Abitabiriye inama bashobora no kongeraho izindi ngingo iyo bisabwe.
- Inama nyirizina irarimbanya ari nako ikorerwa inyandiko, byarangira gusuzumwa hakigwa ku ngingo imwe ku yindi
- Uwatumije inama cyangwa umuhagarariye atanga inshamake y'ibyemezo byumvikanyweho mu nama
- Inama isozwa n'uwayitumije cyangwa umuhagarariye igihe uwayitumije yabimuhereye uburenganzira: ashimira abayitabiriye akanabasezerera ndetse akabanza kubaha amatangazo iyo ahari.


**Impugukirwa:**

1. Kugira ngo inama ishyirwe mu bikorwa uyobora inama agomba kugira izi ndangagaciro igihe ayoboye inama:
   - Kwirinda kuba umunyagitugu;
   - Kutagira uruhande abogamira ;
   - Kumva ibitekerezo by'abatumirwa akabijora kandi akabigorora igihe ari ngombwa;
   - Agomba kuba ari umuhanga mu byo avuga adahuzagurika icyo atazi agasaba ukizi mu batumirwa kugisobanura.
2. Imyanzuro y'inama ifatwa nk'aho ari ikemezo cya buri wese mu baje mu nama.
3. Inama igomba kurangwa n'ikinyabupfura, ubworoherane n'umusanzu wa buri wese mbega inama ntabwo ari igihe cy'amatangazo.

## Umwitozo

1. Ukurikije ibyo umaze gusoma, erekana uko wakora gahunda y'inama.
2. Hari uburyo bwo kuyobora inama, ese ni ubuhe?
3. Ni ryari imyanzuro y'inama ifatwa kandi ni bande bayigiramo uruhare?

## 6.4. Ubudehe si ubw'abadeshyi!




Ibintu ni magirirane; abanebwe twita abadeshyi ntibitabira gufatanya n'abandi. Iyo dusana amateme n'imihanda, dukora amatarasi y'indinganire, bidusaba ubwitange n'inkunga y'amaboko. Ubufatanye muri byose abantu bunganirana ni umuco w'iwacu i Rwanda. Kera tukibyiruka numvaga bavuga ngo kwa Kayijamahe bahingishije ubudehe cyangwa abayoga, nyuma baza gusabana. Murenzi sha, wowe harya ayo mateka ntuyazi?

**Murenzi:** Uwasubira mu y'inzuki ntibwaribwa. Kera se ko abantu bunganiranaga muri byose. Muri iki gihe abantu babaye ba nyamwigendaho. Iyo wabaga wahingishije ubudehe, iyo mbaga y'abantu wabaga wakoresheje wayiteganyirizaga amafunguro n'ibinyobwa barangiza bakakubyinira, bagacinya akadiho bati: «Twaje kunywa no kuganira, nawe washatse ibiganiro! »

**Majyambere:** Rahira ko uyu munsi wabona icyo uhemba abo bayoga? Ni mu gihe nta mirima n'amasambu abantu bakigirira, umuryango uraterana ukagabana udutanyu, buri wese akaba yarwanira ko akabyaza umusaruro. Akarima kangana no mu kiganza cy'uruhinja wakararikira abayoga? Nge Majyambere nsizanira guhora njya mbere. Gahunda y'ubudehe, Leta yatekerereje abaturage si uko ahari yabonaga basumbirijwe n'ubukene?

**Murenzi:** Leta yumvise kurira kw'abaturage igoboka abantu ibicishije muri iyi

gahunda turimo y'ubudehe. Reka ntambikire hano, ndabona amasaha ambereye intati;.

**Majyambere:** Nzasobanuza nitonze bambwiye ko hazaba andi mahugurwa ku budehe. Wagize amahirwe uhugurwa mbere. Uramukane Imana.

**Murenzi:** Nawe kandi urare aharyana ahataryana harare umwanzi.

**Majyambere:** Reka nibaze nka Majyambere kandi nisubize. Gahunda y'ubudehe twahuguweho, batubwiye ko abaturage bajya hamwe bagasesengura ibibazo bibugarije bibatera ubukene bakagerageza kuvuguta umuti w'ibyo bibazo bakurikije uburemere bwabyo, bahereye mu byiciro babarizwamo. Gusesengura ibibazo bimarira iki rubanda nkange! Isesengura rishobora se kugira ibyo ryunganira mu gukuraho inzitizi z'iterambere rirambye? Muhanuka nubwo yabeshye ubushize mu mahugurwa, isesengura ry'ibibazo rirakenewe kugira ngo rikureho inzitizi zitera kutagera ku mwanzuro nyamukuru. Isesengura rituma herekanwa ibyari bihishwe mu bwenge bwabo bikagaragarira bose. Ibi ni byiza, iyo abantu bareba ibintu kimwe, bituma bagera ku kemezo kimwe. Twagiye tubibona, ikibazo kimwe cyasesenguwe neza kivamo igikorwa rusange abaturage bazakora nk'ubudehe. Eheee! Ese ngeze mu gahinga! Nari mpugiye mu duki? Icyampa ikiciro abaturage bashyizemo ababyeyi bange kikazahinduka, nta bushishozi bwabayemo, Gacanga yabateje urujijo, ibibazo bashubije ntibyujujwe neza.

**Mahoro:** Uraho Majyambere we?

**Majyambere:** Sinari nakubonye urankanze! Sha Maho, nkubonye nagushakagaho ubufasha. Harya mu mudugudu wanyu hagaragayemo ibyiciro bingahe by'ubudehe?

**Mahoro:** Aho wabanje kunsuhuza, urambaza! Ubundi se ibyo byiciro byaje ryari ko ntasiba inama?

**Majyambere:** Twe mu byiciro dufite nta bahanya dufite; ariko abantu badafite ahantu babarizwa biririrwa babungera batagira icumbi, kurya bikabagora ndetse akenshi bakaburara kubera kubibura, abaturage b'umudugudu wacu wa Kizere twabatoye ku ikubitiro ngo bazashyirwe mu kiciro cy'abantu batishoboye.

**Mahoro:** Mahoro nge narayobewe, muri gahunda y'ubudehe ngo harya muricara mukavuga ku iterambere ry'Akagari, nyuma y'igihe runaka mukiga ibibazo mufite mukabisumbanisha, mugashyira ahagaragara uburyo mwabikemura? Himbarwa wa Nkeragutabara wamugariye ku rugamba ko yubakiwe akaba aba mu igorofa nyamara ko nta bice by'umubiri, amaguru n'amaboko yigirira nk'ubwo yabarizwa mu kihe kiciro?

**Majyambere:** Icyo kibazo ni amagasa, igisubizo gisaba andi mahugurwa. Gusa nimbona igisubizo nzakubwira. Uzangaye guhera ntuzangaye gutinda. Ikindi kiciro gikurikiyeho ngo ubanza kijyamo abantu bishoboye bafite icumbi ariko bagafata ifunguro ari uko bavuye guca inshuro, rimwe na rimwe ntibarya, iyo bariye bashobora kubona ifunguro rituzuye rimwe ku munsi. Ikindi kiciro ngo gikurikiraho kijyamo abandi baba bakorera agashahara, cyangwa bafite ahandi baronka udufaranga, bafite aho barambika umusaya. Icyo ngo ni ikiciro cy'abishoboye. Abasigaye bagwije ubutunzi, amafaranga n'indi mitungo cyangwa abafite imyanya yo hejuru mu buyobozi nka Ntwari Tomasi ya ntumwa ya rubanda mu Nteko Ishinga Amategeko ni muri iki kiciro abarizwa cy'abaherwe, badakenera ubufasha runaka.

**Mahoro:** None se ubu hariho ibyiciro bine gusa?

**Majyambere:** Ubu ni ibyiciro bine bihari ariko ibyiciro by'ubudehe bizajya bihora bivugururwa kuko iterambere ry'abaturage na ryo rihora rihindagurika.

**Mahoro:** Ibyo kubyumva biroroshye; Leta ngo igira itya ikohereza amafaranga muri gahunda yo kunganira abaturage mu kuzamura imibereho yabo. Hari ibikorwa by'amaboko cyangwa imishinga iteganywa, nibura ngo bage babona urwo rufaranga hari ikintu na bo binjije?

**Majyambere:** Kundondogoza bireke uzakurikire amahugurwa ateganyijwe mu minsi iri imbere! Ibikorwa rusange bitwara amafaranga bibanza byaganirwaho; mbere yo kwemeza igikorwa runaka habanza inyigo. Abaturage bashobora gutekereza ibikorwa bijyanye no gusana ibyangiritse, bakajya bahembwa mu mafaranga yateganyirijwe Umudugudu runaka. Igikorwa kemezwa ari uko bene igikorwa bemeye kandi bashyize umukono kuri ayo masezerano.

**Mahoro:** Tugiye kubaka ishuri ry'inshuke, Majyambere, twagisha inama mbere yo kugira udufaranga tuvana mu mafaranga y'ubudehe?

**Majyambere:** Amakuru yose aba yaratanzwe. Nta gikorwa rusange gikwiriye gukorwa bene igikorwa batacyumvikanyeho, inyungu bagifitemo n'uburyo bazakirambisha. Wari ubizi se? Ibi bituma igikorwa kiba icyabo kuko baba bacyumvikanyeho ku buryo burambuye. Abaturage bamaze kwishyira mu byiciro, umuntu wese amaze kwibona, azi n'ikiciro arimo, abaturage bajya inama y'igikorwa bazakora gifitiye Igihugu akamaro. Icya ngombwa ni uko baba babyumvikanyeho, nta gusesagura ingengo y'imari yateganyijwe.

**Mahoro:** Twibukiranye, harya ngo nta muyobozi uwo ari we wese ugomba kugira uruhare mu guhitamo cyangwa kubwira abaturage ngo nibahitemo igikorwa iki n'iki?

**Majyambere:** Umuyobozi ni umujyanama, ntashyira agahato ku baturage, aba ni bo baba bazi aho bababaye kurusha ahandi. Imirimo yose yashorwamo amafaranga ya gahunda y'ubudehe igomba kuba yumvikanyweho n'abaturage bose batuye Akagari.

**Mahoro:** Ikiganiro ngiranye nawe kiranshimishije cyane! Ubu mfashe iya mbere mu kujya nsobanurira abandi akamaro ka gahunda y'ubudehe n'icyo igamije mu iterambere ry'Igihugu. Abitwara nka ba Semuhanuka birirwa babeshya bacengacenga nk'uko Gacanga yahemukiye ababyeyi bange bakwiye kwamaganwa. Umva nkubwire Majyambe, ni ngombwa ko tuzitabira ya mahugurwa ateganijwe kugira ngo tuzasiganuze byimbitse.

**Majyambere:** Sha ikiganiro nk'iki cyari kiryoshye ariko akaryoshye ntigahora mu itama, reka ducutse ikiganiro tuzahurire muri ayo mahugurwa, urare aharyana, ahataryana harare umwanzi.

**Mahoro:** Majyambe, urakoze kandi ubu nungutse byinshi, uranyubatse.

## Inyunguramagambo

### Sobanura amagambo akurikira:

| | | |
|---|---|---|
| Magirirane | Abadeshyi | Ubudehe (ubuhinga) |
| Kudeha, | Gucinya | Kwigendaho, |
| Udutanyu | Gusumbirizwa | Intati, |
| Guhugira | Kuvuguta | Kuzitira, |
| Inzitizi | Kurondogora | Ururondogoro, |
| Gucika ururondogoro | Gucenga, | |

### Imyitozo y'inyunguramagambo

1. Andika interuro zirimo amagambo akurikira:
   a) magirirane b) abadeshyi c) gucinya
2. Shaka mu mwandiko impuzanyito z'amagambo cyangwa itsinda ry'amagambo n'umukara tsiri
   a) Nsanzurwimo yabonye Karake agiye kumushyikira maze **yongeza umurego** aramwanikira.
   b) Cyanzayire yashoboye guhangana n'i**nzitizi** nyinshi yahuye na zo.
3. Uzuza iyi migani ukoresheje uko bikwiye aya magambo: **indondogozi, gusumbirizwa, kuvuguta, ururondogoro, intati**. (Ushobora kuyahindura bibaye ngombwa).

a) ………………….y'impyisi yiyabiza maka.
b) Umuryango w'inkeho urasana wisunga amasaka,………… ugasesera.
c) Ntawusegura …………..
d) Ishavu ni umucuba iyo ridasheshe akanguhe risesa ……………
e) ………… y'ikirondwe yumira ku ruhu.

4. Shaka mu mwandiko imbusane z'amagambo cyangwa itsinda ry'amagambo yanditse n'umukara tsiri.
   a) Uyu mugabo akunda **kwangiza** ibikorwa by'umuganda; akwiye kugirwa inama rwose.
   b) Karangwa avuga make ntakunda **kuvuga menshi.**

## Ibibazo byo kumva umwandiko

### Soma umwandiko unasubize ibibazo bikurikira

1. Ni ba nde badashishikazwa no gukora ibikorwa byateza imbere Igihugu?
2. Uwabaga yahingishije ubudehe we n'abahinzi babyitwaragamo bate, iyo babaga bahinguye?
3. Mu mwandiko barerekana ko ubudehe, nk'uko kera bwakorwaga, ubu bishoboka? Kuki?
4. Ese gahunda y'ubudehe itegurwa ite?
5. Ni ubuhe bwoko bw'igikorwa rusange gishobora gushyirwa mu bikorwa hatagombye inama?
6. Ukurikije uyu mwandiko, abaturage b'u Rwanda bari mu byiciro bihe? Ese bashingira ku ki?

## Ibibazo byo gusesengura umwandiko

### Subiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

1. Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa muri uyu mwandiko?
2. Ni akahe kamaro k'ubudehe mu iterambere ry'abaturage?
3. Ni izihe ngingo z'ingenzi zubakiweho uyu mwandiko?
4. Erekana isomo ukuye muri uyu mwandiko n'uruhare rw'umuganda n'ubudehe mu muco nyarwanda?
5. Ukurikije imiterere y'uyu mwandiko, wawushyira mu buhe bwoko?

## Umwitozo w'ubumenyi ngiro: Kungurana ibitekerezo

### Ungurana ibitekerezo na bagenzi bawe ku nsanganyamatsiko zikurikira

a) Uratekereza ko iyi gahunda yo gushyira abantu mu byiciro by'ubudehe ifite izihe ngorane kugira ngo igere ku ntego zayo?

b) Ni izihe ngamba zikwiye gufatwa kugira ngo ubudehe bugere ku ntego zabwo?

## 6.5. Inyandiko mvugo

Soma witegereza inyandiko ikurikira maze ukore ubushakashatsi usubize ikibazo kiyikurikira.

### Inyandiko mvugo y'inama ya Komite Nyobozi y'Akarere ka Bwakira yo ku wa 12 Gashyantare 2016

**1. Abitabiriye inama**

a) **Bwana MUGISHA Arnauld** (Umuyobozi w'Akarere)
b) **Madamu KANKINDI Virginie** (Umuyobozi wungirije ushinzwe imibereho y'abaturage)
c) **Bwana BAZIRURA Sébatien** (Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe ububukungu)
d) **Madamu UWISANZE Diane** (Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Bwakira)

**2. Ibyari ku murongo w'ibyigwa**

a) Gusuzuma raporo z'ubwitabire bw'umuganda.
b) Gukora igenagaciro ry' Umuganda mu kwezi kwa Mutarama.
c) Gusuzuma imikorere y'abayobozi b'imirenge.
d) Utuntu n'utundi.

**(3) Uko inama yagenze**

Inama yatangiye saa saba n'igice iyobowe n'umuyobozi w'Akarere ka Bwakira Bwana MUGISHA Arnauld watangiye aha ikaze abitabiriye inama anaboneraho no kubereka umuyobozi mushya w'Akarere wungirije ushinzwe imibereho myiza y'abaturage Madamu KANKINDI Virginie. Arangije abasomera ibyari ku murongo w'ibyigwa. Uyoboye inama kandi yabajije abari mu nama niba hari ibyo bifuza gushyira ku murongo w'ibyigwa maze hemezwa gahunda y'inama.

**a) Ingingo ya mbere : Gusuzuma raporo z'ubwitabire bw'umuganda.**

Ku bijyanye n'iyi ngingo abari mu nama bamaze gusoma no gusuzuma raporo bagejejweho na za komite ngenzuzi z'umuganda mu mirenge yose basanze umuganda witabirwa ku kigereranyo cya 95% bafata umwazuro ko n'abasigaye bangana na 5% abayobozi b'utugari n'imirenge bakora uko bashoboye bagakora ubukangurambaga bwo kubashishikariza kwitabira umuganda no kubumvisha uburyo umuganda ari igikorwa k'ingirakamaro mu iterambere.

**b) Ingingo ya kabiri: Gukora igenagaciro ry'umuganda mu kwezi kwa Mutarama.**

Abari mu nama, nyuma yo gusuzuma raporo z'igenagaciro ry'umuganda mu mirenge inyuranye basanze mu kwezi kwa Mutarama umuganda waragize agaciro kangana na miriyoni 15 z'amafaranga y'u Rwanda bishimira icyo gikorwa. Cyakora bifuje ko umurenge wa Kantarange mu kwezi kwa kabiri wazagerageza gukora ibikorwa bifite agaciro karenze ako mu kwezi kwa mbere kuko raporo zagaragazaga ko ari wo murenge wari inyuma y'iyindi kandi uri mu mirenge ifite abaturage benshi.

**c) Ingingo ya gatatu: Gusuzuma imikorere y'abayobozi b'imirenge.**

Uyoboye inama, kuri iyi ngingo yagaragarije abari mu nama uko abayobozi b'imirenge igize Akarere ka Bwakira bitabiriye gutanga raporo n'uko bahiguye imihigo yabo. Abari mu nama bamaze kubyunguranaho ibitekerezo basanze hari abayobozi bagomba kugirwa inama n'abandi bagomba guhindurirwa imirenge bayoboraga. Ni muri urwo rwego Umuyobozi w'Umurenge wa Mataba yimuriwe mu murenge wa Mugote uwayoboraga umurenge wa Mugote akagurana na we. Umuyobozi w'Umurenge wa Marangara hafashwe umwanzuro wo kumwandikira ibaruwa imusaba ibisobanuro birambuye ku mpamvu zo kudatangira raporo ku gihe.

**d) Ingingo ya kane: utuntu n'utundi**

Mu tuntu n'utundi, umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe imibereho y'abaturage yagejeje ku bari mu nama ikibazo cy'abayobozi b'utugari bakoresheje nabi amafaranga y'ubudehe batagishije inama abaturage ngo bumvikane ku cyo bakoresha amafaranga y'ubudehe. Nyuma yo kungurana ibitekerezo kuri icyo kibazo abari mu nama bafashe umwanzuro wo gutumiza abo bayobozi bakagirwa inama bazakomeza kuyobora nabi bagahagarikwa ku buyobozi.

Inama yashojwe saa kenda n'igice uyoboye inama yongera gushimira abayitabiriye.

| | |
|---|---|
| Umwanditsi w'inama | Umuyobozi w'inama |
| **UWISANZE Diane** | **MUGISHA Arnauld** |

**Ikibazo:**

Nyuma yo gusoma no kwitegereza imiterere y'iyi nyandiko ungurana ibitekerezo na bagenzi bawe musobanura icyo inama ari cyo, gahunda y'inama, uburyo bwo kuyobora inama, gufata imyanzuro y'inama, icyo inyandiko mvugo y'inama ari cyo, ibice byayo n'uko ikorwa.

## 1. Inshoza y'inyandiko mvugo

Inyandiko mvugo ni umwandiko uvuga ibyakozwe, ibyabaye cyangwa ugasubira mu byo uwandika yabonye cyangwa se yanagizemo uruhare mu nama. Iyo urebye abo inyandiko mvugo igenewe, usanga hari uburyo bubiri ikorwamo:

Inyandiko mvugo ishobora kuba igenewe umuntu wari uhari igihe ibikorwaho inyandiko mvugo byabaga, kugira ngo atibagirwa ibyabaye abone uko abyigaho neza cyangwa ashyire mu bikorwa ibyumvikanweho. Inyandiko mvugo igenewe umuntu utari uhari kugira ngo amenye ibyavugiwe cyangwa ibyakorewe aho atari ari.

## 2. Ibice by'inyandiko mvugo y'inama n'uko bikorwa

Inyandiko mvugo y'inama igaragaza ibice bine by'ingezi: umutwe, abari mu nama, ibyari ku murongo w'ibyigwa n'uko inama yagenze muri make.

### *a) Umutwe*

Ugaragaramo iyo nama iyo ari yo n'igihe yabereye mu magambo make.

### *b) Abari mu nama*

Muri iki gice inyandiko mvugo igaragaramo urutonde rw'abitabiriye inama bose. Iyo atari benshi cyane bagaragazwa mu ntagiriro y'inyandiko mvugo. Ariko iyo abitabiriye inama ari benshi cyane bashyirwa ku mugereka w'inyandiko mvugo y'iyo nama. Muri iki gice kandi hashobora no gushyirwamo abatarayitabiriye bafite impamvu cyangwa batayifite.

### *c) Ibyari ku murongo w'ibyigwa*

Muri iki gice, ukora inyandiko mvugo arondora ibyo inama yagombaga kwigaho byose nk'uko biba byavuzwe n'umuyobozi w'inama ndetse n'ibindi byifujwe n'abari mu nama ko byajya mu tuntu n'utundi; ibitari byateganijwe n'umuyobozi w'inama.

### *d) Uko inama yagenze*

Muri iki gice, ukora inyandiko mvugo yandika muri make icyo bumvikanye kuri buri ngingo. Ntiyandika ibyo buri muntu yavuze, ahubwo yandika gusa umwanzuro wafashwe kuri buri ngingo yari ku murongo w'ibyigwa kandi bikandikwa ku buryo bwumvikana neza adashyiramo ibitekerezo bye.

**Ikitonderwa**

Ibindi bigomba kugaragara mu nyandiko mvugo ni aho inama yabereye, urwego inama yateranyemo, impamvu y'inama, igihe yatangiriye n'igihe yarangiriye.

Inyandiko mvugo itajyamo ibitekerezo bwite by'uyikora. Ni umwandiko uvuga ibyabaye utagize icyo uhindura.

Kora inyandiko mvugo y'inama y'ababyeyi yabereye mu kigo wigamo. Ubahiriza amabwiriza agenga imyandikire y'inyandiko mvugo.

## Inshamake

### Nsigaranye ko:

- Umuganda usobanura igiti cyo gushinga umuturanyi yazaniraga uwubaka, inkunga ihawe uwubaka cyangwa igikorwa runaka abantu baba bakoreye hamwe, bahuriza hamwe imbaraga kugira ngo bagere ku gikorwa bahuriyeho gifitiye Igihugu akamaro.
- Urubyiruko rufite imyaka cumi n'umunani y'amavuko kandi n'umuntu wese utarengeje imyaka mirongo itandatu n'itanu afite inshingano zo gukora umuganda, yifatanya n'abandi.
- Nyuma y'umuganda hakorwa inama muri rusange ikiga ku bikorwa binyuranye, harimo kungurana ibitekerezo no gukemura impaka,...
- Hari komite zifite inshingano zo gukora iteganyabikorwa ry'umuganda, gutegura no kuyobora igikorwa cy'umuganda no gukora isuzumabikorwa ry'umuganda no kubitangaho raporo
- Gahunda y'ubudehe itegurwa n'abaturage bajya hamwe, bagasesengura ibibazo bibugarije bitera ubukene bakagerageza kuvuguta umuti w'ibyo bibazo bakurikije uburemere bwabyo, bahereye mu byiciro babarizwamo.
- Mu Rwanda abaturage bari mu byiciro bitatu : ikiciro cya mbere kigizwe n'abantu badafite ahantu babarizwa birrirwa babungera batagira icumbi, kurya bikabagora ndetse akenshi bakaburara kubera kubibura.Ikiciro cya kabiri ni icy'abantu bafite icumbi ariko bagafata ifunguro ari uko bavuye guca inshuro, rimwe na rimwe ntibarya, iyo bariye bashobora kubona ifunguro rituzuye rimwe ku munsi. Ikiciro cya gatatu ni icy'abakorera agashahara cyangwa bafite ahandi baronka udufaranga ariko bafite aho barambika umusaya. Icya kane ni icy'abagwije ubutunzi, amafaranga n'indi mitungo cyangwa abafite imyanya yo hejuru mu buyobozi.
- Inyandikomvugo iri mu mwandiko uvuga ibyakozwe, ibyabaye cyangwa ugasubira mu byo uwandika yabonye cyangwa se yagizemo uruhare...

Inyandikomvugo y'inama igaragaza ibice bitatu by'ingenzi: abari mu nama, ibyari ku murongo w'ibyigwa n'uko inama yagenze muri make. Ibindi bigomba kugaragara mu nyandiko: aho inama yabereye, urwego inama yateranyemo, impamvu y'inama, igihe yatangiriye n'igihe yarangiriye...

- Izina ry'iritirano ari izina ritari karemano muri urwo rurimi, ko ari izina ryavuye mu zindi ndimi cyangwa izina ryahawe ikintu ubusanzwe kitari gisanzwe muri urwo rurimi.
- Kugira ngo ijambo ritirwe ryemerwe, rigomba kuba rikenewe n'abenerurimi kandi rishobora kuvugika bitagoranye, rigafata intego n'imiterere y'amazina y'urwo rurimi uryinjijemo. Riba rishobora kwinjirana inyito risanganywe cyangwa guhabwa indi itandukanye n'isanzwe.
- Indimi nyafurika zatije Ikinyarwanda amagambo kubera imihahirane n'imibanire yo guturana no gushyingiranwa. Indimi z'i Burayi zatije Ikinyarwanda amagambo kubera ubukoloni, ubucuruzi n'amadini.

## Isuzuma rusange risoza umutwe wa gatandatu

### Umwandiko: Gukunda Igihugu

Gukunda Igihugu ni ugukunda benecyo n'abagituye nta kurobanura, gukunda ibikigize byose nk'ubutaka, ururimi n'umuco no kumenya amateka yacyo, kugikorera no kugira ishyaka ryacyo, kubumbatira umutekano n'ubusugire bwacyo, kukirwanirira harimo ishyaka ryinshi, kwitanga ukaba wanagipfira bibaye ngombwa byo bigihesha agaciro.

Gukunda Igihugu bigaragara ku munyagihugu watojwe neza uburere mboneragihugu, akagira uruhare mu gusigasira uburere n'umuco w'Igihugu ke, akakitangira mu buryo bwose bushoboka, akacyubaka, akanagiteza imbere yicungira umutekano, akaba mu ijisho ryawo aho ari mu bufatanye n'inzego zose z'ubuyobozi n'iz'umutekano.

Buri gihugu kiba gifite intego yo kugira umunyagihugu watojwe neza uburere mboneragihugu, usigasira uburere n'umuco w'Igihugu ke, wakitangira mu buryo bwose bushoboka, witabira ibikorwa bicyubaka bikanagiteza imbere ndetse akanagira uruhare mu kwicungira umutekano.

Ijambo uburere mboneragihugu rituruka ku gikorwa cyo kurerera Igihugu bishaka kuvuga: gutanga uburere bubereye Igihugu, bugihesha ishema, butuma gikundwa, cyubahwa, kikanagendwa. Bugamije kandi kubaka, gushimangira, gukomeza ubumenyi bw'abanyagihugu ku bireba Igihugu cyabo. Hari izindi ndangagaciro ziba zigamijwe zirimo ubwitange, gucunga neza ibya rubanda, kubungabunga umutekano, kugira ishyaka, ubutwari, kwirinda amacakubiri, kugira urukundo, kwemera inshingano no kuzisohoza, kugira ishyaka, kubungabunga ibidukikije, ubufatanye mu iterambere.

Hari inkingi zubakirwaho uburere mboneragihugu ari zo amateka y'Igihugu, umuco w'Igihugu, indangagaciro z'Igihugu, ikerekezo k'Igihugu, ikirangantego k'Igihugu (Ubumwe, Umurimo, Gukunda Igihugu), gahunda ya guverinoma. Mu Rwanda Uburere mboneragihugu tubukomora kuri ibi bikurikira birimo uruhererekane nyemvugo: Ingero (Wima amaraso Igihugu, imbwa zikayanywera ubusa, u Rwanda ruratera ntiruterwa, ese ko abandi bahunga bagana u Rwanda, ndaruhunga nge he? (Bisangwa).

Iyo uburere mboneragihugu bwigishijwe neza kandi bufite intego, bituma habaho ubumwe bw'abanyagihugu, ishema ry'Igihugu, umutekano n'iterambere ry'Igihigu kandi Igihugu gikomeza ubusugire bwacyo.

Umuntu ukunda Igihugu arangwa n'indangagaciro zinyuranye. Harimo guhorana ingamba zo guhindura abandi, abaganisha ku mikorere ya kirwanashyaka kandi adahuga, kubahiriza uburenganzira bw'abandi nk'uko yifuza ko ubwe bwubahirizwa, kuzirikana ko abantu bose bareshya imbere y'amategeko. Uwo muntu ahora arangwa no kuzirikana ko hari byinshi byiza byasizwe n'Abakurambere bityo akumva ko agomba kwishyura iryo deni na we akagira icyo asiga akoze abazavuka nyuma bakazabiheraho; kuzirikana ko umutungo kamere w'Igihugu (ubutaka, amabuye y'agaciro, amazi n'ibidukikije ari uw'abariho n'abazabakurikira bityo ukaba ukwiye gucungwa hazigamirwa abazakomoka ku bariho mu gihe runaka. Umuntu watoye inyigisho z'uburere mboneragihugu ahora ashishikajwe no kugikorera nta kwiganda, gushaka ibisubizo by'ibibazo biriho, kutagambanira Igihugu, kwitangira Igihugu akaba yanagipfira bibaye ngombwa, kwishimira kuba umuvugizi w'Igihugu ke aho ari hose, kutarangwa n'ivangura iryo ari ryo ryose, gushyira inyungu z'Igihugu imbere kurusha ize ku giti ke.

Hari Abanyarwanda batandukanye bagaragaje umuco mwiza wo gukunda Igihugu no kukitangira, bamwe muri bo ni umwami Kigeri IV Rwabugili, umwami Mutara III Rudahigwa, Fred Gisa Rwigema, abana b'abanyeshuri b'i Nyange n'umubikira Féliçité (Felesita) Niyitegeka.

Uburere mboneragihugu ni ngombwa kandi ni ingenzi mu kubanisha umunyagihugu n'Igihugu ke. Uburere mboneragihugu bukwiye gukomeza kwigishwa ingeri zose z'abanyarwanda. Muri iki gihe, bukwiye kudufasha kugira uruhare rugaragara mu iterambere, kubaka ishema, ikizere cya none n'ik'ejo hazaza ku Banyarwanda bose.

## Ibibazo by'inyunguramagambo

**1. Sobanura aya magambo cyangwa itsinda ry'amagambo uhereye ku mwandiko**

Uburere mboneragihugu,
Igihugu,
Guhuga,
Uruhererekane,

Guhunga,
Amacakubiri
Agaciro, (1)
Gushyira mu gaciro,
Kubura agaciro,
Agaciro (2)
Kubuza agaciro,
Gusohoza,

**2. Koresha buri jambo mu nteruro, ugendeye ku nyito yaryo mu nteruro:**

a) Guha agaciro,
b) Gusohoza,
c) Guhunga.

**3 Uzuza iyi migani, ukoresheje amagambo wungukiye muri uyu mwandiko.**

a) Iminsi iyo ......... urayiba.
b) Ijisho................. ntirihaka.

**4. Andika impuzanyito z'amagambo yanditse mu mukara tsiri, uyakuye mu mwandiko.**

a) Iri somo rifite **akamaro**, ugomba kuryitaho.
b) Uyu muco wacu ni **karande**; dukwiye kuwusigasira.

**5. Andika imbusane y'iri jambo ritsindagiye uyikuye mu mwandiko:**

Uyu mugabo yabaye **ikigwari** cyane mu mateka yacu.

**II. Ibibazo byo Kumva umwandiko**

1. Ni akahe kamaro k'uburere mboneragihugu?
2. Ni ibihe bintu bitanu byibuze biranga umwenegihugu ugikunda?
3. Erekana inkingi uburere mboneragihugu bwubakirwaho.
4. Tanga uruhererekane Abanyarwanda bakomoraho gukunda Igihugu.
5. Intego y'Abanyarwanda bose ni iyihe? Iboneka he?
6. Ese kwitangira Igihugu bikagera aho mupfira birashoboka? Tanga ingero mu gusobanura igisubizo cyawe.

**III. Ibibazo byo gusesengura umwandiko**

1. Muri uyu mwandiko ni iyihe nsanganyamatsiko nkuru irimo?
2. Ni izihe ngingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko?
3. Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko?

**IV. Ibibazo bisuzuma ubushobozi bwo gusesengura amazina y'amatirano no guhanga umwandiko.**

1. **Shaka mu nteruro zikurikira amagambo y'amatirano, maze werekane intego n'itegeko ry'igenamajwi.**
   a) Ishuri ryacu rihora ryesa imihigo kuko abanyeshuri bose bagize inota ribemerera kujya mu mashuri ya Leta.
   b) Muri iki gihe intwari aho kwambikwa impeta nk'umudende, bambikwa imidari,...
   c) Imisoro ni ngombwa kuko ikoreshwa mu kubaka amashuri, ibibuga by'indege,... bityo Igihugu kigatera imbere mu buryo bwihuse.


2. **Hanga umwandiko utarengeje imirongo mirongo itatu ku nsanganyamatsiko zikurikira:**
   i) Gukunda Igihugu no kuzirikana ibyiza ba sogokuru badusigiye byerekana umwenegihugu mwiza.
   ii) Erekana ibikorwa bigaragara biranga umuntu ukunda Igihugu ke.
   iii) Igihugu cy'u Rwanda cyashyizeho uburyo bwo guha icyubahiro intwari ziba zarakoze ibikorwa by'indashyikirwa mu gukunda Igihugu. Byerekane ushingiye ku mateka.

## Gusuzuma ubushobozi bwo kuyobora inama no gukora inyandiko mvugo

Erekana ibice bigize inyandiko mvugo y'inama yabaye mu ishuri ryanyu.

# 7 Iterambere

## 7.1. Izigamire Mitima




Iyi si dutuye iteye ukwayo, wicaye ntiwatamira, udatembereye ntiwamenya. Mitima yatangiye kugira indoto zo gutera imbere se akimara kwitaba Imana. Yagize ayo makuba yo kubura ababyeyi yiga mu kiburamwaka. Nubwo yari ikibondo, yumvaga abantu benshi bamusabira kuko se yabasize bakiri bato. Umunsi umwe ahuye n'umuturanyi atangira kumuganiriza.

- Barayasesa nkubwire, burya ngo so ukwanga akwita nabi kandi ngo izina ni ryo muntu. Ugira ngo se nkawe ntiwokamwe n'umuruho kuva bakwita Barayasesa!
- Winkura umutima, Habarugira ni mwene Nzahirwa! Komeza uyage yenda ndageraho nkuremo ijambo. Komeza sha!
- Mwasigaye muri bato birabagora kandi mufite umuryango mugari ukize ibya mirenge!
- Ahaaa! Ngo na Nyokorome akuruma akurora! Icyashobotse ni kimwe, Bajyinama

mwene Mirimo wari waranywanye na data, nubwo yari ageze mu za bukuru, yatwitayeho araturera, adutoza umuco wo kuzigama tukiri bato. Hashize amezi atatu nyuma yo kuva mu bwirabure, twituwe ineza n'uwo munywanyi w'umuryango wacu kugira ngo tuzibesheho atakiriho. Yadutoje umuco wo kuzigama, uwo muco uragenda uratwokama none tugeze ahashimishije. Burya ngo ugira neza ineza ukayisanga imbere! Data na we yabaye nka Nyamutegerikizaza wari utuye i Gihinga na Gihindamuyaga.

- Yabahaye amafaranga? Yabahaye ubuhe bwoko bw'imari mwazigamye? Ese ubu ibyo mwabaga mwifuza cyangwa mukenera mwarabibonye? Mu yandi magambo mwarangije kugera iyo mujya?

- Barayasesa ntukitiranye ibintu, kukubwira ntyo ni uko nabonye akamaro ko kuzigama. Iyo witeganyirije ukiri muto, ugakomeza ukabigira umuco, biraguhira ku buryo igihe kigera ibigo by'imari n'amabanki acuruza amafaranga bikakwizera ugakorana na byo mu buryo bunyuranye. Iyo ugwije ubwizigame ushobora gukuraho igice k'imari ukagishora mu bikorwa bibyara inyungu. Si uko Kanyamibwa yakize kugeza ubwo basigaye bamwita Mirenge!
- Mitima, uramponda sinoga. Ushaka kuvuga se ko ubu nkoze nkawe nabyutsa umutwe? Ntabaronkera rimwe nk'abava guca imisigati, kandi wikanira umugisha w'undi ukannya ibuye!
- Burya sogokuru yari ahugutse pe! Yaraduhanuraga iyo twabaga twicaye ku mashyiga dutaramye yageraho ati: "Muge muzigama izi nama mba mbaha zizabagirira akamaro". Tukumvisha amatwi n'umutima, tukazirikana ibyo atubwiye tukabibika, kugeza n'ubu impanuro ze nziza ziradutunze. Mu bukungu nk'uko nabihuguwe, igisobanuro cyo kuzigama ni ukubika amafaranga kugeza igihe ugwirije umubare w'amafaranga akwiye kugira ngo ugure icyo ukeneye cyangwa wifuza. Amafaranga udakoresheje uyu munsi ashobora kugufasha kugera ku ntego zawe ejo cyangwa mu gihe kizaza.Ubyumve neza ubizirikane.
Mu gihe barimo baganira Maharane yakurikiranaga ibiganiro byabo ari iruhande mu gahuru bugufi y'aho bari bahagaze. Ageze aho araza yinjira mu kiganiro.
- Eeee! Ba sha, muri mu biki?
- Banza udusuhuze wa gahungu we!
- Mukomere cyane! Nahoze mbumviriza numva mufite imigambi myiza, ifite ikerekezo kizima. Benshi mu rubyiruko bashaka guhindura amateka. Kuzigama mwariho mukomozaho biba byiza iyo bitangiye kare. Abakuru bagira bati: "Iteme umugabo azambuka yakennye aritinda agitunze". Twe tugifite imbaraga, iki ni cyo gihe cyo kwizigama nubwo twatinze. Twese tuzi ko Mitima yagize umutima wo gutangira kwizigama akimara kuba imfubyi; urabona ataradusize Barayase? Cyakora wowe ngo uri Gakundabakobwa uyasesera inkumi! Umunsi wasesewe n'umuze uzaba utizize?

- Kuri ngewe Mitima, kuzigama hakiri kare ukabikora kenshi, kabone n'iyo waba

ugenda uzigama igiceri kimwe, ukirinda ibirangaza, ibisindisha n'utundi ducogocogo twose tudafite agaciro ni intwaro ikomeye igufasha kuzagera ku cyo ukeneye wiyemeje. Ese wari uzi ko buri wese ashobora kuzigama hatitawe ku myaka umuntu afite cyangwa ku mafaranga yinjiza? Ndamutse mfite agahinja, nahita nkayobora ibigo by'imari nkagafunguriza konti, nkajya nkashyiriraho udufaranga uko natubonye kose. Ariko sha, nimubarire uruhinja kuva ruvutse kugera yenda rukuze rukinjira mu mashuri yisumbuye! Tekereza buri cyumweru waragiye uzigamira uwo mwana kandi na we yarigiye hejuru akajya agira icyo yinagira kuri konti wamufungurije! Uwo ni umushinga mwiza cyane. Ibiganiro birakomeza ariko igisumba ibindi byose ni inama Mitima atanga.

- Ni byiza mwa bavandimwe mwe kwiha intego no gushyiraho gahunda yo kuzigama. Igihe bifata kugira ngo ugere ku ntego giterwa n'ikiguzi k'icyo ushaka kugeraho, icyo winjiza, ibyo uzigama utangaho amafaranga ndetse n'ibyo umenyereye kugura. Barayasesa aho ntiwacikanwe?
- Ku bwange Barayasesa numva twacutsa ibiganiro; sha ndumva ubu munshinga ibikwasi.

Nyuma y'icyo kiganiro basezeranaho, buri wese aca ukwe n'undi ukwe. Barayasesa agenda yivugisha. "Ririya ryori ryo kwa Ntezirizaza ngo ni Mitima, riteye imbere. Naritanze kubona izuba, niha gucudika nkiri muto, ndinezeza niha amayoga niha amuki, mfata ingendo zidafite umumaro, noneee! Mfite n'impungenge ko naba naragenderewe na wa mwanzi ugenda amunga ubuzima bw'abimitse ingeso y'ubusambanyi. Ngiye gufata ingamba, ntawuvuma iritararenga. Imyaka makumyabiri mfite, ngiye gufunguza konti muri banki nge nzigama udufaranga mbonye. Kubera ko mfite ingwate itubutse nahawe na sogokuru, nyuma y'igihe runaka nzaba naranogeje umushinga w'ubucuruzi nigane Mitima mwene Ntezirizaza. Nzagisha inama naho ubundi ngumye muri mama wararaye nazapfana agahinda mbonye abo twabyirukanye bibeshejeho neza bitewe no kuzigama. Inyungu zakwa ku nguzanyo si igitero. Ibigo by'imari kandi hari n'inyungu ngo bigenera uwazigamye. Ntiwatera imbere utizigama, ntiwatera imbere utagana ibigo by'imari n'amabanki. Kuva ubu nisubiyeho."

## Inyunguramagambo

**Sobanura amagambo cyangwa itsinda ry'amagambo akurikira:**

| | |
|---|---|
| 1) Indoto, | 2) Kuyaga, |
| 3) Kokamwa n'umuruho, | 4) Gukira ibya mirenge, |
| 5) Ubwirabure, | 6) Umunywanyi. |

## Imyitozo y'inyunguramagambo

1. **Uzuza interuro zikurikira ukoresheje aya magambo yo mu mwandiko:** kubyutsa umutwe, kugendererwa.
   a) Mfite impungenge ko naba ……………………..na wa mwanzi  utera abimitse ubusambanyi.
   b) Nyuma yo guhomba igihe kirekire nongeye……………..maze kubona igishoro nkuye muri banki.
2. Koresha amagambo cyangwa itsinda ry'amagambo akurikira mu nteruro zumvikanisha neza icyo ashaka kuvuga: indoto, kuyaga, kokamwa n'umuruho, gukira ibya mirenge, ubwirabure, umunywanyi, umuze.

## Ibibazo byo kumva umwandiko

### Soma umwandiko unasubize ibibazo bikurikira

1. Kuki tugomba kuzigama?
2. Ni iyihe nyungu Mitima abona mu kwizigamira?
3. Ni ba nde bashobora kwizigamira?
4. Mu mwandiko baravuga ko kuzigama bigomba gutangira ryari?
5. Ni iki kibabaza Barayasesa?
6. Ni iyihe mpamvu ituma abantu batitabira gutangira kuzigama bakiri bato?
7. Gutoza abakiri bato kuzigama bifite kamaro ki kuri bo no ku gihugu muri rusange?
8. Nk'umunyeshuri witegura kurangiza amashuri yisumbuye umwaka utaha, wakora iki kugira ngo wizigamire?
9. Umaze kumva ibyiza byo kuzigama, ni yihe nama wagira abanyeshuri bagenzi bawe n'abandi bantu muri rusange.

## Ibibazo byo gusesengura umwandiko

### Subiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

1. Ni zihe ngingo z'ingenzi zigize uyu mwandiko?
2. Ushingiye ku mwandiko imigani ikurikira yaciriwe bande? Kubera iki?
   a) Ugira neza ineza ukayisanga imbere.
   b) Ntabaronkera rimwe nk'abava guca imisigati
3. Andika imigani ibiri isobanura kimwe n'uyu: "Iteme umugabo azambuka yakennye aritinda agitunze".
4. Gereranya ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima bw'aho utuye? Hari abantu uzi bizigamiye bagatera imbere nka Mitima? Hari abo se uzi basesaguye ibyabo bigatuma basigara inyuma?

### Umwitozo w'ubumenyingiro: Kungurana ibitekerezo

Ungurana ibitekerezo na bagenzi bawe ku nsanganyamatsiko ikurikira: "Kuzigama ni umusingi w'iterambere rirambye"

## 7.2. Inkuru ngufi

Soma umwandiko ukurikira witegereza imyubakire yawo n'imiterere yawo maze ukore ubushakashatsi ku bibazo biwukurikira.

### Kankera muri banki

Kankera umukobwa utagira uko asa w'amenyo y'urwererane n'umusatsi w'umusereko ni umwari w'urubavu ruto uhora yishimye buri gihe. Mu bwana bwe yabyirukanye na basaza be babiri, Mugisha na Karisa. Se ubabyara, umusaza w'umworozi witwaga Kiza, yari atuye mu Rubaya akagira umugore bagakundana cyane. Uyu Kiza yakundaga kwicarana n'abana be ku mugoroba bategereje ko ibiryo bishya bagatarama akabigisha gusakuza; mbese akabatoza umuco gakondo no kugira ikinyabupfura mu biganiro.

Kiza yakundaga kubwira abana be ngo ntibagapfushe ibintu ubusa, bage bagira umuco wo kuzigamira ejo hazaza. Ibyo ngo yabiheraga ku muhanzi wavuze ngo "Akabando k'iminsi ugaca hakibona". Akabasobanurira ko inzara itera abantu batabyiteguye, ariko iyo hari ibyo bahunitse bagenda bakoraho dukeduke bagasunika iminsi. Mu biganiro bye, yabazaga buri wese icyo yakora kugira ngo azizigamire. Kankera, ahitamo korora inkoko, Karisa na Mugisha bo bisabira korora inkwavu; barazikundaga cyane. Buri mwana se amushakira itungo yasabye. Inkoko yatera amagi se akayisigira make yo kurarira andi akayagurisha akabikira Kankera amafaranga avuyemo. Yakongera gutera bikaba uko. Inkwavu na zo uko zibyaye akagurisha abana bazo, amafaranga avuyemo akayababikira. Bibaho imitungo y'abo bana igenda yiyongera umunsi ku wundi.

Burya ngo arimo gishigisha ntavura! Nyuma y'imyaka mike batangiye ubworozi, nyina yitaba Imana. Kiza, ntiyihanganira kuba mu bana wenyine, ashaka undi mugore witwa Mabano. Uyu mugore ahageze abanza kubanira neza abana ahasanze, ariko agira ibyago byo kutabyara. Ishavu ryo kutabyara riza kumuviramo umutima mubi yumva nta mpamvu yo kuvunikira abana atabyaye, atangira gutoteza abana yasanganye Kiza no kubafata nabi. Bateka akabima ibiryo. Bakarya ari uko se ahari. Yaba atahiriwe, ukoroye akamukubita, uciriye bikaba uko. Kiza yagaruka, Kankera akamubwira uburyo Mabano abiriza ubusa kandi akanabakubita nta n'ikosa bakoze. Muka se na we akisobanura amushyashyariza akanongeraho ko ari uko Kankera yigize bajeyi bikabije ngo kuko ari umukobwa umwe. Kiza akabura ukuri yemera, akabura n'umutima wo gukurikirana imibereho y'abana be kuko Mabano yari yaramwigizeho inkundwakazi.

Haciye iminsi hafi aho bahubaka ishuri. Kankera wari ugize imyaka irindwi atarajya kwiga, uko asabye gutangira ishuri, muka se akoshya Kiza ngo ntibamutangiza kubera ko agiyeyo hataboneka ujya ateka mu gihe bagiye guhinga cyangwa gushaka ibibatunga. Inyota yo kwiga Kankera yari afite imukururira ingorane zikomeye. Mabano yahengeraga umugabo we atirimutse mu rugo, akamuhondagura kandi akamubwira ko atazongera kuvuga ibyo kwiga na rimwe kandi ko nazongera kuvuga ko akubitwa se adahari azamukuramo umwuka burundu. Kubera gutinya muka se, Kankera atangira kujya yicecekera, se yaza ntamubwire ibyababayeho. Abana batangira kugenda bananuka. Kiza yabiganiriza umugore we akamuhwinjarika amwumvisha ko abo bana atari ukunanuka ahubwo ari ukurambuka. Ibyo bikaba bisanzwe ku bana. Kiza na we akabifata atyo koko, aterera iyo.

Kankera amaze kubona ko muka se amumereye nabi kandi na se basigaranye akaba yumva ibinyoma by'umugore we ntiyite ku kababaro kabo, afata umwanzuro wo gutoroka akajya gushaka akazi k'ubuyaya mu mugi. Asezera kuri basaza be arahambira aba aragiye. Agezeyo abura aho arara. Aza gutoragurwa n'umugore w'indaya wari umunyuzeho muri icyo gicuku nuko amujyana iwe. Uwarushye ntaruhuka koko! Kankera yasanze ahungiye ubwayi mu kigunda. Nubwo yari yaramaze kumenyera inzara bwose, yageze muri uru rugo asanga uyu mugore umujyanye ngo amukorere ateka rimwe na rimwe kuko inshuro nyinshi yiriraga mu kabari ibyo ahawe n'abagabo bamucyuye. Ikindi ni uko yari yaramugize nk'umuzamu; yagomba kudasinzira akamutegereza ngo amukingurire kandi nta na rimwe yatahukaga mbere ya saa munani z'ijoro. Ntibyatinze nyuma y'ibyumweru bitatu muri ubwo buzima yageretseho no gushaka kujya amucuruza. Rimwe igicuku kinishye, nyamugore atahukanye n'abagabo babiri basinze, Kankera amukingurira uko bisanzwe agira ngo abo bagabo ni abashyitsi bazanye na nyirabuja. Ntiyari yigeze amenya ko nyirabuja ari indaya yicuruza. Ubwo ni bwo yumvise abwira umwe muri abo bagabo ngo naze bajyane mu cyumba aryamamo, naho undi usigaye ngo uwo mukobwa aramusasira.

Kankera aba asigaranye atyo n'umusinzi azi ko agiye kumusasira na we akiryamira mu ruganiriro. Ntarangije gutunganya uburiri, abona wa musinzi amugezeho atangira kumukorakora. Aba aramwishikanuje ajya kuregera nyirabuja ko wa mugabo arimo kumusindira amukorakoraho. Undi na we ahita amwuka inabi, amwita akajibwe kaje mu mugi katazi icyakazanye. Amutegeka gusubirayo kandi akareka uwo mugabo agakora ibyo yifuza. Bitaba ibyo agatumuka akamuvira aho. Nuko yumva ataye umutwe. Yibaza uko yaje ahunga inkoni n'ibitutsi bya mukase yaregera se ntamwumve, atekereza ukuntu n'akazi k'ubuyaya kagiye guhinduka ak'uburaya aturumbuka mu nzu agenda atyo atanahembesheje ayo yari amaze gukorera. Ageze mu muhanda agwa mu mukwabu wa porisi yashakishaga inzererezi n'ibirara biba mu mugi aba afashwe atyo. Porisi imubajije iyo ava n'iyo ajya ayitekerereza uko byamugendekeye kose. Porisi ibikorera inyandiko iyishyikiriza umuyobozi wa porisi muri ako gace kugira ngo abifateho umwanzuro. Ayisomye afata umwanzuro wo kumujyana mu kigo ngororamuco no gufata ya ndaya yashakaga kumucuruza

bakayifunga. Aba ajyanywe atyo mu kigo ngororamuco barereramo abana bataye imiryango yabo bakigira abana bo mu mihanda.

Ageze muri iki kigo ngororamuco, Kankera atangira kugarura ubumuntu. Asanga abayobozi baho ntawumubwira nabi uko yari yaramenyereye. Ahubwo babatoza imyuga bakagira n'amasaha yo kwiga gusoma no kwandika. Nuko aba abonye igisubizo. Mu by'ukuri, ikibazo k'inzara cyari gishize kuko baryaga kabiri ku munsi, n'inyota yo kwiga yari amaranye igihe yari igiye kurangira. Asubiza agatima impembero abonye kabiri mu cyumweru bagira igitaramo, aho babazanira umuntu w'intyoza ubaganiriza ku by'umuco w'ubutwari, ubunyangamugayo no kudasesagura, ibiganiro yaherukaga mukase ataraza iwabo. Yongera kugarura ikizere cyo kubaho, imyuga ayigana umwete, gusoma no kwandika abimenya yihuse. Ni mu gihe Kankera yari umwana w'umuhanga. Abatoza be baramutangarira kuko bwari ubwa mbere babonye umwana nk'uwo wubaha kandi ukora byose atinuba cyangwa ngo agaragaze kwigomeka nk'ibindi birara byose byazaga muri icyo kigo.

Muri icyo gihe cyose, Kiza yari yaramushakishije muri benewabo bose yarahebye. Asigaye asaba ngo icyamuha akongera akabona umwana we ntiyazongera kutumva ibyo amubwira. Yicuzaga icyatumye yizera amoshya y'umugore we akibabariza abana kugeza aho umukobwa we umwe rukumbi yari afite agera n'aho atekereza kujya kwiyahura. Yumvaga ko uburangare yagize nta wabumubabarira kuko n'umugore we yahoraga amunnyega ngo reka ikirara cy'umukobwa kimuteshe umutwe ni ko yakireze! Amaze umwaka yaramuhebye burundu umuntu amugira inama yo kujya kuri porisi akayimenyesha ko afite umwana yaburiye irengero. Atekereza ko nagerayo hashize umwaka wose yarinumiye bazamufunga, ariko apfa kwiyahurayo. Agezeyo abatekerereza ibye, uko uwo mwana yazimiye agashakisha hose akamubura. Umuporisi yibuka kumushakira ku rutonde rw'abana bajya baba inzererezi bafatwa bakabajyana mu kigo ngororamuco asanga na Kankera, umukobwa we, ariho. Nuko ahamagara umuyobozi w'icyo kigo. Undi na we amubwira ko hari ishuri abagiraneza bubatse abana bitwaye neza bimurirwamo bagakurikira amasomo asanzwe baba baravukijwe. Ko n'uwo mwana Kankera, nyuma yo kumara amezi atandatu yiga imyuga anatozwa uburere yinjijwe muri iryo shuri. Uwamushaka yajya kumubarizayo. Nuko se aranezerwa yumvise ko umwana we akiriho atapfuye, abaririza aho iryo shuri riri ngo azageyo kumusura. Bukeye azindukira ku kigo, abasobanurira ibibazo uwo mwana ashaka yagize kugeza ubwo abura amarengero ye asaba kuvugana na we niba yaba ahari koko. Baramwemerera, ariko bamubwira ko ari ukumusuhuza gusa agataha, kuko aje abana bakiri mu masomo. Akazajya aza kumusurira aho mu kigo, kuko abigiramo biga babacumbikira bakanabagaburira. Kandi ko baterwa inkunga n'umushinga uzaherekeza abana bitwara neza bagatsinda neza ukazabarihira amashuri yisumbuye. Nuko asura umwana we ariko ntibashirana urukumbuzi kuko yari yahawe iminota mike ngo atamurangaza. Se arishima ataha atekereza uko azigorora ku mwana we biramuyobera.

Kankera arangije amashuri yisumbuye se na muka se bamutumaho ngo bongere babane. Maze se amubwira inzira yaciyemo kugira ngo amubone arangije amusaba imbabazi agira ati: "Mwana wange mbabarira naraguhemukiye ariko igihe wari ukiri muto hari udufaranga twawe nagendaga nkubikira nagurishije mu magi y'inkoko wororaga, nadushyize muri banki none twarungutse shaka aho wiga kaminuza utwo dufaranga tuzakurihirira." Muka se na we amusaba imbabazi ko yamubereye umubyeyi gito Kankera aramubabarira. Kankera amaze kumva inzira se yanyuzemo ngo amubone, yibuka ko na we ari porisi yamurokoye yicuza impamvu ategereye porisi mbere aho gufata umwanzuro wo kujya gushaka akazi mu mugi.

Se yirengagiza ibyo yashukwaga n'umugore we wa kabiri ko abakobwa badakwiye kwiga ko kubatangira amafaranga ari ukuyapfusha ubusa, maze amuha amafaranga yagendaga yizigamira, maze atangira kwiga muri kaminuza y'u Rwanda, yiga ishuri ry'icungamutungo, ararangiza ubu ni umukozi muri Banki.

**Ibibazo**

a) Ukurikije imiterere yawo urasanga uyu mwandiko ari bwoko ki?
b) Urangwa n'iki?
c) Ibarankuru riteye rite?
d) Abakinankuru ni ba nde?

## 1. Inkuru ni iki?

Inkuru ni igihangano cyanditse mu buryo bw'indondore, kigufi cyangwa kirekire, gifite abakinankuru bashushanya cyangwa bigana abantu babaho mu buzima busanzwe kandi bakorera ibikorwa byabo ahantu runaka, bikanatugaragariza imyifatire yabo, icyo bagamije n'ingorane bahura na zo mu buzima. Ikivugwa rero akenshi mu nkuru aba atari ukuri. Inkuru ziri mu buvanganzo nyandiko. Mu Kinyarwanda habaho rero inkuru ngufi n'inkuru ndende. Aha turareba gusa inkuru ngufi.

## 2. Inshoza y'inkuru ngufi

Inkuru ngufi nk'uko iryo zina ribivuga ni inkuru iba ari ngufi, ibarwa n'umubarankuru avuga uko yagenze. Inkuru ngufi ishobora kuvuga ibyabayeho, ndetse bamwe mu basesengura inkuru ngufi bavuga ko umwanditsi wayo avuga ubuzima bwe abara ibyamubayeho. Abandi bavuga ko inkuru ngufi ishobora kuba ari inkuru y'impimbano ivuga ibintu bishobora kubaho mu buzima bwa muntu.

Gusa twavuga ko inkuru ngufi iba ifite inkuru ibara, uruhererekane rw'ibikorwa, ikaba yanditse mu nyandiko isanzwe; atari mu mikarago nk'ibisigo, kandi yifitemo ubwiza n'ubuhanga bw'imikoreshereze y'ururimi.

## 3. Ibiranga inkuru ngufi

Inkuru ngufi irangwa n'imiterere yayo ndetse n'imyubakire yayo.

**Imiterere y'inkuru ngufi**

Inkuru ngufi iba ifite: abakinankuru, akabugankuru, imvugo y'ibiganiro, uburebure runaka n'ibarankuru.

- **Abakinankuru:** Inkuru ngufi irangwa no kuba ifite umukinankuru mukuru umwe. **Umukinankuru mukuru** ni we uba ari ipfundo ry'inkuru.
  Ni we ikigamijwe cyangwa intego y'inkuru iba ishingiyeho. Uyu ni we insanganyamatsiko rusange ivugwa mu nkuru iba ishingiyeho.
- Mu nkuru ngufi kandi habamo **abakinankuru bungirije**. Aba ni bo usanga mu nkuru bamufasha kugera ku kigamijwe cyangwa bakamubera imbogamizi. Aba bakinankuru kandi ni na bo usanga insanganyamatsiko nto cyangwa zungirije zishingiyeho.
- Mu nkuru ngufi kandi dushobora gusangamo **abakinankuru ntagombwa**, aba bakinankuru iyo urebye usanga kuba mu nkuru kwabo cyangwa kutagaragaramo nta cyo byahindura ku kivugwa mu nkuru. Nta nsanganyamatsiko iba ibashingiyeho. Mu yandi magambo twabita indorerezi. Mu nkuru ngufi abakinankuru bashobora kuba abantu cyangwa inyamaswa.
- **Akabugankuru:** Inkuru ngufi irangwa no kuba hari ahantu ibera mu gihe runaka. Irangwa no kuba ifite aho ibarirwa; ni ukuvuga akabugankuru. Ahantu inkuru ibera hashobora kuba hazwi neza cyangwa se hatazwi. Ni ukuvuga ko mu nkuru ngufi umuhanzi ashobora gukoresha akabugankuru k'ahantu habayeho cyangwa akabugankuru mpimbano.
- **Uburebure**
  Inkuru ngufi irangwa no kuba ari ngufi. Ishobora kuba hagati y'impapuro icumi na mirongo itatu. Mu nkuru ngufi havugwamo abakinankuru bake barimo umukinankuru mukuru umwe.
- **Imvugo y'ibiganiro :** Inkuru ngufi irangwa na none n'imvugo y'ibiganiro aho usanga hakoreshwa cyane ibinyazina ngenga bigaragaza uvuga n'ubwirwa (ngenga ya mbere n'iya kabiri mu bumwe cyangwa mu byinshi) amagambo agaragaza igihe n'ahantu: hano, none, ejo, mu minsi ibiri iri imbere, mu mwaka utaha, ... amagambo agaragaza ibitekerezo by'uvuga n'uruhande abogamiyemo, n'ibindi.
- **Ibarankuru**

  Ibarankuru ni kimwe mu biranga inkuru ndende. Ibarankuru rishobora gukorwa ku buryo bune:

  a) Umubarankuru ashobora kubara inkuru na we ubwe akinamo. Ni muri urwo rwego usanga akoresha ngenga ya kabiri cyangwa iya mbere.

  b) Umubarankuru ashobora kubara inkuru ari hanze yayo. Aha usanga akoresha ngenga ya gatatu asa n'uvuga ibintu yareberaga iruhande mu gihe

byabaga.

c) Umubarankuru ashobora kubara inkuru ye ubwe. Ni muri urwo rwego usanga akoresha ngenga ya mbere kuko ibyo avuga aba abivuga kuri we.

d) Ashobora kandi kubara inkuru yiha gutekerereza umukinankuru. Mu kubara inkuru kwe usanga yiha kubara ibyo umukinankuru yatekerezaga igihe amubaraho inkuru.

Ibarankuru ry'inkuru ngufi rigenda umujyo umwe. Umuhanzi ntavangavanga ingingo, ibikorwa byose bikurikirana mu njyabihe.

**Ikitonderwa:** Umubarankuru atandukanye n'umwanditsi w'inkuru. Umwanditsi w'inkuru ni umuhanzi wanditse inkuru ibarwa mu gitabo ke. Muri uko kwandika inkuru ye agena uburyo ibarwa. Muri ubwo buryo ibarwamo haba hari umuntu ugenda uyibara, uwo akaba ari we mubarankuru. Cyakora hari igihe umwanditsi ashobora kuba ari na we mubarankuru igihe abara inkuru y'ubuzima bwe.

## 4. Imyubakire y'inkuru ngufi

Inkuru ngufi irangwa no kuba hari ikivugwa, kuba ari ngufi no kuba hari uburyo ibikorwa bikurikirana kandi bigenda bitera amatsiko usoma ku buryo atarambirwa gusoma inkuru ibarwa.

Nk'uko twabibonye inkuru ngufi irangwa no kugira abakinankuru. Abo bakinankuru, cyanecyane umukinankuru mukuru, ni bo ibikorwa bishingira no mu kubaka inkuru. Umukinankuru mukuru n'abakinankuru bungirije bashinzwe kuyobora imigendekere y'ibikorwa byo mu nkuru kugeza ku mpera yayo.

Inkuru iyo ari yo yose irangwa no kuba ishobora gukorerwa ishushanyabikorwa:

## 5. Ishushanyabikorwa mu nkuru ngufi

**Nyir'ubwite:** Uyu ni we mukinankuru mukuru inkuru iba ishingiyeho, ni we uba ufite intego agamije kugeraho muri iyo nkuru. Aba ashobora kuyigeraho cyangwa ntayigereho.

**Ikigamijwe:** Ni icyo umukinankuru mukuru aba agamije kugeraho mu nkuru. Ni intego aba yahawe n'umwanditsi w'inkuru.


**Ugenera:** Ni igituma umukinankuru mukuru agira intego afite muri iyo nkuru. Ashobora kuba undi mukinankuru cyangwa ikindi kintu gishobora gutuma agira intego runaka.

**Ugenerwa:** Mu yandi magambo ni nyiri inyungu; ni uwo ari we wese mu nkuru wagira icyo yunguka mu gihe umukinankuru mukuru ageze ku cyo yari agamije mu nkuru.

**Abafasha:** Ni abakinankuru cyangwa ikindi kintu gishobora, mu nkuru, gutuma umukinankuru mukuru agera ku cyo yari agamije, cyangwa ikigerageza kumushyigikira mu rugendo rwe rwose kimufasha, kabone n'iyo atakigeraho mu irangira ry'inkuru.

**Imbogamizi:** ni abakinankuru cyangwa ikindi kintu gishobora, mu nkuru, gutuma umukinankuru mukuru atagera ku cyo yari agamije, cyangwa ikigerageza kumubangamira mu rugendo rwe rwose kimubuza amahirwe kabone n'iyo yagera ku cyo yari agamije mu irangira ry'inkuru, ariko kikaba cyamubangamiraga.

**Dore uko ishushanyabikorwa ry'abakinankuru riteye ku gishushanyo**




**Umwitozo**

1. Ukurikije ibiranga inkuru ngufi, inkuru twasomye ya "Izigamire Mitima" yujuje ibiranga inkuru ngufi. Sobanura igisubizo cyawe.
2. Hanga inkuru ngufi ifite nibura impapuro eshatu. Mu nkuru yawe ugerageze gushyiramo ibiranga inkuru ngufi byose kandi hagaragaremo insanganyamatsiko yo kuzigama n'ibyiza byabyo.

## 7.3. Raporo

Iyo umuntu agiye mu butumwa ahantu runaka agamije kwereka uwamutumye ko icyo yagiye gukora yagikoze amukorera raporo. Kora ubushakashatsi utahure raporo icyo ari cyo, uko ikorwa n'imiterere yayo n'ibyitabwaho mu kuyikora.

### 1. Inshoza ya raporo

Raporo ni umwandiko ukorwa n'umuntu wahawe ubutumwa ubu n'ubu, igamije intego runaka. Ijyamo ibitekerezo bwite bya nyiri ukuyikora; uko we yabibonaga, kandi ikarangira atanga ibitekerezo ku myanzuro ikwiye gufatwa. Ni umwandiko uba ugenewe umuyobozi ugomba gufata ibyemezo ku bitekerezo byamugejejweho.

### 2. Ibice bya raporo

Raporo, igira imbata nk'iy'umwandiko usanzwe. Ni ukuvuga umutwe, intangiriro, igihimba n'umusozo.

**Umutwe:** Ni insanganyamatsiko raporo nyir'izina yerekanyeho umutwe wa raporo witarura intangiriro ukagaragazwa cyane cyangwa ugacibwaho umurongo.

**Intangiriro:** Muri iki gice, ukora raporo yandikamo icyo agiye gukorera raporo n'impamvu ayikora ndetse n'agaciro iyo raporo ifite.

**Igihimba:** Muri iki gice ukora raporo agaragaza ku buryo burambuye uko abona ibyo akorera raporo; abivuga abitondekanya nk'ugambiriye kubisobanura mu buryo bw'inyurabwenge. Ukora raporo agomba gutanga ibisobanuro biza gutuma uwo aha raporo adashidikanya ku myanzuro aza kumugezaho. Ibyo kandi ukora raporo abikora atabogamye.

**Umusozo:** Muri iki gice ukora raporo atangamo ibitekerezo by'uburyo ikibazo k' ibyo yakoreye raporo abona cyakemuka.

## 3. Ibyo kwitabwaho mu gukora raporo:

Ukora raporo agomba kwita kuri ibi bikurikira:

- Gukoresha imvugo itunganye kandi yumvikana.
- Kugaragaza: itariki, isaha, igihe, abari bahari n'abo ari bo, ...
- Kugaragaza ibitekerezo by'ingenzi kugira ngo uyisoma abone vuba ibyo uwakoze raporo aha agaciro kanini.
- Gushyiraho amazina n'umukono by'uwakoze raporo.

## 4. Gutandukanya raporo n'inyandiko mvugo

| Inyandiko mvugo | Raporo |
|---|---|
| Uyikora yandika muri make uko byagenze, imyanzuro yafashwe mu nama nta bitekerezo bye cyangwa umwanzuro we yongeyemo. | Uyikora yandika ku buryo burambuye mu bitekerezo bye uko abona ibyo akorera raporo n'uko byakemuka. |

## 5. Urugero rwa raporo

Mirenge, ku wa 12 Ugushyingo 2001

KAMANA Aloyizi
Umuyobozi w'Umurenge wa Rwezamenyo
Akarere ka Mirenge
Agasanduku k'iposita 50 Mirenge

**Raporo ku mikoreshereze y'amafaranga y'ubudehe**

Nk'uko byakozwe mu mirenge yose, Leta y'u Rwanda hari amafaranga yageneye buri murenge kugira ngo afashe abaturage kwiteza imbere mu bikorwa remezo. Kubera ko byagaragaye ko hari aho yakoreshejwe nabi, Nyakubahwa Muyobozi w'Akarere ka Mirenge, mpisemo kubaha iyi raporo kugira ngo mugire umwanzuro mwabitangaho kugira ngo iterambere ry'abaturage ridakomeza kudindira.

Muri buri kagari hatanzwe miriyoni makumyabiri zagombaga gukoreshwa mu bikorwa remezo binyuranye. Nyuma y'igenzura nakoze nasanze mu tugari two mu Murenge nyobora, abayobozi batwo barakoresheje inama abaturage bigira hamwe icyo ayo mafaranga azakora. Mu igenzura nakoze nasanze byaragenze neza usibye mu kagari kamwe. Mu Kagari ka Muguramo bari bahisemo kubaka amavomero abiri, bashaka rwiyemezamirimo bamuha isoko arayubaka. Byatwaye amafaranga miriyoni cumi n'eshanu. Asigaye miriyoni eshanu, bumvikanye ko bayaguriramo inka za kijyambere abana b'imfubyi birera batatu n'abapfakazi barindwi ibyo babyemeranywaho batyo. Mu bugenzuzi nakoze nasanze amavomero ahari rwiyemezamirimo yarayakoze uko byasabwaga aranishyurwa. Amatungo yagombaga kugurirwa abaturage yaraguzwe ariko yaguzwe mu buryo butari bwo. Umuyobozi w'akagari yagiye kuyagura ubwe ku giti ke nta soko ritanzwe. Amatungo yaguze ntabwo afite agaciro gakwiye. Inka ya kijyambere yagombaga kugurwa ni ifite agaciro k'ibihumbi magana atanu. Nyamara inka zaguzwe si iza kijyambere ni inka zisazwe ubona zifite agaciro k'ibihumbi magana abiri buri nka. Uburyo zaguzwe nabwo ntibwumvikana kuko ari nta soko ryatanzwe ngo ba rwiyemezamirimo baripiganire. Ikigaragara ni uko amafaranga y'ubudehe yatanzwe mu Kagari ka Muguramo atakoreshejwe neza.

Nk'Umuyobozi w'Umurenge wa Rwezamenyo Akagari ka Muguramo kabarizwamo, mbahaye iyi raporo kugira ngo muyigane ubushishozi, mugire umwanzuro mufatira Umuyobozi w'ako Kagari. Ashyikirizwe inkiko aryozwe amafaranga yakoresheje nabi kandi afatirwe ibindi bihano bijyanye no kutuzuza neza inshingano ze.

KAMANA Aloyizi

Umuyobozi w'Umurenge wa Rwezamenyo



## Umukoro w'ubumenyi ngiro

Umuporisi yoherejwe n'ikigo ke gukurikirana amahugurwa yo kugenza ibyaha by'abakoresha ibiyobyabwenge mu mashuri yisumbuye. Ishyire mu kigwi cy'uwo muporisi maze ukore raporo washyikiriza umuyobozi w'ikigo wakohereje kuyakurikirana.

## Inshamake

**Nsigaranye ko:**

- Ngomba kujya nizigamira buri uko nshoboye kubona amafaranga kuko bizatuma nshobora kwihangira umurimo nkora umushinga wanteza imbere ndangije kwiga.
- Ngomba kuzatangira kuzigamira abana bange bakivuka.
- Inkuru ngufi irangwa no kuba ifite abakinankuru, akabugankuru, imvugo y'ibiganiro n'ibarankuru kandi ko iba atari ndende cyane ndetse igiye umujyo umwe.
- Mu nkuru ngufi abakinankuru ari bo bayobora imigendekere y'ibikorwa byo mu nkuru kugeza ku mpera yayo.
- Inkuru ngufi irangwa kandi no kuba ishobora gukorerwa ishushanyabikorwa ry'abakinankuru rishingira ku bintu bitandatu: nyiri ubwite, ikigamijwe, ugenera, ugenerwa, abafasha n'imbogamizi.
- Raporo ari umwandiko ukorwa n'umuntu wahawe ubutumwa ubu n'ubu, igamije intego runaka.

## Isuzuma rusange risoza umutwe wa karindwi

Soma umwandiko nurangiza usubize ibibazo biwukurikiye.

**Bakame n'impyisi**

Kera Bakame yacuditse n'impyisi, biranywana, birabana bishyira kera. Ariko Bakame ikababazwa n'uko impyisi iyirusha ubukungu.

Bukeye Bakame ibwira impyisi iti: "Reka ducuruze impu, ubukungu bwawe burusheho kwiyongera, ndetse ungurize ibintu byo gutangiza, nzage nkungukira." Impyisi irabyemera.

Bitangira gucuruza impu, zimaze kugwira, bijya kuzicuruza mu mahanga, inyungu ikabikwa kwa Bakame. Bakame imaze gukungahara irirwaza. Bwa bucuruzi burahagarara ariko impyisi ntiyabyitaho.

Hashize iminsi, Bakame irazinduka no kwa Mpyisi iti: "Yemwe abo kwa Mpyisi mwaramutseho!" Impyisi iti: "Bwakeye Baka!" Bakame irihangana irarikocora iti: "Nta miramukire yange, baraye baducucuye, badusahuye ntibadusigira na busa." Ubwo impyisi igwa mu kantu, mbese isa n'ikubiswe n'inkuba. Bakame ibonye ko impyisi ibuze aho irigitira irayishukashuka, iyibwira ko izabiyishyura.

Bakame iragenda ifukura icyuzi, yororeramo amafi, amaze gukura ikajya ijya kuroba ayo yirira. Hashize ukwezi impyisi ijya kwishyuza Bakame ibintu byayo. Bakame iyakira neza, yikoza munsi y'urugo iroba amafi cumi iraza irayateka iyavanamo umufa uryoshye cyane, maze yegereza impyisi. Mu mwanya muto impyisi iba irakomba imbehe.

Irangije iti: “Mbese shahu Bakame, ibi bintu biryoshye bitya, ubikura he ?” Bakame irahaguruka ijya kuyereka icyuzi cyayo iti: “Ugende ufukure nk’iki, amafi azimezamo.”

Warupyisi igeze imuhira sinakubwira ukuntu yarimbaguye umusozi mu mwanya muto. Imaze kuyoboramo amazi, itegereza ko amafi yazamo, iraheba. Ni bwo igiye kwa Bakame iyirakariye cyane. Igeze yo, Bakame iyisomya ku nkangaza y’ akataraboneka. Kwibuka icyari kiyizinduye biragatabwa! Imaze kuryoherwa cyane, iti: “Mama we! Ibi se byo wabikuye he?” Bakame iti: “Ukagira rwa rutoki rwose, ukabura inzoga y’ubuki? Hoshi genda utemagure za nsina zose, amakakama azivuyemo uyashyire mu kabindi, amaremo ibyumweru bitatu, maze uzasomeho wiyumvire.”

Impyisi iragenda ibigenza uko Bakame yayibwiye. Ibyumweru bitatu bishize, igotomeraho, maze ururimi rurababuka, inkanka ziratenguka. Umujinya urayica, ifata umufuka no kwa Bakame ntiyasuhuza, ihita igafata igashyira muri wa mufuka, ngo ige kukaroha mu manga. Igeze mu nzira yibuka ko yibagiriwe urujigo rwayo kwa Bakame, iratura, isubira inyuma yiruka.

Ingeragere iza kunyura hafi y’uwo mufuka, Bakame iti: “Uraho Ngeragere!” Iti: “Uracyabaho Baka ! Ese urakora iki muri uwo mufuka shahu Baka?” Bakame iti: “Ntiwamenya ibyange. Ubu banshyize muri iyi ngobyi ngo bage kunyimika, nge ntegeka utunyamaswa turi hariya hakurya, ni cyo gituma bagiye bampetse! Nyamara simbishaka, ariko ntibabyumva !” Ingeragere iti: “ Shyuuu! Ukivutsa umugisha nk’uwo! Reka nigiremo niba utabishaka.”

Bakame ibanza kwangira, nyuma iti: “Ngaho jyamo ariko nawe urampemba!” Ingeragere ihambura wa mufuka, ivanamo Bakame, maze iwinagamo. Bakame si ukuwukanira iradanangira. Irangije iti: “Ngiye kuguteguriza.”

Muri ako kanya impyisi iba iraje, ibatura umufuka ngo diridiri...! Igeze hirya iti: “Ariko noneho ko biremereye cyane, iyi nkenya iriye iki? Ayubusa ariko ndakuroha, dore igihe wambeshyeye!”
Ingeragere ngo ibyumve iti: “Reka Mpyisi sindi Bakarne, nshyira hasi nigendere.” Iraboroga cyane ariko impyisi ntibyumve, ahubwo ikayisubiza ngo dore aho wambeshyeye, ubwenge bwawe ndabuzi, umunsi ntarengwa ni uyu! Iragenda no mu manga ngo pooo! Ingeragere iniha rimwe gusa, igera mu kabande itakirashya.

Impyisi itaha yizeye ko igiye kwirira ya mafi ya Bakame no kwinywera ya nzoga y’ubuki. Ku mugoroba ntitarabukiyeyo, isanga ka Bakame kidundaritse ku nkombe y’ icyuzi cy’amafi yako kararoba.

Bihehe igihinguka aho, Bakame iba yayibonye. Bakame iti: “Warupyisi ntunyegere, ntabwo abatarapfa nka we bagomba kwegera abavuye ikuzimu nka nge !” Impyisi irumirwa igira ngo koko Bakame yazutse, ishya ubwoba itekereje ko wenda ihamye aho yapfa, irirukanka irahunga izinukwa ityo kuzongera kwikorereza Bakame no gucudika na yo.

Sige wahera hahera umugani.

**I. Ibibazo bisuzuma ubushobozi bwo kumva no gusesengura umwandiko**

1. **Sobanura amagambo akurikira: ukurikije inyito afite mu mwandiko:**
   a) Gucucura
   b) Urujigo
   c) Imbehe
   d) Iradanagira

2. **Simbuza amagambo atsindagiye ari mu nteruro zikurikira ayo mu mwandiko bisobanura kimwe.**
   a) Mariya **yakundanye** na Marita **biratinda.**
   b) Aborozi **bacukuye** amariba kugira ngo babone amazi y'inka zabo.
   c) Ibitoki bigira **amakashi** menshi.
   d) Yamubonye atungutse **arumirwa** bitewe n'ukuntu yamuhemukiye.

3. **Koresha mu nteruro amagambo cyangwa itsinda ry'amagambo akurikira ku buryo bwumvikanisha ko uzi icyo asobanura:** kugotomera, gukomba, gukubitwa n'inkuba.

**II. Ibibazo byo kumva umwandiko**

1. Bakame yasabye impyisi ko bacuruza impu, mbese ni uko yari iyikunze? Sobanura.
2. Bakame n'impyisi bacuruje impu barunguka inyungu ikajya ibikwa na Bakame. Muri iki gihe, ni byiza ko ubika amafaranga wungutse mu rugo? Kubera iki?
3. Ni izihe ngaruka zabaye ku Mpyisi yabikirwaga inyungu na Bakame?

**III. Ibibazo byo gusesengura umwandiko**

1. Muri iki gihe ufatanyije n'umuntu ubucuruzi wabigenza ute kugira ngo utazahemukirwa nk'uko impyisi yahemukiwe?
2. Ibyo Bakame yakoze n'ibyo impyisi yakorewe hari aho wabibonye mu buzima busanzwe? Niba hahari tanga ingero z'uko byari bimeze

**IV. Ikibazo ku nkuru ngufi**


Gereranya inkuru ngufi n' imigani miremire ndetse n'ibitekerezo wize mu mwaka wa kane, ugendeye ku turango tw'inkuru ngufi.

**V. Ikibazo kuri Raporo**

Uri umunyeshuri mu mwaka wa gatanu w'indimi. Umuyobozi w'ikigo cyawe agusabye kujya mu mwaka wa mbere w'ikiciro rusange kureba ikibazo cyahabereye cy'ubwumvikane buke buri mu banyeshuri babiri b'iryo shuri. Ukurikije, ibiranga raporo, kora raporo waha umuyobozi wagutumye uvuyeyo.

# 8 Itumanaho n'ikoranabuhanga

## 8.1. Uwapfuye yarihuse



Iyi si dutuye, tuyituye turi abahisi. Iyo isake ikubise ibaba iti: "Kukurikuuu", umuntu aravuga ati: "Ndaramutse''. Uko bwije n'uko bukeye muntu yicara abunza imitima yibaza uko ejo bizaba bimeze. Urabyuka ugasanga ibintu byahindutse, watega amatwi radiyo cyagwa se usomye ibinyamakuru bitandukanye ukumva ngo i Burayi bageze aha , muri Amerika n'ahandi ngo ikoranabuhanga kimwe n'itumanaho ryahinduye byinshi. Wararanganya amaso utembereza ubwenge Igihugu cyacu uhereye mu myaka ishize ukageza uyu munsi, ubura uko usobanura impinduka ziterwa n'ikoranabuhanga n'itumanaho mu majyambere arambye y'Igihugu. Uwatabarutse yarihuse, ubu azutse agahinguka ku isi, bitewe n'igihe amaze kwa Nyamutezi, ntiyamenya amerekezo y'ibintu n'abantu mu iterambere badendejemo; yatangazwa no kubona iterambere

bagezemo; aho abanyeshuri biga bakoresha za mudasobwa, agatangazwa no kubona iminara inyuranye hirya no hino n'ibindi.

Itumanaho kimwe no guhererekanya amakuru byariho mu Rwanda kuva kera. Binyuze mu biganiro cyangwa ibikoresho gakondo wari umuco Abanyarwanda bari bafitemo ubunararibonye. Iyo ibwami bashakaga kumenyesha itabaro bakomaga impuruza. Iyo bashakaga gucira umuntu ishyanga bavuzaga ingoma bigasobanura ko ashobora kuzagaruka mu gihugu, ariko iyo bavuzaga urusengo byasobanuraga ko n'abamukomokaho batazagaruka. Uburyo bw'itumanaho ntibwari bukaze nk'uko tubibona uyu munsi wa none. Bashoboraga guhererekanya amakuru bavugije ihembe cyangwa umwirongi. Yewe byarashobokaga ko bakoresha n'umuriro bashaka kuvuga ko hari inyamaswa z'inkazi zateye. Gusa ngo n'umuriro ubwawo wakumiraga inyamaswa.

Iminsi iba myinshi igahimwa n'umwe. Twongereho ko iminsi ishize yahimwe n'iy'uyu munsi ndetse ko izahimwa n'iy'ejo hazaza. Uwihuse akitaba Imana mu minsi yahise aramutse agize amahirwe yo kugaruka ku isi; yamenya amenera he, yamenya abigenza ate? Kuva ku ruhinja kugera ku musaza rukukuri bikwije terefoni zigendanwa. Iyo bashaka kumenyesha amakuru biba nko mu kanya ko guhumbya, nta muntu ukica agahunda ngo adahita abimenyesha, nyamara kera inshuti yawe y' ikantarange yagiraga ubukwe bikazasaba intumwa izakugenderera, ikazamuka imisozi ikamanuka indi, ikazakugeraho nyuma y'indaro zirenze imwe. Ubu si ko bimeze. Iyo bibaye ngombwa ko ubonana n'umuntu uri kure amaso ku maso, ufata akamodoka cyangwa agapikipiki mu kanya ukaba umutashyeho mukarangiza gahunda. Ubwo abasore n'abagabo bagiraga batya bakayega mu ngobyi baheka abarwayi bajya cyangwa bavanwa kwa muganga bashenguwe n'imijisho, ibi byabaye nk'umugani.

Imvune yo kuzamuka umusozi ukawumanuka ugasingira undi, ukazamuka uriya ukawuminuka, ubu byabaye indahiro. Imodoka zisanzwe, imodoka zizwi ku izina rya ambilansi cyangwa imbangukiragutabara zabaye “Karuhura”. Ikibazo kivutse mu muhanda kimenyekana nta mutaru, kubera itumanaho ryateye imbere ryo gukoresha terefoni. Terefoni kandi ifasha abantu mu bundi buryo bunyuranye bw'ikoranabuhanga, iborohereza serivisi zitandukanye. Ubu ntibikiri ngombwa kwandika amabaruwa ngo wohereze ku iposita, wandika ushobora kwandikira umuntu ukoresheje terefoni ugatanga amakuru wifuza. Ukoresheje terefoni ukurura amakuru kuri interineti, waba uri ku rugendo ukamenya ibya mva he na njya he, wiyumvira umunyenga w'imodoka.

Uretse ibitangaza bya terefoni, tereviziyo, radiyo n'ibindi bitangazamakuru bikuburira wiyicariye mu rugo cyangwa mu mihana. Wiyicarira mu ruganiriro, ukatsa tereviziyo yawe cyangwa inyakiramajwi yawe, amakuru ushaka ukayamenya. Nta kintu na kimwe cyabera ku mugabane w'Afurika, uw'u Burayi, uw'Amerika, Oseyaniya na Aziya ngo kirare kitamenyekanye.

Ikorabuhanga abenshi bazi ku izina rya tekinoroji rihatse ubuhanga bugezweho; rinoza kandi rikihutisha serivisi mu nzego zitandukanye z'umurimo. Abafite

umwete wo gusoma no kwandika basigaye begera interineti bamwe bita murandasi bagakoreraho ubushakashatsi batarenze imbibi z'Igihugu. Interineti iguha amakuru atandukanye avuye ku mbuga zitandukanye. Hifashishijwe za mudasobwa, bya byuma kabuhariwe mu kubara, ushobora gutumiza ibintu mu mahanga ubifashijwemo na mudasobwa.Ubu kwiga ari uko umwarimu ari imbere y'abanyeshuri ntibigifite umwanya cyane. Ubu hari za Kaminuza z'i Burayi , Amerika n'ahandi abantu basigaye biga bakazirangiza bakoresheje gusa ikoranabuhanga bita "Iyakure". Aho waba uri hose, wakora icyo wifuza, kubikuza amafaranga no kuyohereza, kwishyura fagitiri runaka, imisoro,…ntibigisaba kujya aho wishyura, hapfa gusa kuba harageze iryo koranabuhanga tuvuga. Uyu munsi isi igereranywa n'umudugudu. Kugeza ubu umuntu ashobora kurotora inzozi za wa muhanga wigeze kuvuga ko isi, kubera umuvuduko w'ikoranabuhanga mu itumanaho, izageraho ikaba nk'umudugudu.

Uzacuzwa amafaranga yayitwaje mu mufuka ntazagire uwo arenganya. Ubu ujya ku rugendo amafaranga ukayitwaza muri terefoni cyangwa ukayohererezwa kuri terefoni hakoreshejwe uburyo bwayo bw'ikoranabuhanga. Kwiririwa wikoreye ibifurumba by'inoti n'ibiceri ntibigifite umwanya. Ugeze ahantu hakorera amabanki wifitiye agakarita kawe, wegera ibyuma by'ikoranabuhanga ukabikuza amafaranga yawe, upfa kuba uzi gukurikiza ibyo ibyo byuma bigusaba, byubakiye hanze y'aho amabanki akorera.

Kubera ikoranabuhanga, Abanyamerika ubu batekereza ko batazongera kugira ingabo z'ikiremwamuntu, bazajya barwanisha ibimashini bikozwe nk'abantu. Bizwi ko indege zimwe z'intambara zikoreshwa na za mudasobwa hakoreshejwe ikoranabuhanga ryo mu rwego rwo hejuru. Ubu hadutse indege zikoresha ikoranabuhanga zitagira abapirote zitandukanye cyane n'izakoreshejwe mu ntambara ya mbere y'isi yose.

Itumanaho kimwe n'ikoranabuhanga biri gufata intera ndende. Ni byiza bifite akamaro ariko hari abakoresha itumanaho mu nzira zibogamye. Dutange urugero kuri interineti na telefoni. Ntibikwiye kutubera urubuga rwo gutukana, gucura amatiku, gusebanya no gukina politike idafite ikerekezo. Urubyiruko n'abandi b'imburamukoro, hari ubwo bitabaza interineti bashakaho amakuru y'urukozasoni, aho gukora ubushakashatsi bububakira ejo hazaza. Gushakisha urubuga rw'abakora imibonano mpuzabitsina, urubuga umuntu ashobora kuronkaho ingirwanshuti, byaba bimaze iki? Igihe wabonye akanya, nyarukira ku rubuga runaka rwa interineti ugambiriye inyungu zikubakira ubuzima, ziguteza imbere. Hirya no hino mu bigo by'amashuri usanga abana barakenetse gukoresha za interineti; ni byiza, ariko bage birinda kwinjira mu bitagira shinge na rugero.

Ntawaveba abakurambere avuga ngo ntibigeze gutekereza ku ikoranabuhanga. Hari ibyo bari barashoboye kwigereraho. Hari ingero zifatika. Kuba bari barashoboye kwivumburira umuriro bakoresheje igiti cy'umuko aho bakoreshaga urushingo n'urushingati; aho bashoboraga gushongesha ubutare bagacuramo ibyuma bitandukanye, ntako batari bagize. Itumanaho ryabo na ryo twariseruyeho aho bari bazi

akamaro k'umurishyo w'ingoma, ihembe urusengo n'ibindi. Iyo bataza guhuzwa n'ibinyamahanga baba bageze kure. Ikivi batashoboye kusa kizacumburwa n'ababakomokaho. Amashuri yigisha ibigendanye n'ikoranabuhanga ndetse n'itumanaho mu Rwanda rwacu, tuyatezeho udushya twinshi. Dukomeze gutera imbere mu itumanaho no mu ikoranabuhanga kandi gushaka ni ugushobora.

## Inyunguramagambo

**Sobanura amagambo cyangwa itsinda ry'amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:**

Ubuvumo
Umusaza rukukuri
Gucira umuntu ishyanga
Impuruza
Urushingo
I kantarange
Itabaro
Urushingati

**Imyitozo y'inyunguramagambo**

1. Simbuza ijambo cyangwa itsinda ry'amagambo ritsindagiye riri mu nteruro zikurikira ijambo ryakoreshejwe mu mwandiko bihuje inyito.
   a) Ibikoresho **bya gihanga** biranga umuco w'Abanyarwanda bo hambere.
   b) Ikoranabuhanga rikora ibintu mu kanya **gato**.
   c) Abajura **kabuhariwe** bakoresha ikoranabuhanga mu bujura bwabo.
   d) Ni byo koko **uwapfuye** yarihuse kuko atabonye ikoranabuhanga ry'iki gihe.
2. Koresha amagambo cyangwa itsinda ry'amagambo akurikira mu nteruro:
   a) Gucira umuntu ishyanga
   b) Umusaza rukukuri
   c) Itabaro.

## Ibibazo byo kumva umwandiko

### Soma umwandiko unasubize ibibazo bikurikira

1. Uzakubaza gusobanura ikoranabuhanga uzatanga ibihe bisobanuro?
2. Ni akahe kamaro k'ikoranabuhanga muri rusange?
3. Vuga uburyo byibura bune bufite inyungu terefoni idufashamo.
4. Mudasobwa ifite akamaro kenshi. Vuga byibura ibintu bine idufashamo.
5. Rondora ibibi bya interineti bivugwa mu mwandiko.
6. Wagira iyihe nama abanyeshuri n' abantu muri rusange bakoresha imbuga za interineti?
7. Sobanura uburyo Abanyarwanda bakoreshaga ikoranabuhanga ndetse n'itumanaho mu buryo buciriritse.
8. Tanga amagambo akoreshwa mu itumanaho cyangwa ikoranabuhanga, ari mu mwandiko n'atari mu mwandiko, bigaragara ko ari amatirano ndetse kugeza ubu akaba akoreshwa n'Abanyarwanda benshi bakoresha ikoranabuhanga.

## Gusesengura umwandiko

1) Ni iyihe nsanganyamatsiko rusange ivugwa mu mwandiko?
2) Vuga ingingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko.
3) Vuga ibikoresho by'ikoranabuhanga bitavuzwe mu mwandiko.

## 8.2. Inyunguramagambo

Itegereze amagambo atsindagiye ari mu nteruro zikurikira, maze usubize ibibazo biri hasi, ubushakashatsi bwimbitse ku bisubizo watanze.

1. Kera bakoshaga **ingobyi** yo guhekamo abana.
2. Guheka abarwayi mu **ngobyi** bajya cyangwa bavanwa kwa muganga byabaye nk'umugani.
3. **Ingobyi** y'urugo rwe ntihinze.
4. Urubyiruko **ruzusa** ikivi cyatangiwe n'abakurambere.
5. Urubyiruko **ruzaharura** ikivi cyatangiwe n'abakurambere.
6. Si ngombwa ko **uwatangiye** ikivi ari we **ugisoza**.
7. **Navuze** ko **bavuga** umutsima kare ariko banze kunyumva.
8. Yaguriye amahenahene y'**ishashi** mu **ishashi**.

### Ibibazo:

a) Ijambo "ingobyi" rikoreshejwe rite muri izo nteruro eshatu? Twabyita iki?

b) Ijambo ry'umukara tsiri riri mu nteruro ya kane n'iriri mu nteruro ya gatanu bipfana iki? Twayita ngo iki?

c) Amagambo y'umukara tsiriri ari mu nteruro ya gatandatu yo se apfana iki? Twayita ngo iki?

d) Ni yihe mbundo y'inshinga ziri mu nteruro ya karindwi. Ese izo mbundo zisobanura kimwe? Ubwo twabyita ngo iki?

e) Amagambo ari mu nteruro ya munani ahuriye ku ki? Atandukanijwe n'iki? Twabyita ngo iki?

## Inshoza y'inyunguramagambo

Hari uburyo bwinshi bukoreshwa mu nyunguramagambo. Kugira ngo umuntu asobanure inshoza z'amagambo ashobora gukoresha inzira zinyuranye. Izo nzira umuntu yakwifashisha ni izi zikurikira: Impuzanyito, imvugwakimwe, imbusane, ingwizanyito n'impuzashusho.

### a) Impuzanyito

Amagambo aba ari impuzanyito iyo afite intego zinyuranye ariko ahuje igisobanuro, mu yandi magambo ahuje inyito. Ni ukuvuga ko aba adasa rwose ariko asobanura kimwe. Impuzanyito hari abazita imvugakimwe.

*Ingero:*

- Urubyiruko **ruzusa** ikivi cyatangiwe n'abakurambere.
- Urubyiruko **ruzaharura** ikivi cyatangiwe n'abakurambere.
- **Abakambwe** na bo bagezweho n'ikoranabuhanga.
- **Abasaza** na bo bagezweho n'ikoranabuhanga.

**b) Imbusane**

Amagambo aba ari imbusane igihe rimwe rivuguruza irindi mu gisobanuro cyaryo.

*Ingero:*

- Si ngombwa ko **uwatangiye** ikivi ari we **ugisoza.**
- Namubonye **ndishima** agiye **ndababara.**
- **Umugabo** afite inshingano zo gukunda **umugore** we.

**c) Imvugwakimwe/Impuzamvugo**

Imvugwakimwe ni amagambo afite intego zimwe, avugwa kimwe ariko ibisobanuro byayo bitandukanye.

*Ingero:*

- **Navuze** ko **bavuga** umutsima kare ariko banze kunyumva. (Kuvuga ijambo/ Kuvuga umutsima)
- **Yaciye** amasaka/ Ihene **yaciye** ikiziriko. (guca amasaka/guca ikiziriko)
- Umwami **yimye** ingoma/Ihene **yimye**.

**d) Ingwizanyito**

Igwizanyito ni uburyo ijambo rimwe rigira ibisobanuro byinshi. Izo nyito ziba zifitanye isano.

*Urugero:*

Ijambo **ingobyi** mu Kinyarwanda rigira inyito nyinshi:

- **Ingobyi:** Bahekamo umwana, bayita kandi impetso.
- **Ingobyi:** Bahekamo abarwayi, bahekagamo umwami cyangwa umugeni.
- **Ingobyi:** Uruhu rw'ivunja.
- **Ingobyi:** Isambu umuntu yigengaho.
- **Ingobyi:** Ikirere cya nyuma kimeze nk'igikobokobo gifubika umwanana w'igitoki igihe cyana.
- **Ingobyi:** Akantu kameze nk'agahu gafubika umwana uri mu nda ya nyina yavuka kakamukurikira.
- **Ingobyi y'urugo:** Umurima uri hafi y'urugo.

Mu ngwizanyito habamo inyito mbonera n'inyito shusho. Inyito mbonera ni igihe ku nyito isanzwe y'ijambo hiyongeyeho indi nyito. Inyito shusho ni inyito yitarura

inyito mbonera, ijambo rikagira igisobanuro gisa n'igihishe. Inyito shusho ikunda kuboneka mu nshoberamahanga.

***Ingero:***

| **Inyito mbonera** | **Inyito shusho** |
|---|---|
| Yariye ibiryo | Yariye karungu: yarakaye cyane |
| Bashashe uburiri bwabo | Bashashe inzobe: babwizanye ukuri |
| Kugwa hasi | Kugwa isari: gusonza |
| Guca ibyatsi | Guca umuti wa mperezayo: kugenda ugahera, ntugaruke |
| Gufata umuntu mu ntoki | Gufata umuntu nk'amata y'abashyitsi: kumufata neza. |

**e) Impuzashusho:**

Iyo amagambo yandikwa kimwe ariko ntasomwe kimwe kandi ibisobanuro byayo bikaba bitandukanye bivuga ko ayo magambo ari impuzashusho. Atandukanywa n'ubutinde n'amasaku.

***Ingero:***

Yaguriye amahenahene y'**ishashi** mu **ishashi.**
**Yahaze** ipine y'imodoka ye/**Yahaze** ibijumba.
Yagiye mu **mihigo** y'inkera/ **Imihigo** yose yagiyemo nta cyo yacyuye.
Yanyoye **intama** imwe y'amazi/**Intama** ye yayiragiye.
**Amahoro** y'Igihugu ava ku misoro n'**amahoro** byatanzwe neza

## Imyitozo

1. Andika ingwizanyito z'ijambo **icyuma.**
2. Amagambo atsindagiye ari mu nteruro zikurikira ari mu buhe bwoko bw'inyunguramagambo.
   a) Nasanze **inkoko** zibika/Abakurambere bariraga ku **nkoko.**
   b) Muze **tumufate** mu mugongo adahungabana.
   **Yamufashe** mu ntoki.
   c) Aba bana bari mu gihe cy'**ubugimbi** n'**ubwangavu**.
3. Koresha mu nteruro ijambo "imbata" ku buryo humvikana inyito zaryo ebyiri zitandukanye.
4. Iryo jambo " imbata" ubwo ni ubuhe bwoko bw'inyunguramagambo.

## 8.3. Amoko y'inyangingo

Itegereze interuro zikurikira hanyuma ukore ubushakashatsi ku bibazo bizikurikiye:

a) Ntawavuga ko Abanyarwanda batigeze batekereza ku ikoranabuhanga.
b) Bamwe mu rubyiruko bakoresha interineti nabi.
c) Nyarukira ku rubuga runaka rwa interineti igihe wabonye akanya.

### Ibibazo:

1. Ca umurongo ku bice bigize izo nteruro ukurikije inshinga zirimo.
2. Ibyo bice biciyeho umurongo biteye bite?

### Inshoza y'inyangingo.

Inyangingo ni interuro cyangwa igice k'interuro kibumbatiye ubutumwa bwumvikana neza. Inyangingo zikoreshwa mu nteruro zinyuranye. Ni ukuvuga mu nteruro zibumbatiye ingingo imwe (interuro y'inyabumwe) cyangwa nyinshi (interuro y'urusobe). Amoko y'inyangingo ni ane: inyangingo yigenga cyangwa yihagije, inyangingo ngaragira, inyangingo ngaragirwa n'inyangingo ihagitse.

### Amoko y'inyangingo

**a) Inyangingo yigenga cyangwa yihagije**

Ishobora kwigenga cyangwa ikagirana isano n'indi bifatanyije kurema interuro. Ishobora gukora yonyine cyangwa ikiyunga n'indi ariko zose nta n'imwe igenga indi.

*Urugero:*

– Bamwe mu rubyiruko bakoresha interineti nabi.
– Nyarukira ku rubuga runaka rwa interineti.

**b) Inyangingo ihagitse**

Inyangingo ihagitse ni inyangingo iba iri hagati mu nteruro yongerera iyo nteruro igisobanuro ariko ikaba itabuza interuro kuba yuzuye uramutse uyikuyemo.

*Ingero:*

– Umuntu yicara abunza imitima, **muri ino si dutuye,** yibaza uko ejo bizaba bimeze.
– Nyuma yo gukoresha ikoranabuhanga, **ryazanywe n'abazungu,** Igihugu cyacu cyateye imbere.

**c) Inyangingo y'ingaragirwa:**

Inyangingo y'ingaragirwa ihora iherekejwe n'indi (n'izindi) nyangingo iyisobanura

***Ingero:***

**Nyarukira ku rubuga runaka rwa interineti** igihe wabonye akanya.

**e) Inyangingo y'ingaragira:**

Inyangingo y'ingaragira iherekeza inyangingo y'ingaragirwa.

***Ingero:***

- Nyarukira ku rubuga runaka rwa interineti **igihe wabonye akanya. (ingaragira y'igihe)**
- Abanyarwanda bavuga **ko ikoranabuhanga rifite akamaro. (ingaragira mbonera)**

Inyangingo y'ingaragira igabanyijemo amoko atandukanye bitewe n'umumaro ifite mu nteruro:

- Ingaragira nyensano (isobanura)
- Ingaragira mbonera
- Ingaragira y'uburyo
- Ingaragira y'igihe
- Ingaragira y'ingaruka
- Ingaragira y'impamvu
- Ingaragira y'inkurikizo
- Ingaragira ihuriranya
- Ingaragira izibukiranya
- Ingaragira iziganya

**Inyangingo isobanura (nyensano)**

Igaragaza isano ifitanye n'ingaragirwa, yifashishije inshinga iri mu buryo bw'insano mbonera.

***Ingero:***

Ikoranabuhanga dukoresha ryaturutse mu mahanga.
Amasomo twiga arashimishije

**Ingaragira mbonera**

Isubiza ikibazo iki? Inde?
Ni ingaragira ishobora guterurwa n'ibyungo nka, ko, ngo, yuko

***Ingero:***

Ndabona ko akoresha interineti.
Yavuze ngo azaza ejo.

**Ingaragira y'uburyo**

Isubiza ikibazo –te? Ate? Ute? Gute? Ishobora guterurwa n'ikinyazina mbanziriza cyangwa mbanziriza ikoranye n'ingereranya. Uko, nkuko, nkaho,…

***Ingero:***

Yagiye uko yaje.
Atsinda nk'uko yiga.

**Ingaragira y'igihe**

Ivuga buri gihe ingingo ibumbiye mu ngaragira igerwaho. Isubiza ikibazo ryari? Cyangwa gihe ki?

***Ingero:***

Twagezeyo akiryamye.
Ntakoresha terefoni igihe ari ku meza.
Iyo yishimye araseka.

**Ingaragira y'ingaruka**

Ivuga icyo ingingo y'ingaragirwa ibyara cyangwa iganishaho.

***Ingero:***

Iki gihembwe yize nabi bimuviramo gutsindwa.
Nutazinduka urakererwa.

**Ingaragira y'impamvu**

Ivuga igitera ingingo y'ingaragirwa kubaho. Isubiza ikibazo: Kuki? Ikunda gukorana n'ibyungo ko cyangwa koko.

***Ingero:***

Asinzira mu ishuri kubera kuryama atinze.
Yatsinze ikizami kuko akora ubushakashatsi akoresheje interineti

**Ingaragira y'inkurikizo**

Ivuga ingingo bakurikiza ku y'ingaragirwa.

***Ingero:***

Arateka, akavoma, akamesa imyenda.
Uhinge maze utere n'intabire.

**Ingaragira ihuriranya**

Ivuga ingingo ihurirana n'iy'ingaragirwa. Igikorwa cyo mu ngaragirwa kibera rimwe n'icyo mu ngaragira.

***Ingero:***

Abakobwa babyina baririmba.
Yiga yumva radiyo.

**Ingaragira izibukiranya**

Ivuga ingingo ishyamirana cyangwa ibusana n'iy'ingaragirwa. Iyo witegereje usanga ingingo y'inyangingo imwe igerwaho ari uko indi ibaye. Zishyamirana ariko zuzuzanya.

***Ingero:***

Bakunda abana bakanga ba nyina.
Uyu mwana arira ahaze.

**Ingaragira iziganya**

Ikoresha imvugo yo gukekeranya. Iteganya ko ibyo umuntu avuga bishoka cyangwa bidashoboka.

***Ingero:***

Yize neza, yatsinda.
Abonye amafaranga, yagura isambu.

**Imyitozo**

1. Vuga ubwoko bw'inyangingo ngaragira ziri mu nteruro gikurikiyeho:
   a) Mbonye amafaranga nagura imodoka.
   b) Nageze i Kigali nsanga bagiye.
   c) Yateye ibishyimbo arabibagara.
   d) Yatsinze kubera kwiga cyane.
   e) Yariye ahetse umwana.

2. Inyangingo zitsindagiye ni bwoko ki?
   a) **Abakurambere bacu bakoreshaga ikoranabuhanga.**
   b) Imodoka yaguye **yikoreye amabuye**
   c) **Nabonye** arwaye
   d) Nagezeyo, **nubwo nari nakerewe,** nsanga bakicaye

## 8.4. Impapuro zagenewe kuzuzwa

Soma izi nteruro maze ukore ubushakashatsi ku kibazo kiri hasi:

Ikoranabuhanga ryoroheje byinshi. Zimwe mu mpapuro z'ubutegetsi zo kuzuza zisigaye zuzurizwa kuri interineti, muri banki iyo utujuje urupapuro rwo kubikuza ushobora no kubikuza amafaranga ku cyuma.

## Ikibazo cy'ubushakashatsi:

Ni izihe mpapuro z'ubuyobozi zuzuzwa? Zuzuzwaho iki? Urupapuro rwo kubikuza rwuzuzwaho iki?

**1. Impapuro zuzuzwa**

Mu nzego z'ubuyobozi bwite bwa Leta hari impapuro zabugenewe zo kuzuzwa zituma nyirazo ahabwa serivisi runaka. Zimwe muri izo mpapuro ni izi zikurikira:

- Ikemezo cy'amavuko
- Ikemezo kiranga umuntu
- Ikemezo gisimbura irangamuntu/ Indangamuntu
- Icyangombwa cyo gushyingirwa
- Icyangombwa cy'ubupfakare

**2. Impapuro zagenewe kuzuzwa**

### IGIKORWA

*Soma iki gika maze ukore ubushakashatsi, usubize ibibazo bizikurikira:*

Ikoranabuhanga ryoroheje byinshi. Zimwe mu mpapuro z'ubutegetsi zo kuzuza zisigaye zuzurizwa kuri murandasi hakoreshejewe terefoni cyangwa mudasobwa. Muri banki, iyo utujuje urupapuro rwo kubikuza, ushobora no kubikuza amafaranga ku cyuma cyabugenewe cyangwa ukabikuza ukoresheje terefoni.

**Ibibazo:**

1. Ni izihe mpapuro z'ubuyobozi zuzuzwa?
2. Impapuro zabugenewe kuzuzwa, zuzuzwa hakoreshejwe iki?
3. Urupapuro rwo kubikuza rwuzuzwaho iki?

**1. Impapuro zo mu nzego z'uyobozi bwite bwa Leta**

Mu nzego z'ubuyobozi bwite bwa Leta, hari impapuro zabugenewe zo kuzuzwa zituma nyirazo ahabwa serivisi runaka. Zimwe muri izo mpapuro ni izi zikurikira:

- Ikemezo cy'amavuko
- Ikemezo gisimbura ikarita ndangamuntu by'agateganyo
- Icyangombwa cyo gushyingirwa
- Icyangombwa cy'ubupfakazi,
- (...)

Mu buryo bwo gutanga serivisi inoze impapuro zimwe na zimwe zuzuzwa hifashishijwe ikoranabuhanga. Ni muri urwo rwego, zimwe muri izi impapuro zisabwa hifashishijwe urubuga "Irembo: *www.irembo.gov.rw*"

**a) Imikorere y'urubuga Irembo**

Mu muco wacu, irembo ni ijambo rifite agaciro, haba gufata irembo, haba gutanga irembo, igihe cyose rivuga guhabwa ikaze mu muryango.

Uru rubuga kandi rukora nk'uburyo bw'ikoranabuhanga, butunganya ibikorwa bigamije gutanga serivisi hagati y'Ibigo bya Leta n'abaturage. Imikoreshereze n'imitunganyirize y'urwo rubuga, ikaba igengwa n'Ihuriro ry'Imirongo Nyarwanda (Rwanda Online Platform Ltd).

Mu gihe umuturage akoresha urubuga irembo, agomba kubanza gusoma neza amabwiriza n'inshingano ze mu byerekeranye no gukoresha uru rubuga.

Ku bijyanye n'impapuro akeneye zuzuzwa, umuturage agomba kubanza kwishyura. Kwishyura serivisi ku rubuga Irembo, bishobora gukorwa hifashishijwe uburyo butatu aribwo: terefoni ngendanwa, ikarita yo kubitsa no kubikuza n'andi makarita akoreshwa mu ma banki bakorana.


Hari kandi umuyoboro wo kwishyura ukoresheje murandasi, washyizweho kugira ngo kwishyura bikorwe mu buryo bworoshye.

Uwasabye serivisi, agomba kandi kumenya ko umwirondoro we winjijwe neza, ko yishyuye kandi ko yahawe serivisi.

Kugira ngo usubizwe amafaranga wishyuye bitewe n'uko utahawe serivisi wasabye, ugomba kugeza ikibazo cyawe ku Ihuriro ry'Imirongo Nyarwanda (Rwanda Online Platform Ltd).

**b) Gusaba ikemezo ukoresheje Irembo**

Kugira ngo ubone ikemezo, bisaba kuba ufite mudasobwa cyangwa terefoni irimo murandasi. Wifashisha inshakisho (browser) hanyuma ukandika ahabugenewe *www.irembo.gov.rw* , hagahita haza ibi bikurikira:



Iyo umaze kubona iyi mbonerahamwe, ushakisha ahanditse "inzego z'ibanze", ugahitamo ikemezo ushaka, hanyuma ukanyura mu ntambwe zikurikira:

**Intambwe ya mbere: Gusaba**

- Gukoresha Irembo: Niba utariyandikishije ku rubuga Irembo, kanda ahanditse "Kwiyandikisha" hejuru iburyo maze wiyandikishe ukoresheje indangamuntu yawe na nomero ya terefoni igendanwa yanditse ku ndangamuntu yawe.
- Gusaba ukoresheje terefoni igendanwa (USSD): Kanda *909# ,ukurikize amabwiriza, cyangwa ushobora no kwegera uhagarariye Irembo.
- Nyuma yo kohereza dosiye isaba, wohererezwa ubutumwa bugufi kuri terefoni cyangwa imeri (Email) yawe, bwemeza ko dosiye yoherejwe, kandi ugahabwa kode yo kwishyuriraho.

**Intambwe ya kabiri: Kwishyura**

- Ushobora guhita wishyura unyuze ku rubuga Irembo ugakoresha amakarita (VISA cyangwa MasterCard), cyangwa se ugahitamo kwishyura ukoresheje terefoni (MTN Mobile Money *182#, Airtel*182#, Tigo *310#), mobikashi (Mobicash), cyangwa ukajya ku ishami rya Banki ya Kigali cyangwa uyihagarariye ukorera hafi yawe.
- Nyuma yo kwishyura, wohererezwa ubutumwa bugufi kuri terefoni cyangwa kuri imeri (Email) bwemeza ko wishyuye. Nutabona ubutumwa bugufi kuri terefoni cyangwa imeri mu gihe k'iminota 30, wahamagara kuri 9099 umukozi w'Irembo akagufasha.

**Intambwe ya gatatu: Igihe cyo kujya gufata ikemezo**

Iyo umukozi ushinzwe irangamimerere abonye dosiye yawe, arayisuzuma, akayemeza cyangwa akayihakana, hanyuma ukohererezwa ubutumwa bugufi kuri terefoni cyangwa imeri (Email) bukumenyesha ko dosiye yawe yemewe cyangwa yanzwe. **Iyo utabonye ubutumwa bugufi nyuma y'iminsi itatu y'akazi wohereje dosiye isaba, uhamagara ku biro by'umurenge wahisemo, cyangwa ukajyayo kugira ngo bagusobanurire.**

**Intambwe ya kane: Kujya gufata icyangombwa**

Jya kureba Umukozi Ushinzwe Irangamimerere ku murenge wahisemo, witwaje impapuro zerekana ko wishyuye (ubutumwa bugufi bwoherejwe n'Irembo cyangwa inyemezabwishyu ya banki), kandi ujyane n'imigereka isabwa kuri iyi serivisi (niba isabwa).

Iki kemezo gishobora gukoreshwa nk'imwe mu nyandiko ziherekeza dosiye isaba serivisi, nko kwiyandikisha mu ishuri, kurera umwana utari uwawe, gusaba ikemezo cy'umwirondoro wuzuye, kwiyandikisha kugira ngo ushyingirwe, n'ibindi...

**Urugero rw'ikemezo wahabwa umaze gukoresha Irembo:**

REPUBUL RWANDA

IBIRO BY'IRANGAMIMERERE

IKEMEZO CY'AMAVUKO

---

**Inomero: D214563TKRB**

**Gewe………………………………………………………………Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge**

**wa ……………………………………………………………. Nemeje ko**

**Kanaka (Nyirakanaka) ……………………………………………………………………………… …**

**Mwene ………………………………………………………………………. na ……………………………………………………………………..**

**Wo mu Karere ka ………………………………… yavukiye ……………………………………………………..**

**Ku wa ……………………………………………**

**Gitangiwe ……………………………………………………… ku wa ……………………………………………………**

**Umunyamabanga Nshingwabikorwa …………………………………………………………………………**

**Igiciro**

**500 FRW**

**Iki kemezo kemejwe hakurikijwe nomero**

**D214563TKRB**

**kandi gishyizweho umukono na**

**…………………………………………………………………..**

**Gifite agaciro kugeza ku wa ............**

### 2. Sheki

Sheki ni urupapuro rwuzuzwa muri banki kugira ngo nyirayo cyangwa uwo ihawe abikuze amafaranga kuri konti ye cyangwa y'uyimuhaye. Biragoye kubona sheki yo mu Kinyarwanda gusa kubera ko banki ziganwa n'Abanyarwanda ndetse n'abanyamahanga. Iby'ingenzi byuzuzwa kuri sheki ni ibi bikurikira:

- Umazina y'uri bubikuze akoresheje iyo sheki.
- Umubare w'amafaranga abikuzwa.
- Uhawe sheki.
- Itariki sheki itangiweho.
- Umukono wa nyiri konti.

**Urugero rwa sheki**




**IMYITOZO**

a) Shushanya sheki ugaragaze neza amakuru yose uyuzuza akenera, maze uyuzuze.

b) Ishyire mu kigwi cy'uwataye irangamuntu wo Murenge wa Ngoma maze umwandikire amakuru yose akenewe kugira ngo yuzuzwe ku kemezo gisimbura ikarita y'irangamuntu by'agateganyo.

## 8.5. Amagambo yabugenewe

Soma aka kaganiro ka Mugisha n'umwarimu we maze wifatanye na bagenzi bawe mu matsinda musubize ikibazo gikurikiyeho.

**Mugisha:** Ko ziriya nka ziri mu nzu yazo zakomeje kuvuga cyane aho ntizabuze ubwatsi.

**Umwarimu:** Abantu ni bo baba mu nzu kandi ni na bo bavuga ntabwo inka zivuga nta nubwo aho ziba hitwa mu nzu. Hari amagambo yabugenewe akoreshwa ku rusaku cyangwa ku ngambo y'ibintu binyuranye, ndetse n'intaho z'inyamaswa.

**Mugisha:** Ariko mwari ko mwatubwiye ko inyoni nyinshi ari uruhuri nkaba nabwiye abanyeshuri twigana ko baje ari uruhuri bakambwira ko mbatutse kandi na bo bari benshi.

**Umwarimu:** Ibyo bakubwiye ni byo; kwita abantu uruhuri ni igitutsi, hari imvugo zabugenewe zivuga amatsinda y'abantu, ay'inyamaswa, ...

**Muhereye ku bibazo bya Mugisha no ku bisubizo bya mwarimu we, mukorere mu matsinda anyuranye mutahure bene izo mvugo zabugenewe.**

## Amagambo yabugenewe ajyanye n'urusaku n' imvugo

***Ingero:***

Inkuba zirahinda
Imigezi irasuma
Imbeba zirajwigira
Imbwa ziramoka
Ibikeri biragonga
Imisambi irahiga
Inuma ziraguguza
Intama ziratamanga
Imfizi zirivuga
Intare iratontoma
Ihene zirahebeba
Isake zirabika
Inkokokazi zirateteza iyo zishaka gutera amagi
Ingwe zirahora/ zirahara
Imvura irahinda
Indege zirahinda
Imodoka zirahinda
Injangwe zirahirita
Abantu baravuga
Impongo zirakorora
Imvura irahinda

## Amagambo yabugenewe ku matsinda y'ibintu/abantu

***Ingero:***

Inka bavuga ishyo
Intama bavuga umukumbi
Ihene bavuga umukumbi
Inyoni bavuga uruhuri
Ingurube bavuga umugana/ Imbwa bavuga ishumi/ isibo/ igobe iyo ziri mu gakungu
Amabuye menshi bavuga ikirundo
Amazu menshi bavuga urusisiro.
Imvi nyinshi bavuga uruyenzi.
Imibu myinshi bavuga uruhunduguru.
Abantu bavuga imbaga.

## Amagambo yabugenewe ajyanye n'intaho

Inzoka zitaha mu myobo.
Inyaga zitaha mu myobo cyangwa mu miheno.
Imbeba zitaha mu myobo.
Inyoni zitaha mu byari
Uducurama dutaha mu ndiri
Amatungo ataha mu biraro (inka, intama, ingurube, ihene,...)
Impyisi zitaha mu masenga
Inyana zitaha mu ruhongore.
Inkoko zitaha mu kibuti.
Umwami aba mu ngoro.
Abantu baba mu nzu.

## Amagambo yabugenewe ajyanye n'urubyaro

***Ingero:***

Ku bantu bavuga abana.
Ku nka bavuga inyana.
Ku mbwa bavuga ibibwana.
Ku ngurube bavuga ibibwana.

### Imyitozo

**1. Uzuza interuro zikurikira ukoresheje amagambo yabugenewe**

a) Aho ihene zitaha hitwa..............
b) Aho inyoni zitaha hitwa .............
c) Umwami aba...........

2. **Koresha mu nteruro amagambo akurikira: kujwigira, kugonga, isenga, uruhongore.**

## Inshamake

### Nsigaranye ko:

- Ikoranabuhanga ari uburyo bugezweho mu kunoza no kwihutisha imirimo mu nzego zitandukanye z'imirimo. Kandi ko uku kwihutisha za serivisi bituma abakoresheje ikoranabuhanga batera imbere kurusha abandi.
- Impuzanyito ari amagambo anyuranye asobanura kimwe cyangwa se ibisobanuro byayo bikenda kwegerana, bakaba bayita kandi imvugakimwe cyangwa imvugakimwe. Imbusane ari amagambo afite inyito zinyuranye cyangwa se zibusanye. Kandi ko impuzashusho ari amagambo yandikwa kimwe ariko ntasomwe kimwe mbega ishusho y'ayo magambo ni imwe ariko imisomere iratandukanye cyane byumvikane ko n'ubusobanuro buba butandukanye bitewe n'aho ijambo ryakoreshejwe, imvugwakimwe yo akaba ari amagambo asomwa kimwe, akandikwa kimwe ariko ntagire igisobanuro kimwe, bakaba banayita kandi impuzamvugo. Ingwizanyito ni uburyo ijambo riba rifite ubushobozi bwo kugira ibisobanuro bwo kugira ibisobanuro byinshi.
- Amoko y'inyangingo ari aya akurikira: Inyangingo yigenga, inyangingo ngaragira, inyangingo ngaragirwa n'inyangingo ihagitse.
- Hari impapuro zagenewe kuzuza ari zo ikemezo cy'amavuko, ikemezo kiranga umuntu, ikemezo gisimbura ikarita ndangamuntu, sheki ya banki, icyangombwa cy'ubupfakare, icyangombwa cyo gushyingirwa,...
- Hari amagambo yabugenewe akoreshwa ku rusaku cyangwa imvugo, ku ntaho, ku rubyaro, ku nyamaswa n'ibintu, n'akoreshwa mu kuvuga amatsinda y'ibintu binyuranye.

## Isuzuma rusange risoza umutwe wa munani

**Soma umwandiko ukurikira nurangiza usubize ibibazo byawubajijweho.**

### Ese peterori iva he?

Peterori yahimbwe zahabu yirabura, ni amavuta y'umukara aba mu kuzimu. Abasobanukiwe n'ibyayo bemeza ko ayo mavuta akomoka ku mborera z'ibyatsi n'ibiti, ku bindi bimera no ku nyamanswa zapfuye, bigatwikirwa igihe kirekire cyane n'ubutaka n'amabuye. Ubushyuhe bwinshi n'ubutsikamire bw'ubwo butaka bukabibyaza amavuta.

Kugira ngo bayitahure, hitabajwe ikoranabuhanga maze bakoresha ibyuma kabuhariwe, indege zirimo ibyuma bifata amafoto bikagaragaza ahari peterori.

Iyo bamaze kuyigwaho, nibwo abacukuzi bazana ibyuma byo kuyicukura. Uwo murimo ufata igihe bitewe n'aho iri, dore ko ishobora no kuboneka kuri metero ibihumbi ikenda by'ibujyakuzimu. Iyo iri munsi y'inyanja, icyo gihe ibyuma bicukura byikorerwa n'amato, agahagarara hejuru y'inganzo yayo.

Iyo bamaze kuyicukura bayijyana mu nganda. Iyo igeze mu nganda irayungururwa. Hari uburyo bwinshi bwo kuyiyungurura, bumwe muri bwo bukaba kuyicanira ikazana umwuka. Uwo mwuka uko ugenda uhora ni ko uvamo ibintu by'amoko menshi nk'ibitanga ingufu, aribyo umwuka batekesha bakanawukoresha mu nganda, risansi, kerosene na mazutu. Havamo kandi amavuta akoreshwa mu byuma bya moteri, mu by'imodoka, mu by'inganda,...kaburimbo bakoresha imihanda, parasitiki cyangwa amashanda babyaza indobo na byo bikomoka kuri peterori. Si ibyo gusa hari n'ibindi byinshi tutabasha kurondora.

Mu Rwanda hari ibimenyetso ko hari peterori ariko haracyari imbogamizi kugira ngo intera yo gutangira gucukura peterori igerweho. Uburyo bworohereza abashoramari ntibuhagije kandi haracyabura ikoranabuhanga mu bijyanye n'ubucukuzi bwa peterori.

Peterori, nubwo ifite akamaro kanini ni iyo kwitonderwa, haba mu bucukuzi, haba mu buyunguruzi, ari mu itundwa ndetse no mu bubiko. Umuriro wayo wangiza ibidukikije: yangiza ibimera ikanduza amazi, ikica inyamanswa mu gihe k'impanuka. Urusaku rw'inganda n'umwotsi wazo ntibyorohera abantu kuko byanduza umwuka bahumeka ibyo bikabaviramo indwara zitandukanye.

***Bifatiye kuri*** *Ubumenyi bw'isi, Amateka, uburere mboneragihugu, umwaka wa kabiri w'Amashuri Agamije Amajyambere y'imyuga, Igitabo cy'umwarimu, 1983*

## I. Ibibazo bisuzuma ubushobozi bwo kumva no gusesengura umwandiko

1. Koresha ijambo "inganzo" mu nteruro ebyiri zumvikanisha ibisobanuro byaryo bibiri bitandukanye.
2. Koresha amagambo akurikira mu nteruro: amashanda, imbogamizi.
3. Simbuza ijambo ritsindagiye riri mu nteruro iryo mu mwandiko bivuga kimwe.

   Mu gucukura peterori bakoresha ibyuma **byabugenewe**.

## II. Ibibazo byokumva no gusesengura umwandiko

i) Ni hehe muri uyu mwandiko hagaragara ikoranabuhanga?
ii) Mu mwandiko bavuga ko peterori ikomoka he?
iii) Ese mu gihugu cyacu ibijyanye n'ubucukuzi bwa peterori bihagaze bute?
iv) Ni zihe ngaruka icukurwa n'imitunganyirize ya peterori bigira ku bidukikije?
v) Ni iyihe nama waha u Rwanda ku bijyanye n'ubucukuzi bwa Peterori?

## III. Ibibazo ku nyunguramagambo zishingiye ku mpuzanyito, ingwizanyito, imbusane, imvugwakimwe n'impuzashusho.

1. Andika byibura impuzanyito eshatu z'ijambo **icyuma** n'**ishoka**.
2. Andika ingwizanyito z'ijambo **imashini**.
3. Amagambo atsindagiye ari mu nteruro zikurikira ari mu buhe bwoko bw'inyunguramagambo.
   a) **Yatatse** inzu ye irabonera/**yatatse** bamuteye urushinge.
   b) **Yaguye** mu matsa/ **yaguye** hasi bamuhetse ku igare.
   c) Yikojeje **hasi** yikoza **hejuru** maze aca umugara.

## IV. Ibibazo ku nyangingo

1. Vuga ubwoko bw'inyangingo ngaragira ziri mu nteruro zikurikira:
   i) Tuzatangira gucukura peterori nitugira ikoranabuhanga riteye imbere.
   ii) Peterori u Rwanda rukoresha iva mu mahanga.
   iii) Yiga ubutaruhuka ngo azatsinde neza.
   iv) Yariye ahetse umwana.
   v) Mu gitondo arabyuka akajya mu bwogero akambara, akajya ku kazi.
   vi) Impyisi y'iwanyu ikurya ikurundarunda.
2. Tahura mu mwandiko interuro ifite inyangingo ngaragirwa n'inyangingo ngaragira, uzerekane kuri iyo nteruro.
3. Tanga urugero rw'interuro ifite inyangingo ihagitse.

## V. Ibibazo ku magambo yabugenewe


1. Uzuza interuro zikurikira ukoresheje amagambo yabugenewe
   i) Imbeba zitaha.........
   ii) Imbwa ye yabwaguye ...........icumi.
   iii) Usanze impyisi mu...........yayo yahita ikurya
2. Andika ijambo ryabugenewe rivuga: imbwa nyinshi, amabuye menshi arunze hamwe, inyoni nyinshi ziri hamwe, abantu benshi
3. Koresha mu nteruro amagambo akurikira: kwabira, guhuma, kumoka.
4. Kora interuro ebyiri zirimo inyigana.

## VI. Ikibazo ku mpapuro zagenewe

Vuga ibyuzuzwa kuri sheki ya banki.

# 9 Ibiyobyabwenge

## 9.1. Ingaruka z'ibiyobyabwenge ku buzima no ku mibereho y'abantu




Shema ni umusore ufite umusatsi w'irende, bamwe mu rungano bamwita Birende. Ni inzobe, arakeye, afite amaso manini, arananutse buhoro, ni muremure kandi akunze kwiyambarira imyenda yera kuva hasi kugera hejuru. Inkweto ze zose usanga iteka zidafunze, ni "sandari". Shema yasigaye ari imfubyi yamaririje, ariko umuryango wamusigiye umutungo uhagije. Bibabaza benshi iyo bamubonye mu kabari, muri bari cyangwa mu mahoteri atandukanye. Arasengera bukira, akenshi ataha yabaye Sabizeze. Kuzerera aho hose mu tubari kandi ntibisiganwa no gutumura urumogi bamwe bita agatabi ko ku mugongo w'ingona.

Uwo musore ateye agahinda; yahindutse umupfu mubisi kubera gufata ibiyobyabwenge. Agira agakungu n'urundi rungano rukunda abakobwa cyane hagamijwe ubukozi bw'ibibi bitewe ahanini n'ubusinzi. Shema yahuye na Kanyana.

Uyu Kanyana ni inshuti ya Shema, rubanda bavuga ko baba bafite umushinga wo kuzarwubakana. Mu buzima busanzwe Kanyana agwa neza, agira impuhwe, yitangira abandi, iteka ahora ashishikajwe no gukora imishinga yamuteza imbere. Umunsi umwe ari ku gasusuruko Shema ahura na Kanyana amugwa mu byano baratangira baraganira.

**Shema:** Dore umunsi utagira uko usa, usa na bike mu buzima bwange mba nkwambuye! "Sheri" sinigeze ndota ko twahura. Uzi ukuntu nkwishimira iyo duhuye! Hari abogeza zahabu na diyama, ubisumbya igiciro. Rugamba yabivuze neza " Iyaguhanze ni yo izi kurema, yaraguhaye ntiyahaho undi".

**Kanyana:** Abasore muraturyaryaryarya nta n'isoni mufite, ukubarira akubeshya agira ngo nupfa muzajyana. Kuvugisha ukuri ntikwica umutumirano, Shema, ayo magambo uyakuye he ko nari nkuziho kwiterera urwenya bisanzwe? Waba warisubiyeho se inzoga ukazitera umugongo? Urungano rukuziho kuba Rubundakumazi.

**Shema:** Sindashobora kuzireka kubera ibibazo mfite ariko nzagerageza ndebe ko bizankundira.

**Kanyana:** Ibyinshi ni ibyo wibwira. Shema nshuti, ko utarashinga akavumu, ayo magambo wayahashye hehe? Reka yenda ibyo tubyihorere ngusobanurire. Inzoga si yo izana ibitekerezo ahubwo ishobora kukuyobya imigambi myiza wiyubakagamo ikayoyoka. Inzoga itegura ubukwe, irunga, isaba umugeni, itangwaho ikiru n'ibindi, ariko ntabwo umuntu yerekanira ubugabo bwe mu macupa yanyoye cyangwa yaguze. Uti: "Inzoga ivura marariya". Ibyo koko ninde wabikubeshye Shema? Kunywa inzoga urwaye marariya ni ukwiroga. Indwara nka marariya zivurwa n'imiti yo kwa muganga. Inzoga ni icyago, zangiza ubuzima. Ntiwagombye gushakira umunezero cyangwa ibisubizo by'ibibazo byawe mu nzoga. Shema, niba ushaka ubushuti bwange nawe, gabanya inzoga, itabi urizibukire burundu. Kandi ubigizemo ubushake byakunda.

**Shema:** Kanyana, nshima ko ugira ibitekerezo byubaka. Gusa, guhita nkwemerera kugabanya cyangwa kureka ibyo unsabye naba nkubeshye. Biransaba kubitekereza nkazaguha umwanzuro mu gihe kitarambiranye.

**Kanyana:** Shema, akaryoshye ntigahora mu itama, ikiganiro cyari kiza ariko ubu iwacu barantegereje, reka nyaruke tuzasubukura ubutaha. Ntaribagirwa, uzaza kunsura ryari?

**Shema:** Reka nzabitegure, nzakumenyesha. Nushyika imuhira ubansuhurize.

**Kanyana:** Urakoze cyane, ngaho usigare amahoro.

Kanyana acutsa ikiganiro yagiranaga na Shema, amusezeraho. Shema amukora mu ntoki, Kanyana amanuka agasozi bamuriho arenge hirya mu gikombe. Shema amukurikiza amaso asigara yivugisha ku mutima.

Nzi guhitamo neza, byambabaza Kanyana ambengeye ko nsoma ku gatama n'agatabi. Bimaze iki kudacika ku ngeso yo kunywa itabi, ibisindisha n'ibiyobyabwenge? Harya ngo ingeso idacika icika yishe nyirayo? Bizaza, muri aka kanya ntibyanshobokera. Ndumva icyaka kizamutse, reka ndebe hirya aha mperuka bagira ka kanyanga n'aka gatabi ko ku mugongo w'ingona. Shema yimure ibyimbo yatanye agana ku kabari. Ndabona hamanitse ikoma, akagwa ka bitoki karahari nta shiti.

Shema arinjira abaza yongorera nyiri akabari bitaga Muzehe.

**Shema:** Niko, nta kantu se ka kandi ngo mumpe niterere kuri roho?

**Muzehe:** Tobora ariko uvuge, twe ntitumenyereye amarenga.

**Shema:** Ka kanyanga.

**Muzehe:** Ushaka akangana iki? Aka Magana ane?

**Shema:** Mpereza icupa ndasangira n'uriya musore mbona ahagaze imbere yo kwa Mugemana. Ahubwo mpereza umumpamagarire. Yitwa Kabatsi.

**Muzehe:** Suuu! Kabatsi hano hari umuntu ugushaka.

Kabatsi na we ni gahambamazi ariko ari mu nzira yo kwakira agakiza. Aza kibuno mpa amaguru no mu kabari ngo ba! Yegera Shema basuhuzanya bakubitana intugu, bavuna akagongo, binikiza ikiganiro.

**Kabatsi:** Shema amayira y'ino wayabwiwe na nde? Nakubonaga iriya iwanyu, nari ntarakubona mu nce zino. Wagenzwaga se n'ubuhoro?

**Shema:** Shahu ndeka ndorera mba niruka kuri Kanyana yarampogoje.

**Kabatsi:** Kumubasha bizakugora, ntakunda abanywi b'itabi kimwe n'abakunzi b'ibisindisha nka twe. Yabenze Mpiranyi, Karaha na Rukaka kubera ko yababonagaho ubusinzi. Nuhugwa inzoga, itabi, abagore n'abakobwa uzamwigondera, bitabaye ibyo nta yindi turufu uzakoresha.

**Shema:** Ibyo uvuga ni byo ariko kubireka bisaba imbaraga nyinshi, cyakora icyo umutima ushaka amata aguranwa itabi. Nzakora iyo bwabaga mbone Kanyana. Shema agasoma agahereza mugenzi we. Bagakomeza kuganira.

**Kabatsi:** Inzoga, itabi n'ibindi biyobyabwenge byonona ubuzima bwacu. Nge ndi mu nzira zo kubihunga. Ubwo mperuka kwa muganga basanze hari indwara zo mu mara mfite, bangira inama zo kugabanya inzoga n'itabi. Ngo inzoga, itabi n'ibindi biyobyabwenge bigira ingaruka zitari nke: indwara z'umutima, indwara z'umwijima, kuduhira mu matwi, indwara zifata imyanya y'ubuhumekero cyane biturutse ku itabi, kanseri yo mu kanwa, mu mihogo, mu menyo, mu bihaha , inkondo y'igifu, ubumuga bw'amagufa, indwara zo mu mara… Izo ndwara zihitana imbaga nyamwinshi muri iyi minsi ya none. Nge rwose mfite umugambi wo kureka kunywa inzoga n'itabi.

**Shema:** Kabatsi, wowe ufite imigambi myiza, wambwiye Imana wasenze ikaguha ako gatima ko kumva wazibukira inzoga, ibiyobyabwenge no gutumagura ibitabi! Uretse kwihagararaho, ubona se nge ntagiye gusaza imburagihe, ndwaragurika ku mpamvu y'inzoga zishobora kuba zaragabanyije ubushobozi bw'umubiri wange.

**Kabatsi:** Shema, twibwira ko kunywa inzoga, itabi cyangwa ibindi biyobyabwenge bitera akanyamuneza n'akanyabugabo, kubana n'abandi, gusabana n'abandi, gukomeza ubushuti, gutereta dosiye mu buryo bworoshye, gutinyuka, ... ariko burya turibeshya cyane, nta kiza k'inzoga n'itabi. Ibiyobyabwenge bimunga ubuzima, byangiza umutungo n'ibindi nk'ibyo bidukururira amakuba tugasigara turirira mu myotsi.

**Shema:** Kabatsi nshuti yange, tuzabigenza dute ngo tubone inguranwa y'akayoga n'agatabi?

**Kabatsi:** Shema, ni ukoga amagazi amazi si ya yandi. Ibintu byarahindutse. Iki ni igihe cyo guhinduka, tugahindura imitekerereze n'imigendekere. Maze gukora ubushakashatsi bwite, nasanze kunywa inzoga, ibiyobyabwenge no kwiyahuza itabi ry'ubwoko butandukanye ari ukwiyahura. Iyo ubaye imbata y'ibi bintu byica ubuzima bwacu, uba umusambanyi kabombo, bitera kubahuka, umuntu ntiyiyubaha, bihungabanya ubwenge n'ubuzima, umuryango w'abanywi uhora mu bukene kubera gusesagura. Umukozi wasaritswe n'inzoga yica akazi kandi abana na bagenzi be nabi. Hari abirengagiza ko inzoga zitera ubugumba. Kunywa inzoga, ibiyobyabwenge no kwiyahuza itabi ry'ubwoko butandukanye bikurura urugomo, ubujura n'ubundi bugizi bwa nabi. Abantu bicana akenshi basinze. Muhanuka yafashe ku ngufu wa mukobwa Kamariza abitewe n'isindwe akomoye ku biyobyabwenge. Agiye kuzagwa mu munyururu, bamukatiye imyaka icumi. Bivugwa ko SIDA arwaye yayikururiwe no kwihata cyane ibiyobyabwenge bigatuma akora imibonano mpuzabitsina idakingiye!

**Shema:** Sha, ingaruka ni nyinshi. Inzoga z'ibyotsi, kanyanga, warage... zimunga ubukungu bw'Igihugu n'imiryango. None se iyo Igihugu gitunze abantu b'imburamukoro, si ikibazo k'ingutu? Si ibyo gusa, ese wabonye ibibazo biba ku miryango ya ba Nyiragitariro, Kanyota, Rubundakumazi n'abandi? Gukuramo inda, gukubita igihwereye, kubyara abana b'inzingo, kubyara abana bafite ibibazo bitandukanye, abafite ibibazo byo kugenda, abana batajyana n'abandi mumyigire yabo, inzererezi, n'ibindi.

Bakomeje kuganira, Shema atekereza ikiganiro yagiranye na Kanyana, atekereza ukuntu Kanyana yamubenga agumye ku biyobyabwenge maze afata umugambi wo kuva ku biyobyabwenge.

## Inyunguramagambo

**Sobanura amagambo cyangwa itsinda ry'amagambo akurikira:**

1) Kwatanya
2) Ibyimbo,
3) Nyamunsi
4) Kugosorera mu rucaca,
5) Inturire
6) Inkangaza.

**Imyitozo y'inyunguramagambo**

1. Simbuza amagambo cyangwa itsinda ry' amagambo atsindagiye ari mu nteruro zikurikira ayo mu mwandiko bihuje inyito.
   a) Urubyiruko rugomba **kureka burundu** ikitwa ikiyobyabwenge.
   b) Inzoga ni **mbi** zangiza ubuzima .
2. Ni ayahe magambo avuga urumogi ari mu mwandiko.
3. Koresha mu nteruro amagambo akurikira: ibyimbo, kwatanya, kwigondera umuntu /ikintu

## Soma umwandiko unasubize ibibazo bikurikira:

1. Rondora impamvu zitera urubyiruko kunywa inzoga, itabi n'ibindi biyobyabwenge?
2. Ni izihe ngamba zafatwa n'urubyiruko kugira ngo rwirinde ibiyobyabwenge cyangwa ngo rubireke?
3. Ese hari isano iri hagati yo kunywa ibiyobyabwenge no kwandura agakoko gatera SIDA cyangwa indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina?
4. Rondora ubwoko bw'inzoga, itabi n'biyobyabwenge biboneka aho utuye.
5. Ni izihe ngaruka ziterwa n'ubusinzi no kunywa ibiyobyabwenge ku muntu ku giti ke, ku rwego rw'umuryango no ku gihugu muri rusange?
6. Ni ki wabwira abanyeshuri bafata ibiyobyabwenge?

## Gusesengura umwandiko

## Subiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

1. Umaze gusoma umwandiko "Ingaruka z'ibiyobyabwenge ku buzima no ku mibereho y'abantu." Wavuga ko ibiyobyabwenge ari iki?
2. Ni izihe ngaruka z'ibiyobyabwenge ku muco nyarwanda?
3. Gereranya ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima bw'aho utuye? Aho utuye hari urubyiruko ubona rumeze nka Shema?
4. Ni zihe ngingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko?

## Umwitozo w'ubumenyi ngiro: Kungurana ibitekerezo

Ibyinshi mu biyobyabwenge ni ibinyobwa biba bitujuje ubuziranenge. Hakorwa iki kugira ngo ubinywa asobanukirwe ibijyanye n'ubuziranenge?

## 9.2. Inshoberamahanga

Ukurikije imiterere yayo uvuge aho amagambo atsindagiye ari mu nteruro ziri ibumoso atandukaniye n'interuro ziri iburyo? Amagambo ari mu nteruro ziri ibumoso ni bwoko ki? Interuro ziri iburyo ni bwoko ki? kora ubushakashatsi bwimbitse ugaragaze inshoza, inshoberamahanga kandi utange n'izindi ngero zinyuranyez'inshoberamahanga.

| | |
|---|---|
| • Igihe tumaranye **ntiwagosoreye mu rucaca.** | • Kuvugisha ukuri ntibyica umutumirano. |
| • Inama zawe n'iza Kanyana **sinazitera utwatsi.** | • Ingeso idacika icika yishe nyirayo. |
| • Ngiye **kwinyara mu isunzu nkore iyo bwabaga** ndeke ibiyobyabwenge bidasubirwaho. | • Icyo umutima ushaka amata aguranwa itabi. |
| • Singiye **kubura byose nk'ingata imennye, ngasigara nimyiza imoso.** | • Ni byo koko ubwenge buza ubujiji buhise. |
| • Ibiyobyabwenge bidukururira amakuba **tugasigara turirira mu myotsi.** | |

### 1. Inshoza y'inshoberamahanga

Nk'uko ijambo inshoberamahanga ubwaryo rivuze, inshoberamahanga ni imvugo dukoresha umuntu utari umwenerurimi ntabashe kuzumva. Umunyamahanga abasha kumva n'izo mvugo ari uko abanje gusobanurirwa icyo zishatse kuvuga, nkomoko yazo. Inshoberamahanga ni imvugo umuntu yumva ntahite asobanukirwa.

### 2. Inshoberamahanga n'imigani migufi

Nk'uko twabibonye mu mwaka wa kane, umugani mugufi cyangwa umugenurano ni interuro ngufi ivuga ibintu ku buryo bujimije. Ni imvugo ngufi ariko isobanura byinshi. Uyibwiwe ayumva ahereye ku cyo uwuciye arenguriyeho, yaba adasanzwe awuzi cyangwa atumvise icyo kintu akawuyoberwa.

Kubera ko igisobanuro cy'umugani mugufi n'igisobanuro k'inshoberamahanga bidahita byumvikana, abantu benshi bakunze kubyitiranya ariko biratandukanye.

### Ese inshoberamahanga zitandukaniye he n'imigani migufi?

Dukoresheje imbonerahamwe ikurikira, dore uko bitandukanye:

| Inshoberamahanga | Umugani mugufi |
|---|---|
| Inshoberamahanga ni imvugo igizwe n'inshinga n'andi magambo ku buryo iyo uyitondaguye iba interuro y'inyabumwe.<br>Amagambo agize inshoberamahanga ntatandukana. Iyo atandukanye ata igisobanuro k'iyo nshoberamahanga.<br>***Ingero***<br>– Kwinyara mu isunzu. (Yinyaye mu isunzu.)<br>– Kwiyuha akuya. (Yiyushye akuya.)<br>Inshoberamahanga ni imvugo ijimije yumvwa n'abenerururimi.<br>Inshoberamahanga ni imvugo, si ingeri y'ubuvanganzo nyarwanda. | Umugani mugufi akenshi uba ari interuro igizwe n'inyangingo ebyiri, imwe ari ngaragirwa indi ari ngaragira.<br>***Ingero:***<br>– Ubwenge buza ubujiji buhise.<br>– Ubwenge buza: inyangingo ngaragirwa. Ubujiji buhise: inyangingo ngaragira y'igihe.<br>– Ingeso idacika icika yishe nyirayo.<br>Ingeso idacika: Inyangingo ngaragirwa. Yishe nyirayo: inyangingo ngaragira y'igihe.<br>Umugani mugufi ni ingeri y'ubuvanganzo yahimbwe n'abakurambere. |

## 3. Dore zimwe mu nshoberamahanga z'Ikinyarwanda:

| | |
|---|---|
| Guca mu rihumye | Guca imihini migufi |
| Guca igihugu umugongo | Guca imitwe |
| Guca igikuba | Guca inkeramucyamo |
| Guca iryera | Kutagira uwo acira akari urutega |
| Guca umugara | Imana ikinga ukuboko |
| Gucika intege | Gukora iyo bwabaga |
| Gukoma yombi | Gukubita impyisi inkoni |
| Gukura ubwatsi | Kugenda nka nyomberi |
| Kuba ibyatsi | Kotsa umuntu igitutu |
| Kwandika umunani | Gucika nk'indekezi |
| Gushakaho akamunani | Gukizwa n'amaguru |
| Guta inyuma ya huye | Kwiruka amasigamana |
| Gutererayo utwatsi | Kuzingira akarizo ku mugongo |
| Kuvunagurira ibiti mu matwi | Kubangira amaguru ingata |
| Kutareba umuntu n'irihumye | Kurambika inda ku muyaga |
| Gushyira agati mu ryinyo/ Gutera | Kibuno mpa amaguru |
| Kwikinga inkoni mu maso | Gutura ahaga |
| Kwigira uw'ejo | Kuririra mu myotsi |
| Kwiraza i Nyanza | Kuba hagati nk'ururimi |
| Kwigira nyoni nyinshi | Kuba hagati y'umupfu n'umupfumu |

| | |
|---|---|
| Gushishwa nabi | Kubura shinge na rugero |
| Gukanga rutenderi | Kubura epfo na ruguru |
| Guta muri yombi | Gukenyeza rushorera |
| Gutwara intambike | Gusigara iheruheru |
| Kwiraba ivu | Gutaha amara masa |
| Kugwa mu kantu | Kwimyiza imoso |
| Kuruca ukarumira | Kubyina ku mubyimba |
| Kugira akaboko karekare | Kuba mu mazi abira |
| Gukubita inkoni izamba/ Guca | Kwirya ukimara |
| Guhaguruka n'imizi n'imiganda | Kwisiga ukisanga |
| Gukubita ingoma umurishyo | Gusera imbere |
| Kuvugira ku mutsi w'iryinyo | Gushya ingohe |
| Mu gicuku cya mvahe-na-njyahe | Gucana intoki |
| Gusya atanzitse | Kuvomesha mu rutete |
| Kugerekaho urusyo | Gutega zivamo |
| Kogeraho uburimiro | Kugosorera mu rucaca |
| | Gucurangira abahetsi |
| | Guhembera uwazimye |
| | Kwinyara mu isunzu |

**Umwitozo w'ubumenyi ngiro**

Ongera usome umwandiko "Ingaruka z'ibiyobyabwenge ku buzima no ku mibereho y'abantu" nurangiza uwuhine. Ukore uko ushoboye inshamake urakora ibemo byibura inshoberamahanga icumi zikoreshejwe ku buryo bwumvisha icyo zisobanura.

## 9.3. Iyiganteruro: Gusesengura interuro yoroshye hakoreshejwe uburyo bw'igiti

Garagaza ibice bigize iyi nteruro nurangiza uvuge umumaro w'amagambo ayigize n'ubwoko bwayo. Kora ubushakashatsi ugaragaze uko wasesengura interuro yoroheje ukoreshe uburyo bw'igiti.

**Interuro:**

Ibiyobyabwenge byonona ubuzima bwacu.

### Inshoza y'interuro yoroheje

Interuro yoroheje bita iy'inyabumwe ni interuro ifite inshinga imwe itondaguye yumvikanisha ubutumwa bumwe, budasobekeranye.

## Inshoza y'isesengura nteruro

Mu gusesengura interuro hari inzira nyinshi zishobora gukoreshwa ariko iz'ingenzi ni izi zikurikira:

### 1. Imisesengurire isanzwe

Ni imisesengurire igaragaza ibice bitatu bigize interuro: Ruhamwa, inshinga n'icyuzuzo.

***Urugero:*** Abanyeshuri bakunda kwiga.

**Ruhamwa:** abanyeshuri **Inshinga:** bakunda **Icyuzuzo:** kwiga

### 2. Imisesengurire ya ruhamwa n'imvugaruhamwa

Iyi misesengurire ica mu nteruro ibice bibiri by'ingenzi ari byo:

## Itsinda rya ruhamwa cyangwa itsinda ry'izina

Rigizwe na ruhamwa n'imfutuzi zayo zose. Iryo tsinda ry'interuro ryerekana ukora igikorwa cyangwa uwo igikorwa gikorerwaho. Ni Ruhamwa y'inshinga. Hashobora rero kubaho ruhamwa igizwe n'amagambo arenze rimwe, icyo gihe ni bwo bavuga ko ari itsinda rya ruhamwa.

## Ruhamya cyangwa itsinda ry'inshinga

Ni cyo bamwe bita imvugaruhamwa, kikaba ari igice k'interuro kigizwe n'inshinga n'ibyuzuzo byayo. Ruhamya itangirira ku nshinga mu nteruro kuko ari bwo baba batangiye guhamya ruhamwa uko ateye, icyo akora. Kubera ko icyo gice kigengwa n'inshinga kitwa **itsinda ry'inshinga** mu gihe itari yonyine.

***Urugero:***

Rwa rubyiruko rwaretse gufata ibiyobyabwenge.

**Itsinda rya ruhamwa (TS.RH) :** Rwa rubyiruko

**Itsinda ry'inshinga (TS.SH) :** rwaretse gufata ibiyobyabwenge.

### 3. Uburyo bw'igiti


Interuro iba yubatse nk'uko igiti kimeze. Interuro igira íbice bibiri by'ingenzi Ruhamwa (Rh) na ruhamya yitwa kandi itsinda ry'inshinga (Ts-Sh). Muri ibyo bice bibiri kimwe gishobora kugabwamo amashami kigasesengurwamo utundi duce. Ni ukuvuga ko iyo ruhamwa igizwe n'amagambo arenze rimwe yitwa itsinda rya ruhamwa (Ts.Rh). Ruhamya na yo igira amashami abiri; inshinga (Sh) n'icyuzuzo (Uz), iyo icyuzuzo kigizwe n'amagambo arenze rimwe gikora itsinda ry'icyuzuzo (TsUz). Nyuma yo kugaragaza amatsinda ari muri ruhamwa cyangwa ari muri ruhamya , hakurikiraho ishami rigaragaza amoko y'amagambo agize buri tsinda. Ubwo buryo busesengura interuro bukoresheje amoko y'amagambo mu buryo buhinnye. Dore ihinamagambo rishobora gukoreshwa:

## Ibisobanuro by'impine zikoreshwa


| Impine | Ibisobanuro |
|---|---|
| Rh | Ruhamwa |
| Fuz | Imfutuzi y'icyuzuzo |
| Sh | Inshinga |
| Zn | Izina |
| Uz | Icyuzuzo |
| Kzn | Ikinyazina |
| Ts Sh | Itsinda ry'inshinga |
| Ts Rh | Itsinda rya Ruhamwa |
| Nter | Ntera |
| Ts Uz | Itsinda ry'icyuzuzo |
| Ikiny | Ikinyanshinga |
| FRh | imfutuzi ya Ruhamwa |
| T | Interuro |
| Grk | Umugereka |
| F | Imfutuzi |
| $SH_K$ | Inshinga nkuru |
| $SH_F$ | Inshinga mfasha |
| Imp | Impuza |

## Ingero z'isesengura ry'interuro zoroshye hakoreshejwe igiti

1. Abagabo banini bakunda imikino




2. Umwana yariye ibiryo



## Imyitozo

Garagaza imimaro y'amagambo muri iyi nteruro ukoresheje uburyo bw'igiti.

Abantu benshi basenga Imana.

## Inshamake

**Nsigaranye ko:**

- Ngomba kwirinda ibiyobyabwenge kuko byangiza ubuzima, bigahungabanya umutekano w'umuryango ndetse n'uw'Igihugu muri rusange.
- Inshoberamahanga itandukanye n'umugani mugufi kuko inshoberamahanga ari inshinga iri kumwe n'andi magambo bifatanye ku buryo bw'inyumane, ku buryo bidatandukanywa, naho umugani mugufi akaba ari interuro iteye nk'interuro y'urusobe kuko uba ufite inshinga ebyiri bityo ukaba ugira ibice bibiri.
- Interuro yoroheje bita iy'inyabumwe ni interuro ifite inshinga imwe itondaguye yumvikanisha ubutumwa bumwe, budasobekeranye.
- Interuro ishobora gusesengurwa ku buryo bw'igiti, ibice byayo bikagaragazwa nk'uko amashami y'igiti agenda ashamika.

## Isuzuma rusange risoza umutwe wa kenda

### Ingaruka z'ibiyobyabwenge

Abanyarwanda barateranaga bagasangira akabisi n'agahiye. Babaga barejeje imyaka ihagije baragitse imizinga ubuki ari bwose. Igihe cyo guhinga abana, abakazana n'abuzukuru bagimbutse bateranira ku mubyeyi bakamuhingira mbere y'uko batangira guhinga mu mirima yabo bwite. Ubwo bwari bumwe mu buryo bwo kubaha abakuru no guhesha umugisha wa kibyeyi imbuto na bo bazahinga ngo ikunde ibarumbukire. Iyo rero habaga icyo gikorwa, umusaza yakwengeraga inturire, inkangaza cyangwa umutsama maze akaza kubihaho uruhembo abaje kumuhingira. Abato barimo bakaba batemerewe gusoma kuri ibyo bisindisha ngo batava aho baragira ibisiga cyangwa bagakora ibidakorwa. Mu rwego rwo kubaha indangagaciro, abato bubahaga abakuru ugize irari ryo kumva ibyo abakuru banywa bakamufatira umuheha agasomaho gake.

Nubwo itabi ryari rifite agaciro cyane mu muco nyarwanda baryakirizaga abashyitsi, abaje mu birori bakaribahaho ikimenyetso bereka abo basize mu rugo cy'uko batagarukiye mu nzira. Nta muntu watinyukaga kunywa itabi atabiherewe uburenganzira n'ababyeyi be cyangwa abakuru mu muryango. Gufatira umuheha umwana muto cyangwa gutanga uburenganzira bwo kunywa itabi byakorwaga mu rwego rwo kurinda abato kunywa ibintu byabatera guta ubwenge bakaba bakora ibikorwa bisubiza inyuma uburere bakaba babaca mu myanya y'intoki bakaba ibirumbo. Ngo igiti kigororwa kikiri gito.

Ababyeyi bitaga ku burere bw'abana bakababa hafi. Babatoza kuba imfura, kutamena ibanga no kubahiriza amasezerano ntibagire uwo bazirika ku katsi, bakavugisha ukuri ntihagire uruca ngo arumire bamubajije kuvuga ku byo azi ndetse no kuba intwari ku rugamba. Ni mu gihe kandi kuko bavuga ngo wanga kumenera Igihugu amaraso, imbwa zikayanywera ubusa.

Uko ibihe biha ibindi, ni ko ubu burere bwagiye bukendera. Abantu basigaye barangwa no kwikunda, kubaha abakuru byaradohotse. Umwana aba umusore akaba yakwigira mu bye, se cyangwa sekuru ntamuteho igihe. Utubari n'ifaranga byaraje maze urukundo ruba ruke. Ubwo ababyeyi babuzaga abakiri bato kwishora mu bisindisha, abacuruzi bishakira inyungu itubutse baha uwo ari wese ushaka inzoga batarebye ingano ye. Uwo inzoga zitaye muri yombi abacuruza inzoga bamuduha izindi agataha yandika umunani, ik'ingenzi kikaba kwishyura izo yanyoye. Uwanyoye akagera aho rero ataha agwa akaba yakomereka, yavunika, se cyangwa agateza impanuka iyo atwaye nk'imodoka cyangwa ibindi binyabiziga akaba yakomereka, yapfa cyangwa se akaba yakwangiza ibintu n'abagenzi bandi barimo. Iyo umuntu amaze gusabwa n'inzoga ntaba akibonye umwanya wo gutoza umuco abo abyaye. Irari ry'inzoga rimukura ku muco wo kuzigama ifaranga ryagatunze urugo rigatubura umufuka w'umucuruzi w'inzoga.

Wavuga uti: "Inzoga si ikiyobyabwenge; inzoga ni igisindisha." Reka tubyemere dutyo. None se ko muri iki gihe hari inzoga z'inkorano nka zimwe bita "muriture", "mukubitumwice" "baretereta", "tunuri", "suruduwiri" n'izindi si zo zimaze abantu! Bamwe mu bagore bazinywa si bo usanga barataye umuco ntibagire isoni zo gukururana n'insoresore na zo zirangwa n'ingeso mbi? Abagabo se baziyobotse si bo wumva batakiyubaha isindwe rikabashora mu gufata abagore n'abakobwa ku ngufu? Usibye n'ubu bushurashuzi bukomoka ku kunywa ibiyobyabwenge, umugore cyangwa umugabo wadanangiwe n'ibi biyoga by'ibikorano cyangwa za kanyanga izo, iyo ageze iwe aba ari gica ntatange urugero rwiza mu rugo rwe. Abana be bagakura batagira kirera, bakandura imico mibi babonana uwo mubyeyi wabo. Ngo uwiba ahetse, aba yigisha uwo mu mugongo. Birazwi ko abana bakura bigana uko ababyeyi babo bitwaye, aka wa mugani ugira uti: "Umwambari w'umwana agenda nka se." Urugo rwagezemo ibiyobyabwenge rugwiza ibirara bitubaha abakuru kuko ruba rwabuze gihana ngo abaruvukamo batozwe ubunyangamugayo.

Mu rubyiruko ho iyo hageze ibiyobyabwenge umuco urahazaharira. Dufashe urugero rwo kubaha abakuru no gukunda umurimo, umusore wanyoye urumogi cyangwa kanyanga, apfa mu bwenge ukaba utamugira inama ngo akumve, yemwe anacika intege ntabashe gukoresha ingufu ze. Ubwitonzi cyangwa ubupfasoni bugasimburwa n'urugomo cyangwa kwiyandarika. Umukobwa cyangwa umuhungu watwawe n'ibiyobyabwenge ahinduka ikiraramisagara cyangwa icyomanzi kirara iyo mu mihora.

Abenshi mu bafata ibiyobyabwenge, n'iyo biga, usanga ari ba bandi basuzugura amategeko y'ishuri bagatoroka inshuro nyinshi, bikaba byabaviramo no kwirukanwa kubera kugaragaza uburere buke.

Ibiyobyabwenge aho biva bikagera bitokoza ubwonko bw'ababinywa baba abato baba abakuze maze bakarangwa n'ibikorwa bisubiza inyuma umuco mwiza. Uwasinze ku manywa ahinduka urw'amenyo ku bamubona naho uwatumuye kuri ibyo bitabi agahinduka intumva yubahuka abamuruta cyangwa yishora mu bikorwa by'urukozasoni. Twese duharanire kurwanya ibiyobyabwenge no kumenyekanisha ababicuruza kuko bidindiza iterambere ry'Igihugu bikanatesha abantu umuco twarazwe n'abakurambere.

## I. Ibibazo by'inyunguramagambo

**1. Sobanura aya magambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko**

| | |
|---|---|
| Inturire | Inkangaza |
| Umutsama | Baragira Ibisiga |
| Babaca mu myanya y'intoki | Yandika umunani |
| Muriture | Ubupfasoni |
| Ikiraramisagara | Icyomanzi |
| Imihora | Guhinduka urw'amenyo |

**2. Muri izi nteruro simbuza amagambo aciyeho akarongo andi yakoreshejwe mu mwandiko:**

a) Uwo inzoga **zasindishije** abacuruza inzoga **bamwongera** izindi agataha **adandabirana.**

b) Iyo umuntu amaze **kuzahazwa** n'inzoga ntaba akibonye umwanya wo gutoza **imigenzereze myiza** abo abyaye.

c) Abakurambere bacu basangiraga **byose.**

**3. Koresha mu nteruro aya magambo itsinda ry'amagambo akurikira ku buryo interuro zawe zigaragaza ko wumva neza ibisobanuro byayo**

a) Umutsama

b) Icyomanzi

c) Kuragira ibisiga

## II. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Ni iki abakurambere bakoraga ngo barinde abato ibyabayobya ubwenge?
2. Ni uruhe ruhembo abakambwe bageneraga abaje kubahingira?
3. Umuco wari mwiza ubu utakigaragara wavuzwe mu wandiko ni uwuhe? Waba waraciwe n'iki?

4. Shyira mu matsinda ingaruka zikomoka ku gukoresha ibiyobyabwenge ugendeye ku byiciro by'abantu bavuzwe mu mwandiko
   **a) Abanyeshuri**
   **b) Abashakanye**
   **c) Abana**
   **d) Urubyiruko**
5. Ni ubuhe bwoko bw'ibiyobyabwenge buvugwa mu mwandiko?
6. Vuga ingaruka z'ibiyobyabwenge ku buzima no ku mibereho y'abantu zigaragara mu mwandiko.

## III. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

1. Ni iyihe nama tugirwa n'uyu mwandiko?
2. Kugira ngo tuyubahirize ku bwawe urumva twabigenza dute?

## IV. Ikibazo ku inshoberamahanga

Koresha inshoberamahanga zikurikira mu nteruro zumvikanisha ibisobanuro byazo: Kugwa agacuho, Guca ruhinganyuma, kujya kwangara.

## V. Iyiganteruro

**Sesengura interuro zikurikira ukoresheje uburyo bw'igiti**

a) Data arubaka inzu.
b) Gasana arabyina neza.

## VI. Ikibazo gisuzuma ku ihinamwandiko

Hina umwandiko wahawe uvuga ku bubi n'ingaruka z'ibiyobyabwenge ugerageza gukoreshamo zimwe mu nshoberamahanga uzi.

## Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe


1. BIGIRUMWAMI, A, 2004; *Imigani migufi, Ibisakuzo, Inshamarenga,* Diocèse de Nyundo,icapwa rya kabiri.
2. BIGIRUMWAMI, A., 2004 ; *Imihango, Imigenzo n'imiziririzo mu Rwanda,* Diocèse de Nyundo, Icapwa rya kane.
3. BIGIRUMWAMI, A.,1967, *Imigani migufi, inshamarenga,ibisakuzo, Nyundo.*
4. BIGIRUMWAMI, A.,1985, *Ibitekerezo, ibyivugo, kuvuga inka, inanga, indirimbo*
5. BIGIRUMWAMI,A. 1989, *Imigani-Tima-Ngiro y'u Rwanda*.UNR, Butare.
6. BIZIMANA S, KAYUMBA C., 2011, *Inkoranya y'Ikinyarwanda mu Kinyarwanda*, IRST, 2ème Edition
7. BIZIMANA Simon et alii, 1998, *Imiteêrere y'îkinyarwaanda, igitabo I, Amajwî, amagaambo n'întêruro*, Butare, IRST.
8. BIZIMANA, S, 2002, *Imiteêrere y'Îkinyarwaanda II,* IRST, Butare.
9. BIZIMANA, S. n'abandi bashakashatsi ; 1998 ; *Imiterere y'IkinyarwandaI, Amajwi, Amagambo n'interuro,* Butare IRST.
10. BIZIMANA, S., RWABUKUMBA, G., 2011, *Inkoranya y'Ikinyarwanda mu Kinyarwanda*, IRST, 1ère Edition
11. Coupez, A. KAMANZI, 1970, *Littérature de cour au Rwanda,* Oxford.
12. Crepeau P. et BIZIMANA, S., 1979, *Proverbes du Rwanda,* Butare, INRS, Publication n°19.
13. Dion, Gilles-Marius, 1971, *Devinettes du Rwanda-Ibisakuzo*, Butare, Edit. Universitaire du Rwanda, coll. "Muntu."
14. Dubois, J., et alli, 1973, *Dictionnaire de Linguistique*, Paris
15. FOUNTAIN PUBLISHERS, 2011, *Ikinyarwanda, Igitabo cy'umunyeshuri, Umwaka wa 4*, Fountain Publishers, Kigali
16. FOUNTAIN PUBLISHERS, 2011, *Ikinyarwanda, Igitabo cy'umwarimu, Umwaka wa 4*, Fountain Publishers, Kigali
17. Genette, G., 1987, *Figure II*, Seuil, Paris
18. IGIRANEZA, T., 1991, *Ikibonezamvugo k'Ikinyarwanda, Iyigamajwi n'Iyigamvugo, Igitabo cy'umunyeshuri umwaka wa 2 n'uwa 3*, BPS, Kigali
19. IGIRANEZA, T., 1990, *Isomo ry'ikibonezamvugo: iyigantego, inshoza y'inshinga nyarwanda, Kigali.*
20. IGIRANEZA, T., 1990 ; *Ikinyarwanda, Ikibonezamvugo, iyigantego ; Inshoza y'inshinga nyarwanda. Kigali,* MINEDUC.
21. IKIGO CY'UBUSHAKASHATSI MU BY'UBUHANGA N'IKORANABUHANGA(IRST), 1998, *Imiterere y'Ikinyarwanda, Igitabo I*, 1998, Pallotti-Presse, Kigali.
22. Ingoro y'Umurage w'u Rwanda, 2005; *Ibirari by'insigamigani, icapisho rya gatatu,* Printer Set.

23. IRST, 2000, *Inkoranya y'Ikinyarwanda mu Kinyarwanda, Igitabo cya I-IV,* Butare IRST.
24. KAGAME, A., 1943/1946, I*nganji Karinga*, Kabgayi, 2V
25. KAGAME, A., 1949, *Indyoheshabirayi, Kabgayi*, Editions Royales.
26. KAGAME, A., 1988, *Amazina y'inka*, Kigali, Régie de l'imprimerie Scolaire
27. KAGAME, A., 1989, *Ibyivugo*, polycopier.
28. KAYUMBA, C., 2005, *La poésie héroïque rwandaise:* ibyîivugo, Butare, I. R. S. T.
29. MBONIMANA, G., 1985, *"La métrique dans la poésie pastorale au Rwanda, analogie entre le rythme poétique et le rythme musical,"in Le kinyarwanda, études de morpho-syntaxe,* Paris, Bibliothèque de l'information grammaticale pp. 151-165.
30. Mgr BIGIRUMWAMI, A., 2004, *Imihango n'imigenzo n'imiziririzo mu Rwanda,* Diocèse de Nyundo, quatrième édition.
31. MIJESPOC, 1988 *Ibirari by'insigamigani,* Igitabo cya mbere, Icapiro rya gatatu.
32. MINEDUC, 2015, *Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda mu kiciro cya kabiri*, Kigali, ….
33. Minisiteri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye, 1982, *Amuga y'inyigisho y'Ikinyarwanda mu mashuri yisumbuye,* Kigali.
34. Minisiteri y'amashuri Abanza n'Ayisumbuye, 1982, *Inyandikomvugo y'ihugurwa ry'abarimu b'Ikinyarwanda*, Kigali.
35. Minisiteri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye, 1988, *Ikinyarwanda, gusoma no gusesengura imyandikoV.A, igitabo cy'umunyeshuri,umwaka wa gatanu w'amashuri yisumbuye, Kigali.*
36. MINISITERI Y'AMASHURI ABANZA N'AYISUMBUYE, 1990, *Ikinyarwanda. Ikibonezamvugo: Iyigantego.Inshoza y'inshinga nyarwanda. Isomo ryatguwe na Igiraneza Tewodomiri*, BPES, Kigali.
37. Minisiteri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye, 1992, *Ikinyarwanda: Ihugurwa ry'abarimu bo mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza,* Kigali.
38. Minisiteri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye, 1994, *Ikinyarwanda: ihugurwa ry'abarimu b'amashuri abanza,* Kigali.
39. MINISITERI Y'UBUREZI, 1996, *Integanyanyigisho z'Ikinyarwanda mu kiciro cya kabiri cy'amashuri yisumbuye, NCDC*, Kigali
40. Minisiteri y'Uburezi, 2002, *Urwunge rw'imfashanyigisho zigenewe guhugura abarimu b'amashuri abanza. Ikibonezamvugo, umwandiko, ubuvanganzo nyarwanda, ururimi n'ubwumvane n'imbonezamasomo y'Ikinyarwanda, Kigali, ADRA-Rwanda(AREP).*
41. MINISITERI Y'UBUREZI, 2008, *Ikinyarwanda: Imyandiko mfashanyigisho. Igitabo cy'umunyeshuri, Umwaka wa mbere*, NCDC, Kigali.

42. Minisiteri ya Siporo n'Umuco, *Amabwiriza ya minisitiri n° 001/2014 yo ku wa 08/10/2014 agenga imyandikire y'Ikinyarwanda,* kigali
43. MUTAKE, T., 1991, *Ikinyarwanda, ikibonezamvugo, imbonerahamwe y'itondaguranshinga risanzwe*, Kigali, IMPRISCO.
44. MUTAKE, T.,1987, Ihugura ry'abarimu b'Ikinyarwanda mu mashuri yisumbuye, ikiciro cya mbere(1987-1988); *Ikibonezamvugo: itondaguranshinga risanzwe,* Kigali.
45. NCDC, 2008, Ikinyarwanda 6, *Imyandiko mfashanyigisho, Igitabo cy'umunyeshuri,* Kigali
46. RUGAMBA, C., 1979, *Umusogongero,* Butare, I. N. R.S
47. RWAMAMARA M., 1987, *Gusoma no gusesengura imyandiko, umwaka wa gatanu V.A.: Ihugura ry'abarimu b'Ikinyarwanda mu mashuri yisumbuye(1987-1988)*, Kigali.
48. UZABAKIRIHO, S., 2007, *Ingeri z'ubuvanganzo nyarwanda*, Butare, UNR.

## Imbuga nkoranyambaga

*www.rema.gov.rw/gov/kinyapdf:* ku wa 20/7/2015.
*www.migeprof.gov.rw/IMG/pdf/kuringaniza-urubyaro-kugira-isuku-n'imirire-iboneye-2.pdf: ku wa 24/7/2015.*

*http://reb.rw/fileadmin/competence_based_curriculum/syllabi/Upper_Secondary/Ikinyarwanda_mu_mashami_y_indimi.pdf* :ku wa 20/7-30/8/2015.

## Imyandiko y'inyongera

### Urwenya na byendagusetsa

1. Habayeho umugabo akagira umugore ukunda inyama bitavugwa. Nuko babonye umushyitsi umugabo abwira umugore ati: "Tubonye umushyitsi ubage ya nkoko tugiye kuba dutembera tuze gusanga imaze gushya." Wa mugore arayifata arayibaga arangije arayiteka. Uko akaranga ahindura akuramo akaguru agatamira, akuramo inkoro agatamira, aza kwibuka ko umugabo n'umushyitsi nibaza basanga yayimaze mu nkono. Atangira kwiga amayeri y'uko aza kwikura mu kibazo. Reka umugabo rero n'umushyitsi baze, umugabo yihererane umugore amubaze ati: "Ese byatunganye?" Umugore abe aramusubije ati: "Uko ubizi, ubusanzwe nzi kubaga inkoko koko? Ko nagutegereje ngo uyibage nkakubura!" Umugabo ati: "Jya kunzanira icyuma nange mbe nkuramo ikote nze nyibage." Umugore icyuma arakizana akinyuza aho umushyitsi yari yicaye agishyikiriza umugabo we mu cyumba maze ahita agaruka ku mushyitsi nk'aho aje kumuganiriza. Aramubwira ati: "Uzi n'ibindi?" Buriya umugabo wange yarasaze, kiriya cyuma arashaka kukigutera." Umushyitsi abyumvise ubwoba buramutaha afunyamo ariruka. Umugore aba asubiye ku mugabo yihuta ati: "Nawe rero ngo ufite za bashyitsi! Ya nkoko arayirukankanye! Umugabo ahita na we asohoka kureba wa mushyitsi! Nyamugabo amwiruka inyuma amubwira ngo namugarurire inkoko. Umushyitsi yakebuka inyuma yabona ari we ati: "Ndapfuye!" Akarushaho kwiruka aramusiga. Nuko nyiri urugo agaruka yimyiza imoso araza abwira umugore ati: "Mureke ajyane tuzagura indi." Umushyitsi na we aho ari ati: "Ndarusimbutse nkijijwe n'uriya mugore."
2. Umugabo Bavumbampeke yagiye ku kazi yasinze, noneho umukoresha we Gashyampeke ararakara cyane ati: "Koko nta soni ufite zo kuza ku kazi wasinze?" Undi ati: "Rwose urandenganya ibi byose ni muganga wabiteye!" Umukoresha we ati: "Yayayaya, none se muganga ni we wakwinitse mu nzoga?" Undi ati: "Rwose ejo nagiye kwa muganga mbabara mu nda, noneho anyandikira umuti ngomba kugura. Ariko uzi ukuntu nawe bandika. Icyo nabashije gusoma ku rupapuro rero ni ahanditse amacupa abiri n'ahandi handitse gatatu ku munsi. Urumva nawe ibyakurikiyeho!"
3. Umuntu wari ufite umunzani yahuye n'uwikoreye ibishyimbo bombi bagana isoko maze nyiri ibishyimbo abwira nyiri umunzani ati: "Ntiza uwo munzani nipimire uturo nshoye." Nyiri umunzani aramusubiza ati: "Umunzani wange utawica, urarwaye." Nyiri ibishyimbo ati: "Ko wumva urwaye ndaba nywica nte se? "Ati: "Humura nta cyo utu dushyimbo tuwutwara ni tubiri. "Undi na we aramusubiza ati: "Ubundi se urapima iki ko uzi ko ari tubiri!"
4. Umugabo ukuze yumvise abategarugori babiri bavugana umwe avuye i Kongo n'undi ajyayo noneho ujya Kongo abaza uvayo ati: "Iriya ivunja rigeze kuri angahe?" Undi aramusubiza ati: "Ni magana atanu na mirongo inani n'umunani."

Wa mugabo arita mu gutwi ageze iwe ati: “Gusirimuka na byo nta kigenda bana ba! Murware amavunja kandi uwo ivunja rizajya rigeraho age aritereka turigurishe ryakuze!”

5. Umugabo Nkunzabagabo yanyuze haruguru yo kwa Mayuya yumva abantu baraganira mu nzu baseka cyane. Yari avuye ku rugendo inyota imumereye nabi. N’ubwo atari munywanyi wa Mayuya aribwira ati: “Reka mpanyure mbavumbe!” Nuko Nkunzabagabo yinjira mu rugo buhoro ageze mu muryango w’inzu ariyasira ati: “Mwiriwe yemwe kwa Mayuya?” Mayuya amwumvise ashikuza igicuma umugabo wari ugifite agishyira mu kwaha mu gikoti kirekire yari yambaye. Nuko arahaguruka ati: “Nta kwiririwa nta kwiririwa nta cyo turya! Inyota yatumaze none turiganirira gusa!” Ubwo Nkunzabagabo aba yabagezemo areba iminwa yabo ibobereye ntiyabashira amakenga ati: “N’ubundi ni uko tutari duherukanye nari ngukumbuye cyane reka naguhobere dushirane urukumbuzi.” Abivuga asingira Mayuya ngo amuhobere (kuko yari yabonye ko ari we ufite igicuma mu ikoti) Mayuya yitaza yiyamira ati: “Sigaho! Sigaho! Reka reka!!! Utamenera ikoti wa mugabowe!”

## Baryohewe ubudasigaza

Baryohewe ubudasigaza
Abahungu bo ku Musanganyamvura wa Buhimba,
Barusha abantu guhemuka!
Mu ijoro rishyira inkoko
Bikanzemo ikimena cy’abaguye impishyi,
Rubanda irahurura!
Bibondo ati: “Nimuhumure turi twese,
Nta wutambaye urushundura,
Twabyize kare bizadutunga!”
Ati: “Marara we ntiyavurwaga,
We wavuzaga izuru nk’imvubu,
Akabirukana abasongozi,
Hagasigara uwahishije inturire n’indera:
Izo akaziryama hagati!”
Sebihubi ati: “Igituma Rugira anyita Rugenzabondo,
Yasanze ndya agakono k’ibishyimbo,
Niyubikije ibihaza ku rutaro!
Ngira abahungu b’indura,
Mu irya bakaba indubizi!
Basanga ntaramara agakono k’ibishyimbo,
Bankura mu Banyarwanda!”
Bushaku bamucanye ku ka Nkima bamutambitse
Bamugeza i Gafumba

Umugore we Karira abyumvise
Ati: “Icyamungoborera irya none
Namuhaye imbehe imwe y’ibishyimbo
Akarya agahozagara akarorera gusomera!
Ndakanga Mirimo abaye ikirushya!”
Rwampembwe ati: “Urubanza inda yaciye
Na none ni rwo rw’uru,
Ntirugicibwa kabiri,
Nsomya umusa umwe nywuhagire,
Nge kunywa Umuhozi n’inkuku zawo!
Nasamura umushumba naryitumye,
Muzankure mu bantu!”
Bicundamabano ati: “Urwagwa n’inyamunyo,
Ibyo mwumva bahungu, bindyohera byombi!
Nabonye biva i Shyanda,
Binkumbuza ingaga!
Iyo bashyingura iyo ge mba mpazi,
Mu mirambi ya Kazi,
Aho narundutse ku busetura!”
Nyirimigano, ati: “Ikimasa icyo ga Rutebuka
Gisa n’ibindi nabonye
Biva iheru iyo ku Mukingo:
Haba indyo nziza!”
Rwigenza ati: “Geweho mu baryi,
Mba nanga Munana, narusha inzovu!”
Bamenya ati: “Nkora mu ntoki Rwigenza!
Sinteganya irobe; ndaryirahira,
Nkaryanzura vuba!”
Rudakemwa yanyoye inka umuhondo,
Atuma ku mushumba ati: “uritashye n’iyo nka!
Ubwo yaryoheje umuhondo,
Nigera mu busuga nzayikunyaga,
Nzi ko izaba iryoheje inyama!”
Rwanganirangoma ati: “Bahungu iriya ncura,
Iraryoha isa n’ibishyimbo: Igira ibinyita byiza!”
Kigeli na we bahize yegamanye inturire
Kurya ari umwami wahawe intavurungwa,
Ati: “Umunayu uyu ndawukunda bahungu!
Mwese uko muri aha muwumparire: Mbatoye ibiseke!”

## Inka ya Musoni

Rwiyamirira yuhira imbuga
Inkuba zihindura abanyabihogo
Rwa Mirindi ya Simugomwa
Imana yaremye inyamibwa y'Impeta
Ntibeho urugingo uyihinyura
Yamara kuyigira intayoberana
Ikayambikira ku mugaragaro
Ikayiha umuheha w'imbonerane
Ikarangurura ubwiza barora
Ndagiye inkumburwa idashyikirwa
Bahora biganya mu z'i Jari
Yanogeye rubanda ku mubiri
N'abatayigira baranyuzwe
Ntibakirwanira kuyihogoza
Mu kuyiharuza Imbonezamihigo
Umwami yayizaniye imbabazi
Akaba agishutse mu Irasaniro
Amaze kugwiza imyato y'ingabe
Ingoma zisuma agituruka i Nduga
Indamutsa ishoreye ikiriri k'inka
Impundu zivuga mu k'imana
Zivuga mu Rubumba rw'inyambo
Zivuga Masaka ya Mibirizi
Ziba igisagara ku Muremure
Zivuga mu Ruhango rw'ibwami
Zivuga i Nyarurama rwa Nyanza
Zivuga i Nyarubuye rwa Mwendo
Ziba urwoga ziza Urugarama
Barazumva ab'i Nyarugenge
Zishyira kera ntizasigaho
Barazumva mu Nyarufunzo
Izo ari izisanga umugaba mwiza
Ziranamiza kwa Rwogera
Zisanganira Shema ry'abagabo
Anyura mu Bwanacyambwe zivuga
Umwami wacu ageze mu Bwiza
Impundu zongera kuhavugira
Arambagira impinga ya Runyinya
Zivuga ku mutwe wa Janjagiro
Zivuga urwunge kuri Cyimbazi
Atashye i Mwurire w'Izogeye
Imana zeze batumira Impeta
Rutarindwa atinduka imuhira
Umwami ugaruje inkiko umuheto
Atota abungeri b'Akaganda
Ari we mpuruza itaha i Kavumu
Ngo amashyo yose ateranire aho
Isi yivugiza haje nyirazo
Zibyumvise ntizatuza
Muzi inkubiri zitwara
Zitanguranwa iminega y'imbibi
Zibuza umwungeri kugurura
Zirusha uwo izo mu gicu gutinduka
Izogeye zipfa aho zirwaniye

Basigaye begura inkike
Baziranda ku y'imbuzi
N'iy'imbibi zaseseyeho
N'isata na shebuja w'Impeta
Rutamiriye mu ihaguruka
Barwuranda umutwe w'inyamibwa
Zose ntukuraho ingohe.
N'amakombe afatanye n'ijuru
Urwamu ruvugira ku murindi
Inyambo baziraraza imiheha
Inteko y'abanyanka mbi irahaba
Imanzi zambika inka ya Mugani
Semibungo izitaha imbere
Zikabamo ihindira mu gicu
Zombi ni imvura izira urubura
Urubuga kandi irarwirahira
Kigeli yumva ibikuba byazo
Amenye ko ari iy'Inyakibungo
Ndinduhagwe ya Ruburamanywa
Abanza kwesa inkoni mu nzira
Ati: "Emwe Izogeye ubwo zitaha
Muge kundebera iya Rugina
Umwisi yagize intwari y'ingoga
Ni yo imenera urugamba rw'intore
Murore ko ari yo nkuba zigenza

Zitungutse umucyo uratamura
Bagumya kwaka zica imibungo
Bararirimba zinyura imbere ye
Impundu ziragumya zirasabira
Hataha Mutara inka ya Musoni

Igitunguka ni iya Terera
Iraba ryazo zitangaje
Inyange itangaza ku musozi
Ndebye Rwabugili aho atetse
Nsanga abami bateranye

Inyamibwa mbonye itagira intarizi
Sinayitindanira impakanizi
Izina ry'Inkumburwa ishengerana
Izibamo ari **Insezeranyamihigo.**
Yakebwe imanzi batijana

Inganzo y'umuhanga iyimeramo
Inkindi yera iyitonamo
Izina ry'Inkumburwa iraribanza
Imana irayihanagura iranoga
Amaribori arengura ibitugu

Inkesha izimenura mu ruhanga
Ingondo ziyinyura imbavu zombi
Ingingo izirusha inka zo kubutaka
Imfura ya Rwogera basa umubiri
Rwamanywa ntiyajorwa na hato

Iremera iba inyamibwa yonyine
Mu bihogo ntibasigana
Nange ugenda mu yandi mashyo
Ngaho nabona inka isa n'umwami
Ubyirutse azi gukomoza inkiko

Agaruka y'ishongora mu nka
Narababwiye ko avungurana
Atagira igihe yasibye na rimwe
Injunga ahorana abanguranye ingoga
Yayizimbishije amahanga

Umwana asigaye yegura inkoni
Aturuka Induga ya Rukambura
Atagira n'icumu ayigeretseho
Agaheza impinga ya kiburungu
Atarikanga icya mugarura

N'ubu unyuze mu kirari k'inkuba
Yasize yanitsemo imitumbi
N'ubu haracyacurana inkuba
Inkona zaharemye ikiraro
Ishyamba abatasi batinyaga

Ni ryo abakaraza baramvuramo
Muhanike urwamu rw'ingabo nziza
Haje Manzi isa na Rwogera
Nimurorere Mugabo w'ingabo
Asumba abandi mu muronko we

Nimuririmbe Impashyamahanga
Agarutse nk'ubwo ku k'i Bumpaka
Nimwongere inka z'ingororano
Agarutse kwivugira Karinga
Ni mushyire ibihumbi ku nama

Izindi ngabe zavuye Ngeri
Ziravuzwa n'ingoma y'uruyumbu
Nimuragire inka za Nyirigira
Zige zikura ishavu ku mutima
Urwuri ruhise inyuma y'Akanyaru

Zirimo Rudasiganywa imbago
Igiti yasanze yagiciyeho
Nimumusanganize imirishyo ye
Ashoreye ingunda itaraboneka
Nimugumye mutereze impundu

Yaje Rwibasirantambara
Muranategeke abimura amashyo
Yaje arangamiye ize inyambo
Nimuge mu nzovu z'i Murambi
Mwambike amariza y'umuhozi

Si ugukabya nzisanganye ubu
Kabona bose n'abanyabihogo
Uragiye wese arasesuye
Inyambo zisimbuye Indamutsa
Amaze kuzambika Rutarindwa

Nimutegure ingoro y'ijabiro
Nyirazo ateke yirebere
Umutwe w'izogeye ni wo ukiza
Nsize biranda ku y'imbizi
N'iy'Imbibi zaseseyeho

Ni isata na shebuja w'Impeta

N'Inyamibwa ihora ihabwa impundu
Uzirora ntazikuraho ingohe
Ya makamba afatanye n'ijuru
Muri mu kubona zitunguka
Aho zibaturaho inkubiri
Umwisi y'igire aha
Aturutse mu micukire ya zo
Murore urugori rw'iz'iruguru
Umwami ukubita inkiko nk'inkuba
Yakumbuye insezeraminyago.
Bayigira ngo
Mugabo wesa ingogo mu igugu
Wa Rugenerambuga rwa Ngoboka
Inkuba yabyawe n'inkaburano
Izira kubangira amarere
Igasa na Rwabugili n'inkesha
N'ingendo ashinguranye ingoga
N'ingingo Imana yamugoroye
N'ingombe z'umuronko w'imbibi
Na mpiri yaje ashoreye imfizi
N'impunga itikanga impuruza
N'amariza y'Impangazamihigo
N'umutware washinzwe inkiko
N'ishimwe ry'abanyarugerero
N'iraba n'ikanda ryera
N'amakuza atendeye ku nti
N'ingondo asesuyeho ingeyo
N'impundu zavanze n'ingoma
N'ibigwi asangiye na Ntayozisa
N'irembo ritaha inyamibwa
N'amakombe asanze i Buganza
N'amarere avanze n'ubukana
N'amagana akomoje Mwezi
N'iyindi ngabe y'iyungukiye
No kuba umwami bimwizihiye
Akazira kumva undi waryitwa
Agira ngo Igihugu cyitwa icy'umwe
Ikigeni yenze ingoma abikwiye
Iramugaragaje Imana irema inka
Uburyo abasumbya ijuru nk'ijuru
Ntiwahakana ko yaremwe n'enye
Zamuteraniye ku mubiri
Zamuraraniye umugambi
Aje no kuzuzurira na neza
Ntiyazigorera mu iremero
Izigisha kurema abami
I Rwanda twese twita Rugira
Ni yo yabanje gushyiraho iminwe
Iyindi Mana yaremye Indamutsa
Ibonye urwo rugero
Ntizatanya zinyuze inzira imwe
Iyindi Mana yaremye Inyamibwa
Imwambika imitako ku mubiri
Imaze kumwanamizaho urubera
Ibona ayibera Rutayoberana
Ihita mu bana b'Inyarubuga
Aba ari we iha umuturano w'ingabe
Aragumya yurirwa n'ishengero
N'ingoma yambitswe n'ubwema
Imuha umutagara w'inyamivugo
Impundu ziba inyange i Rwamiko
Imana zimugize Rwabugili
Atereka imfizi kwa Rwogera
Abarirwa ishyamba ko ririmo ishya
Umwami ntiyakerereza ingabo
Ingangurarugo azigenda imbere
Umwiru avugije Rukambura
Y'ibuka umurimo w'umwendeye
Akeza ingango yarayemo isa
Abamburwa n'umurishyo w'ibihubi
Yumva Ibihogo birangira
Umwami amaze kwerekwa inyambo
Impundu azigabana Gishari
Isake ntiyarushya ayumviriza
Akaba yaraje inkuge mu cyambu
Impundu ziba inyange i Buganza
Zirinda zishyira i Rwamagana
Ziba urwanaga i Buganza
Zivuga ku muringa wa Rubona
Zivuga ku murenge wa Gorora
Zivuga ku Murambi wa Gikoma
Zivuga mu ibuga rya Kivuba

Zivuga i Humure ry'iheru
Ziba urwanaga mu Rutagara
Barazumva abari ku kibenga

Zirahanika kwa Rutarindwa
Zivuga ku mutwe wa Remera
I Gatsibo barazimusanganiza
Umwami uberwa n'amaribori
Akaba yakumbuye urugerero

Bashimishe urukerereza
Arambagire ingabo agana Runyinya
Zaganije ni Rubambantare
Asanga azirimo Rwamurenzi
Ageretse inkoni itagwabira amashyo

Agaruye ingunda utarushya kubara
Ahinduye Ingaju ku muheto
Acaniye ziminuye i Mushongi
Ateranyije imitwe y'ibikumba
Arunduye ibiraro i Mubari

Asaguye amagana ku bihumbi
Arahira amabuga yejereje inka
Afukuye Gahurura yabaye iye
Nta wamusiganya umurambi
Aba yashotse agakuba amariba

Umwami utihunza mu mihigo
Ni bwo asanze amapfizi aroha
Izuba rizima akerekana inka
Amurika n'abakebesha inama
Baramenyera baba aho ategetse

Umwami wimye ibinyurabose
Uzira kurembera umwimirizi
Ahari data ava inda imwe n'inkuba
Inkiko zose ni we zirahira
Nta muhinza ataranihura

None kandi yahamije imbuga
Si ugukabiriza k'umuhanga
Inyamibwa aratira Abanyamahame
Ibyirutse ari Insezeraminyago
Bayigira ngo

Rugina bingiza Izogeye
Rukabu rw'amakuza akebye imbibi
Rugomwa bacuranga mu mbuga
Rumarashavu ziga inkubito
Rudahinyuka bazanye imiheha

Rusengo rwo mu ngabo z'usuku
Ruberwa n'imanzi ku mubiri
Rutica umugambi w'impuruza
Ruboneza abahutira umugabo
Rujyana isahaha mu mihigo

Ruhingika intumbi mu rubuga
Rutumva ay'inganizi ziterura
Ruhangariza Itiro umurambi
Ruhangura ay'imihirimbo
Ruhambana imbuzi umugereka

Rwa Mirindi ya Rusizana
Isata yateruye mu bukangara
Igeza izogeye ziba amariza
Itarareshya n'amashyo y'ingeyo
Yakaraswe na Rwabugili

Imana y'ino yabiremye kumwe
Ibaha igikundiro cyo ku mubiri
Ngombwa ntiwagira n'aho ukema
Inganzo yayikundiye kera
Zikijya kwibuka imiborogo

Iyange mihigo nyizizanamo
Nsa n'ukuye imiheha ibwami
Nsanga zinkumbuye zose
Zikwiye inzira yo ku ndego
Zirora impinga ntungukamo

Nzikatajemo impamagazo
Nta yacikanywe n'impakanizi
Inyambo ni icyo twuzuriyeho
Nuko mbanza izirimo inyamibwa
Ubwo Rutarindwa yazihanaguye

Ninjya kwita ingabo z'i Nduga
I Nyanza nibajya kuziririmba
Numve **y'Insezeranyamihigo.**

## Inka ya Kanyamashokoro

Mugabo ubwiriza inkuku umutima
Wa rwisumbukuruzanyambo,
Inyamibwa mu nzu ya rutajorwa,
Itarangaza intango y'ivure,
Ntibe mu nka ziheza hanze.
Ndavuga iyiriza ku ruhimbi,
Ikaba urusizi ruzira inshushyu!
Murerabana wa Rwambarangwe,
Izi no gutetura, si nkamirande:
Igira ibibindi bikaba amagana,
Ntubikeke ko ari iby'imwe!
Icya rushengura kirashikamye!
Hariho n'ik'imikondo utaterura,
Nyirabyo ntarushya ngo arasegenya!
Ukomye umutemeri ugashyiraho ingohe,
Ukamenya ikunge ziri ku buriri!
Hari n'icyiririrwa ku nteko,
Umugabo akunda gukorakoraho,
Intonganya zikaba nke ku mutima,
Hari n'icyitwa Semaryoha,
Ari cyo kivura ibishyimbo itara,
Hakaba n'icyogeye k'imbonera,
Kibuza inkori gusharira!
Igira n'icyo umutindi yifuza,
Ngo ni cyo cyamurengereza iki,
Igira n'icyarahiye kwicara ubusa,
N'ubu kironsa undi munoga!
Hariho n'icyo barindira umucanyi kwatsa,
Ngo kidashongera ku kagege.
Igira n'ikinigiri k'ibitugu,
Gicambwa ngo gutegura inzu!
N'icyo bakubitiye ibimuri by'impu,
N'icyo bakotorera indushyi zabo.
Hari n'ikindi impagamabondo,
Bacumiraho imburuburu,
Ukamenya ari agaheto babanze!
Igira n'ubundi buryo mutazi,
Butereka intebe imbere y'uwaka!
Ni yo rukataza ijya mu bavumbu,
Rutayabumbira kuyagarura,
Rutaguranura mu ntoki,
Ruteturura kugira isumbe,
Rurema inkera y'ijoro ryose,
Rutara iminwe nyiri inka yaje,
Rubuza kwifata impungenge
Imfura ziteraniye ikambere;
Rubabaza rubanza iy'inturire,
Rubangura inti zo mu bitembo,
Rushyira ikintu mu kindi!
Rwamurenzi nzi ko agira ihinyu,
Azabishima yashyingiye!
Igituma byose bibyara inzoga,
Ni ibisabo bihorana isuku!
N'uwakwaduka ari rucunzi
Ntiyarinda guturukira
Umuntu utunze inshumarusika!
*Cyahimbwe na Ndangamira*.

## Ibyiruka rya Mahero

**I.**

Uyu mwana nabyiruye
Namureze mukunze
Yabyirukanye ubwenge
Buvanze mu bwana
Nkanibaza cyane
Uko azaba bitinze.
Agakura akora nabi
Aho yatobye akondo
Ngo akurikize abandi,
Akabaka iby'iwabo
Akabyita iby'iwacu.
Nabyumva ngahinda
Nti: ntabwo mbishaka,
Ubusambo si bwiza
Ubukunze atabeshya
Aba yigira nabi.
Ukabita abatinyi
Ukagwiza iby'iwanyu.

Ubwo aranga arahana
Nkagira ngo arashyenga
Naho aravuga akomeje.
Ati: "Ndumva nahaze

Guteshwa ibyo nshima
Ngo nkunde ibyo ushaka.
Ubu nshobora kugenda
Ngashaka aho ndara
Ejo nkigaba ahandi,
Ejobundi ngakomeza
Nkagera iyo utakibona,
Kugira ngo nguhunge
Amahane ni menshi."
Ubwo mbonye icyo cyago
Gikomeje imigambi
Yo kwigira icyohe,
Ndakomeza ndatota
Ngo none aratinya
Aze kumva igikwiye.

Aho amariye gusoreka
Ingeso ye ntiyacika
Bukeye nti: "Ntabwo"
Nti: "Subiza iby'abandi,
Uge utwara icyo uhawe
Icyo wimwe ugitinye."
Uwo mwana uko ateye
Biteye agahinda.
Aho yaroye neza
Uko akwiye kugenza,
Ati: "Ndanze kugenda
Ngo ntange ibyo ntunze."
Iyo utwaye iby'abandi
Bakuzi bakurora
Ntibaze barwana
Ngo bihe agaciro
Mu maso y'abandi,
Uragenda ukayora
Ubwo utangiye kwanga
Amategeko nguhaye,
Ubusore bwapfuye
Wabaye Rubebe
Ge nkwise icyontazi
Icyo ushaka kimashe."
Ubwo ngubwo arazenga
Arababara ndabibona
Arafunga ntiyakoma

Bagize bati: yewe
Ijambo riragatabwa
Bahamagaye aranga
Bagabuye ntiyabirya
Bashashe ntiyaryama.
Ubwo nyina akandeba
Agatinya guhinda
Akiruzi umuhungu
Mu maso ya twembi.
Yankebuka ngasanga
Mu maso ye yombi
Haganje agahinda

Nti: "Ibyo wigira byose
Ndabirora nkazenga."
Nakwitaga umwana
Uyu uteye gitwari
Agaturana neza
N'abitwa ababyeyi.
Ubwo utangiye kwanga
Uwakureze akagukuza,
Wamurora mu maso
Inyeri zikavumera,
Waba wicaye hasi
Uti: "Intebe nayireke
Nyishinge ho nange."
Yaba agize ati: "Jya kurora
Amatungo mu rwuri
Ugatangira kwigira
Icyatwa ugafunga."
Yakubwira ati: "Cyono
Jya kuzana utuzi
Ugafuha ukarwana
Ukica igiti n'isazi;
Ntaramenya ubwenge
Nari inka mu zindi
Wahirika ngatemba
Wanterura nkabyuka
Washaka ko ndyama
Ugahirika ku buriri
Ibitotsi bikayora
Mahero agahwikwa.
Naba nakoze icyo wanga

Ugaterura ugahonda
Amahane ari nta yo
Sinibaze na busa
Uko nkwiye kugenza.
Aho nshiriye akenge
Ndakomeza ndakureka
Nakosa nka gatoya
Ubwo inkuba zigakubita."
Uti: "Mbyiruye icyontazi."
Nkakureka ugakomeza
Guhata ibicumuro
Uwakoze uko ashoboye
Kugira ngo akuneze.
Umujinya waba ukomeje
Ugaterura ugahonda

Amagambo ajya kuvuga
Ugasanga amugoye.
Ubwo abana batoya
Basanzwe basakuza
Barwana bagabuza
Bakandora bose
Nakebuka umwe muri bo
Agahumbya bukeya.
Umwe yavuga ijambo
Abandi bakamureba
Igisubizo bashimye
Ugasanga gituje
Kitarimo amashyengo
Aya asanzwe mu bana.
Ngeze aho nti: "Cyo mwana
Hamagara Mahero
Aze ambwire icyo ashaka."
Mahero ati: "Ndaje
Nkubwire icyo mashe."
Aza atera ibitambwe
Nti: "Ubanza rubaye."
Ati: "Kera nkivuka
Agatukuru gatoya
Ngaterere ku mutwe
Mfate agakoni kange
Nge guhakwa aho nshaka
Ahangaha mpacuke
Ibicumuro nkugirira
Uruhuke kubibona.

Gutura amahanga
Bizankiza byinshi.
Bizampa guhunga
Amahane y'I Rwanda,
Aho bambura umuntu
Abo abyaye bamurora,
Agakubitwa umunani
Ngo ikawa irarumbye,
Ngo cyangwa umuzungu
Yaraye rusake.
Ibiboko wakubiswe
N'amarira naharize
Ntibyatuma ntura
Aho ndeba umuhashyi
Wampinduye imbata
Wananirwa ugatuza
Uti: "Genda ndakuretse."
Ibyo ngibyo nabirora
Nti: "Nta ngufu zange
Mba nshatse agahamba
Nkareba aho najya
Hasumbye ahangaha."
Ubu ngubu ndareba
Ngasanga ibyo ungirira
Bikwiye guhosha.
Ubwo wanyimye imbabazi
Ngo nange nduhuke
Ibyo kwitwa ikirumbo
No kwicara mpondwa
Ndakungura inama
Igusumbira izindi
Amahane ave mu rugo
Uruhuke kurwana
Nduhuke guhondwa;
Cyo nshakira impamba
Ndara mbunza imitima.
Ngashaka igisubizo
Nzabwira uwo mwana
Ngasanga kigoye.
Namwita igicucu

Sinigeze nterura
Ngo nshinge ibitariho;
Navugaga ibisanzwe.
Ubu ngubu ninanga
Ko agana mu mahanga
Nkamwogeza cyane
Ngo akunde angumire aho,
Ndareba ngasanga
Mba mwishe burundu,
Akagira ngo ni mwiza,
Akazapfa akigenza
Uko yamye abishinga.
Ngifinda uko nkwiye
Kugenza ibyo ngibyo
Mahero aba yaje.
Ati: “Ndabona hakeye
Ndakwibutsa ijambo
Naraye nkubwiye.”
Nti: “Mahero ko ubizi
Ngukunda bikabije
Uwo ni inzigo kuri ge.
Amahane yo mu rugo,
Amahiri y’ibisonga
Ibyo byose bikoranye
Ntibyatuma ngoheka
Ndashaka kugenda.
Ubwo ngubwo ndayoberwa
Ngo mbure icyo musubiza
Nti: “Genda uruhuke
Ejo nzaba nkubwira
Icyo nkeka kuri ibyo.”
Ati: “Ngiye kuryama
Ndazinduka nkwibutsa
Impamba nakwatse.”

**II.**

Aragenda araryama
Nange ndara ku bwange.
Iryo joro sinagoheka
Ngahaha ubutitsa
Ngo akabiri gatohe
Utazaba uruzingo
Nk’uwabuze abamurera.

Mahero iyo umpaye
Agahenge gatoya
Nkakungura inama!
Nateye n’ishyamba
Ngo nugimbuka
Washatse gushinga
Urugo rukwizihiye
Utazabura imbariro
Ukabura n’imiganda.
Mahero iyo utuje
Ugakurikiza neza
Utunama nkugira!
Imishike yaracitse
Amafuni ararundwa,
Ubwo mpinga ibijumba,
Rubanda bakunda
Kubyita ubukungu.
Mba ngira ngo utazimwa
Umukobwa wa Naka,
Bagira ngo urashonje
Ubukungu si bwinshi.
Mahero iyo umfashije
Urarwana ujya hehe?”
Iyo utuje ugakunda
Ugaturana neza
N’abitwa ababyeyi!
Wabaye ukivuka,
Inka yange yari imwe
Irakunda iragorora
Urakamirwa urabyibuha.
Ntiwigeze usumbwa
N’abinikije ijana.
Mahero iyo umbereye
Umwana uko nshaka
Aho kunyaka ijambo!
Amapfa ageze mu gihugu
Nkurwanaho cyane
Umuruho sinawumva
Agahogo kabobere.
Ubu inyuma y’igikari
Ibitoki ni byinshi
Bitembana inkingi.
Ubu intabo zirarunze

Ibibindi biroga.
Mahero iyo ugumye aha
Nkabona agakazana
Aho kwicwa n'irungu
Wagiye Bugande!

Nta tungo natinye
Ngo mare yo ubukungu
Utazaba umutindi.
Ihene ubu ni nyamwinshi
Ziteretse amapfizi:
Ruhaya na Sacyanwa.
Mahero iyo umfashije
Tukorora neza
Amatungo tubyiruye!
Kebuka urore amasake
Yirirwa avuna sambwe
Mu mivumu hariya!
Inkokokazi ni nyinshi:
Iz'inganda n'indayi
Uzikunda zihuje
Indirimbo z'urwunge,
Ziteteza zitaha,
Zihamagara izazo,
Tukiha agaciro
Mu maso y'i muhana!
Ubu ingano nararunze,
Ibigega biratemba.
Ubwo ngira ngo abatindi
Batagira amasambu
Bagure ibyo mbahaye
Ge ngwize amanoti
Nge nkwambika neza.
Mahero iyo umbwiye
Amagambo anduhura
Aho kunsha umugongo!
Nateye urutoki
Ngo niba zitetse
Uge utora agahihi
Aho uruzi aba bana
Bakureba ku jisho
Bakabura icyo bavuga
Kuko mukuru wabo
Abacitse bamurora!
Iri tuza rikabije
Rikubajije icyo uri cyo
Basubize utabeshya!
Itegereze umubyeyi
Wavunitse agutwite,
Wavuka akakonsa,
Agahinga aguhetse,
Akavoma aguhetse,
Agatashya aguhetse,
Agateka aguhetse,
Umurinde agahinda
Ko kubura icyo abyaye
Ngo aririre mu myotsi.

**III.**

Mahero arasohoka
Asa n'ubuze ijambo.
Akomeza imbere ye ajya ku irembo.
Akebuka hepfo abona urutoke,
Ubwo arakeberanya mu gikari,
Abona imizinga ivuza ubuhuha.
Ntiyahagarara ngo zitamwumva
Zikamucengezamo urubori.
Akebura intambwe ajya mu ikawa.
Ubwo agasusuruko karababiriye,
Zitoye gahunda,
Zisanga amaruka.
Mahero iyo urebye
Ibyo ntunze ugatuza
Aho kunta mu marira!
Uti: "Ngaho mpa impamba
Ngucike nge ahandi
Ducane dutane!"
Mahero iyo unyoheje
Gukora mu ntagara
Nkaryiroha mu nda
Aho kwanga icyo mbyaye!
Ibyo namubwiye bigumya kuza
Si ibihingwa si amatungo.
Ubwo ariko akumva atameze neza,
Imitima igakomeza kujya inama;
Ibyo guta iwabo ngo age Bugande

Yari yabyirukanye agisohoka,
Maze kumwumvisha igikwiye.
Icyamuvunaga ubwo ni ukuntu
Aza kumbwira uko yigaruye.
Ava mu ikawa arinanura.
Acuma gatoya ananirwa igenda,
Arahagarara aratekereza,
Akazinga umunya agashima mu mutwe.
Ngo byende ho akanya
Ati: "Ndi imbwa bikabije."
Arakabuza ati: "Ngiye
Kubwira uwambyaye
Ko kwigira icyohe
Bikwiye undi utari ge."
Ngo ngane ku irembo
Duhura mva mu rugo.
Dukubitanye amaso
Aratinya arahumbya.
Aho yavuze ikintu
Yashakaga ko menya
Ajya kwicara mu nzu.
Ge nkomeza urugendo.
Najyaga mu gacyamu
Kugira ngo nduhuke
Agahinda yanteye,
Nganira n'abantu
Batazi ibyo turimo.

Ndetse akazuba karamukubise,
Agumya kubunga agana agacucu.
Muri iyo kawa y'isaso nyinshi
Hakabamo igiti gikuze neza,
Cyarakabije kirizihirwa,
Ururabo ruragwa hajya ibitumbwe,
Bijya guhisha ntibyasigana
Maze uwo mwana akibona bwangu,
Yika bugufi ahina umugongo
Agishyika munsi ahamara umwanya
Amaso yombi arayagihanga,
Umutima utekereza ibyo hirya.
Ahatura iyo kawa.
Mbibonye ndashoberwa
Nti: "Yumviye rwose,
Agatima karagarutse
Aragira ngo anyurure."
Ngo mbure icyo mubwira
Kugira ngo mushime,
Mpamagara abatoya.
Nti: "Ntabwo mureba
Undi mwana uko agenza!"
Muricaye mu nzu,
Aravunika mumurora,
Arakora mukaryama,
Agatura uwe murimo
Umugono muwuhuruza!
Nyina, we yari mu nzu
Uko yakigunze
Agahinda kamwishe.
Arasohoka arareba
Ati: "Mbese iyi kawa
Yo iturutse ahagana he?"
Ubwo yibazaga abizi,
Akagira ngo abone uburyo
Bwo kogeza umwana
Watwumviye bwangu.
Mubwirana ubwira
Nti: ngaho muhembe
Uyu murimo ni munini.
Ubwo twihina mu nzu
Duterura akabindi
Dushyira mu kirambi.
Nti: "Ngaho Mahero
Cyo ngwino uyibanze
Aho yagumye mu nzu
Ngo ahamane n'abandi,
Akeberanya mu cyanzu
Yihina mu gikari.
Ahakura agatebo,
Ajya muri ya kawa
Arasoroma aragwiza,
Agatebo arakanaga.
Ngo ngaruke nje kurora
Uko byaje kugenda,
Duhurira mu rugo
Amagambo arakunda
Tunywa tuganira.

Kuva kandi uwo munsi
Mahero aba umwana
Uyu wumvira rwose
Wakorora ati: "ndaje."
Ntibyashyize kera,
Musabira umukobwa
Barwubaka neza
Babyaranye kabiri.
Imibanire yabo,
Ni wowe tuyikesha."
Ati: "Ndanze kubanza
Abakuru bakiri aho."
Nti: "Nta cyo bitwaye
Iyo ari bo bakubwiye."
Ayisoma yitonze
Numva yiruhutsa.
Igishyika kiratuza
Rubanda babizi
Babita mahwane.

Iyo agana mu mahanga
Aba ari imbwa mu zindi
Aho kwicara nk'ubu
Ngo aturane neza
N'abatumye abyiruka

*Rugamba, Sipiriyani*. **Umusogongero.** *Butare: INRS, 1979*.

## Iningwa

### 1. Mugabo utera ababisha ubwoba

Mugabo utera ababisha ubwoba
Wa Rutajoma
Ndi umushakamba rwose!
Abatwara inyamusozi narabagumiye
Rugarama rwa Gikore
Nabaye igisibya cy'umutsindo;
Ruhamanya akomeretse ndamwomora
Mwima Abarihira n'Abinika;
N'ihururu iturutse kwa Nyakamwe
Bari baje ari abaziro
Ndabahakanira ko ntamuharishwa n'ibyuma
Kandi twarabyirukanye;
Ndamuserera arisindagiza

Abaje kutuvuna
Basanze umuheto w'inkaka
Wigenza mu nzira
Nk'ubukombe bw'intare

Aho Abashakamba twaremye intambara neza.
*Rugeramibungo rwa Sekajeje*

## 2. Rukabu rugusha mu rukubo

Rukabu rugusha mu rukubo,
Rukaza iminega nkunda imihigo ibereye igitaramo.
Ndi ingabo itaguranwa ibanze,
Rudasubira numvise induru ivuze,
Ndi imanzi itagumirwa n'inkindi,
Abahizi bakagira intimba.
Ngo ntibagira ingabo isakarana inkindi
Inkenzi zigomba mu itabaro
Ndi imbabazabahizi
Mpozaho ishyaka, ni ge Ndibagiza bahisemo.
Ndi Rutanga baratira isata
Rudahogoza abo twatabaranye
Rukabu mu nkera mbimbura aho rukomeye,
Ndi intwari y'ingemanabirombe
Rutagumirwa n'ishyaka ishyanga barandirimba.

## 3. Rusarikanamakuza

Ndi Rusarikanamakuza ingamba zisobetse, inkeragutabara ya Ruzirabwoba!
Ndi Rudasubirana inkubito Rutoneshereza kurinda,
Ku rugamba sinsubira mpora nsizanira gutabara mu ba mbere.
Ndi Rusarikanankubiri rwa Rwangaguhunga
Umubisha unyitabiriye ndamutetereza nkamutamaza
Nkamutera gusubira inyuma agahungana ihubi.
Icumu ryange ni Rukara , ingabo yange ni Rugomwa,
Umuheto wange ni Bazirasa nkarasana ahananiranye.
Ndi Rusarikanamakuza Semucyo wa Rugamba,
Umubisha unje mu ruhando ndamuhangara nkamusarika,
Nkamuvogereza ivogonyo rikamuvamo ntaruvaruke.
Ubwo ntabariye i Bunyabungo umwanzi anje mu ruhando
Namusarikanye inkubiri ndimuvogereza mu rwano
Semucyo wa Rugamba murambika aho ntiyarashya.

### 4. Inkaburabimashi ya Ruberanziza

Ndi Gashugi ka Rugomwa
inkaburabimashi ya Ruberanziza,
icumu narikuye mu bacuzi nanga ko risumbwa n'imisakura,
Sibo y'iz'i Kibungo ngenda imbere;
mbimburira abafozi n'umutware w'Abashakamba
yasanze nigize inkuba mu gihugu kivuga nkaga.

Ndi Rwamwaga rwa Murima, ndi nyir'ingabo y'urugangazi, numva urugamba ruhinanye nkavumera; abagize ubute n'ubwoba sinabitayeho nihandagaje mu rubuga ndi inshozamihigo, nabanje igihinza igikuba gicitse barihinda ndagaruka, nateye icumu nshuze inkumbi busa n'ubwo kuri Makondero; ndi umushumba w'ubugabo sinabukinisha bwaranshyize imbere.

Nabaye intwari ku Munyinya wa Mashinga, ku Mudegede wa Binani ku mugezi wa Rufu mu rushokero rw'imbogo, mu rukukiro rw'inzovu, mu ishyamba rya Cyabayaga, ku mitagatago y'Umuvumba kwa Kabutindi inka zanyazwe; ndi Rusesankubiri rwa Nkubito inka nahagaze imbere ntizigenda. Bage bagira iwabo ngire iwange.

## Imyato

### Inkatazakurekera

*Umwato wa I:*

Inkataza kurekera ya Rugombangogo
Ndi intwari yabyirukanye gutsinda
Singanirwa nshaka kurwana.
Ubwo duteye Abahunde
Nikoranye umuheto
Nywuhimbajemo intanage
Intambara nyirema
Igihugu cy'umuhinza nakivogereye.

*Umwato wa II:*

Umukinzi ampingutse imbere n'isuri
Umurego wera nywuforana ishema
Nywushinzemo ukuboko ntiwananira
Nongeye kurega inkokora
Nkanga umurindi hasi ndarekera
Inkuba zesereza hejuru y'icondo
Ikibatsi kiyicana mu rubega
Intoki zifashe igifunga zirashya
Imisakura imucamo inkora
Inkongi iravuga mu gihengeri
Mu gicumbi cye inkurazo zihacamo inkekwe
Inkuru yari afite ihinduka umuyonga!
Agera hasi yakongotse
Umubiri we uhinduka amakara
N'aho aguye arakobana!

Ni ukubiswe n'iyo hejuru
Ababo batinya kumukora
Bati: "Ubwo yatangiwe n'inkotanyi cyane
Nimumureke mwe kumukurura
Ibisiga bimukembere aho!"
Na byo bimurara inkera
Bimaze gusinda inkaba
Byiririrwa bisingiza uwantanagiye!

} Umwato wa III

## Twiyungure amagambo

### A

- **Ab'i Nawe:** Abashumba b'i Nawe (umurambi wo muri Komini Bicumbi, hamwe n'i Rubona na Mabare). Hari urwuri rwa Niboye.
- **Abadeshyi:** Abantu b'abanebwe, badakunda umurimo.
- **Abaririmba impanzi:** Abarata intwari baziririmba; abasingiza intwari.
- **Abayavugutira:** Abavuguta umuvuba kugira ngo umuriro wo mu ruganda wake cyane ibyuma bacura bidapfuba
- **Abazereka Intamati:** Abazimurikira Intamati (Ni Muhamyangabo wa Byabagabo wari icyo gihe umutware w'ingabo z'Abashakamba; akaba ubwo n'Umutware w'Umuhozi). Intamati ni interuro y'ikivugo cya Muhamyangabo.
- **Abura iyo asesa:** Iyo isubiza inyuma, iyo avana ku murongo.
- **Abyumva nk'ejo:** Abyumva mu buryo bwihuse.
- **Agatabiko ku mugongo w'ingona:** urumogi, kanabisi, ikiyobyabwenge banywa nk'itabi
- **Aho ni mu igisha ryazo:** Ubwo ni mu gihe zigisha(zigiye aho ubwatsi busigaye baziteganyirije mu gihe k'impeshyi).
- **Akaba impogazi:** Akaba manini
- **Akabyiniriro:** Izina ry'irihimbano bita umuntu
- **Akagoroba k'ababyeyi:** Umwanya abagore n'abagabo babishaka bahisemo mu mudugudu kugira ngo bungurane ibitekerezo ku bitagenda mu ngo batuyemo.
- **Akandi:** Igihe gito k'ibura ry'ibiribwa.
- **Akangaratete:** Akaga; ibibazo bikomeye.
- **Amaboko:** Imbaraga nyinshi z'umuntu, abantu benshi b'abavandimwe cyangwa inshuti bashobora kurwana ku muntu.
- **Amacumu y'impangare:** Amacumu akomeye cyane.
- **Amahane arahuna:** Amahane arashira
- **Amahane:** imiterere y'umuntu ituma yanduranya; umuco w'umuntu atemera icyo abandi bamubwira.
- **Amakenke:** Amacumu akwikiye mu nti zihuhuye, batera zigahemba kuko nta buremere.
- **Amakimbirane:** Ukutumvikana kw'abantu bagahora bacagagurana, igugu, amapigane.

- **Amaramu:** Amazi batera icyuma kugira ngo gihore iyo bari mu ruganda. Hano ni uguhoza icumu ryashyushye cyane kubera imirwano.
- **Amarebe:** Ni ijambo rifite inyito eshatu:
  - ibicu by'urwererane mu ijuru ry'urubogobogo.
  - Ibimera byo mu mazi usanga bishishe.
  - Ibintu bikeye, bibengerana ubwiza. Iyi nyito ya gatatu ni yo umwisi yakoresheje.
- **Amaribori:** Umubiri mwiza ushishe ufite utuntu tujya kumera nk'udusitari. Ni akarangabwiza.
- **Amariza y'i Ntora:** Inka zibyaye uburiza z'i Ntora(z'i Gisozi ya Kigali aha hose muri Komini Rubungo ubu ni Gasabo). –Gisozi yitwaga Ntora. Ntora yiswe Gisozi kuva aho Cyilima ỊỊ Rujugira ahatangiye( ahapfiriye). Hakoze ishyano hitwa Gisozi ubwo. Iryo zina ni nk'irituka uwo musozi.
- **Amariza y'Impeta:** Impeta zibyaye ubwa kabiri. Impeta ni umutwe w'inyambo wahozeho, hanyuma ukavugwa n'Umuhozi. Aho bavuga Umuhozi wumva Impeta, aho bavuze impeta ukumva Umuhozi.
- **Amashyo i Rukara:** Ayo mashyo ni ay'Uruyenzi n'Inyangamitsindo; zikaba izo mu Bihogo.
- **Amuhanure:** Amugire inama
- **Arukatire icyuma:** Arucurire icyuma.
- **Atahije izamamaje:** Aragiye ituma ziba ibyamamare zose.
- **Ateretsemo: Atunzemo.** Ubundi bavuga ko umuntu ateretse imfizi. Aha ni ukuvuga ko atunze inyambo y'indatwa yitarura izindi nkuko mu bushyo imfizi usanga yitaruye inka zose.
- **Ayo makombe ntayashishwe:** Muri izo ntwari zose nta n'imwe yajijinganije ngo ite gahunda, ite umurongo kubera ubwoba.

## B

- **Bagakuka mu muhigo:** Bakareka ibyo guhiga.
- **Bakubuye imanzi:** Batatse imanzi, kera abagabo bicishaga imanzi mu gituza no ku maboko, byari imitako. Gukubura imanzi ni uguca imanzi.
- **Bamaze kuyandura:** Bamaze kumena ubugi bwayo (kubutyaza neza).
- **Basanze zigaramye:** Basanze ari ibigarama; atari inyambo; atari n'inkuku; ibigwari.
- **Bayigimba umurishyo:** Bayikubita umurishyo: bayiha umurishyo
- **Bayisenga:** Bayihendahenda.
- **Bazegamire:** Bazisunge.
- **Baziguruka amahembe yabageza i Nyarubuye:** Basanga nta mahembe atunganye yatuma bajya mu myiyerekano I Nyarubuye( mu mpiga ya Kigali ahari umurwa wa Kigeli wa IV Rwabugili).
- **Bazira ubahaye ibitugu:** Bazira ubahunga, uwiruka abateye umugongo bamumerera nabi cyane.

**C**

- **Cyareretsemo inyamibwa:** Cyahagazwemo n'indatwa zizira amakemwa.

**D E F G**

- **Guca bugufi:** Kwiyoroshya kugira ngo bose bakwibonemo.
- **Guca iminyururu:** Kwigobatora icyakubangamira, nk'agahato cyangwa urutoto.
- **Guca umuganda:** Kubaka inzu yo kubamo by'agateganyo.
- **Gucenga:** Gushuka umuntu ibyo umubwiye ntamenye ko ari ibinyoma bigatuma ugera ku ntego yawe atabizi; gushuka uwo mukina.
- **Gucika ururondogoro:** Kuvuga ubugambo bw'urudaca by'umuntu w'indondogozi.
- **Gucinya:** Gukubita cyane ukuye mu mitsi, wihanukiriye; kuba mugufi, kuba munini kandi ukomeye.
- **Gucisha ruguru:** Kuruka.
- **Gucuma amabondo:** Kuringaniza amabondo.
- **Gufata urubariro:** Kuruhuka, Kubyara k'umugore
- **Guha igihugu umubyizi:** Gupfa; guhinga umurima utera, kuruhira ubusa.
- **Guha undi urwuya:** Kuryamana na we mukaba mwakorana imibonano mpuzabitsina.
- **Guha urwuya:** Kuryamana n'umugabo( bivugwa ku mugore wifuje kuryamana n'umugabo cyanecyane w'undi mugore).
- **Guhana yambu:** Gusuhuzanya, kuramukanya.
- **Guhangura Imbizi:** Kugororera Imbizi, kuziha ingororano.
- **Guhata imberera:** GutsiNdagira akuma gafatanya uruti n'ikigembe kugira ngo ridakuka igihe batera icumu. Gukwikira cyane.
- **Guhezera:** Kuba umuntu afite inda yagutse cyane bitewe n'umubyibuho cyangwa n'uko atwite.
- **Guhiga:** Guhaya, kubwira cyangwa kuratira abandi icyo ubarusha. Kurusha abandi mu irushanwa, gusezeranya umuntu, umuzimu, imandwa icyo uzamuha aramutse agukoreye icyo wifuza. Kuvuga k'umusambi; kugaragaza amabere by'inka ifite amezi makuru.
- **Guhigama:** Kwitambika imbere y'ikintu cyangwa y'umuntu ukamubuza ku cyo yashakaga, kuberereka.
- **Guhôora:** Kugira icyo ukora ku muntu cyangwa ku nyamaswa n'ikintu ubiziza impamvu iyi n'iyi.
- **Guhoora:** Kwiyaka by'umubiri, kuzinga iminkanyari, kunanuka ubitewe n'ubusaza cyangwa indwara cyangwa umuze; guhoondooka. Gutanga ikintu ho ihooro ngo bakwambutse cyangwa bakwambukirize ibintu mu bwato. Gutanga amafaranga ku biro bya gasutamo kugira ngo ibicuruzwa ushaka gusohora cyangwa kwinjiza bitambuke cyangwa byinjire. Urugero: Nudahoora ibintu byawe bizahera muri gasutamo.
- **Guhugira:** Kuba uri mu bindi.

- **Guhumanya:** Gutera indwara, kwanduza indwara.
- **Guhunja:** Kurya ibintu bikocoka mu kanwa.
- **Guhwika:** Gutuma ikintu gihwama cyangwa gica bugufi; iyo bavuga umuntu, kurangiza ibiribwa cyangwa ibinyobwa mu kanya gato, korera, gutema. Kwisumbura mu miterere cyangwa mu migenzereze ku buryo bugana ku bwifuzwa.
- **Guhwikwa:** Kwibwa n'agatotsi ugasinzira.
- **Gukaguka:** Ni uguhaguruka vuba na vuba.
- **Gukira ibya mirenge:** Kugira ubukire bwinshi.
- **Gukiranura:** Gukiza abarwana.
- **Gukwiza cyangwa guha umuntu igihugu:** Gukwiza ahantu hose ibyo umuntu yakoze ugira ngo umusebye.
- **Gupfa nta kibariro:** Gupfa ukenyutse .
- **Gusaaba:** Kuzura mu muntu by'ikintu kimutera ibyishimo cyangwa ububabare cyangwa kumutaha by'indwara; gukwirakwira ahantu hose kw'amazi, umunuko n'ibindi.
- **Gusatira:** Kuba hafi y'uwo ushaka.
- **Gusemura:** Gucukura mu mpande wagura ukura ibikoro cyangwa amateke ahantu byeze cyane; gukura igitaka mu muferege; gusobanurira umuntu ibyo uwo badasangiye ururimi amubwiye.
- **Gusenyera umugozi umwe:** Guhuza umugambi.
- **Gushinga akavumu:** Gushinga urugo
- **Gushinga imizi:** Gukomera cyane.
- **Gushunga inda:** Gukanda inda y'umubyeyi ngo ivuke vuba ukoresheje umuhurura,...
- **Gushunga:** gufasha umubyeyi ubyara bamukandisha inda ibibabi by'umuba, umuganashya, umubagabaga, umuhurura n'ibindi.
- **Gusiragira:** Kujya ahantu ugakurikiranya inshuro nyinshi, gucuragana, kubyinagira, kudihiriza.
- **Gusizanira:** Kumaranira, kurwanira ikintu.
- **Gusubira ibwonko:** Kwibaza.
- **Gusugira:** Kujya kera k'umuntu cyangwa ikintu cyangwa inyamaswa.
- **Gusuzugura:** Kudaha agaciro umuntu cyangwa ikintu.
- **Guta ibintu iburenga:** Kukubwira ntiwumve, kubwira intumva.
- **Guta umuganda:** Kubuza umuntu kubaka akantu.
- **Gutanga umuganda:** Gukorera hamwe n'abandi imirimo y'amaboko igenewe guteza umuntu cyangwa igihugu imbere.
- **Guteganya:** Gushyira ibintu kuri gahunda kugira ngo ubikore cyangwa bikorwe.
- **Guteka umusemburo:** Kuwutegura; gukorwa n'inzoga vuba; kurakazwa n'ubusa.
- **Gutema ishami ry'igiti wicayeho:** Kwihemukira.
- **Gutera rwaserera:** Gutera amahane ugakabya.
- **Gutera amahane:** Kugira imvururu.
- **Gutera imbozi:** Kuganira, gutera igipara.

- **Gutera ingamba:** Kujya ku mirongo by'intore.
- **Gutera urubariro:** Kuryamana n'umugore wawe.
- **Gutiga:** Guha ibintu agaciro ubikomatanyirije hamwe.
- **Gutiza umuntu umuganda:** Guha umuntu ibikoresho by'ubwubatsi ku buntu cyangwa kumufashisha ikintu.

## H I

- **I Bwishaza:** Ni akarere ko muri Huye(Komini Gitega na Mabanza).
- **I Murambi:** Umusozi wo mu magepfo ya Muhazi ho mu Buganza (Komini Murambi Byumba).
- **I Mwima:** Hafi y'I Nyanza ahari umurwa w'Umwami.
- **I Nyamagana ya Mutakara:** Ni mu Ruhango (muri Komini Tambwe. Gitarama).
- **I Rubengera:** Ni muri Kibuye hubatswe ubungubu itorero ry'Abaperesebuteriyeni. Hahoze hubatswe umurwa wa Kigeri Rwabugili.
- **Ibatunge:** Ibategeke.
- **Ibyuma mbimara umutasu:** Imyambi nyitera ababisha nyibamariramo nta kanya gashize.
- **Icumu narigemye mu gihumbi:** Namuteye icumu mu gihumbi.
- **Icyamamare k'inyambo:** Inyamibwa, indatwa yo mu nyambo.
- **Igihugu:** Akarere gatuwe n'abantu benshi cyane bahuriye ku mutegetsi umwe amategeko aheraho; abantu benshi.
- **Igikomomo:** Ikintu gishaje cyane kitagifite isura.
- **Igisokâ:** Ikintu gitimbagura umuntu mu mubiri kikamutera kumererwa nabi, umuntu usanga abandi bameze neza akabatanya.
- **Igisumizi:** Igishwaashumyi, umuntu utwara iby'abandi kibôko cyangwa ku bwêenge.
- **Igitâandaro:** Ijambo ryo guhiga rivuga umwaku.
- **Igitugu:** Ubutegetsi bwa kiboko.
- **Ikina n'ingoma y'indamutsa:** Ijya mu bicu(isimbuka) icyuma umurishyo w'ingoma iramutsa.
- **Ikiramo:** Ireme cyangwa ubukomere bw'icyuma. Icumu umuhoro bidafite ikiramo bicika ubusa. Iyo bavuga ko umuntu afite ikiramo aba afite imbaraga. Guha umuntu ikiramo ni ukumuha ibintu bimutera imbaraga. Ikibindi gifite ikiramo ni ikibindi gikomeye kubera ko bashyizemo insibo ikomeye
- **Ikirezi:** Ubundi ni umutako w'akantu kera bambaraga mu ijosi. Aha bivuga ikintu kiza cyane.(urwererana); ni inka iziruta ubwiza. Ni isumba izo mu Muhozi zose.
- **Ikwita nyirazo:** Ikaba umutware wazo.
- **Imana zicyuye:** Ubuhoro; amahirwe; ishya zizanye.
- **Imbariro:** Agashandiko k'uduti bagenda bungikanya bakagahambira ku biti bishinze iyo bubaka urugo cyangwa inzu.
- **Imbibi:** Inka nziza, zifite umubiri ucyeye.
- **Imbizi:** Ni impakanizi y'ubushyo bw'Ingeri. Imbizi n'Ingeri bihuje inyito isobanura kugusha mu mazi rwagati.

- **Imfizi y'akarere ka Sodoma na Gomora:** Umuntu uzwiho ubusambanyi imihanda yose.
- **Imiganda y'imyinjiro:** Imiganda ishinze mu ruhande ruherera mu mbere.
- **Imigani:** Inkingi imwe ntigira inzu. Umugore umwita shenge, warimukura mugakura inkingi.
- **Imigani:** Ntawuhiga na nyamunsi; uguhiga ubutwari muratabarana.
- **Imigani:** Umusemburo w'urwango ukozamo agati ugahiisha intaango.
- **Imikizi:** Uburakari bukabije
- **Imirase:** Imyambi y'izuba; amaraso yipfundika mu biranga by'inyamaswa baragura, uruguma rwasamye, umususirane w'ijuru ukunda kuza izuba rirenze.
- **Imishoro:** Imbuto y'igihingwa kerera mu butaka gitangiye kubyimbabyimba, ibiti bifata amakumbo mu kubaka igisenge k'inzu.
- **Imparuzo:** Ubwiza buvanze n'ubushongore bw'ikirenga.
- **Impombo ntirushye ihaca:** Iy'intege nke ntigerageze kuhanyura.
- **Impumbu:** Umugore cyangwa umukobwa utazi gucunda
- **Impundazo:** Umwenge w'imbuga ugenewe gusesekamo uruti (gukwikiramo uruti) cyangwa igice cy'uruti gisongoye binjiza mu mbuga. Hano ni icyo gice cy'uruti.
- **Impungenge:** Inkeke, umutima uhagaze, ubwoba, igishyika umuntu aterwa n'ikintu abona ko gishobora kumukururira ibyago.
- **Impuruza:** Ingoma ivuga ihamagara ngo abantu bagire icyo batabara. Binasobanura kandi umuntu utabaza abandi ngo bavune undi.
- **Indagizo:** Icyo utunze kitari icyawe, igishobora kukuvaho nyiracyo igihe **cyose** agishakiye.
- **Indatwa:** Ikibasumba, udasumbwa.
- **Indezo:** Ikintu k'ishimwe, k'igihembo, umuntu aha uwamurereye umwana kugeza igihe akuriye; icyo umuntu aha umurerera umwana akakimutungisha. Uzanzanire inka y'indezo, utware umwana wawe amaze gukura.
- **Indongozi:** Umuntu ujya imbere abandi akabayobora, ingenzi.
- **Indoto:** inzozi z'ibintu umuntu aba y'ifuza kugeraho
- **Ingabo zidahomboka:** Ingabo zidahunga –Ingabo zihombotse ni iziruka kubera ubwoba, zigahunga zitazi iyo zijya.
- **Ingamba zimisha imituku rwa Nyirimbirima:** Imirwano ikomeye, ingabo zirwana.
- **Ingamba:** Ibyemezo bifatika kandi bihamye.
- **Ingondo yakebwe mu rwirungu:** Utubara twera tuvanze n'utundi tw'umukara.
- **Ingûndu:** Inyamaswa yose y'umusore, igitohera.
- **Inka ya rumonyi:** Ni iyo mubushyo bw'Ingeri zo mu mutwe" Umuhozi" (Amagaju)
- **Inkangaza:** Inzoga y'ibitoki irimo ubuki.
- **Inkerarubanza:** Ihora yiteguye imirwano. Urubanza ni intambara.
- **Iy'ingondo:** inziza cyane kubera ko ikebye imanzi.
- **Inkindi z'Abashakamba:** Umutware w'Abashyakamba.

- **Inkingi ya mwamba:** Ni ifatizo ry'ibikorwa runaka, inkingi y'inzu bateraho amaburuti, inzu ifite iyo nkingi.
- **Inkingi:** Ikintu k'ifatizo, igiti gishinze mu butaka kigasigasira igisenge k'inzu.
- **Inkoni ikiririrwa isabira:** Inkoni ikiririrwa yivuza, bazesereza.
- **Inkori:** Udushyimbo duto duteye nk'iminyeganyege dukunze guhingwa muri za Nyamagabe, Rusizi na za Karongi.
- **Inkubito:** Imbaraga
- **Insengamihigo:** Ni ubundi bushyo bw'Umuhozi bwabyawe n'Ingeri.
- **Inshengeranamusango:** Nitabira igitaramo n'abandi bahungu
- **Inshingano:** Ikintu cyangwa umuntu baha umuntu ngo akiteho ke kuzahungabana.
- **Intandaro:** Impamvu cyangwa inkomoko y'ikintu cyangwa impamvu itera cyangwa ikintu iki n'iki kuba cyangwa kubaho; imvano.
- **Intara:** Igice k'igihugu gifite imiterere iri ukwayo.
- **Intati:** Umuntu utatira mugenzi we cyangwa uhemukira, utaba mu nama inshuti bari bizeranye.
- **Intumwa ihangara amanywa:** Intumwa igenda umunsi wose nta guhagarara.
- **Inturire:** Inzoga y'amasaka irimo ubuki.
- **Inumbiri:** Igisabo kinini cyane
- **Inyamibwa baririkiye hose:** Indatwa baririmba hose.
- **Inyamibwa rwema:** Intwari y'ikirangirire(ni interuro y'ikivugo cya Mutara wa IỊ Rwogera). Isa n'umwami Rwogera.
- **Inyangamugayo:** Umuntu utajya uhemuka.
- **Inyundo ntiyayakiranya:** Inyundo iyateranya neza ntiyayasigamo utuntu tw'imitutu, yarayanogeje.
- **Inyundo:** Urunigi rw'amagufa bambaraho impigî.
- **Inzitizi:** Imbogamizi, ingorane.
- **Isanganizwa ingoma:** Isanganizwa imirishyo y'ingoma bayirata kubera gutsinda.
- **Isibe:** Inyabwoba.
- **Itabaro:** Ukujya ku rugamba utabariye igihugu cyangwa uguherekeza umuntu wapfuye bagiye kumushyingura.
- **Iteme:** Ikiraro abantu bambukiraho kugira ngo bave hakurya y'umugezi, y'uruzi bagere hakuno; intindo y'ibyatsi biryamirana cyangwa imigogo y'ibiti barambitse ahantu baremye inzira h'igitambagiro abagenzi babyambukiraho; imigogo y'ibiti cyangwa imbaho cyangwa ibyuma cyangwa beto batambika hejuru y'umugende, y'umukoki, y'umugezi cyangwa y'uruzi bigahuza ibice bibiri by'umuhanda; ipîida, ikiraro, urutindo, ikivuko. Ahantu ingabo zishingira ibirindiro zikazitira umwanzi ntahamenere; gutinda amateme ni ugushinga ibirindiro ahantu kw'abantu mu mirwano cyangwa mu mikino kugira ngo abo bahatanye badashobora kuhabatsinsura. Umuyoboro uhitisha amazi munsi y'urutindo, ikanivo.
- **Itiro:** Ni umutwe wundi w'inyambo.
- **Iy'ingoga:** Uririsha guhagurukana imbaraga ijya ku rugamba.
- **Iyo duhuye ndarakara:** iyo mpuye n'umubisha ndamwibasira,

- **Iyo gihera:** ikantarange, ikindi gihugu.
- **Iz' i Mbuye:** Ni Ingeyo. Umutware w'Ingeyo wari n'Umutware w'ingabo zitwaga uruyange; yari atuye i Mbuye ho muri Komine Nyamabuye (Gitarama).
- **Izamuje:** Ni ubushyo bwo mu mutwe w'Ingeyo(Ibihogo)
- **Iziba ziteretse inyamibwa:** Kuko zimitse intwari itagira amahwema, itagira aho igayitse.
- **Izimura mu biraro:** Izivana mu biraro (aho zabaga).

## J K

- **Karande:** Uruhererekane
- **Kokamwa n'umuruho:** Kugira ibibazo biguhoraho.
- **Koreeza:** Kubyara abana bakarumba bose, kwica abantu cyangwa ibintu ntihagire agasigara.
- **Ku kirwa:** Ni ku kirwa kitwa Murwa kiri mu Kivu hakurya ya Nyamasheke(Cyangugu),cyari urwuri rw'Umuhozi.
- **Ku mbuga:** Si ukuvuga aho banika , ni imbuga y' icumu (reb.tab.ak.wa 2).**ku mpitira:** Ku nti z'amacumu zikomeye cyane kubera ko zimaze igihe, zitadigadiga.
- **Ku Munini wa Gishari:** Ni muri Komini Muhazi (Kibungo).
- **Ku y' imberera:** Ku macumu akwikiye cyane .
- **Ku y'ihenero:** Inzoga yahoraga ku musego w'ubuririri; umugabo nyiri urugo yasomagaho iteka iyo yabaga agiye kuryama.
- **Kuba urujyo:** Gusaza bigera aho bakugereranya n'ikibindi cyamenetse
- **Kubayagura:** Kuryana ipfa kandi uvundiranya.
- **Kubogama:** Gukikira ukuri ukaba warengera uwaba arenganya undi.
- **Kubuganiza amata:** Gusuka amata mu gisabo
- **Kubunza umutima:** Kuba utekereza ibintu byinshi ariko ntihagire icyo wegukira.
- **Kubuza:** Guceceka ngo ubanze witegereze, ubanze utekereze.
- **Kubyarira igihugu:** Kurumbya urubyaro rukaba inzererezi.
- **Kudeha:** Kunebwa, kudashyira umwete ku murimo ukora.
- **Kuganda:** Kuba ikintu kigoramye; kutayoboka umutegetsi. Umugani: Ikiganze kigandurwa n'umuhoro.
- **Kuganza:** Gutsinda, gutera ubwoba, gutinywa, kubaha kubera isumbwe urusha abandi.
- **Kugaruka:** Gusubira ahantu wari uvuye.
- **Kugora:** Gukomerera umuntu cyangwa ikintu cyangwa kumurushya.
- **Kugosorera mu rucaca:** Kubwira umuntu amagambo umuhana ntiyumve impanuro.
- **Kujundika ubumara:** Kujundika ni kuba ufite ikintu mu kanwa; ubumara ni uburozi basiga ku kintu ntibuhagarike. Uburozi buba muri kamere y'ibisimba bimwe na bimwe bwica cyangwa bigwangaza uwo birumye. Kujundika ubumara: kugira ikintu kica.
- **Kujya ibihugu na bihumbi:** Kujya ahantu kure cyane.

- **Kujya imunanu:** Kurwana kw'abantu bagundagurana.
- **Kunegura :** Kuvuga inenge cyangwa imyitwarire mibi y'umuntu. # kurata, gusingiza.
- **Kunera umunyururu:** Kuba uri mu buroko kubera igihano.
- **Kurambika inda ku muyaga:** Kwiruka ubutarora inyuma.
- **Kurembere imuroha:** Gukubita icumu rirerire.
- **Kurengana:** Kuzira ubusa cyangwa kubeshyerwa.
- **Kurondogora :** Kuganira by'urudaca, ntuhore kubera agahinda cyangwa ubuhwishi, kubwira utakwitayeho.
- **Kurumanza amacibiri:** Kwiriza zitanyoye inka zidashyitse (ubuka) .
- **Kurumba:** Kutera k'umurima, iyo bavuga igihingwa, kutera na mba cyangwa kutera uko byari byitezwe; kutagira akamaro abantu bari bagutezeho.
- **Kuvuga aya ndongo:** Kuvuga amgambo aterekeranye
- **Kuvuguta:** Kuvungagurira cyangwa gukaragira ibintu hagati y'ibiganza byombi ubikuba. Guhuhisha umuvuba. Kongeza umurego wiruka.
- **Kuvuna impuruza:** Kwitaba ingoma ihuruza ingabo ku rugamba. Nkubito: umuntu cyangwa ikintu bigira inkubito, biba bifite ibakwe, bihaguruka ntakuzarira.
- **Kuvunjagura:** Kuvubata (gutamira byinshi kandi ukarya vubavuba).
- **Kuvuza uruhindu:** Kuboha ibyibo ukoresheje uruhindu
- **Kuyaga:** Kuganira umuntu ibyago cyangwa akababaro wagize.
- **Kuzesereza:** Iyo umushumba yiyereka imbere y'inka azivuga amazina akora kimwe n'uwiyereka imbere y'intore. Iyo asimbutse agakubita agakoni hasi bavugako yeshe uruti. Ni uburyo bwo guhimbaza.
- **Kuzimanira:** Guha umuntu icyo anywa n'icyo arya.
- **Kuzinduka iya marumba:** Kuzinduka kare cyane, kuzinduka iya rubika
- **Kuzira inka:** Kujya mu mihango y'ukwezi ku gitsina kobwa
- **Kuzira ubwehe:** Kuzira akarengane.
- **Kuzitira:** Gukikiza ikintu ibindi bikakirinda kwangirika cyangwa kugibwaho.
- **Kwambara inkoba:** Kwambara imitako yo gutungukana mu myiyereko. Bayambikaga Inyambo zigiye kumurikwa mu birori. Inkoba ni imikoba babaga baraharazeho amasaro.
- **Kwasa ingamba:** Gukora imirongo myinshi by'intore zishwanyaguje iyo zari ziriho.
- **Kwatanya:** Kugenda wihuta
- **Kwema:** Guhagarara cyangwa kwicara umubyimba ugororotse.
- **Kwesa imihigo:** Kugera ku cyo wahigiye kugeraho, kugera ku cyo urusha abandi kandi wakibabwiye.
- **Kwidagadura :** Gukora ibyo ushaka bikunezeza nko gukina, kubyina, …
- **Kwifata impungenge:** Kugira igishyika, kugira umutima uhagaze.

- **wigendaho:** Kwirwanaho. Nyamwigendaho: umuntu ukora ukwe, nta we yisunze.
- **Kwigomwa:** Kwihangana ukagira ibyo ureka.
- **Kwiha igihugu:** Kudashobora kwiha akaba akabanga.
- **Kwijana:** Gukora ikntu ushidikanya, gukora ikintu udashyizeho umwete.
- **Kwima igihugu:** Kuba umwanzi w'igihugu iki n'iki.
- **Kwimura ibyimbo:** Kuva aho wari uri, kuva ku gitekerezo wari ufite.
- **Kwishunga:** Kwivuga uko uteri wishinyagurira.
- **Kwivuga:** Kuvuga izina ryawe. Umugabo utazi kwivuga bamwita ikigwari.

## L M

- **Magirirane:** Byuzuzanya, bifatikanya,
- **Mbonye urugori rugoga:** Ndabona urugori rubengerana (ikimenyetso ko zose zabyaye ubuheta)
- **Mpabuka:** Ntibivuga ikintu gihabuka kubera gukuka umutima, ahubwo ni igihagurukana ingoga, imbaraga.
- **Mparara:** Ni umucuzi wabayeho ku ngoma ya Kigeli wa IV Rwabugili. Yari atuye muri Byumba mu kibaya cya Rutagara munsi y'umusozi wa Remera ya Humure (muri Komini Gituza). Gukaza ni ugutyaza.
- **Mu cyoko:** Ahantu kure nk'aho imvura ituruka.
- **Mu ntagara:** Aho babika amacumu.
- **Munyinya baharamba wa Ruhuta:** mwene Ruhuta ababisha bashotora bakababwa, bakagerageza ariko ntibababshe kugira icyo bankoraho.

## N

- **N'iyo ibagiriye isoni:** N'iyo ibapfuye agasoni, n'iyo ibabariye.
- **Ndi intwari Inkotanyi yamenye:** Ndi intwari izwi n'umwami. Inkotanyi ni izina ry'igisingizo cy'umwami Rwabugili.
- **Ndi uwishe nkibyiruka wa rubyigabakinzi:** Natangiye kwica ababisha nkiri muto, nagendaga mpigika abakinzi (abarwanyi badutwaza ingabo, badukingira ingabo igihe k'imirwano.)
- **Ndi uwishe nkiri muto wa rutindamirambo:** Natangiye kwica kuva kera, nagiye nica ababisha batagira ingano.
- **Ndimbira zirataha:** Ndimbira ziza kwiyerena (Kwiyerekana/Kwiyerekana). Ndimbira bwari ubundi bushyo bw'Umuhozi.
- **Ni bwo bazitanze:** Ni bwo bazeguye berekana ko baretse imihigo.
- **Ni iz'i Ruguru zose:** Zose ziramenyereye.
- **Nta yo irasohorerwa inda:** Nta n'imwe irata umwanya wayo ngo isubizwe inyuma.
- **Ntibica ishati:** Ntibigoye na busa.
- **Nyamunsi:** Rupfu
- **Nyirigira:** Umwami

## O P R

- **Reka aratire Ibihogo:** Reka arushe Ibihogo.
- **Rubahina umurumango:** Rubatera kwiriranwa inyota bakayirarana.
- **Rudaforera igitugu kimwe rwa gitinywa:** Sinjya ndasana njenjetse, nkoresha ingufu zange zose
- **Rugemanduru amacumu:** Iyitaba induru ihagurukanye amacumu.
- **Rugomwa:** Indwanyi itagira ibambe .
- **Rugwirorusa:** Umuntu wakirana abandi umutima utuje, udafite umunabi cyangwa umushiha.
- **Rukabura imigereka:** Intera intwaro igeretse ku ntwaro z' ingenzi.
- **Rukaka:** Ni interuro y'ikivugo cya Rwakageyo se wa Rwabigwi wari umutware w'Izamuje.
- **Rukaragandekwe:** Umuntu uzi gutera icumu, umuntu w'umurwanyi
- **Rukaza:** Gukaza icyuma, icumu ni ukuryongeramo ubugi.
- **Rukomera bigembe:** Ikubitisha ibigembe
- **Rutagwabiza iminega:** Itajya ipfusha ubusa na rimwe amacumu yayo: ntihusha na rimwe.
- **Rutajabukwa n'imitima:** Ntagira ubwoba na gato
- **Rutikanga abatera iyebebe rwa Mutana:** Utagira icyo atinya avuza akamo mwene Mutana (umuhanga w'umuheto).
- **Rwa mugabo nyirigira:** Ikomoka ku ntwari izisumba, yigize(itagendera ku zindi).
- **Rwampingane :** Igikomangoma, umuntu ukomeye ufite imbaraga.
- **Rwesa:** Bifatiye ku inshinga "kwesa" isobanura gutura hasi, gucura inkumbi, kwica icyo wishe ntigisambe.
- **Rwimirankuku:** Ni inka ya Rumonyi yigizayo inkuku.
- **Rwiyamwa:** Umuntu abandi biyama, bagendera kure kubera urugomo cyangwa amarere yo gushoza intambara.
- **Ryanze gushira agahinda nenda intosho nkomaho:** Nabonye adapfuye mfata ibuye rikomeye mpondaho.

## S T U

- **Ubitugiye arabanesha:** Ubarwanyije ashishikaye arabatsinda nta shiti.
- **Ubudehe :** Abantu bahingira hamwe bahingira inzoga; igitsiko cy'abantu benshi.
- **Ubukombe:** Umugabo cyangwa imfizi bikuze kandi bihamye.
- **Ubuvumo:** Umwobo mugari utambika uri mu nda y'umusozi.
- **Ubwehe:** Impamvu y'ibanze, intandaro y'ibyago; umutima wuje ubugwanabi; icyago kirimbura ibintu.
- **Ubwirabure:** Ibihe by'akababaro abantu bapfushije umuntu babamo.
- **Udutanyu:** Uduce duto tuba twavanywe mu kindi kintu kinini. Urugero: udutarasi duto abantu bagenda bagabana.
- **Umuganda:** Akazu k'agateganyo umuntu yubaka by'amifasho ategereje kuzubaka imutunganiye.

- **Umuganda:** Igiti kirekire bubakisha bagishinze mu butaka; imirimo y'amaboko yashyiriweho na Leta, abaturage bakayikorera hamwe.
- **Umugani:** Abishunga b'i Mukarange bagira ngo nyirasenge ni nyirasenge.
- **Umuhuza:** Gateranya, umuntu uhuza uhuza agateranya abantu mu byiza.
- **Umunyurûru, umunyorôro:** ikiziriko gikoze mu twuma dusobekeranye; igihe umuntu amara afunzwe.
- **Umunywanyi:** Umuntu w'inshuti magara.
- **Umuraânzi:** Inyama batara hanyuma bakazibika, Bazazirya.
- **Umurishyo uhumuriza:** Umurishyo ukurikiyeho; uherekeza.
- **Umusambanyi kabombo:** Umusambanyi kabuhariwe, umuhehesi kimenyabose.
- **Umusaza rukukuri:** Umuntu w'igitsina gabo ushaje cyane. Bamwita kandi umukambwe.
- **Umusemburo:** Ibyo bateza inzoga y'ikigage kugira ngo ishye.
- **Umutagara w'ibihubi:** Urusobe rw'imirishyo.
- **Umutana w'inkoni:** Ni igitembo batwaramo udukoni two kwiyereka mu birori by'inyambo.
- **Umutungo kamere:** Iteraniro ry'ibintu umuntu atunze bituruka mu byo abantu basanze ku isi kandi bakenera buri munsi. Urugero: amazi, amabuye y'agaciro, ibimera, umwuka,…
- **Umwami utabangira:** Utajijiganya mu bikorwa.
- **Umwana Sentama:** Rutishereka rwa Rwanyonga wari umutware w'uruhimbaza rwaremwe ku bwa Yuhi wa IV Gahindiro.
- **Umwimirizi:** Ugenda imbere y'inka akazihagarika cyangwa akazibuza kugenga zirukanka.
- **Uribagizwa:** Ushimishwa no kubera. Ikintu k'iribagizwa ni ikintu kiza, cy'urunyenyeri rubengerana, rutera ibishashi.
- **Uruganda:** Inzu cyangwa ahantu umucuzi akorera umwuga we, ahantu bakorera ibintu byagenewe gucuruzwa.
- **Uruge rw'umutambya narutambitse mu byano:** igitembo batwaramo imyambi nagihetse mu bitugu.
- **Uruhehemure:** Ikintu kiza cyane gifite isuku n'umucyo.
- **Uruhimbi:** Agatanda gatunganije neza baterekaho amata.
- **Ururondogoro :** Amagambo adashira cyangwa umuntu ufite ubwenge buke cyangwa agahinda kenshi.
- **Urushingati:** Agati bavugutiraga ku kibaru k'ikibabi cy'umuko bikabyara umuriro. Ifu ituruka mu rushingo ikabyara umuriro.
- **Urushingo:** Ikibaru cy'umuko bashingagamo urushingati bakarukaragiramo babigiranye imbaraga bikabyara umuriro.
- **Urw'intwari rukarema:** Intwari zikarema ingamba (zikajya ku mironko).
- **Urwana:** Umwanya wo hagati y'ijosi n'urutugu uremetse neza.
- **Ushinge icumu mu ngeri:** Wicare witegereze ubushyo bw' Ingeri.
- **Uw'inkokora nke:** Umuntu udafite ibizigira, udafite imbaraga mu maboko.

## V W Y

- **Yabakuye imirambi:** Yabambuye ku mbaraga imyanya yabo yo kuhira. Umurambi ni umwanya buri muntu ushoye inka aba yafashe. Uwatanze undi umurambi (umwanya) ni we ubanza, ariko urushije undi imbaraga ashobora kumucaho. Ubwo aba akomase (arwanye inkomati, asagaye).
- **Yanshinze urugamba rukora amaraso:** Yampaye uburenganzira bwo kuyobora urugamba, ababisha turabatsemba.
- **Yarukubitiye umucuzi:** Yaruhaye umucuzi.

## Z

- **Zabumbuje:** Kubumbuza ni ukugenda wihuta kandi ugendera ku tambwe zisa n'izibaze.
- **Zaciwe ubanza:** Zakiranuwe.
- **Zaheje:** Zimiriye, zabujije kugaragara.
- **Zaje ziyatendeje:** Zaje ziyahese (ikimenyetso cy'uko zayicishije)
- **Zanyuriye Rubanda:** Zashimishije Rubanda.
- **Zayaharaze urugina:** Zayasize amaraso ku rugamba, zarayicishije cyane.
- **Zibamo rugombangogo:** Zitegekwa n'intwari yishe ingogo nyinshi ku rugamba. Rugombangogo ni interuro y'ikivugo cy'umutware w'Ingeri.
- **Ziga ingoga:** Izindi nka zigiraho imbaduko , umwete
- **Zigahimbaza isibo:** Zikishima umuvuduko.
- **Zigahindukirana ishya:** Zikava kuri icyo kirwa zimeze neza, zikeye.
- **Zigashengera zose ntayo bashize amarora:** Zigatarama (zikiyereka) zose ntihagire n'imwe bumva barambiwe kuyitegereza.
- **Zigashingana kigese:** Zigaterera kigese.
- **Zigashingira indamutsa imyato zayigiriye:** Zigatangira kwibwira ingoma y'indamutsa ibikorwa byagatangaza yayikoreye. Indamutsa yari ingoma y'ibwami, iyo yavugaga yabaga imrnyesheje rubanda ko Umwami atagiye imibonano, iyo yabaga itaravuga ntawashoboraga kugira icyo abaza umwami n'iyo yabaga amubona.
- **Zigataha ishakaka:** Zikahitangirana imbaraga.
- **Zikabyukurutsa Ingabe:** Zigahagurutsa ingoma y'ingabe ikazirangaza imbere.
- **Zikamurikanwa n'ingoma:** Bakazerekana ari ko n'ingoma zivuga.
- **Zikavogera imbizi:** Zikazambuka uruzi (uruzi ruvugwa ni Nyabarongo). Inyambo ziturutse i Murambi mu burasirazuba, zigiye kwiyereka umwami kuko yari mu burengerazuba bwa Nyabarongo.
- **Ziseseyeho:** Zendeyeho, zifatiyeho ari ku butwari ari no ku bwiza.